

Ijambo ry'ibanze

Icyifuzo cyo gushyikiriza abakristo bose babwiriza ubutumwa bwiza inyigisho zikubiyemo amakene, akamaro, uburyo n'ingororane by'umurimo w'ibwirizabutumwa ukoranywe umwete n'ubwitange, cyayoboye ku gucukumburana ubuhanga inyandiko zahumetswe kandi kigeza ku gusonzoranya mu buryo buboneye inyandiko zigize iki gitabo umuntu yakwita ihuriro ry'Umurimo wa gikristo.

Ntaho wahera uvuga ko impapuro zikurikira zigabanuye agaciro k'inyandiko z'Umwuka w'ubuhanuzi ku ngingo yagutse y'umurimo wa gikristo, ahubwo icyazo ni ukugururira umukozi ubwiriza ubutumwa inzira nziza iganisha ku nganzo zikungahaye kandi zagutse z'ubushakashatsi buzamushoboza kurushaho gucengera mu nzira y'ukuri irebana n'ubumenyi bwo gukiza imitima.

Gutira kuri ayo masoko atandukanye, byakoranywe ubwitonzi kugira ngo icyo umwanditsi yari yerekejeho kirindwe. Hari icyizere ko izi nyandiko zasonzoranijwe zizafatwa nk'iz'agaciro katagira akagero ku bagabura hamwe n'abayobozi b'amashami atandukanye y'imirimo y'Itorero, kandi ko zizahabwa agaciro n'abagabo n'abagore bose bafite imitima yakabakabwe n'Umwuka w'Umubwirizabutumwa Mukuru, kandi « b'abanyabwenge bwo kumenya ibihe no kumenya ibyo Abisirayeli bakwiriye gukora. » (1 Ngoma 12:32)

Turashimira Ubunyamabanga bw'Inteko Nkuru, Ishami rishinzwe ibwirizabutumwa, irya rusange cyangwa iryihariye, n'abandi bakristo bose bagize uruhare mu gusoma ibitabo bitandukanye kugira ngo babumbire hamwe ingingo zigize iki gitabo, kandi ibitekerezo byabo no kudutera akanyabugabo kwabo byagize umumaro ukomeye cyane mu itunganywa n'irangizwa ry'uyu murimo.

ISHAMI RY'IBWIRIZABUTUMWA RY'INTEKO NKURU

1. GUHAMAGARIRWA GUKORERA IMANA

Imana ihitamo gukoresha abantu

Kugira ngo Imana igire abayihagararira ku isi, ntiyahisemo abamalaika batigeze bakora icyaha, ahubwo yatoranije ikiremwa muntu, abantu bahuje kamere n’abo bashaka gukiza. Kristo yambaye ubumuntu kugira ngo abone uko ashyikira mwene muntu. Umukiza wari uhuriwemo n’ubumana n’ubumuntu ni we wagombaga kuzanira abari mu isi agakiza. Kandi inshingano yera yo kumenyekanisha « ubutunzi butarondoreka bwa Kristo » yahawe abagabo n’abagore. –Conquérants pacifiques, p. 119-120 ; The Acts of the Apostles, p.134.

Reba iyi sene ikangaranije. Itegereze uwo Munyacyubahiro w’ijuru akikijwe n’abo cumi na babiri yitoranyirije. Abatoranya mu bandi ngo abashinge umurimo we. Yiyambaje ibyo bikoresho by’ibinyantegere nke, kandi binyuriye mu Ijambo rye n’Umwuka We, agambirira gushyira agakiza hafi y’abantu bose. Conquérants pacifiques, p. 20 ; –The Acts of the Apostles, p.18.

“Kandi none tuma abantu i YOPA, utumire uwitwa Simoni.” Nguko uko Imana yatanze ikimenyetso kigaragara cy’uko yitaye ku murimo w’ibwirizabutumwa no ku Itorero ryayo riri kuri gahunda. Malayika ntabwo yoherejwe kumenyesha Koroneliyo iby’umusaraba. Umuntu w’umunyantegenke kandi utwarwa vuba n’ibishuko, kimwe n’uwo mutware w’ingabo ijana, ni we wagombaga kumubwira iby’Umukiza wabambwe akazuka. –Conquérants pacifiques, p. 119 ; The Acts of the Apostles, p. 134.

Malayika watumwe kuri Filipo ngo asange Umunyetiyopiya ubwe aba yakoze uwo murimo, nyamara ubwo si bwo buryo Imana ikoresha. Umugambi wayo ni uko abantu bagira uruhare mu gakiza ka bagenzi babo. –Conquérants pacifiques, p. 96 ; The Acts of the Apostles, p. 109.

Intumwa yagize iti “Ariko dufite ubwo butunzi mu nzabya z’ibumba, kugira ngo imbaraga zisumba byose zibe iz’Imana, zidaturutse kuri twe.” Imana yashoboraga kwamamaza ukuri kwayo ikoresheje abamalayika b’abaziranenge, nyamara uwo si wo wari umugambi wayo. Ijya itoranya ibiremwa bantu,

by'ibinyantegye nke, nk'ibikoreshe byo gusohozwa imigambi yayo. Ubutunzi butagira akagero bw'ukuri kwayo bushyirwa mu nzabya z'ibumba. Yiyambaza abantu kugira ngo igeze imigisha yayo ku isi. Binyuriye kuri bo ubwiza bwayo bugomba kurabagiranira hagati mu mwijima w'icyaha. Iyo basunitswe no gukunda umurimo wabo bajya gushakashaka abanyabyaha n'abahanya, maze bakabazana ku musaraba. Mu byo bakora byose, bagomba guhesha icyubahiro, guhimbazwa n'ishimwe wa wundi uri hejuru y'abantu bose n'ibintu byose. –Conquérants pacifiques, p. 293 ; The Acts of the Apostles 330.

Umugambi wa Kristo wari uko namara kuzamurwa mu ijuru aho yari kugera agahinduka umuvugizi w'abantu, abigishwa be bagombaga gukomeza umurimo yari yaratangiye. Mbese abakristo ntibari bakwiye kugaragaza ubwuzu budasanzwe mu kugeza umucyo w'ubutumwa bwiza ku bakiri mu mwijima ? Hariho bamwe bifuzaga kuja ku mpera z'isi ngo bashyire abantu umucyo w'ukuri, nyamara Imana isaba ko buri muntu wese wamaze kumenya ukuri yihatira guhindurira abandi gukunda ukuri. Niba tutiteguye kwiyumvamo kwitambaho ibitambo bidasanzwe ngo dukize imitima iri hafi kurimbuka, ni gute twatekerezwa ko dukwiye kwinjira mu murima w'Imana ? –Témoignages, vol. 3, p. 403-404 ; Testimonies, vol. 9, p. 103.

Mu bwenge bwe Nyagasani ajya ahurira abantu bari gushakira ukuri n'abagusobanukiye. Ni umugambi w'Imana ko abantu bakiriye umucyo bagomba kuwugeza ku bicaye mu mwijima. Iyo mwene muntu avuye ku isoko ngari y'ubwenge, ahinduka igikoreshe, n'inzira ubutumwa bwiza bunyuriramo bukagaragaza imbaraga yabwo ihindura intekerezo n'umutima. –Conquérants pacifiques, p. 120 ; The Acts of the Apostles, p. 134.

Imana yashoboraga kugera ku mugambi wayo wo gukiza abanyabyaha itatwiyambaje; nyamara niba dushakira gukiza imico isa n'ya Kristo, tugomba kugira uruhare mu murima we. Kugira ngo tuzinjire mu byishimo bya –ari byo byishimo byo kuzabona imitima yacunguwe n'igitambo cye,– tugomba kugira uruhare mu mihati Ye yo gucungurwa kwabo. –L'Espoir de l'humanité, p. 136; –The Desire of Ages, p. 142.

Iyo Kristo ashakira abamuhagararira mu bantu, ntahitamo abamalayika batigeze bagwa, ahubwo ahitamo ibiremwa bantu,

abantu basangiye kamere n’abo bashaka gukiza. Kristo yambaye ubumuntu kugira ngo abone uko ashyikira ikiremwa muntu. Ubumana bwari bukeneye ubumuntu; kuko byasabaga ko byombi bīzanira abari mu isi agakiza. Ubumana bwakeneye ubumuntu kugira ngo mwene muntu ashobore kubona uburyo bwo gushyikirana n’Imana. –L’Espoir de l’humanité, p. 136; –The Desire of Ages, p. 142.

Abamalayika bategerezanya amatsiko akomeye ko dufatanyaga na bo; bitewe n’uko umuntu ari we ugomba kuba umuyoboro wo gushyikirana n’undi muntu. kandi iyo twihaye Yesu, binyuze mu bwitange butizigama binezeza abamalayika ko bagiye gushobora kumenyekanisha urukundo rw’Imana binyuze mu majwi yacu. –L’Espoir de l’humanité, p. 136; –The Desire of Ages, p. 142.

Tugomba kuba abakozi bakorana n’Imana; kuko Imana itazarangiza umurimo wayo itiyambaje ibikoreshe bantu. –Review and Herald, 1^{er} mars (March) 1887.

Ihamagarwa ry’umuntu ku giti cye

Buri mukristo yagenewe Umurimo wihariye. –Southern Watchman, August 2, p. 1904.

Imana irasaba buri muntu wese kuba umukozi mu ruzabibu rwayo. Mugomba kwemera umurimo mwashinzwe kandi mukawukora mukiranutse. – Bible Echo, June 10, 1901 (10 juin 1901).

Iyaba buri wese muri mwe yari umubwirizabutumwa muzima, ubutumwa bwagenewe kino gihe bwakwamamazwa bwangu mu bihugu byose, mu moko yose, mu mahanga yose no mu ndimi zose. –Témoignages, vol. 3, p. 79; Testemonies, vol. 6, p. 438.

Buri mwigishwa nyakuri ahinduka umubwirizabutumwa uhaye umunsi yinjiriye mu bwami bw’Imana. Unywa ku mazi y’ubugingo wese na we ubwe ahinduka isoko y’ubugingo. Uwakira na we ahinduka utanga. Ubuntu bwa Kristo mu mutima bumeze nk’isoko iri mu butayu, idudubiriza guhembura abagenzi bese, abari bagiye gupfa ikabaha kugira inyota yo kwifuza kunywa ku mazi y’ubugingo. –L’Espoir de l’Humanité, p. 190; The Desire of Ages, p. 195.

Imana irasaba buri muntu wese yamenyesheje ukuri kw'iki gihe kugira icyo ayikorera ku giti cye. Bose si ko bashobora kuja kubwiriza ubutumwa mu bihugu by'amahanga, nyamara bose bashobora kuba ababwirizabutumwa mu miryango yabo no mu baturanyi babo. – Testimonies vol 9. p. 30.

Kristo yari ahagaze hafi y'intebe y'ubwami y'Imana ubwo yashingaga abigishwa be umurimo we. Abazizera izina rye bose yabagize ababwirizabutumwa, agira ati « Nimujye mu mahanga yose mwigishe abaremwe bese ubutumwa bwiza. » Imbaraga y'Imana yagombaga kubaherekeza. – Southern Watchman, 20 septembre (September) 1904.

Gukiza imitima ni byo bigomba kuba inshingano y'ingenzi mu mibereho y'umuntu wese uhamya Kristo. Tubereyemo isi umwenda w'ubuntu bw'Imana twahawe, ku bw'umucyo watumurikiye, no ku bw'ukuri twahishuriwe mu bwiza bwako no mu mbaraga zako. – Testimonies vol. 4, p. 53.

Ahantu hose hari ugushaka gusimbuza umuhati w'umuntu ku giti cye imirimo y'urugaga. Ubwenge bwa muntu bukunda kugwiza imbaraga, kwirundanyirizaho, kubaka insengero nini hamwe n'ibigo bikomeye. Abenshi umurimo w'ubugiraneza bawurekera ibigo n'amashyirahamwe; bakabigira urwitwazo rwo kudasābāna na rubanda, maze imitima yabo igakonja. Nguko uko imitima yabo inangirwa bagasigara bihugiyeho gusa. Urukundo bakunda Imana n'urwo bakunda umuntu rugakāmūka mu mitima. Yesu ajya ashinga abigishwa be umurimo umuntu wese ku giti cye, - umurimo umuntu adashobora gukorerwa n'undi uwo ari we wese. Guha abarwayi n'abakene ibyo bakeneye, kubwiriza ubutumwa bwiza abari kuzimira, ntibigomba kurekerwa imiryango cyangwa amashyirahamwe y'ubugiraneza. Ibyo dusabwa n'ubutumwa bwiza ni inshingano ya buri muntu ku giti cye, umuhati wa buri muntu ku giti cye, no kwitambaho igitambo kwa buri muntu wese. – Rayons de Santé, p. 312-322 ; The Ministry of Healing, p. 147.

Uwo ari we wese wakiriye umucyo wo mu ijuru, na we agomba kumurikira inzira y'abatazi umucyo w'ubugingo. – Espoir de l'Humanité, p. 147 ; The Desire of Ages, p. 152.

Buri wese yagenewe umurimo, kandi nta n'umwe ushobora kuwusimburwaho n'undi. Buri wese afite icyo yatumwe cy'agaciro gatangaje, adashobora guhinyura no gusuzugura, kuko kuwukora

bizana umunezero w'umutima, naho kuwirengagiza kwatuma umutima Kristo yapfiriye ugusha ishyano. – Review and Herald, 12 décembre (December) 1893.

Twese tugomba kuba abakozi bakorana n'Imana. Nta nkorabusa Imana yemera ko ziyibera abagaragu. Buri mwizera wese agomba kwiyumvamo ko ubuzima n'iterambere ry'itorero rye biterwa n'imyifatire ye bwite. – Review and Herald 15 février (February) 1887.

Buri mutima Kristo yakijije urārikirwa gukorera mu izina rye ugakiza abari kuzimira. Uyu murimo wari warirengagijwe mu Isiraheli. Mbese no muri kino gihe ntiwaba wirenagizwa n'abavuga ko ari abayoboke ba Kristo ? – Paraboles de Jésus, p. 188 ; Christ's Object Lessons, p. 191.

Buri wese afite icyo agomba gukora. Buri muntu wese wizera ukuri agomba guhagarara mu nshingano ye no mu mwanya we agira ati "Ndi hano Mwami ntuma" –Yesaya 6:8 ; Testimonies, vol.6, p. 49.

Amahirwe ya buri mukristo si ugutegereza kugaruka kwa Yesu gusa, ahubwo no kugutebutsa. – Paraboles de Jésus, p. 60-61 ; Christ's Object Lessons, p. 69.

Buri wese uhindutse umwana w'Imana uhereye ubwo agomba kwigereranya nk'imwe mu mpeta z'umunyururu umanuka uva mu ijuru uje gukiza isi, wunzwe na Kristo mu mugambi we w'imbabazi, agafatanya na we mu gushakashaka no gukiza abazimiye. – The Ministry of Healing, p. 105.

Bose bashobora kubona icyo gukora. Nta muntu n'umwe ugomba kwibwira ko nta mwanya yahagararamo ngo ashobore gukorera Kristo. Umukiza yigaragariza mu ishusho ya buri mwana w'umuntu. – The Ministry of Healing, p. 104.

Abagiranye na Nyagasani isezerano ryo kumukorera, basabwa no kwiyinga na we mu murimo ukomeye kandi mugari wo gukiza imitima. – Témoignages, vol. 3, p. 93 ; Testimonies, vol. 7, p. 19.

Umurima ni mugari cyane, inshingano na zo zirasobanutse ku buryo buri mutima wose wejejwe uzahatirwa kwinjira mu murimo nk'igikoreshe cy'imbaraga mvajuru. – Témoignages, vol. 3, p. 369 ; Testimonies, vol. 9, p. 47.

Abantu ni ibikoreshe biri mu biganza by'Imana, ari na byo

yiambaza kugira ngo isohoze imigambi yayo y'ubuntu n'imbabazi. Buri wese afite urwe ruhare agomba gukora; buri wese ahabwa urugero rw'umucyo, rukwiranye n'amakene yo mu gihe cye kandi ruhagije kumushoboza gukora umurimo Imana yamushinze. – *Tragédie des siècles*, p. 371 ; *The Great Controversy*, p. 343.

Imana imaze igihe kirekire itegereje ko umwuka wo gukora wigarurira Itorero ryose, kugira ngo buri wese ashobore kuyikorera akurikije ubushobozi bwe. – *Conquérants pacifiques*, p. 97 ; *The Acts of the Apostles*, p. 111.

Ubwo yatumaga cumi na babiri, hanyuma agatuma mirongo irindwi ngo bajye kwamamaza ubwami bw'Imana, yari ari kubigisha inshingano yabo yo kugeza ku bandi ibyo yari yarabamenyesheje. Mu murimo we wose, yabatorezaga gukora umurimo buri muntu ku giti cye, wagombaga kwagurwa n'uko umubare wabo wiyongereye, kugeza ubwo bazagera mu birere bya kure by'isi. – *Conquérants pacifiques*, p. 30 ; *The Acts of Apostles*, p. 32.

Inshingano yo kurangiza uyu murimo ntireba gusa abagabura babitoranirijwe. Buri wese wakiriye Kristo ahamagarirwa gukorera agakiza ka bagenzi be. – *Conquérants pacifiques*, p. 97 ; *The Acts of the Apostles*, p. 110.

Imiterere nyakuri y'Itorero ntipimirwa ku kwizera kwaryo guhanitse, si no ku mazina yanditswe mu gitabo cy'Itorero, ahubwo rishimirwa icyo riri gukorera Shebuja, no ku mubare w'abakozi baryo bakiranuka kandi bashinyiriza. Ishyaka no kuba maso bya buri muntu ku giti cye n'umuhati we, byungura umurimo wa Kristo kuruta ibibwirizwa cyangwa ubuhamya bw'indangakwemera (credo). – *Review and Herald*, 6 septembre (September) 1881.

Ahantu hose hamaze guhangwa itorero, abarigize bose bagomba gukorana umwete umurimo w'ibwirizabutumwa. Bagomba gusura buri muryango w'abaturanyi kandi bakamenya uko bameze mu by'umwuka. – *Testimonies*, vol. 6, p. 296.

Abagize Itorero bose si ko bahamagariwe gukora mu bihugu by'amahanga, nyamara bose bagomba kugira uruhare mu murimo ukomeye wo kugeza umucyo ku isi. Ubutumwa bwiza bwa Kristo ni imbaraga ikwirakwira. Ku munsu ukomeye w'Imana, nta muntu n'umwe wikuye mu murimo akarundukira mu nyungu ze bwite zo

kwikubiraho, uzabona icyo kwiregūza. Imbere ya buri bwenge na buri biganza, hari umurimo wo gukorwa. Hari imirimo inyuranye, igenewe intekerezo zitandukanye n'ubushobozi bw'uburyo bwinshi. "Historical Sketches, p. 290, 291.

Kristo uguma muri buri mwizera w'itorero ni we sōko y'amazi idudubiza ikageza ku bugingo buhoraho; yabaragije ukuri kwera. Muba muriho urubanza imbere y'Imana niba mudakoresha umwete wose ushoboka ngo mugeze ku bandi aya mazi abeshaho. - Historical Sketches, p. 291.

Nk'abakristo, ntidukora na kimwe cya makumyabiri cy'ibyo twakagombye gukora mu gukiriza Kristo imitima. Hariho isi igomba kuburirwa, kandi buri mukristo nyakuri azaba umwerekeza n'icyitegererezo cy'abandi mu kuba umwiringirwa, kwihangana mu bigeragezo, mu gukorana ubwira n'imbaraga, mu bunyangamugayo butajegajega mu kurengera umurimo w'ukuri, no mu kwitambaho ibitambo no mu mihati yo guteza imbere umurimo w'Imana. – Review and herald, 23 Août (August) 1881.

Uko uburyo bwe burushaho kwaguka, uwo ari we wese wamaze kwakira umucyo w'ukuri, aba yikoreye inshingano nk'iy'umuhanuzi wabwiwe aya magambo ngo « Mwana w'umuntu, nagushyiriyeho kuba umurinzi w'umuryango wa Israeli, nuko wumve Ijambo riva mu kanwa kanjye, ubanyihanangiririze. » - Témoignages, vol. 3, p. 345 ; Testimonies, vol. 9, p. 19, 20.

Uwo ari we wese wagabanye ku buntu bwa Nyagasani, amugenera umurimo wo gukorera abandi. Buri muntu wese ku giti cye, tugomba guhagarara mu nshingano no mu mwanya twashyizwemo, tuvuga tuti: "Ndi hano Mwami, ntuma." Buri wese afite inshingano agomba gusohoza, yaba ari ababwiriza b'ubutumwa bwiza, abaforomo babwiriza ubutumwa, abaganga, umukristo ku giti cye, yaba umucuruzi cyangwa umuhinzi, abakozi ba Leta cyangwa abakanishi. Ni umurimo wacu guhishurira abantu ubutumwa bwiza bw'agakiza kabo. Umushinga wose tubamo ugomba kuba werekeje kuri uwo mugambi. – Rayons de Santé, p. 322 ; The Ministry of Healing, p. 148.

Ubwo nyir'urugo yahamagaraga abagaragu be, yahaye buri wese umurimo we. Abagize umuryango w'Imana bose barebwa n'inshingano yo gukoresha ubutunzi bwa Nyagasani. Buri muntu wese, uhareye ku woroheje uri hanyuma y'abandi kugeza

k'ukomeye cyane kandi w'umunyacyubahiro, ni umukozi wahawe ubushobozi kandi akaba azabubazwa nagera imbere y'Imana." –Bible Echo, 10 June 1901.

Imbaraga za gikristo zihurijwe hamwe

Bene data na basaza banjye mu kwizera, mbese namwe mujya mwibaza mu mitima yanyu iki kibazo ngo "Ndi umurinzi wa mwene Data?". Niba uvuga ko uri umwana w'Imana, uri umurinzi wa mwene So. Itorero rizabazwa n'Imana imitima y'abo ryari rishinzwe kugeza ku gakiza. – Historical Sketches, p. 291.

Umukiza yatanze ubugingo bwe bw'igicro cyinshi kugira ngo ahange Itorero rishoboye gufasha abamerewe nabi, abafite intimba n'abageragezwa. Itsinda ry'abizera bashobora kuba ari abakene, batarize cyane, kandi batazwi ; nyamara kandi, bashobojwe n'ubuntu bwa Kristo, babasha gukora umurimo mu ngo, muri rubanda, ndetse no mu « birere bya kure », kandi umusaruro w'umurimo wabo ukazakomeza kugaragara kugeza iteka ryose. The Ministry of Healing, p. 106.

Itorero n'ubwo ryaba rigaragara ko ari irinyanteye kandi ridashyitse, nyamara kandi ni ryo Imana ihora ihanze ijisho mu buryo bwihariye. Ni ryo rubuga igaragarizamo ubuntu bwayo, aho ishimishwa no guhishurira ubushobozi bwayo buhindura imitima. Conquérants pacifiques, p. 13-14 ; The Acts of the Apostles, p. 12.

Hagomba kubaho uwo gusohoza umurimo wa Kristo; agakomeza umurimo Kristo yatangiye hano mu isi; kandi Itorero ni ryo ryahawe ayo mahirwe. Uwo ni wo mugambi ryashyiriweho. None se ni kuki abagize Itorero batigeze bemera inshingano yabo? –Testimonies vol. 6, p. 295.

Arahamagarira Itorero gukora inshingano ryashinzwe, rikerereza ibendera ry'ubugorozi nyakuri mu birere rikoreramo, bakareka abakozi b'inzobere kandi bafite inararibonye bagatwaranira kuja mu birere bishya. Testimonies, vol. 6, p. 292.

Abizera b'i Tesalonike bari ababwirizabutumwa nyakuri... Imitima yari yarigaruriwe n'ukuri kwabwirijwe, kandi abantu benshi biyongera ku mubare w'abizera. – Conquérants pacifiques, p. 226 ; The Acts of the Apostles, p. 256.

Gutoranywa kwa cumi na babiri, niko kwabaye intambwe ya

mbere yo gushyiraho gahunda y'Itorero ryagombaga gukomeza umurimo wa Kristo amaze kujya mu ijuru. –Conquérants pacifiques, p. 20 ; The Acts of the Apostle, p. 18

Itorero ry'Imana ni ryo cyicarwo cy'imibereho yera, ryujijwe impano zitandukanye, kandi ryahawe Umwuka wera. Umunezero w'abarigize ubonekera mu kunezererwa kw'abo rifasha kandi rikabahesha umugisha. Umurimo Nyagasani ateganya gusohozza binyuze mu Itorero rye kugira ngo izina rye rihabwe icyubahiro uratangaje. –Conquérants pacifiques, p. 14 ; The Acts of the Apostles, p. 12, 13.

Umurimo wacu urasobanutse neza mu ijamba ry'Imana. Umukristo agomba kwiyinga n'undi, itorero rikiyunga n'irindi, maze igikoreshe muntu kigakorana n'ijuru, buri mukozi wese akaba munsu y'ubuyobozu bw'Umwuka Wera, kandi bese bakibumbira hamwe kugira ngo bageze ku isi ubutumwa bwiza bw'ubuntu bw'Imana. –General Conference bulletin, 28 février (February) 1893, p. 421.

Amatorero yacu agomba gufatanyiriza hamwe umurimo w'irima ry'iby'Umwuka, bafite ibyiringiro byo kuzasarura bidatinze... Ubutaka bwarumakaye nyamara uwo mushike ugomba gutabirwa, imbuto zo gukiranuka zigomba kubibwa. Ntumugatuze, yemwe bigisha bakundwa n'Imana, musa n'abashidikanya nk'aho mwibwira ko umurimo mwakoze utazagira iterambere mwakekaga. – Testimonies, vol. 6. p. 420.

Itorero ni uburyo Imana yagennye ngo rimenyeshe abantu agakiza. Ryashyirweho gukora, kandi icyo ryatumwe ni ukugeza ubutumwa bwiza ku bari mu isi. Uhereye mbere hose, umugambi w'Imana ni uguhishurira abari mu isi imbaraga zayo no kuzura kwayo binyuze muri ryo. Abarigize, ari bo yahamagaye ibavana mu mwijima ikabageza mu mucyo wayo w'itangaza, bagomba kurabagirana ubwiza bwayo. –Conquérants pacifiques, p. 11 ; The Acts of the Apostles, p. 9.

Ntihakagire Itorero ryibwira ko ari rito cyane ku buryo ritagira imbaraga ireshya kandi ko ritafatanyaga n'andi muri uyu murimo mugari wagenewe kino gihe.

Bene data nimujye ku murimo. Amahirwe y'akataraboneka y'Imana ntashingiye gusa ku biterane binini cyangwa kugira ibyo ubanza gusezeranirwa n'inama; Kwigaragaza k'umwete woroheje

cyane ukomoka ku rukundo rudashaka inyungu ku bandi kuzahabwa imigisha Yayo kandi kuzagororerwa ingororano yako ikomeye. Mukore ibyo mushoboye, ni bwo Imana izagwiza ubushobozi bwanyu. - Review and Herald, 13 march 1888

Abahamya

Turi abahamya ba Kristo, kandi ntitugomba kwemerera inyungu n'imishinga by'isi ko binyunyuzwa igihe cyacu n'amakenga yacu. – Testimonies, vol .9, p. 53, 54.

« Muri abagabo bo kumpamya, ni ko Uwiteka avuga... Ni jye wabatoranije... Nijye wabwirije iby'agakiza kandi ndakiza, ndabigaragaza, kandi muri mwe nta yindi Mana yahabaye, ni cyo gituma muri abagabo bo kumpamya. Jyewe Uwiteka naguhamagariye gukiranuka, nzagufata ukuboko nzakurinda nguhe kuba isezerano ry'abantu no kuba umucyo uvira abanyamahanga, no guhumura impumyi ukabohora imbohe, ugakura ababa mu mwijima mu nzu y'imbohe. » - Conquérants Pacifiques, p. 12 ; The Acts of the Apostles, p. 10.

Abaturage b'isi basenga imana z'ibinyoma. Bagomba kwamururwaho iyo misengere y'ibinyoma, atari ukwandagaza ibigirwamana byabo, ahubwo ari ukubereka ibyiza biruta ibyabo. Ineza y'Imana igomba kumenyekanishwa. Uwiteka aravuga ati « Muri abahamya banjye, kuko ari jye Mana. » – Paraboles de Jésus, p. 305 ; Christ's Object Lesson, p. 299.

Abantu bose bifuzwa kwinjira mu murwa w'Imana bagomba kugaragaza Kristo mu byo bakora bakiri muri iyi si. icyo ni cyo kibagira intumwa za Kristo, n'abahamya be. Bagomba gutanga ubuhamya busobanutse kandi bwimazeyo burwanya akamenyero kabi kose, kandi bereka abanyabyaha « Umwana w'intama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi. » - Témoignages, vol. 3, p. 348 ; Testimonies, vol. 9, p. 23.

Abigishwa bagombaga kugenda nk'abahamya ba Kristo, bakagenda bamamaza mu isi ibyo babonye n'ibyo bumvise. Umurimo wabo wari uw'agaciro gahebuje mu byo mwene muntu yigeze ahamagarirwa gukora, umurimo wabo wasumbwaga n'uwa Kristo wonyine. Bagombaga kuba abakozi bakorana n'Imana mu gukiza abantu. » -Conquérants pacifiques, p. 20-21 ; The Acts of

the Apostles, p.19.

Umwigisha wo mu ijuru aravuga ati: “Umwuka wanjye wonyine ni wo ushobora kwigisha no kwemeza icyaha. Ibigaragara inyuma bitera mu ntekerezo igishyika cy’akanya gato gusa. Nzacengeza ukuri mu mutimanama, kandi abantu bazaba abahamya banjye bamenyekanisha mu isi yose uburenganzira mfite ku gihe cy’umuntu, ku mafaranga ye no ku buhanga bwe.” –Témoignages, vol. 3,p. 184 ; Testimonies, vol. 7, p. 159.

Uburyo bwahiswemo n’ijuru mu guhishurira ab’isi Kristo, ni uko duhamya ubudahemuka bwe. Tugomba kuzirikana ubuntu bwe nk’uko bwamenyekanaye binyuze mu bakiranutsi ba kera; nyamara ikizagira umusaruro munini ni ubuhamya bw’inararibonye yacu bwite. Tuba abahamya b’Imana gusa iyo tugaragarije muri twe gukora kw’imbaraga mvajuru. Buri muntu afite imibereho itandukanye n’iy’abandi bese, hamwe n’inararibonye itandukanye by’ihabya n’iyabo. Imana yifuza ko guhimbaza kwacu kwayigeraho gufite ikimenyetso cyihariye kiranga imiterere yacu bwite. Ibyo bikorwa by’ingenzi byo gushima, umuntu ahimbaza ubwiza bw’ubuntu bwayo, iyo bishyigikiwe n’imibereho isa n’iya Kristo, bigira imbaraga idakumirwa yo gukiza imitima. –L’Espoir de l’humanité, p. 365 ; The Desire of Ages, p. 347.

Igihe cyose Imana yaba itaragira abahamya batataniye mu isi yose, ntishobora kumenyekanisha ubushake bwayo n’ibitangaza by’ubuntu bwayo mu batizera. Umugambi wayo ni uko abantu bagabanye kuri ako gakiza gakomeye ka Yesu Kristo bahinduka ababwirizabutumwa bwiza, imuri z’umucyo mu isi, bagahinduka ibyapa birangira rubanda, inzandiko nzima zizwi kandi zisomwa n’abantu bese, kwizera kwabo n’imirimo yabo bigahamya ko kuza kwa Kristo kuri hafi, kandi bakagaragaza ko bataherewe ubuntu bw’Imana gupfa ubusa. Abantu bagomba kuburirwa kugira ngo bitegure urubanza rugiye kuza. –Testimonies, vol. 2 p. 631-632.

Mu gihe [abigishwa] batekerezaga ku buzima bwe buboneye kandi bwera bwa Kristo, biyumvagamwo ko kuri bo nta birushya batari kwihanganira, nta n’igitambo na kimwe batatanga, igihe cyose baba bashoboye kwerekanira ubwiza bw’imico ya Kristo mu mibereho yabo. Oh ! Uwagira ngo bongere bahabwe kubaho ya myaka itatu yatambutse, ngo mbega ukuntu bakora binyuranye n’uko bakoze ! Uwagira ngo nibura bongere babone Umwigisha,

mbega uburyo baharanira kumwereka uburyo bamukunda byimazeyo, n'uburyo bababaye bitewe no kumushavuzza binyuriye mu mvugo cyangwa igikorwa cyo kutizera ! Nyamara bahumurizwaga no kwibwira ko bababariwe. Maze biyemeza ko, uko bishoboka kose, bazatanga icyiru cyo kutizera kwabo, bamuhamiriza imbere y'abari mu isi bafite ubutwari. –*Conquérants pacifiques*, p. 34 ; *The Acts of the Apostles*, p. 36.

Ababaye intumwa za mbere Kristo yatumye kuja kubwiriza ubutumwa bwiza mu gihugu cy'i Dekapoli, ni abantu babiri Yesu yakijije abadayimoni. Abo bagabo, bari baragize amahirwe yo kumva ibyigisho bya Kristo mu kanya gato gusa. Nta kibwirizwa na kimwe kivuye mu kanwa ke cyari cyarigeze cyinjira mu matwi yabo. Ntibari gushobora kwigisha rubanda nk'uko abigishwa bahorana na Yesu iminsi yose bari bashoboye kubikora. Nyamara impagarike yabo yari intangamugabo y'uko Yesu yari Mesiya. Bashoboraga kuvuga ibyo bari bamenye; ibyo bo ubwabo bari biboneye, bumvise, kandi bakabyiyumvamo, bikomotse ku mbaraga ya Kristo. Ibi ni byo umutima wose wakabakabwe n'ubuntu bw'Imana ushobora gukora. Yohana, intumwa ikundwa, yaranditse ati « Uwahozeho mbere na mbere, Uwo twumvise, Uwo twiboneye n'amaso yacu, tukamwitegereza, n'amaboko yacu akamukoraho ni we jambo ry'ubugingo, Uwo twabonye tukamwumva ni we tubabwira. » (1 Yohana 1:1). Nk'abahamya ba Kristo, tugomba kuvuga ibyo tuzi, ibyo twiboneye, ibyo twumvise n'ibyadukabakabye. Niba twarakurikiye Yesu intambwe ku ntambwe, tuzagira ikintu gikwiriye twavugaga ku birebana n'uburyo yatuyoboyemo. Dushobora kuvugaga uburyo twagerageje amasezerano Ye, tugasanga ari ay'ukuri. Dushobora gutanga ubuhamya bw'ibyo twamenye mu birebana n'ubuntu bwa Kristo. Ngubu ubuhamya Nyagasani adusaba, kandi ku bwo kubura kwabwo isi iri kurimbuka. » -*L'Espoir de l'humanité*, p. 358 ; *The Desire of Ages*, p. 340 »

Imiyoboro y'umucyo n'umugisha

Tugomba kuba imiyoboro yejeje, iyo ubugingo mvajuru bunyuriramo bujya ku bandi. Umwuka Wera ugomba gukoresha no gusaba Itorero ryose, ukaboneza kandi ukegeranya imitima. –

Testimonies, vol. 9, p. 20.

Buri mwigishwa wa Yesu nk'intumwa ye, afite umurimo agomba gukora, mu muryango, mu baturanyi, mu kirorero cyangwa umujyi atuyemo. Abiyeguriye Imana bese ni imiyoboro y'umucyo. Imana yabagize ibikoresho byo gukiranuka kugira ngo bageze ku bandi umucyo w'ukuri. – Testimonies, vol. 2, p. 632.

Umusaruro w'umurimo wa Yesu, ubwo yari yicaye hafi y'iriba rya Yakobo, ananiwe kandi ashonje, wabaye umugisha ukwirakwiye hose. Umutima umwe rukumbi yari yashatse kugoboka wahindutse uburyo bwo gutuma agera ku bandi no kubazana ku Mukiza. Ibihe byose ubu ni bwo buryo bwagiye buteza imbere umurimo w'Imana ku isi. Mureke umucyo wanyu umurike, indi micyo izawukongezwaho. –Ministère évangélique, p. 189 ; Gospel Workers, p. 195.

Benshi batekereza ko bagomba kurebera kuri Kristo wenyine ku birebana n'umucyo n'inararibonye byabo, batitaye ku bagaragu Be bazwi ku isi. Yesu ni inshuti y'abanyabyaha; kandi umutima we ukabakabwa n'akaga kabo. Afite ubutware bwose mu ijuru no mu isi; nyamara Aha agaciro uburyo yashyizeho bwo kumurikira abantu no kubakiza; Ayobora abanyabyaha ku itorero rye, ari na ryo yagize umuyoboro w'umucyo ku isi. –Conquérants pacifiques, p. 107 ; The Acts of the Apostles, p. 122.

Itorero rya mbere ryari ryarashinzwe umurimo wagenda waguka ubudatuza, -wo guhanga amahuriro y'umucyo n'umugisha ahantu hose habaga habonetse imitima ifite ubushake bwo kwiye gurira umurimo wa Kristo. –Conquérants pacifiques, p. 79 ; The Acts of the Apostles, p. 90.

Nk'uko imirasire y'izuba imurika ikageza mu mfuruka za kure z'isi, ni ko Imana yagennye ko umucyo w'ubutumwa bwiza uzaguka ukagera ku baturage b'isi bese. Iyaba Itorero rya Kristo ryarashoboye gusohoza umugambi w'Umwami wacu, umucyo uba waramurikiye abari mu mwijima n'abari mu gicucu cy'urupfu bese. –Jésus et le bonheur, p. 51 ; Thought from the mount of blessing, p. 42.

Buri mutima ufite amahirwe yo kuba umuyoboro Imana ishobora kunyurizamo ubutunzi bw'ubuntu bwayo, ngo bugere ku isi, ari bwo butunzi butarondoreka bwa Kristo. Nta kintu na kimwe Kristo yifuza cyane nko kugira abakozi bazagaragariza isi

Umwuka We n'imico Ye. Nta kintu isi ikeneye cyane nko kwigaragaza k'urukundo rw'Umukiza binyuriye muri mwene muntu. Ijuru ryose ritegereje imiyoboro ishobora gusukwamo amavuta yera azabera imitima y'abantu intandaro y'umunezero n'umugisha. –Paraboles de Jésus, p. 429; Christ's Object Lessons, p. 419.

Ubwiza bw'itorero ry'Imana buri mu kwera kw'abarigize; kuko ari mo imbaraga za Kristo zihishwe. Imbaraga rukuruzi y'abana b'Imana bamaramaje ishobora gufatwa ko ari iy'agaciro gake, nyamara ibihe byose izahora yigaragaza kandi izahishuka neza ku munsu w'ingororano. Umucyo w'umukristo nyakuri, umurikisha kwera guhoraho, mu kwizera kutajegajega, uzahamiriza isi imbaraga y'Umukiza muzima. Kristo azahishurirwa mu bayoboke be nk'amazi y'isoko adudubiza akazageza ku bugingo buhoraho. N'ubwo basa n'abatazwi ku isi, bahamijwe n'Imana kugira ngo bahinduke ubwoko bw'Imana bw'umwihariko, ibikoresho byayo yatoranirije gukiza n'imiyoboro umucyo unyuriramo ngo ukwirakwire ku isi. –Review and Herald, 24 march 1891.

Yemwe abagize itorero, nimureke umucyo umurike. Nimwumvikanishe amajwi yanyu binyuze mu masengesho arimo kwicisha bugufi, mu buhamya burwanya kutirinda, ubugoryi n'imyidagaduro yo mu isi, mukoresheje kwamamaza ukuri kwagenewe iki gihe. Ijwi ryanyu, icyitegererezo cyanyu, igihe cyanyu, -ibi byose ni impano ziva ku Mana, kandi zigomba gukoreshwa mu gukiriza Kristo imitima. –Testimonies, vol. 9, p. 38.

Neretswe ko abigishwa ba Kristo ari bo bamuhagarariye hano ku isi; kandi Imana yagennye ko bahinduka umucyo umurikira umwijima wo mu bwenge bw'ab'iyi si, bakwirakwiye mu gihugu, mu birorero, mu byaro no mu mijyi, "ari ibishungero by'ab'isi n'iby'abamalayika n'abantu". –Testimonies, vol. 2, p. 631.

Abayoboke ba Kristo bagomba kuba umucyo w'isi; nyamara Imana ntibatega gukoresha umuhati wabo ngo bamurike. Ntiyemeranya no kumva wihagije uko ari ko kose gutuma ugaragaza ko uruta abandi mu bugiraneza. Yifuza ko imitima yabo icengerwamo n'amahame yo mu ijuru; hanyuma, ubwo bazaba bashyikirana na rubanda, bazagaragaza umucyo ubarimo. Gukiranuka kwabo gushikamye muri buri gikorwa cyo mu buzima

kuzaba uburyo bwo kumurika. –The ministry of healing, p. 36.

Sawuli, ubwo yari akiri mu buhumyi bwe bw'ibinyoma n'ubunyirandabizi, ni bwo yahishuriwe Kristo uwo yarenganyaga, yahujwe n'itorero mu buryo bwahuranije, ari ryo mucyo w'isi. Muri ubu buryo, Ananiya ahagarariye Kristo, kandi na none ashushanya abakozi ba Kristo ku isi, batoranirijwe gukora mu izina Rye. Ananiya ahagaze mu mwanya wa Kristo, yakoze ku maso ya Sauli, kugira ngo abashe kubona. Ari mu cyimbo cya Kristo, amurambikaho ibiganza, maze ubwo yasengaga mu izina rya Kristo, Sauli ahabwa Umwuka wera. Byose bikorerwa mu izina no ku bw'ubushobozi bwa Kristo. Kristo ni we rufatiro; Itorero ni umuyoboro anyuriramo. –Conquérants pacifiques, p. 107-108; The acts of the apostles, p. 122.

Ikinyoma kiri kwiganza ahanu hose, umwanzi ukomeye w'imitima ari kongera imbaraga ze. Ari gutegura ubucakura bwose yakoresha kugira ngo atere urujijo mu ntekerezo z'abantu yifashishije ibinyoma bisa n'ukuri kugira ngo abone uko arimbura imitima. Abo Imana yaragije ubutunzi bw'ukuri bagomba kumurikisha umucyo mu mwijima uri mu bwenge. –Historical Sketches, p. 290.

Imana irasaba ubwoko bwayo kurabagirana nk'imuri mu isi. Iryo tegeko ntirireba abungeri gusa, ahubwo rireba buri mwigishwa wa Kristo wese. Ibiganiro byabo bigomba kuba ibyo mu ijuru. Kandi mu gihe bishimira gusabana n'Imana, bazifuza gushyikirana na bagenzi babo, kugira ngo babone uko bagaragariza mu magambo no mu bikorwa byabo urukundo rw'Imana rukoresha imitima yabo. Muri ubu buryo bazahinduka imuri mu isi, kandi umucyo uzamurikwa na bo ntuzigera uzima kandi ntuzakurwaho. –Testimonies, vol, 2, p. 122-123.

Abayoboze ba Kristo bagombaga kuba ibikoresho byo gukiranuka, abakozi, amabuye mazima akwirakwiza umucyo, kugira ngo bibarehereze abamalayika b'ijuru. Basabwa kuba nk'imiyoboro ukuri no gukiranuka binyuriramo. –Testimonies, vol. 2, p. 126-127.

Nyagasani yagize Itorero rye ububiko bw'imbaraga ireshya yo mu ijuru. Ijuru ritegereje ko abagize Itorero bahinduka imiyoboro imigezi y'ubugingo izanyuramo ijya ku isi, kugira ngo benshi bahinduke, maze na bo bahinduke imiyoboro ubuntu bwa Kristo

buzanyuriramo bujya mu birere by'ubutayu byo mu ruzabibu rwa Nyagasani. –Bible echo, 12 Aug, 1901.

Umuntu wese ushyize hamwe n'Imana azageza umucyo ku bandi. Niba hariho abadafite umucyo wo gutanga, biterwa n'uko bageza badafitanye isano n'isoko y'umucyo. -Historical Sketches, p. 291.

Imana yashinze abana bayo kugeza umucyo ku bandi, nibaramuka babuze kuri icyo nshingano, maze imitima igakomeza kuguma muri uwo mwijima w'ibinyoma, bitewe n'uko birengagijre kuzuzanya ibyombi basabwaga gukora bashorewe n'imbaraga y'Umwuka Wera, Imana izabibaryoza. Twahamagariye kuva mu mwijima ngo tujye mu mucyo wayo w'itangaza, kugira ngo tubone uko duhishura ibyo Yesu yadukoreye. –Review and Herald, 12 décembre 1893.

Abiyeguriye Imana bese bazahinduka imiyoboro y'umucyo. Imana ibagira ibikoresheho byayo byo kugeza ku bandi ubutunze bw'ubuntu bwayo... icyitegererezo cyacu kireshya abandi ntigishyingiye ku byo tuvugaga, ahubwo gishyingiye ku cyo turi cyo. Abantu bashobora kurwanya ibihangira tubaha no guhinyura imikorere yacu isobanutse, bashobora kwanga amahamagara yacu; nyamara imibereho irangwa n'urukundo rudakeneye inyungu ku bandi ni igihangira badashobora kuvugurura. Imibereho idahindagurika irangwa n'ubugwaneza bwa Kristo ni imbaraga ikomeye mu isi. –L'Espoir de l'humanité, p. 135 ; The Desire of Ages, p. 141, 142.

Abari kuba barabaye umucyo w'isi bamurikishije imirasire y'iminyantega nke kandi y'urwiyijiriye. Umucyo ni iki? Ni ukwera, ni ubugiraneza, ukuri, imbabazi, urukundo ; ni uguhishurwa k'ukuri mu mico no mu mibereho. Kugira ngo ubutumwa bwiza bugaragaze imbaraga yabwo icengera, bishyingiye ku kwera kwa buri mwizera ku giti cye, kandi, binyuze mu rupfu rw'Umwana wayo ikunda, Imana yateganirije buri mutima ibikenewe byose byawubashisha gukora umurimo mwiza wose. Buri mutima wose ugomba kuba umucyo umurika kandi urabagirana, ukagaragaza ishimwe ry'uwaduhamagariye kuva mu mwijima akatujyana mu mucyo we w'itangaza. "Turi abakozi bakorana n'Imana". Yego, abakozi ; ibyombi bisobanura gukorana umwete mu ruzabibu rwa Nyagasani. Hari imitima igomba gukizwa, -imitima yo mu

matorero yacu, mu mashuri yacu yo ku Isabato, no mu baturanyi bacu. –Review and Herald, 24 mars 1891 ; March 24th 1891.

Binyuze mu gukorera abandi, ni bwo bazarokora imitima yabo ubwabo. Nibahinduka abakorana na Kristo, ni ho tuzabona mu matorero yacu umucyo urushaho kugenda wiyongera, imirasire yawo izakomeza gucengera mu mwijima, mu baturanyi babo bose no hirya yabo. –Historical Sketches, p. 291.

« Ni mwe mucyo w’isi. » Abayuda bibwiraga ko ishyanga ryabo bwite ari ryo nkomoko y’ibyiza by’agakiza ; nyamara Kristo yaberetse ko agakiza kameze nk’umucyo w’izuba. Ni uw’isi yose. – L’Espoir de l’humanité, p. 320 ; The desire of ages, p. 306.

Imitima yumvira gukabakaba k’Umwuka Wera, ni imiyoboro Imana itembesherezamo imigisha yayo. Abakorera Imana baramutse bakuwe mu isi, kandi Umwuka w’Imana agakurwa mu bantu, iyi si yahinduka umusaka n’umwirare, arizo mbuto z’ingoma ya Satani. N’ubwo abagome batabizi, burya n’imigisha yo muri ubu bugingo bayiboneshwa n’uko muri iyi si harimo ubwoko bw’Imana, bwa bundi basuzugura kandi bakabukandamiza. Nyamara niba abakristo ari abo ku izina gusa, bameze nk’umunyu wakayutse. Mu isi ntibafitemo icyitegererezo kirehereza abandi ku byiza. Bitewe no guhagararira Imana nabi kwabo, bateje akaga kuruta abatizera. –L’Espoir de l’humanité, p. 318, 320 ; The desire of eges, p. 306.

Inshingano mvajuru

Umurimo abigishwa bakoze ni wo natwe tugomba gukora. Buri mukristo agomba kuba umubwirizabutumwa. Tugomba gukorera abakeneye ubufasha, dufite impuhwe n’urukundo, mu mwete utikunda tugendereye kugabanya akaga k’inyoko muntu imerewe nabi. –The minisry of healing, p. 104.

Mbere y’uko Kristo azamurwa mu ijuru, yahaye abigishwa be inshingano yabo. Yababwiye ko bagombaga kuba abashyira mu bikorwa ugushaka kwe kurimo umurage yasezeraniye isi ari bwo butunzi bw’ubugingo buhoraho. –Conquérants pacifiques, p. 27 ; The Acts of the Apostles, p.27.

Uko ibinyejana byagiye biha ibindi, ni ko abakristo bagiye bagira uruhare ku nshingano Yesu yasigiye abigisha be ba mbere.

Uwari we wese wakiriye ubutumwa bwiza, yahawe ukuri kwera agomba kugeza ku isi. Buri gihe ubwoko bw’Imana bukiranuka bwabaye ababwirizabutumwa b’abanyamwete, bagatanga ibyabo ngo biheshe izina ryayo icyubahiro, kandi bagakoresha neza italanto zabo mu murimo wayo. –Conquérants pacifiques, p. 96 ; The Acts of Apostles, p. 109.

Iyo nshingano yo kubwiriza ubutumwa ni itegeko rikomeye ryo kwamamaza ingoma y’Imana. Abigishwa bagombaga gukorera imitima bafite umwete ugurumana, bakageza kuri buri wese irarika ry’imbabazi. Ntibagombaga gutegereza ngo rubanda babasange; ahubwo ni bo bagombaga kubasanga babashyiriye ubutumwa bwabo. –Conquérants pacifiques, p. 27 ; The Acts of the Apostles, p. 28.

Intumwa za Nyagasani zikorejwe umutwaro wo gucumbura umurimo Yesu yari yakoze akiri ku isi. Bagomba kwirundurira muri buri shami ry’umurimo yatangije. Bafite umwete no kumaramaza, bagomba kubwira abantu iby’ubukungu butarondoreka n’ubutunzi butabora bwo mu ijuru. –Témoignages, vol. 3, p. 415-416 ; Testimonies vol. 9. p. 130.

Inshingano abigishwa bahawe ni yo natwe twahawe. Muri kino gihe nk’uko byari biri kera, Umukiza wabambwe kandi akazuka agomba kwererezwa imbere y’abari mu isi badafite Imana n’ibyiringiro. Nyagasani arahamagara abungeri, abigisha n’ababwirizabutumwa bwiza. Abagaragu be bagomba kubwiriza ubutumwa bw’agakiza inzu ku yindi. Inkuru nziza y’imbabazi zibonerwa muri Kristo igomba gushyirwa abantu bo mu mahanga yose, amoko, n’indimi zose. Ubwo butumwa ntibugomba kwamamazanywa ipfunwe n’amagambo atagira ubugingo, ahubwo mu magambo asobanutse, yemeza, kandi afite imbaraga. Abantu amagana barindiriye umuburo kugira kugira ngo barokore ubugingo bwabo. Isi ikeneye kubona mu bakristo intangamugabo y’imbaraga ya gikristo. Ubutumwa bw’imbabazi bukenewe ku isi yose, si mu birere bike gusa. –Ministère évangélique, p. 24-25 ; Gospel Workers, p. 29.

Ubwo Yesu yazamukaga mu ijuru, umurimo We hano ku isi yawushinze abari barakiriye umucyo w’ubutumwa bwiza. Bagombaga gukomeza uwo murimo kugeza ku musozo wawo. Nta bundi buryo yari yarateganiye bwo gukwirakwiza ukuri.

“Nimujye mu mahanga yose mubwirize abaremwe bose ubutumwa bwiza. Kandi dore ndi kumwe namwe iminsi yose kugera ku mperuka y’isi” (Matayo 28:19,20). Iyi nshingano ikomeye ni iyacu muri kino gihe. Imana irekera mu maboko y’itorero ryayo amahitamo yo kwemera cyangwa kwanga iyo nshingano. –Historical sketches, p. 288.

Twikorejwe inshingano yera. Twahawe itegeko : « Nimugende, muhindure amahanga yose abigishwa mubabatiza mu izina rya Data wa twese n’Umwana n’Umwuka wera, kandi mubigisha kwitondera ibyo nababwiye byose, dore ndi kumwe namwe kugera ku mpera y’isi. (Matayo 28:19, 20). Mwiyegeye umurimo wo kumenyekanisha ubutumwa bwiza bw’agakiza. Gutungana kw’ijuru kugomba kuba imbaraga yanyu. –Témoignages, vol. 3, p. 346 ; Testimonies, vol.9, p. 20-21

Bahamagawe bakuwe muri rubanda rusanze

Ba rubanda rusanze bagomba kuja mu myanya yabo nk’abakozi. Bagasangira imibabaro na bagenzi babo nk’uko Umucunguzi yasangiye imibabaro na mwene muntu, ku bwo kwizera bazamubona akorana na bo. –Ministère évangélique, p. 33-34 ; Gospel Workers, p. 38

Mu nzego zose z’imirimo, hafi na kure, abantu bazahamagarirwa gusiga imashini zihinga n’indi mihamagaro y’imirimo isanzwe y’ubucuruzi yigarurira cyane intekerezo, kandi bazamenyerezwa ku bwo guhuzwa n’abafite inararibonye. Igihe bazaba bamaze kumenya gukorana intsinzi, bazamamaza ukuri mu mbaraga. Binyuze mu mikorere itangaje cyane y’imigambi y’Imana, imisozi y’ingorane izaranduka ijugunywe mu nyanja. Ubutumwa bwambaye ubusobanuro buhanitse ku batuye isi buzumvikana kandi bubasobanukire. Abantu bazamenya ukuri icyo ari cyo. Umurimo uzatera imbere ubudatuza kugeza ubwo isi yose izaba imaze kuburirwa ; ubwo ni bwo imperuka izaherako ize. –Témoignages, vol. 3, p. 397 ; Testimonies, vol. 9, p. 96.

Imana ishobora kandi izakoresha abantu batigeze bagira ubumenyi bwimbitse bakomoye mu mashuri y’abantu. Gushidikanya ko imbaraga zayo zabikora, ni ukutizera kweruye; ni ugukumira imbaraga ishobora byose ya wa wundi utagira

ikimunanira. Mbega ukuntu abantu basanzeye buhoro imikorere nk'iyi n'ukuntu batayitayeho! Ibyo bituma imbaraga nyinshi z'itorero zidakoreshejwe; biziba inzira maze bikabuzwa Umwuka Wera gukoresha abantu; abari bafite ubushake n'ubwira bwo gukorera mu mirongo ya Kristo bibagundirira mu bunebwe; bica intege kandi bikabuzwa kwinjira mu murimo w'Imana benshi bari kuzahinduka abagaragu b'ingenzi bakorana n'Imana, iyo baza guhabwa ayo mahirwe meza. –Le Ministère évangélique, p. 476; Gospel workers, p. 488-489.

(Mu mwimerere 6T 423, ??????????????????????) Izuba ryo gukiranuka ryarasiye ku Itorero, kandi inshingano yaryo ni ukurabagirana. Ni amahirwe ya buri mutima gutera imbere. Abafitanye isano na Kristo, bazakurira mu buntu no kumenya neza Umwana w'Imana, kugeza ubwo bazagera ku rugero rushyitse rw'igihagararo cy'abagabo n'abagore. Uwagira ngo abavugaga ko bizera ukuri bose babe barakoresheje ubushobozi bwabo bwose n'amahirwe yabo yo kwiga no gukora, baba barahindutse abanyembaraga muri Kristo. Uko imirimo baba bakora yose yaba iri, -baba ari abahinzi, abakanishi, abigisha, cyangwa abungeri, uwagira ngo babe bari bariyeguriye Nyagasani byuzuye, baba barabaye abagaragu b'ingirakamaro mu murimo wa Shebuka. –Témoignages, vol. 3, p. 63, 64; Testimonies, vol. 6.423”

Abo mu itorero bafite italanto z'ingenzi zakora mu mihamagaro iyo ari yo yose itandukanye yo mu buzima, nko kwigisha, ubwubatsi, ubukorikori, ubuhinzi, muri rusange bagombaga gutorezwa kuzamura itorero, haba mu bagize inama, cyangwa nk'abigisha mu ishuri ryo ku isabato, cyangwa mu ibwirizabutumwa, cyangwa mu yindi myanya itandukanye y'itorero. –Review and Herald, 15 février 1887.

Ubwo Kristo yashakaga abazacumbura umurimo we, ntiyahisemo ubumenyi cyangwa ubutyoza by'abagize Urukiko Rukuru rw'Abayuda, cyangwa ubushobozi bwa Roma. Yateye umugongo abo Bigisha b'Abayuda bari biyumvagamwo gukiranuka kwabo bwite, uwo Mukozi w'umuhanga yatoranije abaciye bugufi kandi batigishijwe, kugira ngo bamamaze ukuri kw'iteka ryose kwagombaga kunyeganyeza isi. Yagambiriye gutoza no kwigisha aba bagabo ngo babe abayobozi b'itorero rye. Na bo ku rwabo ruhande bagombaga kwigisha abandi kandi bakabatuma

kubwiriza ubutumwa bwiza. Kugira ngo babone intsinzi mu murimo wabo, bagombaga guhabwa imbaraga y'Umwuka Wera. Ubutumwa bwiza ntibwagombaga kubwirizwa mu bushobozi n'ubwenge bwa kimuntu, ahubwo ni ku bw'imbaraga y'Imana. –Conquérants pacifiques, p. 19 ; The Acts of the Apostles, p. 17.

Mu bo Umucunguzi yari yarahaye ubutumwa, ngo « Mugende muhindure amahanga yose abigishwa », benshi muri bo bakomokaga muri rubanda rugufi, -abagabo n'abagore bari barigishijwe gukunda Umwami wabo, kandi bari bariyemeje gukurikiza icyitegererezo cye cy'umurimo utarangwamo kwikunda. Kuri aba bagaragu boroheje, kimwe no kuri ba bigishwa bari barabanye n'Umukiza mu gihe yakoreraga umurimo we ku isi, hari inshingano y'agaciro bari bari bararagijwe. Bagombaga kujyana ku isi inkuru nziza cyane y'agakiza kabonerwa muri Kristo. –Conquérants pacifiques, p. 93 ; The Acts of the Apostles, p. 105, 106.

Imibereho inesha

Ntitugomba guhamya Imana dukoresheje gusa kubwiriza ukuri no gukwirakwiza inyandiko. Twibuke ko imibereho yigana iya Kristo ari bwo buhamya bushobora kuba nyambere mu kurengera ubukristo, kandi ko imico y'umukristo w'imburamumaro iteza akaga mu isi kuruta iy'utizera. –Témoignages, vol. 3, p. 346 ; Testimonies, vol. 9, p. 21.

Ibitabo byanditswe byose ntibishobora gusimbura imibereho yera. Abantu ntibazemezwa n'ibyo umugabura abwiriza, ahubwo bazizezwa n'imibereho y'abagize itorero. Inshuro nyinshi hari aho ibibwiriza byabwirijwe ku ruhimbi bijya biburizwamo n'ibibwirizwa n'imibereho y'abiyita ko barengera ukuri. –Témoignages, vol. 3, p. 346 ; Testimonies, vol. 9, 21.

Imibereho ya Kristo yahoraga ari icyitegererezo kireshya cyagendaga cyaguka nk'umuvumba w'inyanja itagira urubibi, kandi cyamuhuzaga n'Imana n'umuryango wose wa mwene muntu. Binyuze kuri Kristo, Imana yambitse mwene muntu ubushobozi bumushyira mu ngobati yo kudashobora kuba nyamwigendaho. Buri muntu ku giti cye duhujwe na bagenzi bacu ; tugize umugabane w'ibyaremwe n'Imana kandi turi muni y'itegeko

ridusaba gukorerana. Nta muntu ushobora kubaho ari nyamwigendaho ku bandi, kuko kugubwa neza kwa bamwe kugira icyo kumarira abandi. Ni umugambi w’Imana ko buri wese yiyumvamo akamaro k’ibyiza by’abandi kandi akihatira kongera umunezero wabo. –Paraboles de Jésus, p. 346, 347 ; Christ Object Lessons, p. 339.

Iyobokamana rya Bibiliya si iryo gukingiranirwa mu bifuniko by’igitabo cyangwa mu nkuta z’urusengero. Ntirigomba kwamamazwa rimwe na rimwe ku bw’inyungu zacu, ngo nyuma turyitaze. Rigomba kweza imibereho ya buri muni, rikigaragariza mu mirimo yose no mu mibanire yacu yose n’abandi. –L’Espoir de l’humanité, p. 320 ; The Desire of Ages, p. 306, 307.

Ni umugambi w’Imana ko yiheshereza icyubahiro mu bayo imbere y’ab’isi. Yiteze ko abitirirwa izina rya Kristo bayigaragariza mu ntekerezo, mu magambo no mu bikorwa. Intekerezo zabo zigomba kuba ziboneye n’amagambo yabo atunganye kandi yubaka, bikazana ababakikije bikabegereza Umukiza. Ni ngombwa ko idini rya Kristo rigaragarira mu byo bakora n’ibyo bavuga byose. Mu mirimo yabo yose y’ubucuruzi, hagomba gusohokamo impumuro y’uko Imana ihari. –Témoignages, vol. 3, p. 346, 347 ; Testimonies, vol. 9, p. 21.

Reka umunyamurimo wese akore umurimo we mu buryo buhesha Shebuja icyubahiro binyuriye mu gukiranuka kwe. Reka acengeze iyobokamana rye mu byo akora byose kandi ahishurire abantu Umwuka wa Kristo. Reka umukanishi abe umunyamwete kandi abe umuhagarikizi wiringirwa wa wa Wundi warushywaga n’imyuga iciriritse yo mu buzima mu midugudu y’i Yuda. Reka umuntu wese wiyitirira izina rya Kristo akore atyo ku buryo uzitegereza imirimo ye myiza byamutera guhimbaza Umuremyi n’Umucunguzi we. –Bible Echo, 10 juin 1901.

Abagore nk’ababwirizabutumwa

Abagore kimwe n’abagabo bashobora kwinjira mu murimo wo gucengeza ukuri aho gushobora kugira intsinzi kandi kukigaragaza. Bashobora gufata umwanya wabo mu murimo muri iki gihe cy’akaga, kandi Nyagasani azabakoreramo. Niba baracengewemo no kwiyumvamo inshingano yabo, kandi

bagakorera munsu y'imbaraga y'Umwuka w'Imana, bazagira kwitegeka gukenewe muri iki gihe. Umukiza azamurikishiriza kuri aba bagore bitanzeho igitambo umucyo wo mu maso he, kandi ibi bizabaha imbaraga izarenga iy'abagabo. Bashobora gukorera mu miryango umurimo abagabo batabasha gukora, umurimo ugera mu buzima bw'imbere. Bashobora kwegera imitima abagabo batashobora gushyikira. Umurimo wabo urakenewe. Abagore bagira ibanga kandi bicisha bugufi bashobora gukora umurimo mwiza basobanurira abantu ukuri mu ngo zabo. Ijambo ry'Imana risobanuwe rityo rizakora nk'igitubura, kandi binyuriye mu mbaraga yaryo ireshya imiryango izahinduka. –Témoignages, vol. 3, p. 413, 414 ; Testimonies, vol. 9, 128, 129.

Abakorera Imana bese bagomba kugira icyarimwe imico ya Marita n'iya Mariya, –ubushake bwo gukorera abandi no gukunda ukuri byimbitse. Inariye no kwikunda bigomba gutabwa kure. Imana irahamagara abagore b'abakozi b'abanyamwete, abakozi b'abanyamakenga, bagurumana mu mitima, b'abanyempuhwe kandi bakiranuka ku mahame. irahamagara abagore bashinyiriza, bazakura intekerezo zabo ku ku nariye no ku kwiyitaho, kandi bazizirika kuri Kristo, bavuga amagambo y'ukuri, basengana n'abantu bese bashobora kugeraho kandi bakorera guhindura imitima. –Témoignages, vol. 2, p. 472 ; Testimonies, vol. 6, p. 118.

Bashiki bacu bashobora gukora umurimo ufite umusaruro bagira ifatabuguzi ku nyandiko zacu za buri gihembwe, muri ubu buryo bakageza umucyo ku bantu benshi. –Review and Herald, 10 Juin (June) 1880.

Hariho abagore b'imfura bafite ishyaka riva mu bwenge ryo kurengera ukuri uko uburemere bwaba bungana kose. Bemeye ukuri babikuye ku mutima. Bakorana uburyo bunoze, kwiyumvisha, no gutunganya kandi bazabera Shebuja abakozi b'ingirakamaro. Hakenewe abagore b'abakristo. –Review and Herald, 19 décembre 1878.

Bashiki bacu bashobora kuba abakozi b'abanyamwete bandika, kandi begeranya ibitekerezo by'ukuri biva ku nshuti zakiriye impapuro n'ibinyamakuru byacu... Hakenewe abagore bashikamye ku mahame kandi b'abanyangeso nziza, abagore bizera ko koko turi mu minsi iheruka, kandi ko dufite ubutumwa buheruka bw'umuburo ukomeye ugomba kubwirwa isi... Abantu

nk'aba ni bo Imana ishobora gukoresha mu murimo w'ibwirizabutumwa n'ibinyamakuru... Bashobora gukorera Imana umurimo w'agaciro mu buryo bunyuranye binyuze mu gukwirakwiza bakiranutse ubutumwa bwanditse ku mpapuro n'utunyamakuru tw'*ibimenyetso by'ibihe*. –Review and Herald, 19 décembre 1878.

Sinsabye ko umugore yashaka guhinduka ūtora cyangwa umuyobozi wo mu biro (Office holder); ahubwo ibiri amambu yagera kuri byinshi akora umurimo w'ibwirizabutumwa, yigisha ukuri binyuriye mu kwandikirana inzandiko, akwirakwiza ibinyamakuru kandi asaba ifatabuguzi ku binyamakuru birimo ukuri gukomeye kw'iki gihe. –Review and Herald 19 décembre 1878.

Uwagira ngo ahari umugore umwe ubu, habe hari makumyabiri, bakundwakaza uyu murimo wera, twabona abantu benshi bahindukirira ukuri. –Review and Herald 2 janvier 1879.

Ubu hakenewe abagore bashoboye gukora, batari imbata z'ubwirasi, b'abagwaneza kandi boroheje mu mutima, bazakorana ubugwaneza bwa Kristo aho ari ho hose bashoboye kubona umurimo wo gukorera gukiza imitima,. –Review and Herald 2 janvier 1879.

Iyaba barabishatse, bashiki bacu amagana baba bari ku murimo muri iki gihe. Bakagombye bo n'abana babo kwiya mbika byoroheje, imyambaro ibabereye kandi ikomeye, itarangwaho imitako, kandi igihe bamariraga mu kwiyerekana kw'imburamumaro bakagikoresha mu murimo w'ibwirizabutumwa. Bashobora kwandikira inzandiko inshuti ziri kure. Bashobora kandi guteranira hamwe bakajya inama y'uburyo bwiza bwo gukora. Hashobora kuzigamwa amafaranga yo gutura Imana, yo gukoresha ngo bigurire ibinyamakuru n'impapuro zanditsweho ubutumwa byo koherereza inshuti zabo. Abakomeje kutagira icyo bakora muri iki gihe bakagombye kujya gukora. Reka buri mushiki wacu wese uvuga ko ari umwana w'Imana yiyumvemo by'ukuri inshingano yo gufasha abo ashobora kugeraho bose. –Review and Herald 12 décembre 1878.

Bashiki bacu kenshi bakunze guhora babangukiye gutanga inzitwazo bashaka guhunga inshingano zibasaba gutekereza no kwibazwaho cyane; nyamara iyi ni yo ngando bakeneye ngo

batunganye inararibonye ya gikristo. Bashobora kuba abakozi mu murimo w'ibwirizabutumwa, bita by'umwihariko ku murimo wo gukwirakwiza impapuro n'ibinyamakuru bigaragaza neza kwizera kwacu. –Review and Herald, 12 décembre 1878.

Barumuna banjye, ntimugacogore kuba maso mu murimo w'ibwirizabutumwa. Uyu ni wo murimo mushobora kwinjiramo mwese mukagera ku ntsinzi, muramutse mugundiriye isano mufitanye n'Imana. Mbere yo kwandika musaba cyangwa mutanga amakuru, buri gihe mujye mwerekeza imitima yanyu ku Mana mu masengesho, kugira ngo mushobore gutarurukanya amashami y'ingurukira ashobora guterwa ku muzabibu w'ukuri maze akeramubabwiriza zihesha Imana icyubahiro. Abagira uruhare bose kuri uyu murimo bicishije bugufi, ntibazahwema kwihugura ubwabo nk'abakozi mu ruzabibu rwa Nyagasani. –Review and Herald, 10 Juin 1880.

Chap 2. Guhamagarwa k'urubyiruko

Inshingano mvajuru

Nyagasani yatoranije abasore ngo bamubera abafasha. - Témoignages, vol. 3, p. 119 ; Testimonies, vol. 7, p. 64.

Mbega ukuntu urubyiruko rwacu, iyo rutozwa neza, rwari kuzavamo ingabo z'abakozi bashoboye kujyanana umwete ku isi ubutumwa bw'Umucunguzi wabambwe, akazuka, kandi akaba agiye kugaruka vuba! -Education (Français), p. 279 ; Education (English), p. 271.

Ubu dufite ingabo z'abasore bashobora gukora byinshi, iyaba barayobowe neza kandi bagaterwa akanyabugabo. Dushaka ko abana bacu bizera ukuri. Dushaka ko Imana ibaha umugisha. Dushaka ko bagira uruhare mu igenamigambi ritunganye bafasha urundi rubyiruko. Reka bese batowe batyo kugira ngo bahagararire ukuri neza, batanga impamvu z'ibyiringiro bafite, kandi bahesha Imana icyubahiro mu ishami iryo ari ryo ryose ry'umurimo bashoboye gukorera. -General Conference Bulletin, vol. 5, n°2, p. 24 (29 et 30 janvier 1893).

Urubyiruko mu murimo w'itorero

Amatorero yacu akeneye italanto z'abasore ziyobowe kandi zitojwe neza. Hari icyo urubyiruko ruzakora mu mbaraga zarwo za gisore. Niba ubwo butaraga butayobowe mu byiza, urubyiruko ruzabukoresha mu buryo bugwa nabi iby'umwuka byabo, kandi byangirize abo babana. -Ministère évangélique, p. 206 ; Gospel Workers, p. 211.

Inshingano dufite ku basore ntiba irangiye igihe bamaze kwiye gurira Imana. Bagomba gukundishwa umurimo w'Imana kandi bakumvishwa ko Imana ibakesha kugira icyo bakorera guteza umurimo wayo imbere. Ntibihagije kwereka abasore ubugari bw'inshingano no kubasunikira gukora. Bagomba kwigishwa uko bakorera Shebuja. Bagomba gutozwa, kunogerezwa no gutunganywa, mu buryo bwiza bwatuma bagarurira Kristo imitima. Mubigishe uko bakwihatira gufasha urubyiruko bagenzi babo mu buryo butuje kandi butarimo

kwishuka. Nihategurwe muri gahunda nziza amashami anyuranye y'ibwirizabutumwa, ayo bashobora kugiramo uruhare, kandi mureke bahabwe inyigisho n'ubufasha. Nguko uko baziga gukorera Imana. –Ministère évangélique, p. 205 ; Gospel Workers, p. 210.

Uhereye bakivuka

Mureke ubugwaneza n'urugwiro by'umugabura bigaragarire mu byo agirira abana. Igihe cyose mu bwenge bwabo hagomba guharamo ko ari bo bagabo n'abagore b'ejo, kandi ko ari urubyiruko rugize umuryango w'Imana. Aba bashobora kuba bugufi bwa Shebuja kandi bakaba ab'agaciro kuri We, kandi, baramutse bigishijwe bakanatozwa neza, bazamukorera, ndetse no mu mabyiruka yabo. –Témoignages, vol. 1, p. 609 ; Testimonies, vol. 4, p. 397, 398.

Urubyiruko ntirugomba kwibagirana ; nirugabane imirimo n'inshingano. Nibiyumvishe ko bafite uruhare mu gukorera gufasha no guhesha umugisha abandi. N'abana bato bagomba kwigishwa gukorera uturimo duto tw'urukundo n'imbabazi abo barusha amahirwe. –Témoignages, vol. 3, p. 76 ; Testimonies, vol. 6, p. 435.

Ababyeyi bagomba kwigisha abana babo agaciro k'igihe no kugikoresha neza. Mubigishe ko icyo bagomba kurwanirira ari ukugira icyo bakora kizahesha Imana icyubahiro kandi kigahesha umugisha mwene muntu. Ndetse uhereye no mu buto bwabo, bashobora kuba ababwirizabutumwa b'Imana. –Les Parables, p. 353, 354 ; Christ's Object Lessons, p. 345.

Ahazaza h'urubyiruko

Abahungu benshi b'iki gihe, bakura nk'uko byagendekeye Danieli mu muryango wabo wa Kiyuda, biga Ijambo n'imirimo y'Imana, kandi biga ibyigisho by'umurimo ukoranwe gukiranuka, na bo bazahagarara imbere y'Inteko Zishinga amategeko, mu nkiko no mu ngo za cyami kugira ngo bahabere abahamya b'Umwami w'abami. –Education (Français), p. 269 ; Education (English), p. 262.

Timoteyo yahamagawe akiri muto cyane

Paulo yabonye ko Timoteyo ari umwizerwa, ko ashikamye kandi akaba umunyakuri, maze aherako aramutoranya, kugira ngo ajye afatanya na we mu murimo no mu ngendo. Abari barigishije Timoteyo mu buto bwe banejejwe no kubona umwana bareze afatanijwe n'intumwa ikomeye. Timoteyo yari akiri muto cyane igihe yahamagarwaga n'Imana kugira ngo abe umwigisha; nyamara amahame yagenderagaho yari yarakomejwe n'uburere yahawe akiri muto ku buryo yari akwiriye kuba umufasha wa Paulo. Kandi n'ubwo yari muto, yakoze inshingano ze afite kwiyoroshya kwa gikristo. –Conquérants pacifiques, p. 181 ; The Acts of the Apostles, p. 203, 204.

Guteganya abo kuzuza imirongo

Abo muri twe bikoreye inshingano bari kumanuka berekeza mu bituro. Benshi mu babaye aba mbere mu gukora iby'ubugorozi twashyizeho nk'ubwoko bwihariye, kuri ubu barasatira iza bukuru, ku buryo bari gucogora mu mbaraga z'umubiri n'iz'ubwenge. Hari ikibazo gishobora kwibazanywa amatsiko “Ni ban de bazasubira mu myanya yabo? Ni bande bazashingwa inyungu zibeshaho z'itorero mu igihe abazikoreye muri iki gihe baguye ku rugamba? Nta kindi twakora uretse guhindukiza amaso yacu dufite amatsiko tukayerekeza ku rubyiruko rw'iki gihe nk'abagomba kwikorera iyi mitwari no kuzuza izi nshingano. Ni bo bagomba gucumburira umurimo aho abandi bawusigiye kandi imyifatire yabo ni yo izemeza ko ubwenge, iyobokamana no kwera bizatsinda, cyangwa se guta agaciro n'ubuhemu bizonona kandi byangirize ikintu cyose cyari gifite agaciro. –Ministère évangélique, p. 64 ; Gospel Workers, p. 68.

Abatangiye umurimo mu miruhu no kwitamba

Tugomba kugaragaza icyizere dufitiye abasore bacu. Bagombaga kugaragaza ko bahatanira kuba ab'imbere mu mushinga wose usaba umuhati no kwitamba mu gihe abagaragu

ba Kristo baremerewe bashoboraga guhabwa agaciro nk'abajyanama, kugira ngo batere akanyabugabo kandi baheshe imigisha abatsikamiwe n'imitwaro iremereye mu murimo wa Nyagasani. –Counsels to teachers, p. 516-517.

Hakenewe abasore b'abahungu. Imana iri kubahamagarira kuja mu mirima y'ibwirizabutumwa. Bitewe n'uko nta mitwaro y'amaganya n'inshingano bikoreye, bari mu myanya itabagoye yo kuja mu murimo kuruta abashinzwe imiryango minini. icyiyongereyeho, abasore bashobora kumenyera vuba cyane ibirere bishya hamwe n'imibereho mishya, kandi biraboroheye kwihanganira ingorane n'ibirushya. Bakoresheje imikorere myiza no gushinyiriza, bashobora gushyikira abantu aho baba bari hose. -Counsels to teachers, p. 517.

Benshi mu basore baboneye iwabo uburere bwiza bagomba gutorezwa gukora bagaterwa akanyabugabo ngo bazamure ibendera ry'ukuri mu birere bishya, babikoresheje umurimo mwiza usobanutse kandi ukoranywe ubwiringirwa. Mu gufatanya n'abagabura n'abakozi bacu bafite inararibonye mu murimo wo mu mijyi, bazagira iterambere ryiza. Nibakorera munsu y'ubuyobozi bw'ijuru kandi bagashyigikirwa n'amasengesho ya bagenzi babo b'inararibonye mu murimo, babasha gusohoza umurimo mwiza kandi uhiriwe. Uko bazajya bahuza imihati yabo n'iy'abakozi basheshe akanguhe, bagakoresha imbaraga zabo zikiri ntoto, bazishimira gufatanya n'abamalayika bo mu ijuru ; nk'abakozi bakorana n'Imana, ni amahirwe yabo kuririmba, gusenga, kwizera no gukorana akanyabugabo n'umudendeko. Ubwishingizi no kwizera ko ab'ijuru babari bugufi bizabatera, bo na bagenzi babo bafatanije umurimo, gusenga, guhimbaza no kwiyoroshya kuzira inenge. –Testimonies, vol 9, p. 119.

Amashami y'umurimo

Hari amashami menshi aho abasore bashobora kubona umwanya wo kuba ingirakamaro. Abasore benshi bagombaga guteranyirizwa hamwe maze bagahugurwa byimazeyo kugira ngo bakore nk'abaforomo, ababwirizabutumwa bwiza, n'abasomyi ba Bibiliya, nk'abahagarariye ibwirizabutumwa, abagabura, n'ababwirizabutumwa bavura. –Counsels to teachers, p. 546.

Tugomba kwigisha abasore gufasha abandi basore ; kandi igihe bazaba basohozu uyu murimo, bazaboneramo inararibonye izabahindura abakozi bitanze mu rwego rwagutse. –Témoignages, vol. 2, p. 468 ; Testimonies vol. 6, p. 115.

Abasore b’abahungu hamwe n’inkumi bagombaga kwigishwa uko baba abakozi mu baturanyi babo no mu tundi turere. Reka bese bakangurire imitima n’itekerezo zabo gusobanukirwa bihagije umurimo urebana n’iki gihe, biyungura ubushobozi buzabatera gukora ibiri mu bushobozi bwabo. –Testimonies, vol.9, p. 118-119.

Ibanga ry’intsinzi

Basore, mukomeze kumenya Uwiteka, kugira ngo mumumenye muzasobanukirwa ko “kuza kwe kwiteguwe nko gutambika k’umuseke”. Muhore mushaka uko mwakwiboneza. Mwihatire kugundira isano mufitanye n’Umucunguzi. Mubeshweho no kwizera Kristo. Mukore umurimo yakozze. Mubereho gukiza imitima yatangiye ubugingo bwe. Mugerageze mu buryo bwose gufasha abo muhuye na bo... **Muganire na Mukuru wanyu, We uzuzuza uburezi bwanyu, umurongo ku murongo, itegeko ku itegeko, aha bikeya, hariya bikeya. Kwegerana cyane na wa Wundi witanzeho igitambo ngo akize isi irimbuka bizabahindura abakozi bakwiriye.** –Testimonies, vol. 6, p. 416.

Mwifatanyirize hamwe kugira ngo mukore

Basore namwe nkumi, mbese ntimushobora kurema amatsinda maze, nk’abasirikare ba Kristo, mukiyandikisha mu murimo, maze gukora neza, n’italanto zanyu, no gutunganya kwanyu mukabyinjiza mu murimo wa Shobuja, kugira ngo mukize imitima kurimbuka? Reka muri buri torero habemo amatsinda yo gukora uyu murimo... Mbese abasore n’inkumi bakunda Yesu by’ukuri ntibashaka kwihuriza hamwe nk’abakozi, mu murimo badakorera abaruhuka Isabato gusa, ahubwo bakorera n’abo tudasangiye kwizera? -Signs of Times, 29 mai 1893.

Reka abasore b’abahungu n’inkumi hamwe n’abana bajye

gukora mu izina rya Yesu. Nibiyunge kandi bakore hakurikijwe igenamigambi na gahunda zo gukora. Mbese ntimushobora kurema itsinda ry'abakozi, kandi mukagira n'ibihe byagenwe byo gusengera hamwe maze mugasaba Nyagasani ngo abahe ubuntu bwe, kugira ngo mukore umurimo muhurijeho? –Youth's Instructor, 9 Août 1894.

Chap 3. Imiterere y'ab'ubwoko bw'Imana

Kubura k'Umwuka w'ibwirizabutumwa

Umwuka w'ibwirizabutumwa warakendereye mu Badivantisiti baruhuka Isabato. Iyaba abagabura n'abizera bari bakangutse bihagije, ntibari kuba ba simbirimo batyo, aho Imana yarabahaye icyubahiro cyo kubagira ababitsi b'amategako yayo, iyaharatuye mu ntekerezo zabo, kandi iyanditse mu mitima yabo. –Testimonies, vol. 3, p. 202.

Umwuka nyakuri w'ibwirizabutumwa warabuze mu matorero agikomeje kwiyozeza arata kwizera kwayo; imitima ntikigurumanamo urukundo rw'imitima, nta n'icyifuzo cyo kuyiyobora mu rwuri rwa Kristo. Dushaka abakozi b'abanyamwete. Mbese nta muntu n'umwe uhari wakwitaba ijwi ritabariza hose ngo « Nimuze mudutabare » ? –Testimonies, vol. 4, p. 156.

Neretswe ko nk'ubwoko bw'Imana dufite ibyo tubura. Imirimo yacu ntihamanyana no kwizera kwacu. Ibyo twizera bihamya ko dufite inshingano yo kwamamaza ubutumwa bw'ingenzi kandi butangaje butigeze buhabwa abantu bapfa. Nyamara, n'ubwo bimeze bityo, umuhati wacu, ishyamba ryacu, umwuka wo kwitamba, binyuranye by'ihabya n'imiterere y'umurimo. Tugomba gukanguka tukava mu bapfuye, maze Kristo akazaduha ubugingo. –Testimonies, vol. 2, p. 114.

Umutima wanjye uraremererwa iyo ntekereje ukuntu amatorero yacu ari kure yo kwiyumvisha ibyo azabazwa n'Imana. Ababwiriza si bo basirikare bonyine, ahubwo ni buri mugabo n'umugore wese wiyandikishije mu ngabo za Kristo; none se baba bashakira ibihembo by'abasirikare, aho Kristo yarabahaye icyitegererezo cy'imibereho yo kwiyanga no kwitambaho igitambo? Mbese amatorero yacu muri rusange yaba yaragaragaje umwuka wo kwigomwa ku rugero rungana iki? Ashobora kuba yaratanze impano z'amafaranga, ariko ntiyitanze yo ubwayo. –General Conference Bulletin, 1893, p. 131.

Benshi mu bavuga ko bakurikiye Kristo, ntibiyumvamo uburemere bw'imitima kuruta ab'isi. Irari ry'amaso no kwibona ku by'ubu bugingo, gukunda kwigaragaza, gushakashaka ibinezeza, bitandukanya abavuga ko ari abakristo n'Imana, kandi, ingaruka

y'ibyo, ni uko umwuka w'ibwirizabutumwa usigariye kuri bake gusa. Hakorwa iki ngo aba banyabyaha b'i Siyoni bahumurwe kandi indyarya zibarimo zihindishwe umushyitsi? –General Conference Bulletin, 1893, p. 132.

Hariho icyiciro cy'abantu kigereranywa na Meroze (Abacamanza 5:23). Umwuka w'ibwirizabutumwa ntiwigeze wigarurira imitima yabo. Amahamagara y'umurimo w'amahanga ntiyabakanguriye gukora. Abatagira icyo bakora mu murimo w'Imana ngo bagarurire Kristo imitima bazasubiza Imana iki? Buri wese muri abo azabwirwa ngo "Wa nkozi y'ibibi we, wa mugaragu w'umunyabute we". –Historical sketches, p. 290.

Nk'icyitegererezo cyo kunanirwa kugira uruhare kwanyu mu murimo w'Imana, nk'uko byari amahirwe yanyu, intekerezo zanyije zagarutse kuri aya magambo ngo "Nimuvume Merozi, ni ko Marayika w'Uwiteka yavuze; muvume abaturage baho cyane ; kuko batatabaye Uwiteka. Ntibatabaranye n'Uwiteka kurwanya abakomeye." –Testimonies, vol. 2, p. 247.

Icyiciro cy'abanyuzwe n'uko bari

Imbere yanyje nahabonye icyiciro cy'abantu biyumvisha ko bafite ibishyika byo kugira ubuntu, amarangamutima yo kwiyegegurira Imana n'urukundo rwo gukora ibyiza; nyamara ubwo kandi ntibagire icyo bakora. Banyuzwe n'uko bari, bishyeshyenga ko iyo baza kugira uburyo, cyangwa iyo biza kuba byarabagendekeye neza, bashoboraga gukora umurimo ukomeye kandi mwiza; nyamara baracyarindiriye amahirwe. Basuzugura imyumvire migufi y'umutindi w'umugūgu, uha abakene intica ntikize. Bakabona ko yizirikana ubwe, ko atazigera asohoka mu nariye ye ngo akorere abandi ibyiza, kugira ngo abungurisha italanto binyuze mu cyitegererezo kireshya cyangwa ubutunzi yaragijwe ngo abukoreshe, atari ukubukoresha nabi cyangwa kubureka ngo bugwe ingese cyangwa se kubuhamba. Abirundurira muri ibyo byonona byabo no mu kwikubiraho kwabo bazabazwa ibyo bikorwa by'ubugūgu byabo, kandi bazaryozwa italanto bakoresheje nabi. Ariko abazaryozwa byinshi, ni abafite ibishyika byo kugira ubuntu, kandi muri kamere yabo bakaba babangukira gushishoza iby'umwuka, iyo bakomeje kuba

imburamukoro, bategereje igihe cyiza bo bibwira ko kitaraza, nyamara banyuranya n'ubushake bwabo bakorera ku cyifuzo cy'ubugūgu, kandi bakibwira ko ibyabo ari ibyo kwihanganirwa kuruta ibya bagenzi babo b'abanyamutima muke. Bene abo baba bishuka bo ubwabo. Kuba bafite ibyiza ariko batabyaza umusaruro icyo bibamariye gusa ni ukongera iteka bazacirwaho ; nibaramuka hari zimwe mu italanto bahawe na Shebuja badakoresheje, cyangwa bakazihunika, ibyabo ntibiruta na gato ibya bagenzi babo basuzugura. Bazabwirwa ngo "Mwamenye ibyo Shobuja yashakaga, ariko ntimwabikoze." –Testimonies, vol. 2, p. 250, 251.

Ibitotsi byica biva kuri Satani

Ubwoko bw'Imana bugomba kwita ku muburo kandi bugashishoza ibimenyetso by'ibihe. Ibimenyetso byo kugaruka kwa Kristo biragaragara neza ku buryo nta wabishidikanyaho; kandi mu kubyitegereza, buri wese uvuga ko yizera ukuri agomba kuba umubwiriza muzima. Imana irahamagarira bese gukanguka, yaba ababwiriza n'abizera. Ijuru ryose rirarekereje. Bidatinze amateka y'isi agiye gushyirwaho iherezo. Turi kwambukiranya akaga ko mu minsi ya nyuma. Ariko akaga karushijeho gukomera kari imbere yacu, nyamara ntidukangutse. Uku kubura umubyizi n'ishyaka mu murimo w'Imana biteye ubwoba. Ibi bitotsi by'urupfu biva kuri Satani. –Témoignages, vol. 1, p. 98; Testimonies, vol. 1, p. 260, 261.

Kutizera kumeze nk'umwenda utwikiriye intumbi kubundikiye amatorero yacu, bitewe n'uko badakoresha italanto Imana yabahaye ngo bageze umucyo ku batazi ukuri kw'agaciro. Nyagasani arahamagara abantu bamaze kubabarirwa, bishimira mu mucyo, ngo na bo bamenyeshe abandi uko kuri. –General Conference Bulletin, 1893, p. 133.

Ubu Satani ashaka kugūndirira ubwoko bw'Imana mu kudakora, akababuza gukora uruhare rwabo mu gukwirakwiza ukuri, kugira ngo nibapimwa bazasangwe badashyitse. –Témoignages, vol. 1, p. 98 ; Testimonies, vol. 1, p. 260.

Abantu bari mu kaga. Imbaga y'abantu irarimbuka. Ariko mbega ukuntu abavuga ko ari abayobohe ba Kristo bafite

uburemere bw'iyi mitima ari bake cyane ! Umurage w'isi uri ku munzan; nyamara ibi bisa n'ibidakabakaba abavuga ko bizera ukuri guteye ubwoba kutigeze guhabwa abantu bapfa. Urukundo rugurumana rwatumye Yesu ava mu ijuru, akambara akamero k'umuntu kugira ngo ubumuntu bwe bufate mwene muntu, kandi burehereze ubumuntu ku Bumana, rurabuze mu buryo bw'interagahinda. Hari ibitotsi, hari ikinya ku bwoko bw'Imana, bibabubuza gusobanukirwa neza inshingano y'isaha tugezemo. –Paraboles, p. 310 ; Christ's Object Lessons, p. 303.

Satani yifashisha kuba simbirimo n'ubunenganenzi by'abavuga ko ari abakristo kugira ngo akomeze ingabo ze kandi yigarurire imitima. Abenshi baja batekereza ko n'ubwo ntacyo bari gukorera Kristo, nyamara bakiri ku ruhande rwe, batiza umwanzi amaboko yo kwigarurira urubuga no kwegukana intsinzi. Ku bwo kunanirwa kuba abakozi b'abanyamwete ba Shebuja, ku bwo kugira inshingano basiga zidakozwe n'amagambo bikenga kuvuga, bahesheje Satani uburyo bwo kwigarurira imitima yagombaga gukirizwa Kristo. –Les Paraboles, p. 283 ; Christ's Object Lessons, p. 280.

Igihe niga lbyanditswe, mpangayikishwa na Isirayeli y'Imana muri iyi minsi iheruka. Abayikomokamo barahwiturirwa guhunga ibigirwamana. Ndatinye ko basinziriye kandi ko bahindutse nk'ab'isi ku buryo byagorana gutandukanya ukorera Imana n'utayikorera. Intera iri hagati Kristo n'ubwoko bwe iri kugenda yiyongera, mu gihe itandukanya ubwo bwoko n'isi iri kugenda igabanuka. Ibimenyetso bitandukanya abavuga ko ari ubwoko bwa Kristo n'isi biri hafi kuzimangana. Nk'uko byagendekeye Isirayeli ya kera, barakururwa n'ibizira by'amahanga abakikije. –Testimonies, vol. 1, p. 277.

Amaso y'iby'umwuka yamaze guhuma

Mu isi si ho honyine tubona ingaruka z'uko Itorero ryirengagije gukorera mu mirongo y'ingabo za Kristo. Uku kwirengagiza kwatumye inyungu zera z'agahebuzo z'umurimo w'Imana zikurwa mu Itorero. Umwuka w'amazimwe n'uwo gusharira wacengeye mu Itorero, kandi ubushishozi bw'iby'Umwuka bw'umubare munini bwamaze kwijima. Bitewe

n'ibyo umurimo wa Kristo warahazahariye. –Testimonies, vol. 6, p. 297.

Ngira agahinda iyo ntekereje ku myitwarire yacu nk'ubwoko bw'Imana. Nyagasani ntiyatwugaririye ijuru, ahubwo gukiranirwa kwacu guhoraho ni ko kwadutandukanije n'Imana. Ubwibone, kwifuza, gukunda isi byashoye imizi mu mitima y'abatakirangwamo ubwoba bwo guhabwa akato cyangwa gucirwaho iteka. Ibyaha bikomeye kandi byo kwigerezaho byamaze kuduturamo. Nyamara igitekerezo cyirātwa kuruta ibindi ni uko Itorero risagambye kandi ko amahoro n'iterambere ry'iby'Umwuka ari byo bigwiriye mu ngabano zaryo zose. Itorero ryamaze gutera umugongo Umukuru waryo ari we Kristo; risubiye mu Egiputa ribiyemeje. Nyamara kandi ni bake bahangayikishijwe cyangwa batangajwe no kuba babuze imbaraga y'iby'umwuka. Gushidikanya no kutizera ibihamya by'Umwuka w'Imana byabaye gikwira mu matorero yacu yose. Ibyo bikaba bihwanye neza neza n'ubushake bwa Satani. –Testimonies, vol. 5, p. 217.

Intege nke mu by'Umwuka

Umucyo uagenda wiyongera wamurikiye ubwoko bw'Imana, nyamara benshi ni abirengagije gukurikira uwo mucyo kandi ingaruka yabyo ni uko bisanze mu ntege nke z'iby'umwuka. Ubu ikiri kurimbuza ubwoko bw'Imana si uko nta bumenyi buhagije bafite. Ntibazacirwaho iteka bitewe n'uko batamenye inzira, ukuri n'ubugingo. Ahubwo bazacirwaho iteka bitewe n'uko basobanukiwe ukuri, umucyo ukamurikira imitima yabo, maze bakakwirengagiza cyangwa bakakwanga. Abatarigeze babona umucyo ngo bawange, nta teka bacirwaho. Ni iki cyari gukorerwa uruzabibu rwa Nyagasani cyasigaye kidakozwe? Umucyo, umucyo w'agatangaza uri kumurikira ku bwoko bw'Imana; nyamara ntuzabakiza, keretse gusa biyumvishijemo ko bakeneye gukizwa na wo, bakawinjiza mu mibereho yabo, kandi bakawugeza no ku bakiri mu mwijima. –Testimonies, vol. 2, p. 123.

Hakenewe umuti w'amaso wo mu ijuru

Amatorero akeneye gusigwa ku maso umuti wo mu ijuru,

kugira ngo batahure imyanya myinshi bahabwa yo gukorera Imana. Ibihe byinshi, Imana yagiye irarikira ubwoko bwayo kuja mu nzira nto n'inini maze bagahatira abantu kwinjira, kugira ngo inzu yayo yuzure, nyamara n'ahatuzengurutse hari imiryango tuteretse neza ko tuyitayeho bihagije ngo tubatere kwiyumvisha neza ko twitaye ku mitima yabo. Uyu murimo utwegereye cyane ni wo Nyagasani ari guhamagarira Itorero gukora. Ntitugomba kuvuga ngo "Mugenzi wanjye ni nde?" Tugomba kwibuka ko mugenzi wacu ari wa wundi ukeneye impuhwe n'ubufasha bwacu. Mugenzi wacu ni buri mutima wose wakomerekejwe kandi ugashenjagurwa n'umwanzi. Mugenzi wacu ni buri wese ubarwa mu mutungo w'Imana. Muri Yesu Kristo ivangura ryashyizweho n'Abayuda ku birebana no guhitamo mugenzi wawe ritabwa kure. Nta mbibi zitandukanya uturere, nta vangura ry'irihimbano, nta gutandukanywa n'ibyubahiro, nta nzego z'ubusumbane. –Testimonies, vol. 6, p. 294.

Ubwaka n'ubukonje bwo kwishushanya

Ubu Satani ari gukoresha amayeri ye yose n'imbaraga y'ubuhendanyi, ngo yigize abantu kure y'umurimo w'ubutumwa bwa marayika wa gatatu, bugomba kwamamazanywa imbaraga ikomeye. Iyo umwanzi abona ko Nyagasani ari guha umugisha ubwoko bwe no kubutegurira gutahura ubushukanyi bwe, akoresha ubuhanga bwe ngo acengeze ubwaka mu Itorero ku ruhande rumwe, no kwizirika ku mihango ikonje y'idini ku rundi ruhande, agira ngo yigarurire imitima myinshi. Ubu ni cyo gihe cyo kuba maso ubudatuza. Mutahure intambwe ya mbere y'iterambere Satani ashobora kugira muri twe. –Review and Herald, 24 janvier 1893.

Mu matorero yacu harimo imisozi y'urubura yo gukonjesha ubwenge. Harimo ba mihango y'idini benshi bashoboye gukangaranya abantu cyane, nyamara bakaba badashobora kumurika nk'imuri mu isi. –Review and Herald, 24 mars 1891.

Gusigingizwa no kwikunda

Neretswe ko impamvu ubwoko bw'Imana butāsābwe

n'intekerezo z'iby'Umwuka, kandi bukaba butakigira kwizera, ari uko bwasingijwe no kwikunda... Ikinezeza Imana si ubwinshi bw'amateraniro yanyu. Si ubwinshi bw'amasengesho, ahubwo ni ugukora neza, gukora ibikwiriye, kandi mu gihe gikwiriye. –Testimonies, vol. 2, p. 36.

Kwifuza

Nyamara bamwe banze guhinduka. Ntibari biteguye kugendera mu nzira y'Imana, kandi, iyo bahamagarirwaga gutanga amaturo y'ubushake yo guteza imbere umurimo w'Imana, bamwe mu kwikunda bizirikaga ku butunzi bwabo bw'iby'isi. Aba banyabugugu, amaherezo batandukanye n'urugaga rw'abizera. –Témoignages, vol. 3, p. 412; Testimonies, vol. 9, p. 126.

Mu bantu makumyabiri nta n'umwe witeguye

Ni umuburo ukomeye mbwira Itorero, ko mu bantu makumyabiri banditswe mu bitabo by'Itorero, nta n'umwe witeguye kurangiza amateka ye ku isi, kandi babaho badafite Imana kandi badafite ibyiringiro mu isi kimwe n'abanyabyaha basanzwe. Bavuga ko bakorera Imana, nyamara ni abakozi ba Mamoni b'abanyamwete. Iyo mikorere yo gufata impu zombi ni ukwihakana Kristo guhoraho mu kigwi cyo kumuhama. Benshi cyane binjije mu Itorero kamere yabo mbi itagondeka; inzira yabo y'iby'Umwuka yahindaniywe no kononekara kwabo, guhindana kwabo kubatesha agaciro, bakagira umwuka n'kuw'isi, mu mutima no mu migambi, bakishushanya n'ibikorwa byo kurarikira, kandi buzuye uburiganya mu mibereho yabo bavuga ko ari iya gikristo. Babaho nk'abanyabyaha, nyamara bikiyita ko ari abakristo! Abatura ko ari abakristo kandi ko bazamuhama bagomba kuva hagati ya ba bandi ntibakore ku kintu cyose gihumanye kandi bakitandukanya na bo...

Njya ndambika ikaramu yanjye nkerekeza umutima wanjye hejuru nsenga, mpendahenda Imana ngo ihumekere Umwuka wayo ku bwoko bwayo bw'abahakanyi, bugereranywa n'amagufwa yumye, kugira ngo bubashe kubaho. Iherezo riri bugufi; riradusatira ryomboka, mu buryo butagaragara kandi bucece

nk'uko umujura aza yitwikiriye ijoro, kugira ngo ritungure abatagira icyo bitaho haba no kwitegura, bakaba basinziriye. icyampa Imana ikamanura Umwuka wayo ku mitima idamaraye, kugira ngo idakomeza gusinzira nk'uko abandi babigenza, ahubwo ibe maso kandi yirinde. –General Conference Bulletin, 1893, p. 132-133.

Ivugurura n'ubugorozi birakenewe

Abakristo bagomba kwitegura ibigiye kwaduka ku isi bidatinze bimeze nk'umuraba utunguranye. Kandi uyu mwiteguro bakawukora bigana Ijambo ry'Imana umwete, kandi bihatira kugira imibereho ihwanye n'amahame yaryo... Imana iraduhamagarira ivugurura n'ubugorozi. –Prophètes et Rois, p. 475; Prophets and Kings, p. 626.

Icyo dukeneye kuruta ibindi kandi cyihutirwa mu makene yacu yose ni ivugurura ryo kubaha Imana nyakuri muri twe. Umurimo wacu w'ibanze ni uwo kurishakashaka. –Review and Herald, 22 mars 1887.

Igihe cyarageze ngo ubugorozi nyakuri bubeho. Ubu bugorozi nibutangira, Umwuka w'amasengesho uzakoresha buri mwizera, maze urandure amacakubiri n'intambara mu itorero. –Témoignages, vol. 3, p. 303; Testimonies, vol. 8, p. 251.

Ivugurura n'ubugorozi bigomba kubaho biyobowe n'Umwuka Wera. Ivugurura n'ubugorozi ni ibintu bibiri bitandukanye. Ivugurura bisobanuye guhinduka mushya mu mibereho y'iby'Umwuka, ikanguka ry'imbaraga z'intekerezo n'iz'umutima, ni ukuzuka uva mu rupfu rw'iby'Umwuka. Naho ubugorozi busobanura kongera gusubizaho gahunda, ihinduka ryo mu bitekerezo no mu nyigisho, akamenyero n'ibikorwa. Ubugorozi ntibuzera imbuto nziza zo gukiranuka butomatanye neza n'ivugurura ry'iby'Umwuka. Ivugurura n'ubugorozi bigomba gusohozza umurimo wabyo byagenewe, nyamara bigomba gufatanya kugira ngo biwugereho. –Review and Herald, 25 février 1902.

Mbese Ibyanditswe Byera ntibiturarikira umurimo urushijeho kubonera no kwera kuruta uwo twigeze tubona kugeza ubu?... Imana iri guhamagara abiteguye kwemerera Umwuka Wera akabayobora, ngo bayobore abantu ku murimo w'ubugorozi

nyakuri. Ndabona akaga imbere yacu, kandi Nyagasani arahamagarira abagaragu be ngo bajye mu rugamba. Ubu buri mutima wose ugomba guhagarara mu kwiyegeye Imana kwimbitse kandi kudakebakeba kuruta uko byahoze mu gihe cyashize... Vuba aha, mu gihe nijoro nahamuwe cyane no guhishurirwa ipica y'ibiteye ubwoba. Byasaga nk'aho hariho inkubiri ikomeye –ari wo murimo w'ivugurura wajyaga mbere mu birere byose. Ubwoko bwacu bwajyaga mbere bwerekeza ku rugamba, bwitaba ihamagara ry'Imana. –General Conference Bulletin, 1913, p. 34.

Mu mayerekwa rya nijoro, nanyujijwe imbere inkubiri ikomeye y'ubugorozi mu bwoko bw'Imana. Benshi bahimbazaga Imana, abarwayi bari bakijijwe, kandi ibindi bitangaza byarakozwe... Habonetse abantu amagana n'ibihumbi basura imiryango, kandi bakababumburira Ijambo ry'Imana. Imitima yemejwe n'imbaraga y'Umwuka Wera, kandi umwuka wo kwihana nyakuri waragaragaye. Impande zose amarembo yakingukiraga iyamamazwa ry'ukuri. Isi yasaga n'iyamurikiwe n'umucyo w'ijuru. Abana b'Imana nyakuri kandi biyoroheje bakiriye imigisha ikomeye y'Imana. –Témoignages, vol. 3, p. 411 ; Testimonies, vol. 9, p. 126.

Ubugorozi burakenewe bidasubirwaho mu bwoko bw'Imana. Uko Itorero rimeze ubu bitera kwibaza ngo « Iri ni ryo mu by'ukuri rigihagarariye wa wundi watanze ubugingo bwe ku bwacu ? » –Témoignages, vol. 1, p. 459 ; Testimonies, vol. 3, p. 474.

Igihe umugayo utewe n'ubunenganenzi n'ubunebwe uzaba wakuwe ku Itorero, Umwuka Wera azigaragaza mu buryo bwuzuye. Imbaraga yo mu ijuru izigaragaza. Itorero rizabona gukora kw'imigambi y'Uwiteka Nyiringabo. Umucyo w'ukuri uzarabagiranisha imirasire ikomeye, kandi nk'uko byabaye mu gihe cy'intumwa, imitima myinshi izazibukira ibinyoma, ihindukirire ukuri. Isi izamurikirwa n'ubwiza bw'Uwiteka. –Témoignages, vol. 3, p. 369 ; Testimonies, vol. 9, p. 46.

Gutindagira ni akaga

Neretswe ubwoko bw'Imana butegereje ko habaho ihinduka runaka, -ari yo mbaraga ihata izabazaho. Ariko baribeshya, uko gutegereza kuzababera imfabusa. Bagomba gukora, bagomba

kwishyira ku murimo, kandi bagatakambira Imana bafite umwete ngo kwimenya neza. Amapica ari kunyuzwa imbere yacu arahagije kudutera gukangura no gucengeza ukuri mu mitima y’abazumva bose. Umusaruro w’isi uri hafi kwera. –Témoignages, vol. 1, p. 98 ; Testimonies, vol. 1, p. 261.

Ku rundi ruhande, hariho bamwe bicara ubusa bategereje ibihe bidasanze by’ihembura ry’iby’umwuka bizagwiza cyane ubushobozi bwabo bwo kumurikira abandi, mu cyimbo cyo gukoresha neza amahirwe bafite ubu. Birengagiza inshingano n’amahirwe bafite ubu, maze bagatuma umucyo uagenda uzima, mu gihe bategereje ko hazabaho igihe bazakira umugisha udasanze uzabahindura bakaba abakwiriye gukora umurimo nyamara ku rwabo ruhande nta muhati bashyizeho. –Conquérants Pacifiques, p. 48-49 ; The Acts of the Apostles, p. 54.

Si abera imbuto ahubwo ni abaryi bazo

Abavuga ko ari abayoboke ba Kristo bari mu isuzumiro imbere y’ab’ijuru ; nyamara ubukonje bw’ishyaka ryabo n’intege nke z’imihati yabo mu murimo w’Imana bibarega ubuhemu. Uwagira ngo ibyo bari gukora bibe bihwaye neza n’ibyo bashoboye, nta teka baba bacirwaho ; ariko iyaba imitima yabo yariyeguriye mu murimo bagakoze ibirushijeho kuba byinshi. Bazi, –n’isi na yo ubwayo irabizi– ko ku rugero ruhanitse bazimije umwuka wo kwiyanga no kwikorera umusaraba. Ni benshi muri bo amazina yabo mu bitabo byo mu ijuru aherekejwe n’aya magambo agira ati : si abera imbuto ahubwo ni abaryi bazo. Kuri benshi bitirirwa izina rya Kristo, igitinyiro cy’Imana cyarijishijwe, Ubwiza bwayo buratwikirwa, icyubahiro cyayo iracyamburwa. Benshi muri bo ni abafite amazina yabo mu bitabo by’itorero, ariko bakaba batayobowe na Kristo. Ntibita ku nyigisho ze haba no gukora umurimo we. Ngiyo impamvu Umwanzi yabigaruriye. Nta cyiza bari gukora, nyamara barateza akaga katarondoreka. Bitewe n’uko icyitegererezo cyabo kitari impumuro y’ubugingo izana ubugingo, ni impumuro y’urupfu izana urupfu. –Paraboles de Jésus, p. 311 ; Christ’s Objects Lessons, p. 303, 304.

Kubahiriza amategeko byagizwe umwitero wo gutwikira ibyaha

Ishyanga riyitirira kuba ababitsi b'amategeko y'Imana bari mu kaga nk'ako. Bishyonyagiza ubwabo bavuga ko agaciro baha amategeko y'Imana kazabakingira imbaraga y'ubutabera bw'Imana. Banga gucyahirwa ikibi kandi bakarega abagaragu b'Imana ko bagaragaza ishyaka ryinshi mu kurandura icyaha aho bakambitse. Imana yanga icyaha irahamagarira abavuga ko bitondera amategeko yayo kwitandukanya no gukiranirwa kose. Kwanga kwihana ukanga no kumvira Ijambo ry'Imana bizakururira ubwoko bw'Imana bwa kino gihe ingaruka zikomeye nka za zindi zadutse kuri Isirayeli ubwo yakoraga icyaha nk'icyo. Hariho umupaka ntarengwa aho Imana izagera ntiyongera kwihanganira kurazika imanza zayo. –Testimonies, vol. 4, p. 166-167.

Bapfiriye mu bicumuro no mu byaha

Muri iki gihe umubare munini w'abagize amatorero yacu bapfira mu bicumuro byabo no mu byaha byabo. Baragenda bakagaruka nk'uko urugi ruzenguruka ku mapata yarwo. Bamaze imyaka myinshi bumva uku kuri gukomeye gukangura imitima, nyamara ntibagushyize mu bikorwa. Ni yo mpamvu buhoro buhoro bagenda barushaho kutiyumvisha agaciro k'ukuri... N'ubwo bavuga ko bizera, bahakana imbaraga yo kwera. Nibakomeza kumera batyo, Imana izabareka. Bari kwinyaga amahirwe yo kuba mu mugabane w'abagize umuryango w'ab'ijuru. –Témoignages, vol. 3, p. 67; Testimonies, vol. 6, p. 426, 427.

Ni abashyushyarugamba gusa

Benshi biyita abakristo ni abashyushyarugamba gusa. Banze impano imwe rukumbi yari kubashoboza kubaha Kristo ku bwo kumuhagararira mu isi. Umurimo w'Umwuka Wera ni inzaduka kuri bo, kandi ntibakurikiza Ijambo ry'Imana. Ntibasobanukiwe amahame y'ijuru atandukanya abafatanije na Kristo n'abafatanije n'isi. Abavuga ko ari abigishwa ba Kristo ntibakiri bwa bwoko bw'umwihariko kandi bwatandukanye n'isi. Umurongo ubatandukanya n'isi ntukigaragara. Bayoboka isi mu bikorwa byayo, imigenzo yayo no kwikubiraho kwayo. **Itorero ryasanze isi**

mu kwica amategeko, mu gihe isi yagombaga gusanga Itorero mu kumvira amategeko.??????? Uko bukeye, ni ko Itorero ryihanishwa n’isi. –Paraboles de Jésus, p. 323-324 ; Christ’s Object Lessons, p. 315, 316.

Igitabo cyanduye

Benshi bafite ishusho yo kwera, amazina yabo yanditswe mu bitabo by’amatorero, ariko ibibanditsweho mu ijuru biranduye. Malayika yanditse ibikorwa byabo nta kwibeshya. Igikorwa cyose cyo kwikubiraho, ijambo ryose ritari iry’ukuri, inshingano yose itarasohojwe n’icyaha cyose cy’ibanga, hamwe no kwiyoberanya uko ari ko kose, n’ubwo kwaba gukoranywe ubuhanga gute, byanditswe neza mu gitabo cy’urwibutso cyitabwaho na marayika watoranirijwe by’umwihariko gukora uwo murimo. –Testimonies, vol. 2, p. 442.

Abikoreye inshingano baragwa agacuho

Bitewe n’uko bamwe banga kwikorera imitwaro bari bashoboye, cyangwa bakanga gusohozza imirimo bashoboye, umurimo ni mugari cyane ku buryo utasohozwa na bake bawitangiye. Babona ko hari byinshi byo gukora, kugeza ubwo bakora ibirenze imbaraga zabo, maze bakagwa agacuho vuba. – Testimonies, vol. 2, p. 645.

Ntibashobora gutanga impamvu yo kwizera kwabo mu buryo bwumvikana

Benshi mu bavuga ko bizera ukuri ko muri iyi minsi iheruka bazasangwa badashyitse. Bagiye birengagiza ibintu by’ingenzi. Guhinduka kwabo ni ukw’amajyejuru, ntikwimbitse, ntikuvuye ku mutima kandi ntikuzuye. Ntibasobanukiwe impamvu bizera ukuri, nta yindi mpamvu yabiteye, ni uko babonye abandi bakwemeye, iyo mpamvu yatumye bemera ko ari ukuri. Ntibashobora gutanga impamvu yumvikana yo kwizera kwabo... Abandi ntibamurikiwe cyangwa ngo babe barubatswe n’inararibonye yabo bwite cyangwa n’ubumenyi bari bafitiye amahirwe n’inshingano yo kwakira. Imbaraga no gushikama bifitwe n’abakristo bafite

umutima utunganye. –Testimonies, vol. 2, p. 634.

Bamwe bazasobanura ubuhanuzi buri gusohora

Imana ifite ubwoko ku isi bukoreshwa no kwizera n'ibyiringiro byera mu gusobanura ikurakuranwa ry'ibyaduka byavuzwe n'ubuhanuzi kandi bashakashaka kwiyejesha kumvira ukuri, kugira ngo batazasangwa nta kanzu y'ubukwe bambaye ubwo Yesu Kristo azaboneka. –Témoignages, vol. 1, p. 580; Testimonies, vol. 4, p. 307.

Inzosi zikangaranije

Tariki ya 29/9/1886 nahawe inzosi, n'agendanaga n'igihiriri cy'abantu benshi bari mu nzira baja gusoroma inkeri. Hari inkumi n'abasore benshi bari baje gufasha muri iryo soroma. Twasaga n'aho turi mu muji, kuko nta hantu hisanzuye hari hahari; nyamara ku nkengero y'uwo muji, hari umurima, uduhuru twiza, n'uturima twahinzwe neza. Igare ryuzuye ibidutunga ryatubanzirizaga imbere.

Mu kanya gato igare rirahagarara maze ya nteko y'abantu ikwira imishwari mu mpande zose ngo ijye gushaka imbuto. Ahazengurutse igare hose, hari uduti twinshi, tumwe twari tureture utundi twari duta twari twezeho inkeri nziza; nyamara nta muntu wazirebaga, kuko bose bazishakiraga kure. Ntangira gutoragura imbuto ahankikije, ariko nkabikora mbyitondeye cyane ntinyanga ko nasoroma ibitumbwe by'inkeri byari bivangavanze n'imbuto zinetse ku buryo nashoboraga gusoroma urubuto rumwe cyangwa ebyiri ku iseri ryose.

Zimwe mu mbuto nziza z'inkeri zabaga zarahungutse zikagwa ku butaka, kandi wasangaga ku ruhande rumwe zarariwe n'inyo n'udusimba. Naribwiraga nti « Oh! Uwari kugira ngo mbe naraje hano hakiri mbere izo mbuto zose z'agaciro ntiziba zarapfuye ubusa! None ubu ni impitagihe. Ngiye gutoragura izo ndibubone ku butaka zose kugira ngo ndebe niba haba hatakirimo zimwe zikiri nziza. N'ubwo zose zaba zaraboze, nibura nzashobora kwereka bene Data iziba zarabonetse iyaba bataraje impitagihe ».

Hafi yanjye mu bo twari kumwe hazaga abantu babiri cyangwa batatu mu manyakuri nta mugambi bari bafite. Bivugiraga amahomvu kandi basaga n'abahugiye cyane mu mibanire hagati yabo ubwabo. Bambonye baravuga bati "Twashakiye ahantu hose nta mbuto twabonye." Batangara babonye ubwinshi bw'izo nari mfite. Maze ndababwira nti "Muri utu duhuru haracyarimo nyinshi zo gutoragurwa". Na bo ubwabo batangira gusoroma, bahita barekera aho bagira bati "Ku rwacu ruhande si byiza ko dusoroma aha ngaha; ni wowe wavumbuye aha hantu, n'izi mbuto zihari ni izawe." Ariko narabasubije nti "Ibyo nta gaciro bifite. Mutoragure izo mubona zose, aho ari ho hose. Uyu ni umurima w'Imana, n'imbutu na zo ni izayo; ni amahirwe yanyu kuzisoroma."

Nyamara mu kanya gato nasaga n'usigaye nyenyine. Hashize akanya gato, nongeye kumva ibiganiro n'ibitwenge hafi y'igare. Mpamagara abari aho nti "Murakora iki?" Barasubiza bati "Ntitwashoboraga kubona inkeri kandi twari tunaniwe, kandi dushonje; dutekereza ko twagaruka aho igare riri ngo dufungure. Nitumara kuruhuka akanya gato, turongera tugende."

Nuko ndavuga nti "Ntacyo mwongereyeho. Murarya ibyo twazigamye nta cyo mufite cyo kubisimbura. Njye sinshobora kurya muri aka kanya; haracyari imbuto nyinshi cyane zo gusoromwa. Ntimwazibonye bitewe n'uko mutitegereje neza. Inkeri ntizigaragara inyuma y'uduhuru, ni ngombwa kuzishaka. Mu by'ukuri, kuzitoragura si ukuyoza amashyi; ahubwo iyo witegereje ubwitayeho, ni ho ubona mu nkeri zikiri ibitumbwe harimo n'izinetse neza."

Mu kanya gato agatebo kanjye kari gasendereye imbuto z'inkeri, maze ngana aho igare ryari riri. Ndavuga nti "Dore imbuto nziza cyane mu zo nigeze nsoroma, kandi naziboneye hafi cyane mu gihe mwebwe mwananijwe no gushakira kure ntimugire icyo mubona."

Noneho bese baza kureba imbuto zanjye maze baravuga bati "Izi mbuto zasoromwe mu bihuru binini, ni nziza, kandi zirakomeye. Ntitwibwiraga ko twagira icyo twabona muri utwo duhuru, twashakiye ku biti bigufi, tubona nke cyane bikabije."

Nongera kuvuga nti "Murashaka gufata neza izi nkeri, maze mukaza tukajyana gushaka izindi ku bihuru binini? Nyamara

ntibari biteguye kwita kuri izo mbuto. Hari ibikoresho byinshi n'imifuka myinshi, nyamara byose bari babyujumemo ibyo kurya. Narambiwe gutegereza maze amaherezo ndabaza nti "Mbese ntimwazanywe no gusoroma imbuto? None ni ukubera iki mutiteguye kuzisoroma?"

Umwe arasubiza ati : "Mushiki wacu White, tukubwije ukuri, ntitwari twiteze ko umuntu yabona imbuto hafi y'amazu, ahanyura rubanda rwose; nyamara wasaga n'usonzeye gusoroma ku buryo byaduteye gufata umwanzuro wo kuguherekeza. Twatekerezaga ko twajyana ibyo kurya bihagije maze tukishimira ikiruhuko, n'ubwo tutasoroma imbuto."

Ndabasubiza nti "Sinshobora kwiyumvisha iyo mikorere. Aka kanya ngiye guhita nsubira mu duhuru. Buri hafi yo kwira, mu kanya ijoro riraba riguye, ku buryo nta muntu uri bube agishobora kugira icyo asoroma." Bamwe bajyana nanjye, abandi bo basigara ku igare ngo bakomeze kurya.

Hari itsinda ryari riteraniye ahantu kandi bari bahugiye mu kuganira ku kintu cyasaga n'ibashishikaje cyane. Ndabegera maze nsanga ko amaso yabo yari ahugiye ku ruhinja rwari mu biganza bya nyina. Ndavuga nti "Musigaranye igihe gito cyane, kandi mu gihe bikibashobokera mugikoreshe neza uko mushoboye."

Abandi bantu bitegerezaga umusore n'inkumi bakinaga umukino wo gusiganwa bagana aho igare ryari riri. Ubwo barigeragaho, bari bananiwe ku buryo byabasabye kwicara bakaruhuka. Abandi na bo bari bicaye ku twatsi ngo baruhuke.

Nguko uko umunsi warangiye kandi hari hakoze imirimo mike bikabije. Ku iherezo ndavuga nti "Bene Data, ibi mubyita urugendo shuri rudafite inyungu. Ariko uku ari ko mukora, sintangazwa n'uko muzabura intsinzi. Gutsinda cyangwa gutsindwa kwanyu bishingiye ku buryo umuntu afata umurimo we. Aha hari imbuto kuko nanjye nazibonye. Bamwe muri mwe baruhiye ubusa kuko bashakiye ku duti duto; abandi babonye imbuto nke, nyamara mwirengagije ibihuru binini, kuko mutakekaga ko mwabibonamo imbuto. Murabona ko izo nasoromye ari nini kandi zinetse. Mu gihe kigufi, hazabonekamo n'izindi zinetse kandi tuzaba dusabwa kugaruka. Ubwo ni bwo buryo nigishijwe uko basoroma imbuto. Iyo muba mwashakiye hafi y'igare, muba mwabonye nyinshi nkanjye.

Icyitegererezo uyu munsu mwahaye abasore batari barigeze bakora uyu murimo bazacyigāna. Nyagasani yashyize ibiti binini byera imbuto mu birorero by'inkengero z'umuji, kandi yiteze ko mubigeraho. Nyamara mwe icyo mwari muhugiyeho ni ukurya no kwidagadura. Ntimwaje mu murima mumaramaje gushaka imbuto.

Ahazaza bizabasaba gukorana ishyamba rirushijeho kuba ryinshi, mufite umugambi unyuranye n'uwo mufite ubu, bitabaye ibyo imihati yanyu ntizagira icyo igeraho. Nimuramuka mukoze mu buryo bwiza, muzigisha abakozi bakiri bato ko ibinezeza byo kurya no kwiruhura bifite akamaro gake. Kugeza ubu byaraburijwe cyane kugeza hano igare ryuzuye ibyo kwimara amakene, nyamara mwibajije cyane ku byokurya kuruta uko mwibazaga ku mbuto mwagombaga kujyana mu rugo nk'umusaruro w'umurimo wanyu. Mugomba kuba abanyamwete kandi mukabanza gusoroma inkari ziri hafi yanyu hanyuma mugashaka iziri kure; nyuma y'ibyo, mushobora kugaruka mukongera gukora hafi, nguko uko muzagera ku ntsinzi. –Ministère évangélique, p. 130-133 ; Gospel Workers, p. 136-139.

Ikigeragezo tugomba guhura na cyo

Ni bake mu bantu bakomeye bazinjizwa muri uyu murimo ukomeye uheruka. Ni abantu biyumvamo ko bihagije, batishingikiriza ku Mana, bityo ntishobora kubakoresha. Nyagasani afite abakozi b'abiringirwa, bazigaragaza mu gihe cy'igeragezwa n'ishungura. Hariho abantu b'agaciro batigeze bapfukamira Baali, batazwi kugeza ubu. Ntibagize amahirwe yo kunguka umucyo mwohererejwe umurikisha imbaraga nyinshi. Nyamara birashoboka ko mu ishusho y'inyuma idafite igikundiro arimo hazagaragarira kurabagirana kuboneye kw'imico nyakuri ya gikristo. Mu gihe cy'amanywa iyo twitegereje mu kirere, ntituhabona inyenyeri. Ziba zihari ariko zarigitiye mu isanzure, nyamara amaso yacu ntazibona. Umucyo wazo nyakuri ugaragara neza iyo ari nijoro gusa.

Igihe cy'igeragezwa rya buri mutima ntikikiri kure yacu... Muri icyo gihe, izahabu n'inkamba bizatandukanywa mu itorero. Mu buryo busobanutse, kwera nyakuri kuzatandukanywa no

kwishushanya, n'ubushwambagara bwako. Inyenyeri nyinshi twatangariraga ku bw'umucyo wazo, zizazimirira mu mwijima. Kimwe n'ibicu umurama uzatumurwa n'umuyaga, ndetse n'aho twabonaga ko ari imbuga iriho ingano nziza gusa. Abishimira gusa imitako yo mu buturo bwera batambaye gukiranuka kwa Kristo, bazagaragara mu isoni z'ubwambure bwabo. –Testimonies, vol. 5, p. 80, 81.

Chap 4. UKO UMUKOZI W'UMUKRISTO AHANGANYE N'IMITERERE Y'ISI

Isi ni isibaniro ry'ibyaduka

Isi yabaye urubuga rw'ikinamico ; abaturage ni bo bakinnyi bayo, bari kwitegura kugira uruhare rwabo mu mukino uteye ubwoba uheruka. Muri rubanda rwose, haboneka ubumwe gusa iyo baturiza hamwe imbaraga zabo mu migambi yo kwikubiraho. Ibyo Imana irabyitegereza. Ibyo yagambiriye ku bayigomekaho bizasohozwa. N'ubwo hari aho Imana yemerera abateza isi akajagari n'urudubi ko bayitwaza igitugu mu gihe runaka, nyamara amaherezo ntabwo isi izarekerwa mu maboko y'abantu. Ubushobozi bw'ikuzimu buri kwihuriza hamwe ngo butegure uruhererekane rw'ibyaduka biheruka, -Satani yigaragaza nka Kristo, kandi arakoresha ubuhendanyi bwe bwo gukiranirwa mu mitima y'abishyira hamwe ngo bareme amashyirahamwe akorera mu ibanga. Abirekura muri uko kwifuza kubi ngo bihurize hamwe batyo barasohozwa imigambi ya Satani. Impamvu izakurikirwa n'ingaruka yayo. –Testimonies, vol. 8, p. 27-28.

Igikorwa giheruka cy'ibyo byaduka

Nta kindi gihe ubu butumwa bwigeze butanganwa imbaraga ingana itya nk'uko butangwa muri iki gihe. Isi iragenda irushaho guhinyura ibisabwa n'Imana. Abantu benshi bamaze kurundukira mu gukiranirwa. Ubugome bw'abatuye isi busa n'ubwamaze gusendera igikombe cyo gukiranirwa kwabo. Iyi si iri hafi yo kugera ku ngabano z'aho Imana izayirekera mu maboko y'umurimbuzi. Gusimbuza amategeko y'Imana ay'abantu, kuruhuka icyumweru cyashyizweho n'ubutegetsu bw'umuntu buntu ngo gisimbure Isabato ya Bibiliya, ni byo bigize igikorwa giheruka cy'urwo rugamba. Ubwo iryo simbura rizaba gikwira ku isi yose, Imana izigaragaza. Izahaguruka mu buhangange bwayo kugira ngo itigise isi mu buryo buteye ubwoba. Izava mu buturo bwayo kugira ngo ihane abaturage b'isi ibajijije gukiranirwa kwabo, kandi isi ntizashobora gutwikira amaraso cyangwa guhisha intumbi zayo. –Témoignages, vol. 3, p. 165 ; Testimonies, Vol, 7, p, 141.

Amakuba aheruka

Twegereje kwaduka kw'amakuba aheruka. Ibihano by'Imana birasimburana bwangu, -inkongi, imyuzure, imitingito y'isi, intambara zivusha amaraso. Ibyo byose ntibigomba kudutungura, kuko marayika w'imbabazi atazakomeza kurinda igihe kirekire abanga kwihana. –Prophètes et Rois, p. 212 ; Prophets and Kings, p. 278.

Akaga karadusatira gafite umuvuduko udakumirwa. Izuba riramurika mu kirere rikiranutse ku nshingano yaryo kandi ijuru rikomeje kwamamaza ubwiza bw'Imana. Abantu bakomeje kurya no kunywa, kubiba no kubaka, gushyingira no gushyingirwa. Abacuruzi bakomeje kugura no kugurisha. Abantu bakomeje kugira imvururu, babitewe no gusonzera imyanya yo hejuru. Abakunda ibinezeza bakomeje kubyiganira ahakorera imikino, mu masiganwa, no mu byumba by'imikino. Gutwarwa n'ibirangaza byonona biragwiriye, nyamara igihe cy'imbabazi kirihutira kugera ku iherezo, kandi umwanzuro uheruka ukaba uri hafi gufatwa by'iteka ryose. Satani we arabona ko iminota asigaranye igezwe. Yashyize abakozi be bese ku murimo kugira ngo abantu bashukwe, bahendwe ubwenge, bahugirane, badamarare kugeza ubwo igihe cy'imbabazi kigera ku iherezo kandi urugi rw'imbabazi rugakingwa by'iteka ryose. –Southern Watchman, 3 octobre (October) 1905.

Gukiranirwa kuri hafi yo kugera ku mbibi zako. Urujijo rwigaruriye isi, kandi bidatinze ubwoba bw'indengakamere bugiye kwisuka kuri mwene muntu. Iherezo riradusatiriye cyane. Twe abazi ukuri twese tugomba kwitegura ibigiye kwisuka ku isi vuba aha biremereye kandi bitunguranye. –Testimonies, vol. 8, p. 28.

Muri iki gihe aho gukiranirwa kugwiriye impande zose, dushobora kwemera tudashidikanya ko amakuba aheruka ari bugufi. Ubwo guhinyura amategeko y'Imana bizaba bimaze kuba rusange ku isi, ubwo abana bayo bazakandamizwa kandi bakababazwa n'abantu bagenzi babo, Imana izabyitambikamo. –Parables de Jésus, p. 175, 176 ; Christ's Object Lessons, p. 178.

Dusatiriye ibyaduka biteye ubwoba. ubuhanuzi buri gusohora. Amateka y'inzaduka kandi y'imvururu ari kwandikwa mu bitabo

byo mu ijuru. Imidugararo ni gikwira mu isi. Hariho intambara n'impuha z'intambara. Amahanga ararakaye kandi igihe cyo guciramo abapfuye urubanza cyarasohoye. Ibyaduka biriyungikanya ngo bitegure umunsi ukomeye wa Nyagasani uri kuza n'ihubi. Hasigaye igihe kigufi cyane. N'ubwo bitaraba rusange, nyamara ishyanga riratera irindi kandi ubwami buratera ubundi bwami. Imiyaga ine iracyatangiriwe kugeza ubwo abagaragu b'Imana bashyirwaho ikimenyetso mu ruhanga. Ubwo ni bwo ubushobozi bw'iyi si buzahuriza hamwe imbaraga zabwo ngo butegure intambara ikomeye iheruka. –Témoignages, vol. 2, p. 429 ; Testimonies, vol. 6, p. 14.

Umwuka w'Imana ushinzwe gufata imiyaga ari kwigendera

Ubu Umwuka w'Imana ari gukurwa ku isi. Imiyaga y'ishuheri, imigaru irimo inkuba n'imirabyo, umuyaga wa serwakira, inkongi n'imyuzure, ibihombo by'agahomamunwa by'ibintu n'abantu ku butaka no ku nyanja, biragenda byiyungikanya vuba. Abahanga bariruhiriza ubusa bashaka kubisobanura. Ibimenyetso biri kwiyongeranya ahatuzengurutse, kandi biri kutumenyesha ko kugaruka k'Umwana w'Imana kuri bugufi, byitirirwa izindi mpamvu zitari zo nyir'izina. Abantu ntibashobora kubona abamalayika bafashe imiyaga ine kugira ngo itabona uko ihuha kugeza ubwo abagaragu b'Imana bazaba bamaze gushyirwaho ikimenyetso; nyamara igihe Nyagasani azategukera kurekura iyo miyaga ngo ihuhe hazabaho uruhererekane rw'intambara udashobora gusobanura. –Témoignages, vol. 3, p. 13 ; Testimonies vol. 6, p. 408.

Turi mu gihe gikomeye kandi giteye ubwoba. Umwuka w'Imana ari gukurwa ku isi, buhoro buhoro, ariko ubudatuza. Kuri ubu ibyago n'ibihano bitangiye kugera ku bakerensa imbabazi z'Imana. Amahano araboneka ku butaka no mu nyanja, imyiryanze mu rubanda, kugotwa n'intambara : ni impuruza. Birateguriza ibyaduka by'incamugongo bigiye kubaho bidatinze. Imbaraga z'ikibi ziri kwibumbira hamwe kandi ziriyongera kugira ngo zitegure amakuba aheruka. Vuba cyane bidatinze, hagiye kubaho kwiyongera kw'impinduka zikomeye mu isi, kandi ibyaduka by'iherezo bigiye kwiyungikanya cyane. –Témoignages, vol. 3, p.

335 ; Testimonies vol. 9, p. 11.

Igihe kiri bugufi aho isi izagerwaho n’umubabaro utagira n’umwe uzashobora kuwucubya. Umwuka w’Imana ari gukurwa ku isi. Amakuba ku Nyanja no ku butaka ari kwiyoungikanya bwangu. Ni inshuro zingana iki twumva inkuru z’ibishyitsi by’isi, imigaru, kurimbuka kuzanywe n’inkongi n’imyuzure, ibihombo bikabije by’ubuzima bw’abantu n’ubutunzi ! Mu mirebere ya kimuntu, ayo mahano akomeye akomoka ku kwivumbagatanya gutunguranye kw’imbaraga z’ibyaremwe, byataye umurongo na gahunda y’imikorere yabyo, maze bigasoba ubugenzuzi bwa muntu; nyamara muri ibi byose ni mo dushobora gusoma umugambi w’Imana. Ni bwo buryo Imana yiyambaza kugira ngo ikangure igishyika cy’abagabo n’abagore kugira ngo bamenye akaga barimo. –Prophètes et Rois, p. 211 ; Prophets and Kings, p. 277.

Isi ni nk’inzu yatewe n’icyorezo

Mu buhumyi bw’abantu, barirata amajyambere ahanitse, imicyo mishya, mu gihe abakozi b’ijuru bo icyo bari kubona ku isi ari ukononekara n’ihohoterwa. Bitewe n’icyaha, ikirere cy’isi yacu cyahindutse nk’inzu irimo abarwaye indwara zanduzwa. –Témoignages, vol. 2, p. 424, 425 ; Testimonies vol. 6, p. 10-11.

Icyorezo cy’ubugome

Turiho mu gihe icyorezo cy’ubugome gica ibintu aho giteye buri muntu wese utekereza kandi utinya Imana guhinda umushyitsi. Kononekara kuriho kumaze kurenga ingabano z’ibyo umuntu yashobora gusobanura. Buri muni uzana inkuru nshya y’intambara za politiki, ubuhendanyi, guhohotera, akajagari, kwirengagiza imibabaro y’abantu, n’ubwicanyi bushishana bukoranywe ubugome bwa kinyamaswa. Umuni wose ni umuhamba w’iterambere ry’ubwicanyi, ubugoryi n’ubwiyahuzi. Ni nde washidikanya ko ibikoresho bya Satani biri gukorera mu bantu bafite umwete uagenda wiyongera wo kuyobya no konona intekerezo z’abantu, kwanduza no kurimbura imibiri y’abantu ? –Rayons de santé, p. 314; Ministry of Healing, p. 142, 143.

Umwuka wo kubura gahunda mu butegetsi uri gusembura

amahanga yose, kandi gusandara kwabyo kugenda kwiya dukiza rimwe na rimwe kuri guhindisha isi umushyitsi, biradushyirira ahabona ubugizi bwa nabi bumeze nk'umuriro uvumbitse mu ivu, kandi igihe uzasandarira, uzuzuza iyi si yacu kurimbuka n'amatongo. Ishusho y'isi yo mu gihe cy'umwuzure twasigiwe n'Ijambo ryahumetswe igaragaza mu buryo bwuzuye imiterere ab'iki gihe bari gutera intambwe ndende baganaho. Na n'ubu, muri iki kinyejana, ubwicanyi bugambiriwe bukorerwa buri munsu mu bihugu byacu bizwiho cyane kuba ibya gikristo na byo ni urukozasoni kandi biteye ubwoba kimwe n'ibyatumye abanyabyaha b'isi ya mbere batsembwaho. Mbere y'umwuzure, Imana yashinze Nowa kuburira ab'igihe cye kugira ngo ibahe igihe cyo kwihana ngo barokoke irimbuka. Kimwe n'uko bimeze muri iki gihe, uko kugaruka kwa Yesu kwegereza, Imana iri kohereza abagaragu bayo ngo bajyane umuburo mu isi kugira ngo ihabwe uburyo bwo kubyitegura. Imbaga nyamwinshi yakomeje kwibera mu kwica amategeko y'Imana ubu noneho irararikanwa imbabazi, ngo yubahirize amahame yera. Imbabazi zihabwa abantu bose bazashaka gucika ku cyaha binyuze mu kwihana ku Mana no mu kwizera Yesu Kristo. –Patriarches et Prophètes, p. 88 ; Patriarchs and Prophets, p. 102.

Uko ibintu bimeze muri iki gihe byerekana ko ibihe by'imvururu bigiye kutwisukaho. Ibinyamakuru byuzuyemo inkuru z'urwikekwe rw'intambara iteye ubwoba igomba kubaho mu gahe gato. Umwete no kwiyeemeza mu bujura bwo gutobora amazu birakorwa kenshi. Imyagaragambyo ni rusange. Ubujura n'ubwicanyi biriyongera. Ubugingo bw'abagabo, abagore n'abana bato butsembwaho n'abantu bayoborwa n'umwuka w'abadayimoni. Abantu bahindutse imbata z'ikibi kandi ikibi kiraganje mu mashusho yacyo yose. –Témoignages, vol. 3, p. 335, 336; Testimonies, vol. 9, p. 11.

Umushukanyi ukomeye ari ku murimo

Muri iki gihe, uko turushaho gusatira iherezo ry'ibiri mu isi, Satani arakoresha umwete w'indengakamere kugira ngo agushe abantu mu mitego ye. Yiyemeje kurangaza intekerezo no kuziteshura ku kuri kw'ingenzi kw'agakiza. Mu mijyi yose,

abamuhagarariye barema amatsinda yo kurwanya amategeko y’Imana. Umushukanyi mukuru ari ku murimo ngo acengeze ingingo ziteza urujijo n’ubwigomeke, kandi abantu bari kugurumanamo ishyaka ritarimo ubwenge. –Conquérants pacifiques, p. 196 ; Acts of the Apostles, p. 219.

Satani yiga Bibiliya abyitondeye. Bitewe n’uko azi ko afite igihe gito, kuri buri kantu kose, yihatira gukoma mu nkokora umurimo Nyagasani akorera kuri iyi si. –Témoignages, vol. 3, p. 340; Testimonies, vol. 9, p. 16.

Ubu Satani ashaka kugundirira ubwoko bw’Imana mu kudakora, ngo abubuze gukwirakwiza ukuri, kugira ngo nibapimwa bazasangwe badashyitse. –Témoignages, vol. 1, p. 98 ; Testimonies, vol. 1, p. 260.

Isi isembuwe n’umwuka wo gukunda intambara

Umwuka wo gukunda intambara uri gukoresha isi. Ubuhanuzi bwa Danieli 11 bwose buri hafi gusohora. Vuba aha hagiye kubaho ipica y’amakuba ateye ubwoba avugwa mu buhanuzi. –Témoignages, vol. 3, p. 339 ; Testimonies, vol. 9, p. 14.

Neretswe abaturage b’isi bari mu rungabangabo rukomeye. Intambara, imivu y’amaraso, ubutindi, ubukene, inzara n’ibyorezo ni byo bigwiriye mu isi... Intekerezo zanjye zikurwa kuri ibyo. Hasa n’aho habaye agahe gato k’amahoro. Nongeye kandi kwerekwa abaturage b’isi; na none nongera kwerekwa urudubi rw’ikirenga mu bintu byose. Ahantu hose, hari imvururu, intambara, imivu y’amaraso, inzara n’ibyorezo. N’andi mahanga na yo yari yivanze muri izo ntambara no muri urwo rudubi. Maze intambara itera inzara. Ubutindi n’imivu y’amaraso bitera ibyorezo. Maze abantu bakurwa umutima n’ubwoba “ku bwo kwibwira ibigiye kubaho ku isi.” –Testimonies, vol. 1, p. 268.

Umwijima w’iby’umwuka

Iki ni igihe cy’umwijima w’iby’umwuka ku matorero muri rusange. Ubujiji bwo kudasobanukirwa iby’ijuru bwatumye abantu batabona Imana n’ukuri. Imbaraga z’ikibi ziri kwibumbira hamwe kandi zikiyongera. Satani ashyeshyenga abo bakorana ko azakora

umurimo uzigarurira isi. Mu gihe gukora umurimo igice bimaze kwigarurira Itorero, Satani n'ingabo ze bo barakorana umurava. Amatorero yiyita aya gikristo ntabwo ari kwihanisha isi; kuko yo ubwayo yamaze kononwa n'ubwibone hamwe no kwikunda, akeneye muri yo imbaraga ihindura y'Imana mbere y'uko ashobora kuyobora imitima ku cyerekezo kirushijeho kubonera kandi gihanitse. –Témoignages, vol. 3, p. 377, 378; Testimonies, vol. 9, p. 65.

Kuri ubu kimwe n'uko byahoze kera, ukuri shingiro kw'Ijambo ry'Imana kwigijweyo n'inyigisho n'ibihimbano by'abantu. Benshi mu biyita ababwirizabutumwa bwiza, ni abatamera Bibiliya yose nk'Ijambo ryahumetswe n'Imana. Umunyabwenge umwe yanga umugabane runaka; undi agakemanga undi mugabane. Ijambo ry'Imana barisumbisha ibyo bibwira; maze ubutumwa bigisha ugasanga bushingiye ku butegetsi bwabo bwite. Ubutware mvajuru bw'Ijambo ry'Imana bugasiribangwa. Nguko uko imbuto z'ubuhemu zikwirakwizwa mu buryo bwagutse; kuko abantu bagwa mu rujijo, bakayoberwa icyo bakwizera. Hari imyizerere myinshi idakwiriye kwinjizwa mu bwenge bw'umuntu. –Paraboles de Jésus, p. 29, 30; Christ's Object Lessons, p. 39.

Kuri ubu ubugome buri kugera ku rugero butigeze bugeraho, nyamara kandi ababwirizabutumwa benshi barasakuza bagira bati "Amahoro n'umutekano." Ariko intumwa zikiranuka z'Imana zigomba kuja mbere zishikamye mu gusohoza inshingano yazo. Bambaye "intwari zose z'Imana", bagomba kuja mbere badatinye kandi bambariye kunesha, batavirira urugamba na rimwe, kugeza ubwo umuntu wese babasha kugeraho azaba amaze kumva ubutumwa bwiza bwagenewe iki gihe cyacu. –Conquérants pacifiques, p. 196; Acts of the Apostles, p. 220.

Hari impamvu yo kuvuza impuruza mu birebana n'imiterere y'iyobokamana ry'isi ya none. Bakinishije imbabazi z'Imana. Imbaga nyamwinshi ihindura ubusa amategeko ya Yehova "bigisha inyigisho z'amategeko y'abantu". Gukiranirwa kugwiriye mu matorero menshi yo mu isi; si ugukiranirwa kweruye, - ari ko kwanga Bibiliya weruye, - ahubwo ni ugukiranirwa kwambitswe ikanzu y'ubukristo, mu gihe gukura abantu ku kwizera Bibiliya nk'ihishura riva ku Mana. Kwitanga kugururana no kwera kuzima byasimbuwe n'imihango yo kwishushanya. Icyo byabyaye ni uko

ubuhakanyi n'irari byabaye gikwira. Yesu Kristo yahamije ko "nk'uko byari bimeze mu gihe cya Loti..., ...ni na ko bizamera igihe Umwana w'umuntu azagarukira". Ibyaduka buri munsu bihamya neza gusohora kw'ayo magambo. Isi iragenda yihutira kugera aho izaba inetse kugira ngo irimbuke. Vuba cyane ibihano by'Imana bigiye gusukwa maze icyaha n'abanyabyaha bakongorwe. –Patriarches et Prophètes, p. 157, 158; Patriarch and Prophets, p. 166.

Gutandukana k'urukungu n'ingano

Igihe cy'ibihana birimbura by'Imana ni na cyo gihe cy'imbabazi ku batarigeze babona amahirwe yo kumenya ukuri icyo ari cyo. Imana izabarebana ibambe. Umutima wayo w'imbabazi urakabakabwa; ukuboko kwayo kuracyaramburiwe gukiza mu gihe ku banze kwinjira urugi rw'imbabazi rugenda rukingwa. –Témoignages, vol. 3, p. 398, 399; Testimonies, vol. 9, p. 97.

Vuba cyane hazaduka urugamba rushaririye hagati y'abakorera Imana n'abatayikorera. Bidatinze igishobora kunyeganyezwa cyose kizanyeganyezwa kugira ngo ibitabasha kunyeganyezwa bigumeho. –Témoignages, vol. 3, p. 340; Testimonies, vol. 9, p. 15, 16.

Mu gihe cy'akaga no kuvurungana kw'amahanga, hazaba hariho benshi batigeze barundukira mu byonona by'isi no mu murimo wa Satani, bazicishiriza bugufi imbere y'Imana, maze bayihindukirire n'umutima wabo wose kugira ngo bemerwe kandi bababwirwe. –Testimonies, vol. 1, p. 269.

Hari benshi basoma Ibyanditswe Byera ariko badashobora gusobanukirwa n'ubusobanuro bwabyo nyakuri. Ku isi yose, abagabo n'abagore bahanze amaso ijuru bafite intimba. Amasengesho, amarira no kwinginga, birazamuka bikajya mu ijuru biturutse mu mitima isonzeye umucyo, ubuntu n'Umwuka wera. Benshi bari mu marembo y'ubwami bw'ijuru, bategereje gusa irarika ryo kwemererwa kwinjira. –Conquérants pacifiques, p. 96; Acts of the Apostles, p. 109.

Ibyo twigira ku nararibonye ya Eliya

Hari ibyigisho byinshi byakurwa mu nararibonye ya Eliya muri ya minsi yo gucogora n'ibisa no gutsindwa, -ibyigisho by'ingenzi ku bagaragu b'Imana muri iki gihe kirangwa muri rusange no gutandukana n'ibitunganye. Ubuhakanyi buri gukwirakwira muri iki gihe buhwanye n'ubwari busagambye mu Isirayeli mu gihe cya Eliya. Muri iki gihe imbaga nyamwinshi y'abantu irayoboka Baali mu gihe bashyira umuntu hejuru y'Imana, mu gihe bogeza abatware b'ibyamamare, mu gihe basenga Mamoni, mu gusumbisha ukuri kwahishuwe inyigisho z'ubumenyi. Gushidikanya no kutizera birakoresha imbaraga yabyo yonona mu mitima no mu ntekerezo, kandi benshi barasimbuza ibyavuzwe n'Imana inyigisho z'abantu. Higishwa ku mugaragaro ko twamaze kugera mu gihe aho uko umuntu yibwira kugomba gushyirwa hejuru y'inyigisho z'Ijambo ry'Imana. Amategeko y'Imana, ari rwo rugero mvajuru rwo gukiranuka, bivugwa ko ntacyo amaze. Umwanzi w'ukuri kose akoresha ubushobozi bwe bwose bushukana ngo atume abagabo n'abagore bashyira amategeko y'umuntu mu mwanya w'Imana, no kwibagirwa ibyashyiriweho kuzanira inyoko muntu agakiza n'umunezero. Nyamara, ubu buhakanyi, bukwiragiye nk'uko bimaze kuba, si rusange. Abari mu isi bose si ko ari ibyigomeke n'abanyabyaha; si ko bose baherereye mu ruhande rw'umwanzi. Imana ifite ibihumbi byinshi bitigeze gupfukamira Baali, kandi bifuzaga gusobanukirwa neza ukuri ku birebana na Kristo n'amategeko, biringira ko Kristo agiye kugaruka vuba agashyira iherezaho ku ngoma y'icyaha n'urupfu. Kandi hariho umubare munini w'abantu basenze Baali mu bujiji, nyamara Umwuka w'Imana akaba akibarwanirira. –Prophètes et Rois, p. 126, 127; Prophets and Kings, p. 170, 171.

5. ITORERO NI URUBUGA RWO KWITOREZAMO

Amakene akwiranye n'iki gihe

Ubu, igikenewe gukorwa kugira ngo twubake amatorero yacu, ni umurimo mwiza w'abakozi b'abanyabwenge bazi gushishoza no gukuza italanto mu itorero, -italanto zishobora gutorezwa umurimo wa Sebuja. Hagombaga kubaho gahunda iteguwe neza kandi inoze yo gushyiraho abakozi bo kujya mu matorero yacu yose, amanini n'amato, kugira ngo bigishe abizera gukorera kubaka itorero babifatanije no guhindura abatizera. Igikenewe ni ugutoza no guhugura. Abasūra amatorero bagombaga kwigisha bene Data na bashiki bacu uburyo bushyizwe mu bikorwa bw'umurimo w'ibwirizabutumwa. – Testimonies, vol. 9, p. 117.

Imana itegereje ko itorero ryayo ritoza abizera baryo umurimo urebana no kumurikira isi. Hagomba gutangwa inyigisho zizagira umusaruro wo kuzana amagana y'abantu bagashyira italanto z'agaciro mu murimo wa Kristo. Izi talanto nizikoreshwa, abantu bazakuzwa bategurirwe guhagarara mu myanya yiringirwa, no kubumbatira amahame aboneye kandi atanduye. Uko niko Nyagasani azakorerwa ibyiza bikomeye. – Témoignages, vol. 3, p. 72, 73 ; Testimonies, vol. 6, p. 431-432.

Buri mukozi wese agomba kuba ashoboye mu buryo busobanutse. Nibwo yashobora kwerekana ukuri nkuko kuri muri Yesu mu buryo bwagutse kandi buhanitse. – Témoignages, vol. 3, p. 126 ; Testimonies, vol. 7, p. 70.

Uwo muhati uyobowe neza urebana no gutoza abizera b'itorero ugomba gutangizwa nta kuzuyaza. – Testimonies, vol. 9, p. 119.

Ubufasha bukomeye cyane bugomba guhabwa abantu bacu ni ukubigisha gukorera Imana, no kuyitegaho amakiriro aho kuyatega ku babwiriza. – Témoignages, vol. 3, p. 93 ; Testimonies, vol. 7, p. 19.

Ni ibitagishwa impaka ko ibibwiriza byose byabwirijwe bitatanze umusaruro wo gutoza itsinda rinini ry'abakozi babwiriza ubutumwa bafite umutima wo kwiyinga. Iyi ngingo igomba kwitabwaho nk'ifite ingaruka ziremereye. Ahazaza hacu h'iteka ryose hari mu mazi abira. Amatorero aragenda agwa umwuma

bitewe n’uko birengagije gukoresha italanto zabo mu gukwirakwiza umucyo. Hagomba gutangwa inyigisho zitondewe, zizamera nk’izivuye kuri Databuja, kugira ngo bese babashe gushyira umucyo wazo mu bikorwa. –Témoignages, vol. 3, p. 72 ; Testimonies, vol. 6, p. 431.

Abagize amatorero yacu baguye ivutu ry’ibibwirizwa ; ariko se baba barigishijwe uko bita ku mitima Kristo yapfiriye ? Mbese baba barashyiriweho gahunda ku buryo buri wese abona akamaro ko kugira uruhare mu murimo ? –Témoignages, vol. 3, p. 72 ; Testimonies, vol. 6, p. 431.

Amahugurwa no gushyira mu bikorwa ni byo byabashisha abantu guhangana n’ingorane yose yakwaduka ; kandi hakenewe gahunda iteguranywe ubwenge kugira ngo buri wese ashyirwe mu mwanya umukwiriye, aho azashobora kwakirira inararibonye izamushoboza kuzuza inshingano. –Testimonies, vol. 9, p. 221.

Inyigisho zitangwa n’itorero ribwiriza ubutumwa

Abantu benshi baba biteguye gukora iyaba barigishijwe uko batangira. Bakeneye guhugurwa no guterwa akanyabugabo. Buri torero ryose rigomba kuba ishuri ry’ingando abakozi b’abakristo bitorezamo. Abarigize bagomba kwigishwa uko batanga inyigisho za Bibiliya, uko bayobora no kwigisha ibyiciro by’ishuri ryo ku Isabato, uko bamaramaza kugoboka abakene, kuvura abarwayi, n’uko bakorera abatarihana. Hagomba kubaho inyigisho z’iby’amagara mazima, izo guteka, hamwe n’izindi nyigisho z’amashami anyuranye zirebana n’umurimo w’ubugiraneza bwa gikristo. Kwigisha byonyine ntibihagije, hakenewe n’umurimo ukoranywe umwete uyobowe n’abigisha babifitiye inararibonye. Nimureke abigisha bafate iya mbere mu gukorera abizera, n’abandi bakorana na bo bazakurikiza urugero rwabo. icyitegererezo kimwe rukumbi gifite agaciro kenshi kuruta amahame menshi. –The Ministry of Healing, p. 149.

Amahugurwa adasanze

Abantu bagombye gukoresha umwete mwinshi mu kwigisha abantu amahame y’ubugorozi bw’iby’umuze muke. Hashyirweho

amahugurwa yo guteka, kandi amahugura y'umwuga wo gutekura indyoyuzuye atangwe inzu ku nzu. Abato n'abakuze bagomba kwiga uko batekura indyoyoroheje. Ahantu hose ukuri kwamamajwe, abantu bagomba kwigishwa uko batekura ibyokurya mu buryo bworoheje nyamara buteye ipfa. Bagomba kwerekwa ko indyoyuzuye ishobora kuboneka hadakoreshejwe inyama. – Témoignages, vol. 3, p. 429; Testimonies, vol. 9, p. 161.

Ahantu hose hari Itorero hagomba gutangwa inyigisho zirebana no gutekura indyoyoroheje kandi yuzuye, yokoresha n'abifuza kubaho bitondera amahame y'amagara mazima. Kandi abagize Itorero bagomba kugeza kuri rubanda baturanye na bo umucyo bakiriye kuri iyi ngingo. (Gospel Workers, p. 362). Nimureke umucyo wose ushoboka ubamurikeho. Mubigishe gukora udushya twose dushoboka mu gutekura ibyokurya kandi mubashishikarize kugeza ku bandi ibyobigishwa. –Ministère évangélique, p. 353; Testimonies, vol. 7, p. 113. ???

Kwīsānīsha n'inyigisho

Mbega ukuntu benshi mu bakozi b'Imana, b'ingirakamaro kandi bubashywe, batorejwe mu nshingano ziciye bugufi zo mu mibereho isuzuguritse cyane! Mose ni we wari warateganyirijwe kuyobora Egiputa, nyamara Imana ntiyashoboraga kumuvana mu bikari by'umwami kugira ngo akore umurimo yari yaramugeneye. Ubwo gusa yari amaze imyaka mirongo ine ari umushumba ukiranuka, ni ho yoherejwe kuba umucunguzi w'ubwoko bwe. Gideyoni yakuwe ku mbuga ihurirwaho, kugira ngo abe igikoresho mu biganza by'Imana cyo kubohoza ingabo za Isirayeli. Elisa yararikiwe gusiga igare rye rihinga, kugira ngo akore ibyobImana imushinze. Amosi yari umuhinzi ubwo Imana yamuhaga ubutumwa bwo kwamamaza. Abantu bose bahinduka abakorana na Kristo bizaba ngombwa ko bakora ibintu bikomeye, bitanejeje, ni yo mpamvu amahugurwa yabo yagombaga gukoranwa ubwenge, kandi akaba akwiranye n'imiterere yihariye y'imico yabo, n'umurimo bagomba gusohoza. –Ministère évangélique, p. 326, 327; Gospel Workers, p. 332, 333.

Inshingano iremereye yo gutoza

Igihe habaga hihannye abantu bafite ubushobozi n'ahazaza hafitiwe icyizere, nk'uko byabaye kuri Timoteyo, icyo Pawulo na Barnaba bashakanaga umwete wihariye mbere ya byose ni ukubereka akamaro ko gukora mu ruzabibu rwa Databuja. Mu gihe intumwa zabaga zerekeye ahandi, kwizera kw'abantu nk'abo ntikwacogoraga, ahubwo ibiri amambu kwariyongeraga. Babaga barahuguriwe neza iby'inzira za Nyagasani kandi barigishijwe kudakorana kwikunda, bafite ishyaka no gushinyiriza mu birebana no gukorera agakiza ka bagenzi babo. Aya mahugurwa yitondewe y'abihannye vuba yari igikoresho cy'agaciro mu ntsinzi zigaragara zaranze umurimo wa Paulo na Barinaba mu bihugu by'abapagani. – *Conquérants pacifiques*, p. 165; *Acts of the Apostles*, p. 186, 187.

Uko amatorero agenda ahangwa, ni ngombwa ko abizera bayo bumvishwa ko bagomba kubona mu itorero ryabo bwite abantu bazaba bafite inshingano yo gushyira abandi ukuri no guhanga andi matorero mashya; ku bw'iyi mpamvu, bose basabwa gukora, bateza imbere ku rugero rwuzuye italanto Imana yabahaye kandi bamenyereza ubwenge bwabo kwiyegegurira umurimo wa Shebuja. – *Testimonies*, vol. 3, p. 205.

Imirimo y'ibwirizabutumwa ihora ikomwa mu nkokora bitewe no kubura abakozi bafite ubugenzuzi buboneye, -ari bo bakozi bafite ubwitange no kwera bizahagararira neza kwizera kwacu. Hariho benshi bakwiye kuba ababwirizabutumwa, ariko batigera bajya mu ruzabibu bitewe n'uko abo babana mu bushobozi bw'itorero cyangwa mu mashuri yacu batiyumvamo uburemere bwo gukorana na bo, ngo babasobanurire icyo Imana ibasaba mu bushobozi bwabo bwose, kandi ntibabasengera cyangwa ngo basengane na bo. – *Councils to Teachers*, p. 500, 501.

Abarinzi b'iby'Umwuka b'itorero bagomba guhanga inzira n'uburyo byatuma buri mwizera w'itorero abona uko agira uruhare mu murimo w'Imana. Kenshi mu gihe cyashize ibi ntibyakoze. Igenamigambi ryo gukoresha italanto za bose mu murimo ukoranywe umwete ntiriyigeze rishyirwaho mu buryo busobanutse cyangwa ngo rikurikiranwe kugeza ku musozo. Nyamara ni bake cyane biyumvisha igihombo byateje. – *Testimonies*, vol. 9, p. 116.

Muri buri torero abizera bagomba kwigishwa kugena igihe cyo gukiriza Kristo imitima. Byavugwa bite ko Itorero ari umucyo w'isi mu gihe abarigize batari gukwirakwiza umucyo? Reka abashinzwe umukumbi wa Kristo bakangukire inshingano yabo kandi bashyire abantu benshi ku murimo. –Témoignages, vol. 3, p. 77; Testimonies, vol. 6, p. 436.

Hagomba gutorwa abayobozi bashoboye gutoza

Gutora abayobozi mumatorero mashya bigomba kwitonderwa cyane. Bakwiriye kuba ari abagabo n'abagore bahindutse byuzuye. Reka abatorwa babe bafite ubushobozi bwo guhugura, no gukora umurimo mu magambo no mu bikorwa. Hari amakene yimbitse ari kumvikana y'umurimo ugomba gukorwa mu mashami yose y'umurimo. – Testimonies, vol. 6, p. 85.

Abakuru b'amatorero kimwe n'abandi bose bagize ubuyobozi bw'Itorero bagomba gutekereza cyane ku igenamigambi ryabo mu kuyobora umurimo. Bagomba gufata ingamba zizashoboza buri mwizera kugira icyo akora, kugira ngo hatagira umuntu n'umwe ugira imibereho itagira umugambi, ahubwo bose basohoze icyo bashoboye hakurikijwe ubushobozi bwabo bunyuranye. ...Ni iby'ingenzi cyane ko abagize Itorero bahabwa bene ayo mahugurwa; kugira ngo bazahinduke abakozi b'Imana batikunda, bamaramaje, kandi b'ingirakamaro; kandi ni na bwo buryo rukumbi bwarinda Itorero kugumbaha no gupfa... Reka buri mwizera w'Itorero ahinduke umukozi w'umunyamwete –ibuye rizima rimurika umurasire w'umucyo waryo mu rusengeru rw'Imana. –Review and Herald, 2 septembre 1890.

Abizera b'Itorero bagomba kwihugura bo ubwabo

Abizera b'Itorero bagomba gukora; bagomba kwihugura ubwabo, bakihatira kugera ku rugero ruhanitse rwabashyizwe imbere. Ibi Imana izabafasha kubigeraho nibakorana na yo. –Testimonies, vol. 9, p. 140.

Ntitugomba gupfusha ubusa akanya na gato mu birebana no gukarishya ubwenge bwabo mu byerekeranye n'umurimo w'Imana. – Parables, p. 340; Christ's Object Lessons, p. 334.

Intego mvajuru

Nyagasani yifuza ko twagira amahugurwa yose ashoboka, dufite umugambi umwe rukumbi wo kugeza ubumenyi bwacu ku bandi. Nta muntu n’umwe wamenya ahantu n’uburyo azahamagarirwa gukora cyangwa kuvugira Imana. Data wa twese wo mu ijuru wenyine ni we ubona icyo yashobora gukoresha abantu. Imbere yari ubushobozi budashobora kubonwa no kwizera kwacu k’ukunyanteye nke. Intekerezo zacu zigomba gutozwa kugira ngo nibiba ngombwa dushobore kwerekana neza ukuri kw’Ijambo ry’Imana kugira ngo Izina ryayo rihererwe icyubahiro imbere y’abategetsu bakomeye b’iyi si. –Parables, p. 340; Christ’ Object Lessons, p. 333, 334.

Ni ba nde bitoje ubwabo mu birebana no gukora mu ruzabibu rwa Nyagasani? Imana ntinezwa n’abakozi b’ingwingiri. Ishaka ko dukoreshe italanto yaduhaye mu buryo bwiza kandi buboneye. –Review and Herald, 2 avril 1889.

Ikigereranyo

Nari narose umuntu anzanira umwenda wera anteguka gukata imyambaro y’abantu b’ingeri zose, kandi akamenyesha imico n’imiterere yose y’abo yari igenewe. Mbwirwa gukata iyo myenda no kuyimanika yose, yiteguye kudodwa igihe bisabwe. Muri nje nafi mfite amarangamutima y’uko benshi mu bagombaga gukatirwa iyo myenda batari bayikwiriye. Mbaza niba ari wo mwenda uheruka nagombaga gukata; bansubiza bampakanira; mu gihe nagombaga kuba ndangije kuwukata, bari kunzanira indi myinshi.

Mbonye uwo murimo ungana utyo undi imbere, numva ntitse intege, kandi nemeza ko mu gihe kirenga imyaka makumyabiri nari mpugiyemo mu gukatira abandi imyenda, kandi ko umuhati wanjye utigeze uhabwa agaciro, haba no kubona ko umurimo wanjye hari ibyiza byinshi wagezeho. Nganurira uwo muntu wari unzaniye umwenda, iby’umugore umwe by’umwihariko nasabwaga gukatira umwenda. Mpamya ko atari kuzigera aha agaciro uwo mwenda, kandi ko kuwumuha kwari ukuzimiza igihe n’uwo mwenda. Yari umukene cyane, w’ubwenge bugufi, yari

atandamye mu mico ye, kandi ko yari guhita yanduza uwo mwambaro. Wa muntu aransubiza ati “Kata iyo myenda. Iyo ni yo nshingano yawe. Igihombo si icyawe, ahubwo ni icyanjye. Imana ntireba nk’uko abantu bareba. Itegura umurimo ishaka ko ukorwa, kandi ntuzi ikizera, ari iki cyangwa kiriya. Uzatahura ko abantu benshi cyane nk’abo b’abakene bameze nk’uwo wambwiraga bazinjira mu bwami, mu gihe abandi bahiriwe bakabona imigisha yose yo mu buzima, bakagira amahirwe yose yo kugubwa neza bazahezwa hanze. –Testimonies, vol. 2, p. 10, 11.

Mu masaha menshi, nabonye abasirikare bitozaga “gushyira imifuka hasi”, bakongera “bakayihuka ku mugongo”, bakigishwa gutunganya intwari zabo, no kuzikoresha byihuse. Bagatozwa kurasa umwanzi, nuko bagatozwa uburyo bwose bwo kuzikoresha. Uko ni ko imyitoto yakomezaga, itegurira abantu icyabatungura cyose. Mbese birakwiye ko abari kurwana urugamba rw’Igikomangoma Emmanuel baba abanyamwete muke, bahunga umuruho, mu myitoto yabo y’intambara y’iby’umwuka? –Ministère évangélique, p. 71; Gospel Workers, p. 75.

6. ABANYESHURI BAGOMBA GUKORA UMURIMO W'IBWIRIZABUTUMWA MU GIHE BAKIRI MU MASOMO YABO

Umugambi w'uburezi

Imyitozo y'ibwirizabutumwa ni bwo burezi nyakuri. Buri muhungu n,umukobwa w'Imana ahamagarwa kuba umubwirizabutumwa; duhamagarirwa gukorera Imana na bagenzi bacu; Kandi gutegurirwa uwo murimo ni byo bigomba kuba intego y'uburezi bwacu. – Rayons de santé, p. 57 ; The Ministry of Healing, p. 395.

Gukomeza urubyiruko rwacu mu ntambara yarwo rurwana n'ibishuko by'umwanzu ni cyo cyaduteye gushyiraho amashuri, aho bashobora kwitwaze kuba ingirakamaro muri ubu buzima, no mu murimo w'Imana ibihe byose. – Counsels to Teachers, p. 495.

Umuntu wihatira kugira ubumenyi ngo abashe gukorera injiji n'abarimbuka, arakora uruhare rwe mu gusohozza umugambi ukomeye Imana ifitiye inyoko muntu. Mu gukorera guhesha abandi umugisha kutarimo kwikunda ni mo dusanga umugambi uhanitse w'uburezi bwa gikristo. –Counsels to Teachers, p. 545.

Imana irahamagara abasore, abahungu n'inkumi bakomeye, bitanze kandi biteguye kwitambaho igitambo, bazajya mbere ku rugamba, bamaze kurangiza agahe gato ku ishuri, bazaba biteguye kujyana ubutumwa mu isi. –Counsels to Teachers, p. 549.

Kwihugurira mu gukora

Kugira ngo barangize imyiteguro yabo, birakwiriye ko abanyeshuri bahabwa igihe cyo gukora umurimo w'ibwirizabutumwa, ibyo bikazabashoboza kugira icyo bamenya ku makene yihutirwa y'iby'umwuka y'imiryango ituye ahabakikije. Ntibagombaga kuremerezwa n'urutonde rwa gahunda z'amasomo, kugeza ubwo batabona igihe cyo gukoresha ubumenyi bamaze kugeraho. Bagombaga gutwara akanyabugabo ko gukorana umwete, bakorera kugoboka abari mu buyobe, babimenyereza, no kubagezaho ukuri. Nibakorana kwicisha bugufi, bashakashaka ubwenge buva kuri Kristo, bakaba maso kandi basenga,

bashobora kugeza ku bandi ubumenyi buzakungahaza imibereho yabo. –Counsels, to Teachers, p. 545, 546.

Ahantu hose ibyo bishoboka, mu gihe bakiri mu mashuri, abanyeshuri bagombaga gukora umurimo w'ibwirizabutumwa ryo mu mujyi. Bagomba gukora umurimo w'ibwirizabutumwa mu mijyi no mu birorero bibakikije. Bashobora kurema amatsinda kugira ngo bakore umurimo w'ubugiraneza bwa gikristo. Abanyeshuri bagomba gusobanukirwa byagutse ibyo basabwa n'Imana muri iki gihe. Ntibagomba kubyimurira mu gihe bazaba bamaze kurangiza amashuri, ngo bavuge ko ari ho bazakorera Imana umurimo wagutse, ahubwo bagomba kwiga uko, bakiri mu buzima bw'ishuri, bakwikorerana na Kristo umutwaro wo gukorera bagenzi babo nta kwikanyiza. –Counsels to Teachers, p. 547.

Ntibihagije kuzuza mu ntekerezo z'abasore ibyigisho by'agaciro gusa; bagomba no kwiga uko bageza ku bandi ibyo bamaze kwakira. –Counsels to Teachers, p. 545.

Mu bigo by'amashuri yacu n'aho dutoreza ibwirizabutumwa hagomba gusohokamo ababwirizabutumwa bazoherezwa mu bihugu bya kure. Mu gihe bari ku ishuri, abanyeshuri bajye bakoresha akanya kose ngo bitegure gukora uyu murimo. Aho ni ho bagomba gusuzumirwa no kugeragerezwa, kugira ngo ubushobozi bwabo bugaragare kandi ko ihamagarwa ryabo ryavuye ku Mana. –Counsels to Teachers, p. 549.

Gushishikariza umwuka w'ibwirizabutumwa

Abarimu n'abanyeshuri bo mu mashuri yacu bakeneye gukozwaho ikara mvajuru. Imana ishobora kubakorera ibyiza birenze ibyo yigeze ikora, kuko mu gihe cyashize imigambi yayo yagiye ikomwa mu nkokora. Iyo umwuka w'ibwirizabutumwa ushishikajwe, bona n'ubwo byakora ku masaha ya gahunda y'amasomo asanzwe, imigisha y'ijuru izasukwa ari myinshi, kuko kwizera n'ishyaka ry'iby'umwuka birakura, umuntu akarushaho gusobanukirwa icyo Imana izakora. –Counsels to teachers, p. 546.

Mu gusoza umwaka w'amashuri

Mu gihe cyo gusoza umwaka w'amashuri, umubare munini

w'abanyeshuri baba babonye umwanya wo kuja mu murima nk'abahagarariye ubutumwa bwiza. Ubwiririsha ubutumwa ibitabo akiranutse, yakirwa mu ngo nyinshi, aho azasiga inyandiko zikubiyemo ukuri kw'iki gihe. Abanyeshuri bacu bagomba kwigira umwuga wo gucuruza ibitabo byacu. Hakenewe abantu bafite inararibonye ya gikristo yimbitse, abantu bafite ubugenzuzi buhagaze neza, bakomeye, bigishijwe neza, kugira ngo binjire muri iri shami ry'umurimo. Bamwe bafite italanto, ubumenyi n'inararibonye byari kubashoboza gutoza abasore gukora umurimo wo kubwiririsha ubutumwa ibitabo, ku buryo muri iryo shami, hakorwa umurimo w'ingenzi cyane kuruta uwigeze ukorwa kugeza ubu. **Abafite icyo nararibonye bafite inshingano yihariye bagomba gukora yo kwigisha abandi.** –Counsels to Teachers, p. 546, 547.

Umurimo w'indirimbo

Abanyeshuri bize kuririmba indirimbo nziza z'ivugabutumwa mu buryo busobanutse kandi bufite injyana nziza, bashobora gukora ibyiza byinshi nk'abaririmbyi babwiriza ubutumwa. Bazabona imyanya myinshi yo gukoresha italanto Imana yabahaye bakoresheje gucengeza indirimbo isa n'imirasire y'izuba mu bidaturwa byari byarimushijwe n'intimba n'agahinda, baririmbira abo bibereye ingume kubona ibyiza by'ahasengerwa.

Banyeshuri, nimujye mu nzira nini n'into. Mwishatire gushyikira abakomeye kimwe n'aboroheje. Mwinjire mu ngo z'abakire kimwe no mu z'abakene, kandi kandi uko mubonye akanya, mubabaze niba byabagwa neza muramutse mubaririmbiye indirimbo z'ubutumwa bwiza. Maze ubwo imitima izaba imaze koroshywa, inzira iziyugurura ngo ibashoboze gusabira imigisha y'Imana ababateze amatwi. Si benshi bazanga kubatega amatwi. Imikorere nk'icyo ni wo murimo w'ibwirizabutumwa. –Counsels to Teachers, p. 547, 548.

7. Ubufatanye hagati y'abagabura n'abizera b'abakorerabushake

Mwinjire mu murimo mwunze ubumwe

Abagabura n'abizera b'abakorerabushake nibinjire mu mirima yeze. Ahantu hose bazabwiriza ukuri kwa Bibiliya kwibagiranye bazahabona umusaruro. Bazabona abazemera ukuri no kwegurira ubuzima bwabo mu gukiriza Kristo imitima. –Signs of Time (d'Australie), 3 Août, 1903 ; Ostralian Signs of Time, August 3, 1903.

Si umugambi w'Imana ko abagabura baharirwa umugabane munini w'umurimo wo kubiba imbuto z'ukuri. Ni ngombwa gushishikariza abizera badasanzwe mu murimo ngo na bo bakorere Shebujja bakurikije ubushobozi bwabo bunyuranye. Amagana y'abagabo n'abagore b'imburamukoro muri iki gihe, bari gushobora gukora umurimo w'ingirakamaro. Mu kujyana ukuri mu ngo z'inshuti n'iz'abaturanyi babo, bari gushobora gukorera Databuja umurimo ukomeye. –Témoignages, vol. 3, p. 95 ; Testimonies, vol. 7, p. 21.

Imana yahaye abagabura bayo ubutumwa bw'ukuri bwo kwamamazwa. Ubu butumwa ni bwo amatorero agomba kwakira, bakakira umurase wa mbere w'impumuro y'uwo mucyo, kandi bagakora iyo bwabaga kugira ngo babugeze no ku bandi. –Témoignages, vol. 3, p. 65 ; Testimonies, vol. 6, p. 425.

Abizera bagomba gukora aho umubwiriza akora, kugira ngo bunganire imihati ye kandi bamufashe kwikorera iyo mitwaro, bityo bizatuma atagwa agacuho kandi ngo acike intege. Itorero ntirizashobora gutanga icyitegererezo kirambye na kimwe abizera baryo batari binjirana ubwenge ku murimo, bagendeye ku ihame, ngo bakore ibyo bashoboye byose bateza imbere umurimo. –Review and Herald, 23 Août, 1881 (August 23rd, 1881).

Ubufatanye bwemeza

Isi ntizemezwa n'ibygishirizwa ku ruhimbi, ahubwo izemezwa n'uko Itorero ribayeho. Umubwiriza ku ruhimbi avuga ubutumwa mu magambo ; kwera gushyizwe mu bwikorwa

kw'Itorero kugashyira ahagaragara imbaraga yabwo. – Testimonies, vol. 7, p. 16.

Umurimo w'Imana muri iyi si ntuzigera urangira mu gihe abagabo n'abagore bagize amatorero yacu batinjiye mu murimo, kandi ngo bunge imihati yabo ku y'abagabura n'abayobozi b'itorero. –Le Ministère évangélique, p. 343 ; Gospel Workers, p. 352.

Kubwiriza ni umugabane muto w'umurimo ugomba gukorwa mu gukiza imitima. Umwuka w'Imana yemeza abanyabyaha ukuri maze akabazana mu maboko y'Itorero. Abagabura babasha gukora umugabane wabo, nyamara ntibazigera barangiza umurimo Itorero risabwa gukora. –Témoignages, vol. 1, p. 522 ; Testimonies, vol. 4, p. 69.

Kwamamaza ukuri kw'Imana ntibigomba guharirwa abagabura bake gusa babitoranirijwe. Uko kuri kugomba gukwirakwizwa n'abantu bose bavuga ko ari abigishwa ba Kristo. Ukuri kugomba kubibwa mu nkengero z'amazi yose. –Review and Herald, 22 Août 1899 (Review and Herald, August 22, 1899).

Abagabura babasha gutondekanya amagambo arimo imbaraga kandi aryoheye amatwi, kandi babasha gukoreshwa imbaraga nyinshi cyane mu guhanga amatorero no kuyateza imbere; nyamara buri mwizera wese w'Itorero naramuka adakoze uruhare rwe nk'umugaragu wa Yesu Kristo, Itorero rizakomeza kuba mu mwijima kandi ntirizagira mbaraga. Bona n'ubwo isi itagonda ijosi kandi ikaba icuze umwijima, imbaraga ireshya y'icyitegererezo cyiza kitagajuka izaba imbaraga ikora ibyiza. –Testimonies, vol. 4, p. 285-286.

Kwibeshya gukomeye

Kwizera ko umurimo wo gukiza imitima ureba urugaga rw'abagabura gusa ni ukwibeshya gukomeye. Umwizera wicishije bugufi kandi witanze, uwo Nyir'uruzabibu yahaye uburemere bw'imitima agomba guterwa akanyabugabo n'abo Imana yahaye inshingano zirushijeho kwaguka. Abahagaze nk'abayobozi mu Itorero ry'Imana bagomba ko inshingano y'Umukiza yahawe abantu bose bizera Izina rye. Imana izohereza mu ruzabibu rwayo abizera benshi baterejwe umurimo hakoreshejwe kurambikwaho

ibiganza. –Conquérants pacifiques, p. 97 ; The acts of the Apostles, p. 110.

Kwibwira ko umugabura agomba kuzuza inshingano zose no gukora umurimo wose, ni ukwibeshya gukomeye. Amaze kuremererwa n'inshingano agacogora, byamubyarira kujya mu gituro, aho iyo inshingano ziza kuba zaragabanyijwe abizera nk'uko Umwami yabitegetse, yari gukomeza kubaho. Ku bw'uko kugabana inshingano mu Itorero, Itorero nirihabwe amahugurwa n'abashoboye kwigisha abakozi ngo bīgāne Kristo kandi bakore nk'uko yakoze. –Témoignages, vol. 3, p. 76 ; Testimonies, vol. 6, p. 435.

Umugabura yikwiyumvamo ko ari we wenyine ugomba kuvuga, gukora hanze no gusenga; nahugure abo kumufasha muri buri torero. Reka abantu batandukanye batozwe kuyobora amateraniro no gutanga inyigisho za Bibiliya; muri ubwo buryo, bazahamagarirwa gukoresha italanto Imana yabahaye, kandi ubwo ari ko bamenyerezwa nk'abakozi. –Le Ministère évangélique, p. 192 ; Gospel Workers, p. 197.

Abagabura ntibagomba gukora umurimo ureba Itorero, uko niko bimara imbaraga bo ubwabo maze bakabuza abizera gukora inshingano yabo. Bagomba kwigisha abizera uko bakora mu itorero nuko bakorana n'abandi . -Histolical skeches, p. 291.

Iyo dutangiye umurimo wo kumenyekanisha kwizera kwacu mu batizera, akenshi abizera b'Itorero bakunda kwiheza bakigira ba simbirimo, maze uburemere bwawo bwose bakaburambika ku ntugu z'umugabura. Ku bwiyo mpamvu, umurimo w'abagabura bacu bafite ubushobozi bwinshi, kenshi wagiye ugira umusaruro muke. –Le Ministère évangélique, p. 191 ; Gospel Workers, p. 196.

Inshingano y'umugabura

Ubufasha bw'ingenzi kuruta ubundi abagabura bashobora guha abagize amatorero yacu, si uwo kubwiriza, ahubwo ni uwo kubashyira imbere gahunda z'imikorere. Bigaha buri wese kugira icyiza akorera abandi. Bose nibafashwe gusobabanukirwa ko nk'abakiriye ubuntu bwa Kristo, baba bafite inshingano yo kumukorera. Reka bose bigishwe uko bayikorera. Cyane cyane abihannye vuba bagomba kwigishwa kuba abakozi bakorana

n’Imana. –Témoignages, vol. 3, p. 386 ; Testimonies, vol. 9, p. 82.

Bagabura, mubwirize ukuri kuzakangurira abantu gukora ku giti cyabo bakorera abari kure ya Kristo. Mu buryo bwose bushoboka, nimushishikaze umwete wa buri wese ku giti cye. –Testimonies, vol. 9, p. 124.

Reka abagabura bigishe abizera b’itorero ko kugira ngo bakure mu by’Umwuka bagomba kwikorera umutwaro Nyagasani yabashinze, –ari wo kuzana imitima ku kuri. Abatuzuza inshingano zabo bagombaga gusurwa, bagasengera hamwe na bo, kandi bakagira icyo bakorerwa. Mwimenyereza abantu kwishingikiriza ku bagabura, ahubwo mubigishe ko na bo bagomba gukoresha italanto zabo bakwirakwiza ukuri mu babazengurutse. Muri ubwo buryo bazahakura gufatanya n’abamalayika kandi bazagera ku nararibonye izongera kwizera kwabo kandi ibahe gutega amakiriro ku Mana. –Le Ministère évangélique, p. 195 ; Gospel Workers, p. 200.

Mu gihe umubwiriza akorera ahamaze kuboneka abayoboke, umurimo we ntagomba kuwutangirira mu kwihanisha abatizera, ahubwo agomba kuwuhera mu gutoza abagize Itorero gufatanya na we mu buryo bukwiriye. Niyite kuri buri wese muri bo yihatira kubakangurira gushakashaka inararibonye yimbitse mu by’iyobokamana no gukorera abandi. Igihe bazaba barateguwe batyo mu gushyigikira umubwiriza bakoresheje amasengesho n’imirimo yabo, intsinzi ikomeye izaherekeza imihati ye. –Le Ministère évangélique, p. 191 ; Gospel Workers, p. 196.

Mu buryo bumwe na bumwe umwungeri ari mu mwanya wagereranywa n’uw’umuyobozi w’itsinda ry’abakozi cyangwa kapiteni w’ubwato. Abo bantu batezweho ko baba maso kugira ngo abo bayobora basohoze umurimo wabo mu buryo bwuzuye kandi bwihuse, keretse gusa igihe byihutirwa ni bwo bagomba kugoboka muri buri kantu. Umuntu umwe wari ufite urusyo runini (imashini isya) umunsi umwe yabonye umukozi ushinze kuyobora abandi ari we uri gukanika ingasire, akora utuntu tworoheje, naho abakozi bagera kuri batandatu bari bashoboye gukora uwo murimo neza bamureberaga ntacyo bakora. Nyir’urusyo amaze kubimenya neza, kugira ngo ataza kuba amurenganije, ahamagara umuyobozi w’abakozi mu biro, amuhemba utwe twose aramwirukana. Uwo muntu atunguwe,

ashaka gusobanukirwa n'ibyo azize. Asubizwa muri aya magambo ngo "naguhaye akazi ko gukoresha abantu batandatu. None, nsanze abo batandatu bose biyicariye nta cyo bakora, mu gihe wowe ubwawe ukora umurimo umwe muri bo yakagombye gukora. Umurimo wawe washoboraga kuba wakozwe neza n'uwo ari we wese wo muri ba bandi batandatu. Sinshobora kuriha umushahara w'abantu barindwi, nguhembera kwigisha abandi ubunebwe."

Ibi byabaye ntibirebana n'ibintu byose. Nyamara abungeri benshi baba bananiwe inshingano kubwo kutamenya no kutagerageza gushyira abizera bose ku murimo mu mashami anyuranye y'umurimo w'itorero. Iyaba abungeri bitaga cyane ku guhoza umukumbi wabo ku murimo, bari kuzakora ibyiza byinshi, bakagize igihe kinini cyo kwiga no gusura, kandi na none bakimira impamvu nyinshi zitera amakimbirane. –Le Ministère évangélique, p. 192; 193; Gospel Workers, p. 197-198.

Icyitegererezo cyiza

Intumwa Paulo yiyumvagamo ko, ku rwego ruhanitse, ari we ushinze igikuriro cy'iby'umwuka ku bemeye ubutumwa ku bw'imihati ye. Yifuzaga ko kumenya Imana kwabo no kumenya Yesu Kristo uwo yatumye kwakwiyongera. Mu gihe yakoraga umurimo we, inshuro nyinshi yateranaga n'amatsinda mato y'abagabo n'abagore bakundaga Yesu maze agapfukamana na bo basenga, basaba Imana kubigisha kurinda isano nyakuri bafitanye na Yo. Inshuro nyinshi yajyaga inama na bo z'uburyo bwiza bwo kugeza ku bandi umucyo w'ukuri k'Ubutumwa bwiza. Kandi akenye, iyo yabaga atandukanijwe n'abo yabaga yarakoreye bene ibyo, yingingaga Imana ayisaba kubarinda ikibi no kubafasha ngo bazahinduke ababwirizabutumwa b'abanyamwete kandi bafite ishyamba. –Conquérants pacifiques, p. 231, 232. ; The acts of the Apostles, p. 262.

8. Imbaraga za gikristo zigomba gushyirwa kuri gahunda

Gahunda ni ingenzi

Igihe ni kigufi, bityo imbaraga zacu zigomba guhurizwa hamwe kugira ngo dukore umurimo wagutse cyane. –Témoignages, vol. 3, p. 353 ; Testimonies, vol. 9, p. 27.

Wa wundi udashobora kwibeshya yanyeretse ko ishyirwaho ry'amatsinda mato mato ari rwo rufatiro rw'imbaraga za gikristo. –Témoignages, vol. 3, p. 96 ; Testimonies, vol. 7, p. 21-22.

Reka muri buri torero haremwe imitwe y'abakozi yaringanijwe neza, kugira ngo ikorere mu duce tw'iryo torero. –Review and Herald, 29 septembre 1891 (September 29, 1891).

Muri buri muji hagombaga kubaho umutwe w'abakozi batoywe neza bafite n'ikinyabupfura; atari umwe cyangwa babiri gusa, ahubwo amatsinda agizwe n'abantu nka makumyabiri yagombaga gushyirwa ku murimo. –General Conference Bulletin, 1893, p. 37.

Reka mu matorero yacu haremwe amatsinda yo kwinjira umurimo. Nimureke abantu banyuranye bakorere hamwe nk'abarobyi b'abantu. Nibashakashake uko bakwarura imitima mu kononekara kw'isi kugira ngo babazane mu kubonera gukiza k'urukundo rwa Kristo. –Témoignages, vol. 3, p. 96 ; Testimonies, vol. 7, p. 21.

Itorero rya Kristo ku isi ryashyiriweho kubwiriza ubutumwa, kandi Nyagasani yifuza kubona itorero ryose rishaka uburyo n'amafaranga kugira ngo aboroheje n'abakomeye, abakire n'abakene babashe kumva ubutumwa bw'ukuri. –Testimonies, vol. 6, p. 29.

Niba itorero rifite abizera benshi, niharemwe amatsinda mato mato, atari ayo gukorera abizera b'itorero gusa, ahubwo bakorere n'abatizera. Niba mu karere kamwe harimo babiri cyangwa batatu gusa bazi ukuri, nibirememo itsinda ry'abakozi. –Témoignages, vol. 3, p. 96 ; Testimonies, vol. 7, p. 22.

Niba ikinyabupfura na gahunda bikenewe kugira ngo habeho gutsinda ku rugerero rw'intambara, iyo mico irushijeho gukenerwa cyane kuri uru rugamba twinjiyemo kandi umugambi warwo ukaba ari uw'agaciro gahanitse n'imiterere yisumbuye kuruta

iy'abasibanira ku rugamba bahanganye. Muri urwo rugamba turwana, inyungu z'iteka ryose ziri mu mazi abira. –Testimonies, vol. 1, p. 649.

Imana ni Imana y'inyagahunda. Ikintu cyose gifitanye isano n'ijuru gikorera muri gahunda itunganye; kuganduka n'ikinyabupfura nyakuri ni byo biranga urujya n'uruza rw'ingabo z'abamalayika. Intsinzi ishobora kugerwaho hari gahunda n'ubufatanye. Kuri ubu Imana irasaba ko habaho gahunda n'ingengamikorere mu murimo wayo biruta ibyo yasabaga mu bihe by'Abisirayeli. Abantu bose bakorera Imana bagomba gukorana ubwenge, nta burangare nta no guhuzagurika. Ishaka ko umurimo wayo ukoranwa kwizera no gutungana kugira ngo ibashe kuwushyiraho ikimenyetso cy'uko iwemera. –Patriarches et Prophètes, p. 393 ; Patriarchs and Prophets, p. 376.

Umurimo uteguwe neza ugomba gukorwa mu itorero kugira ngo abarigize babashe gusobanukirwa uko bageza umucyo ku bandi, kandi muri ubwo buryo, bigakomeza kwizera kwabo no kubongerera ubumenyi. Uko batanga icyo bamaze guhabwa n'Imana, bashikama mu kwizera. Itorero rikora ni ryo torero rizima. Twubatswe nk'amabuye mazima, kandi buri buye rigomba kurabagiranisha umucyo waryo. Buri mukristo agereranywa n'ibuye ry'agaciro rikurura ubwiza bw'Imana rikabumurikisha. –Témoignages, vol. 3, p. 76 ; Testimonies, vol. 6, p. 435.

Ibyigisho bya gahunda inoze

Imana igambiriye ko twiga ibyigisho bya gahunda n'ingengamikorere tubikomoye muri gahunda itunganye yashyizweho mu gihe cya Mose, ku bwo kungura abana b'Isirayeli. –Testimoies, vol. 1, p. 653.

Uko gahunda y'itorero yatangiye

Gutoranywa kwa cumi na babiri ni ko kwabaye imbarutso yo gushyiraho ingengamikorere y'itorero, ari na ryo, ryagombaga gukurikirana umurimo wa Kristo hano ku isi amaze kujya mu ijuru. –Conquérannts pacifiques, p. 20 ; The acts of the Apostles, p. 18.

Gahunda ntangarugero

Gahunda y'itorero ry'i Yerusalemu yagombaga kuba urugero rwa gahunda y'amatorero y'ahandi hantu hose abarengera ukuri bari guhindurira imitima ku butumwa bwiza... Hanyuma, mu mateka y'itorero rya mbere, ubwo mu bice bitandukanye by'isi amatsinda menshi y'abizera yari amaze guhangwa nk'amatorero, imikorere y'itorero yarushijeho kunonosorwa kugira ngo gahunda n'imikoranire myiza bibumbatirwe. Buri mwizera wese yahwiturirwaga gukora neza ibimureba. Buri wese yagombaga gukoreshanya ubwenge intalanto yaragijwe. –*Conquérants pacifiques*, p. 80, 81 ; *The acts of the Apostles*, p. 091-92.

Buri wese mu mwanya we

Buri wese wihannye akiyongera mu ngabo, agomba kugenerwa aho akorera inshingano ye. Buri wese agomba kuba yiteguye kugira icyo aba cyo cyangwa kugira icyo akora muri uru rugamba. –*Testimonies*, vol. 7, p. 30.

Icyo Imana ikeneye si ibigo byinshi, inyubako nini, cyangwa ibikurura amaso bikomeye, ahubwo Imana ishaka imikorere ishyize hamwe y'ubwoko bwihariye yitoranyirije kandi bw'igiciro. Buri muntu agomba guhagarara mu mugabane no mu mwanya we, agatekereza, akavuga kandi agakorera mu gusabana n'Umwuka w'Imana. Ubwo ibi bizaba bigezweho, ni bwo gusa gusa umurimo uzaba ushyitse, wuzuranye ubwiza. –*Témoignages*, vol. 2, p. 620 ; *Testimonies*, vol. 8, p. 293.

Imbaraga z'umutwe w'ingabo ahanini zishingiye ku kamaro k'abasirikare bato. Umujenerali w'umunyabwenge yigisha abasirikari be bakuru gutoreza buri musirikari muto umurimo ukoranywe umwete. Ashakashaka uko yakuza muri buri wese icy'ingenzi kimurimo. Uwagira ngo abe yishingikirije ku basirikare be bakuru gusa ntiyakwitega kuyobora urugamba ruzagera ku ntsinzi. Atega intsinzi ku murimo urimo kumvira no kudacogora kwa buri muntu wo mu ngabo ze. Umugabane munini w'inshingano uri ku basirikare bato. –*Testimonies*, vol. 9, p. 116.

Databuja arahamagara abakozi babwiriza ubutumwa bwiza. Ni nde witeguye kwitaba? Abinjira mu ngabo bose si ko bahinduka

ba Jenerali, ba Kapiteni, ba Serija cyangwa ndetse ba Gaporali. Bose si ko bafite inkeke n'inshingano y'ubutware. Hariho zindi nshingano zikomeye z'ubundi bwoko zigomba gukorwa. Bamwe bagomba bo gucukura imyobo, abandi bakubaka ibihome, abandi bagomba guhagarara nk'abarinzi bo ku munara, abandi bakajyana ubutumwa. Bona n'ubwo habaho abasirikare bakuru bake, bisaba ko hakenerwa abasirikare bato benshi ngo bareme urugaga n'umurongo w'ingabo; nyamara intsinzi ishingiyeye ku budahemuka bwa buri musirikare. Ubugwari cyangwa ubugambanyi bw'umwe mu basirikare bushobora guteza amakuba ku ngabo zose. –Ministère évangélique, p. 79, 80 ; Gospel Workers, p. 84-85.

Ibanga ryo gutsinda

Ibanga ryo gutsinda kwacu mu murimo w'Imana rizakomoka mu mikoranire ishyize hamwe y'abantu bacu. Hagomba kubaho imikorere ihamye. Buri wese ugize umubiri wa Kristo agomba gukora uruhare rwe mu murimo w'Imana, hakurikijwe ubushobozi Imana yamuhaye. Tugomba kwiyegeyeranya, tugatera umugongo ingorane n'inkomyi, tugafatana urunana duhuje imitima. –Review and Herald, 2 décembre 1890 (December 2, 1890).

Uwagira ngo abakristo bakore bashyize hamwe, bakagenda nk'umuntu umwe, bari munsu y'ubuyobozi bw'imbaraga imwe , bashakira kugera ku ntego imwe , banyeganyezaga isi. –Testimonies, vol. 9, p. 221.

Abamalayika bakorera mu bwuzuzanye. Gahunda itunganye ni yo iranga amajya n'amaza yabo yose. Uko turushaho kwigana umusabano na gahunda biba mu ngabo z'abamalayika, ni ko umwete w'izo ngabo zo mu ijuru uzarushaho kudutabarana imbaraga. Niba tutabona kamaro k'imikorere ishyize hamwe, maze tukaba abanyakajagari, ibyigenge, n'abanzi b'ingengamikorere mu mikorere yacu, abamarayika bakorera mu bufatanye bwuzuye no muri gahunda itunganye, ntabwo bashobora kutuzanira intsinzi. Batwitarura bababaye, kuko batategetswe gutanga umugisha wabo ku rudubi, ku burangare n'akajagari. Abifuza kunganirwa n'intumwa z'ijuru bagomba gukorana na zo byimazeyo. Abakiriye gusigwa kuvuye mu ijuru mu mihati yabo yose bazaharanira gahunda, ikinyabupfura,

ubufatanye no gukorera mu bumwe, ubwo ni bwo abamarayika b'Imana bashobora gukorana na bo. Nyamara ikidashoboka kandi kitazigera kibaho ni uko intumwa z'ijuru zicira akarurutega kutubahiriza igihe, akajagari no kwica gahunda. –Testimonies, vol. 1, p. 649-650.

Umuburo ukwiranye n'igihe

Hagomba gukorwa umurimo ufite urutonde rwiza ; nyamara mu gihe bamwe muri mwe batinda guhimba uburyo, gushyiraho ingamba no kwitegura gukora, Satani ari kwigarurira umurima akoresheje ibihimbano biroga, kandi abantu barangajwe kandi bigaruriwe n'ubucakura bw'uwo Sebuja w'ibinyoma. –Review and Herald, 13 mars 1888 (March 13,1888).

Mbega ukuntu Satani yanezerwa aramutse aramutse ageze ku ntsinzi y'imihati ye maze akinjira mu bwoko bw'Imana, agateza akajagari mu murimo mu gihe ingengamikorere ihamye yari ikenewe,ngo yimire ibinyoma byaduka,no guhinyuza ibivugwa Ijambo ry'Imana ridacira akarurutega! Reka dushikame mu birindiro turimo kugira ngo ingengamikorere n'amahame asobanutse yubatswe hakoreshejwe umuhati wuzuye ubwenge n'amakenga bidasenyuka. Ntitugomba kwemerera abakozi bamwe bateza akajagari bifuza kuyobora umurimo mu gihe nk'iki. –Ministère évangélique, p. 475 ; Gospel Workers, p. 487.

9. Guhamagarirwa gukanguka

Amahamagara

Reka inkuru y'ubutumwa bwiza irangururire mu matorero yacu, iyahamagarira gukora umurimo ugomba guhetura isi. Reka abizera b'itorero bōngēre kwizera kwabo, bakire ishyaka riva ku babarwanirira batagaragara bo mu ijuru, riva kandi ku gusobanukirwa ubutunzi buva mu isoko idakama, rituruka mu gukomera k'umushinga biyemeje gukora riva kandi mu bubasha bw'Umuyobozi wabo. Abishyira munsu y'ubugenzuzi bw'Imana kugira ngo barindwe kandi bayoborwe nayo, bazasakirana n'ibikomeye yagennye ko bigomba kubaho. Mu gihe bazaba bakoreshwa n'umwuka w'uwatanze ubugingo bwe ku bw'ubugingo bw'abari mu isi, ntibazakomeza guhagarara mu bwinanirwe bahanga amaso ku byo badashoboye gukora. Bambaye intwari z'Imana, bazajya mu rugamba biteguye gukora no guhara amagara ku bw'Imana, bazi ko ubushobozi bwayo bw'akabururugero buzajya burangiza amakene yabo. –Testimonies, vol. 7, p. 14.

Reka dukanguke! urugamba ruracura inkumbi. Ukuri n'ikinyoma bisatiriyeye intambara yabyo iheruka. Reka tugendere munsu y'ibendera ritukura ry'Igikomangoma Emanweli, kandi turwane intambara nziza yo kwizera, twegukane ishema ry'iteka ryose; kubera ko ukuri kuzatsinda, kandi tuzarushishwaho kunesha n'uwadukunze. Amasaha y'agaciro y'imbabazi arimo kurangira. Nimureke dukore umurimo mwiza dukorera ubugingo buhoraho, kugira ngo tubashe guhesha Data wo mu ijuru icyubahiro, kandi tube ibikoresho byo gukiza imitima Kristo yapfiriye. –Review and Herald, 13 mars 1888 (March 13, 1888).

Gahunda ngenderwaho

Umunsu umwe Umukuru mu bikomangoma by'i Wellington yari mu itsinda ry'abakristo baganiraga ku cyakorwa ngo bashobore kugera ku ntsinzi y'umurimo wo kubwiriza ubutumwa mu bapagani. Maze bahamagara uwo Mukuru w'ibikomangoma

kugira ngo bamenye niba atekereza ko iyo mihati yabo izagera ku ntsinzi hakurikijwe uko iruhije. Uwo musirikare w’umusaza arasubiza ati « Yemwe bagabo, ni iyihe gahunda mwahawe yo kugenderaho ? Ikibazo si ukumenya niba muzatsinda. Niba nsoma neza, itegeko mwahawe ni iri ngo : ‘Muje mu isi yose mubwirize abaremwe bose ubutumwa bwiza’. Bagabo, mwumvire amabwiriza ngenderwaho yanyu. » -Ministère évangélique, p. 108.

Nta gutindiganya

« Umunsi ukomeye w’Uwiteka uri hafi, ndetse umuhindo wawo ugeze hafi kandi urihuta cyane. » (Zefaniya 1:14). « Nimureke dukwete ubutumwa bwiza, twiteguye gutabara nta gutindiganya » (Abefeso 6 :15). –Témoignages, vol. 3, p. 360, 361 ; Testimonies, vol. 9, p. 48.

Abizera b’itorero... bagomba guhora biteguye kwinjira mu murimo, bumvira itegeko rya Sebuja. Aho tubonye umurimo wo gukora aho ari ho hose, nituwukore amaso yacu tuyahanze kuri Yesu... Iyaba buri mwizera wese w’itorero yari umubwirizabutumwa muzima, ubutumwa bwiza bwakwamamara mu bihugu byose, mu mahanga yose no mu ndimi zose mu gahe gato. –Témoignages, vol. 3, p. 358 ; Testimonies vol. 9, p. 32.

Dusatiriye iherezho ry’amateka y’iyi si. Imbere yacu hari umurimo munini,- ariwo murimo usoza wo gutanga ubutumwa buheruka bw’umuburo ku isi yacumuye. Imana izahamagarira abantu kureka amagare yabo ahinga, inzabibu zabo, bave mu yandi mashami atandukanye y’imirimo, maze ibohereze gutanga ubu ubutumwa ku isi yose. –Testimonies, vol. 7, p. 270.

Muvuze impanda yumvikane ku isi yose. Mubwire abantu ko umunsi w’Uwiteka uri hafi, kandi wihuta cyane. He kugira n’umwe usigara ataburiwe. Byashobokaga ko twakabaye mu mwanya w’iyo mitima-mitindi iri mu buyobe. Byashobokaga tuba tubarirwa mu nkoramahano. Ukurikije umucyo twahawe turusha abandi turimo umwenda wo kuwubagezaho. –Témoignages, vol. 2, p. 437 ; Testimonies, vol. 6, p. 22.

Bene data na basaza banjye, igihe cyarashize cyane ku buryo mutamara igihe cyanyu n’imbaraga zanyu mukorera inarijye. Reka umunsi uheruka we kuzabasanga mwaranyazwe ubutunzi bw’ijuru.

Mwihatire kongera intsinzi z’umusaraba hamwe no kumurikira imitima, mukorere agakiza ka bagenzi banyu : ni bwo umurimo wanyu uzashobora kwihanganira ikigeragezo cy’umuriro. –Testimonies, vol. 9, p. 56.

Ubu butumwa tugomba kubutanga bwangu, « umurongo ku murongo, itegeko ku itegeko ». Vuba aha cyane bizaba ngombwa ko abantu bahatirwa gufata imyanzuro ikomeye, bityo ni inshingano yacu kureba ko bahabwa amahirwe yo gusobanukirwa ukuri, ngo baherere mu ruhande rwiza bazi impamvu. Imana iri kurarika ubwoko bwayo ngo bakorane – umwete hamwe n’ubwenge – mu gihe imbabazi zikiriho. -Témoignages, vol. 3, p. 412 ; Testimonies, vol 9, p. 126-127.

Nta gihe dufite cyo gupfusha ubusa. Iherezo riri bugufi. Vuba aha cyane inzira iva mu karere ijya mu kandi ujyanye ubutumwa bw’ukuri igiye kugotwa n’akaga iburyo n’ibumoso. Umwanzi azakora ibimushobokera byose kugira ngo ashyire ibisitaza mu nzira y’intumwa za Nyagasani ku buryo bizaba bitakibashobokera gukora icyo bari bashoboye gukora none. Tugomba kwitegereza neza umurimo wacu kandi tukajya mbere twihuta uko bishoboka kose mu rugamba rukaze. Nkurikije umucyo nahawe n’Imana nzi ko imbaraga z’umwijima ziri ku murimo ku isi zikoresheje imbaraga z’agahebuzo kandi ko Satani agenda yomboka ashaka gutungura abasinziye ubu nk’uko isega ricakira umuhigo waryo. Ubu dufite imiburo tugomba kwamamaza, umurimo tugomba gukora; ariko vuba cyane bizaba biruhaniye cyane kuruta uko twatekereza. Imana nidufashe kuguma mu nzira y’umucyo, no gukora duhanze amaso yacu kuri Yesu We Mutware wacu, kandi mu kwihangana no gushinyiriza tuyje mbere dusingire. –Témoignages, vol. 2, p. 437, 438; Testimonies vol 6, p. 22.

Hari akaga mu kuzarira. Uwo mutima washoboraga kubona, uwo washoboraga kubumburira Ibyanditswe byera, uri kujya aho utabasha kuwushyikira. Satani yamaze gutega ibirenge byawo ikigoyi, kandi ejo uwo mutima ushobora gushyira mu bikorwa imigambi y’umwanzi w’Imana. Kuki wazarira n’umunsi umwe ? Kuki utahita ujya ku murimo ? –Testimonies, vol. 6, p. 443.

Mu bihe byose abigishwa ba Kristo bagiye basabwa kuba maso n’ubudahemuka; ariko ubu ubwo duhagaze ku rugabano rw’isi ihoraho, dufite ukuri nk’uko dufite, dufite umucyo ukomeye,

n’umurimo cyane, tugomba gukuba umwete wacu. Buri wese agomba gukora akageza ku musozo w’ubushobozi bwe. Mwene Data, uba ushyize mu kaga agakiza kawe bwite igihe witanze wizigamye. Nuramuka utujuje umurimo washinzwe, Imana izabikuryoza. –Témoignages, vol. 2, p. 191, 192 ; Testimonies, vol. 5, p. 460-461.

Ibibazo by’ingenzi

Ibihe by’iteka biri imbere yacu. Inyegamo iri bugufi gukurwaho. Mbese turabitekerezaho iki, ku buryo twizirika ku nariye yacu yo gukunda ibinezeza, mu gihe imitima ikomeje kurimbukira ahatuzengurutse hose ?

Mbese imitima yacu yaba yaba yaranangiwe burundu ?

Mbese ntidushobora kureba nokumva ko dufite umurimo wo gukora dufasha bagenzi bacu ?

Bene Data na basaza banjye, mwaba muri muri ba bandi bafite amaso ntibabone, bakagira n’amatwi kandi ntibumve ?

Mbese Imana yaba yararuhijwe n’ubusa ibamenyesha ubushake bwayo ?

Yaba yararuhijwe n’ubusa iboherereza imiburo isimburana mu birebana no gusatirirwa n’iherezo ?

Mwaba mwizera ibivugwa n’Ijambo ry’Imana mu birebana n’ibigiye kuba ku isi ?

Mwaba mwizera ko ibihano by’Imana biri kunagana hejuru y’abatuye isi ?

Niba ari ko biri, mwashobora mute gukomeza kwicara mudamaraye, mutagira icyo mukora kandi muri ba simbirimo ?
–Témoignages vol. 3, p. 352 ; Testimonies, vol. 9, p. 26, 27.

Guhamagarirwa gukanguka

Umurimo urihutira kurangira, ikibi kiri kwiyongera impande zose. Dusigaranye agahe gato ko gukora. Reka dukanguke tuve mu guhunikira kw’iby’Umwuka, twiyegurire Nyagasani uko turi kose, n’ibyo dutunze byose. Umwuka We uzagumana n’abwirizabutumwa nyakuri, ubuzuze imbaraga ikenewe mu murimo. –Southern Watchman, 9 avril 1903 (April 9, 1903).

Bene data na basaza banjye, nimukanguke. Ntimukomeze gutinda mu bitotsi. “Kuki muhagaze aha umunsi wose ntacyo mukora?” Yesu arabahamagara agira ati “Namwe nimujye mu ruzabibu rwanjye”. Uwo ari we wese wakiriye Umwuka Wera, agomba kuwugaragaza; kuko mbaraga ze zose zigomba kwegurirwa mu murimo ukoranwe umwete. Abantu bose bakiriye Kristo mu kwizera barakora. Biyumvamo uburemere bw’imitima. Muri iki gihe Imana iri guhamagarira buri wese wamenye ukuri kandi akaba ari ububiko bw’ukuri kwera guhaguruka akageza ku bandi uwo mucyo w’ijuru. –Review and Herald, 6 décembre 1893 (December 6, 1893).

Nimukanguke bene Data; ku bw’agakiza k’imitima yanyu ubwanyu, nimukanguke. Nta cyo mushobora gukora mudafite ubuntu bwa Kristo. Mukore mukibishoboye. –Southern Watchman, 17 juillet, 1906 (July 17, 1906).

Uwagira ngo amaso yacu ashobore kureba abamarayika baguye bakorana n’abarundukiye mu kudamarara kandi bakiyumva ko batekanye, mu by’ukuri ntitwakongera kwiyumvamo kumererwa neza. Abamalayika babi bahora batwoga runono ubudacogora. –Témoignages, vol. 1, p. 112 ; Testimonies, vol. 1, p. 302.

Imana iri kuduhamagara twese, ababwiriza n’abizera, ngo dukanguke. Ijuru ryose rirahangayitse. Amateka y’ibibera mu isi arihutira ku musozo. Turi kwambukiranya akaga gakomeye k’iminsi iheruka. Akaga karushijeho gukomera karacyari imbere yacu, nyamara kandi turasinziriye. Uko kubura umubyizi n’ishyaka mu murimo w’Imana guteye ubwoba. Ibyo bitotsi byica bikomoka kuri Satani. –Témoignages, vol. 1, p. 98 ; Testimonies, vol. 1, p. 260, 261.

Mvuge iki ngo nkangure ubwoko bw’Imana kwasigaye ? Nabonye amashusho y’ibiteye ubwoba biri imbere yacu ; Satani n’abamalayika be barakoresha imbaraga zabo zose kugira ngo bibasire ubwoko bw’Imana. Azi ko Itorero nirikomeza gusinzira akandi gahe, rizaba riri kugana mu kuzimira kwaryo. –Témoignages, vol. 1, p. 100, 101 ; Testimonies, vol. 1, p. 263.

Muri aya masaha ashyira iherezo ryigihe cy’imbabazi kuri bene muntu, ubwo umurage wa buri mutima uri hafi yo gufatirwa umwanzuro by’iteka ryose, Umwami w’ijuru n’isi akeneye ko

Itorero rye rikanguka kugira ngo rikore ibirenze ibyo ryigeze rikora. Abantu babohorewe muri Kristo binyuriye mu kumenya ukuri kw'agaciro, Umukiza Yesu abafata nk'intore ze, akabitaho kuruta andi moko yose yo ku isi; kandi abasaba kugaragaza ishimwe ry'lyabahamagaye ikabakura mu mwijima ikabageza mu mucyo wayo w'itangaza. Imigisha baherewe ubuntu igomba kugezwa ku bandi. Inkuru nziza y'agakiza igomba kugezwa ku mahanga yose, imiryango yose, indimi zose n'abantu bose. –Prophètes et Rois, p. 542; Prophets and Kings, p. 716-717.

Muri twe nta n'umwe mu ijana ukorera Imana kurusha uko akora mu mishinga y'isi. Ntidukangutse haba n'igice cy'uko bikwiriye abo Kristo yapfiriye. –Testimonies, vol. 8, p. 148.

Iyaba abigishwa ba Kristo bari bakangukiye inshingano, aho dufite umubwirizabutumwa bwiza umwe mu bihugu by'abapagani ubu tuba tuhafite ababwiriza ibihumbi n'ibihumbi. Kandi abatari gushobora kwitangira umurimo ku giti cyabo, bagombaga kuwushyigikiza impano zabo, amasengesho yabo, hamwe no kuwukunda. Kandi bari kuzakorera agakiza k'imitima bafite umwete mu bihugu bya gikristo. –Vers Jésus, p. 81; Steps to Christ, p. 81.

Ibihumbi by'abantu bishimira umucyo ukomeye n'imyanya y'agaciro, nyamara ntibakoresha icyitegererezo cyabo cyangwa amafaranga yabo mu kumurikira abandi. Ndetse ntibaniyumvamo inshingano yo kurindira imitima yabo bwite mu rukundo rw'Imana, kugira ngo badahinduka umutwaro uremereye Itorero. Abantu nk'abo bāba umutwaro na ba kidobya mu ijuru. Ku bw'urukundo rwa Kristo n'ukuri, no ku bwo kugirira ubugingo bwabo bwite, abo bantu bāba bagize neza bakangutse bakajya ku murimo bakorera ibihe bidashira. –Review and Herald, 1^{er} mars 1887 (March 1, 1887).

Itorero rya Kristo rishobora kugereranywa neza neza n'umutwe w'ingabo. Imibereho ya buri musirikare igizwe no gukora, ibirushya hamwe n'akaga. Mu mpande zose hari abanzi bari munsu y'ubuyobozi bw'igikomangoma cy'imbaraga z'umwijima, kitigera gihunikira kandi kitajya kiva mu birindiro byacyo. Igihe cyose umukristo atabaye maso, uyu mwanzu w'umunyembaraga aherako akabadukana gitunguro igitero simusiga. Abizera b'Itorero nibataba maso kandi ngo babe

abanyamwete, bazatsindwa n’ubucakura bwe.

Byagenda bite igice kimwe cy’abasirikare b’umutwe w’ingabo baramutse babaye abanebwe cyangwa bagasinzira kandi hatanzwe itegeko ryo kuba ku nshingano? Icyo byabyara ni ugutsindwa, kuba ingaruzwamuheto cyangwa no gupfa. N’ubwo bamwe muri bo bashobora kwikura mu maboko y’umwanzi, mbese baba bakwiriye kubihirwa ingororano? Oya; bahita bacirwa urwo gupfa. Nguko uko bigendekera Itorero rya Kristo iyo ritagize icyo ryitaho rikaba n’irihemu, ingaruka ziba mbi kurushaho. Mbese ni iki cyatera ubwoba kuruta kuba ingabo z’abakristo zisinziriye? Uwo mutwe w’ingabo washobora ute gusatira isi, ya yindi iri muni y’ubutegetsu bw’igikomangoma cy’umwijima? Abakomeza kwibera inyuma ari ba simbirimo ku muni w’urugamba, nk’aho nta nyungu babifitemo, kandi ntibiyumvemo inshingano bafite muri byo, baba bagize neza bahinduye imyifatire cyangwa bakava bwangu mu mirongo y’ingabo. –Testimonies, vol. 5, p. 394.

Umurimo ni ingenzi

Nerestwe ubwoko bw’Imana butegereje ko hābaho ihinduka, -ari yo mbaraga ihata izabazaho. Nyamara bazariheba kuko baribeshya. Bagomba gukora; bagomba kwishyira ku murimo bagasaba Imana batitirije ngo ibahe kwimenya ubwabo mu buryo bwuzuye. Ibiri kunyuzwa imbere yacu birahagije kudukangaranya kugira ngo biduhatire gukanguka no gucengeza ukuri mu mitima y’abazakumva bese. Umusaruro w’isi uri hafi kuneka. –Témoignages, vol. 1, p. 98 ; Testimonies, vol. 1, p. 261.

Ibyaremwe byose birahamagarira abamenye ukuri bese kwitanga batizingamye ngo bamamaze ukuri nk’uko bakumenyeshejwe n’ubutumwa bwa malayika wa gatatu. Ibyo tubona n’ibyo twumva biraduhamagarira inshingano. Imikorere y’imbaraga za Satani irahamagarira buri mukristo wese guhagarara mu mwanya we ku rugerero. –Témoignages, vol. 3, p. 351 ; Testimonies, vol. 9, p. 25-26.

Ubutumwa bwo kugaruka kwa Kristo kuri hafi bugomba kubwirizwa mu mahanga yose yo ku isi. Kugira ngo imbaraga z’umwanzi zitsindwe, hakenewe imihati mu kuba maso no

kudacogora. Uruhare rwacu si urwo kuguma kuba imburamukoro, si urwo gusuka amarira cyangwa urwo gukoma mu mashyi twumiwe, ahubwo dusabwa guhaguruka no gukorera igihe cya none n'icy'iteka ryose. –Southern Watchman, 29 mai 1902 ; May 29, 1902.

« Gira icyo ukora, gikore bwangu mu imbaraga zawe zose. Nimutinda mu kiruhuko, malayika azazinga ibaba rye, maze Imana na yo ubwayo, irorere guha umugisha abanebwe. » –Testimonies, vol. 5, p. 308.

He kugira n'umwe wibwira ko afite uburenganzira bwo kwipfumbata ngo abeho ari imburamukoro. Kandi ni ibidashoboka rwose ko hagira ukirizwa mu bwebwe no mu bunenganenzi. Tekereza ibyo Kristo yakoze mu gihe yakoreraga umurimo we hano ku isi. Tekereza imihati ye irimo imbaraga no kudacogora. Ntiyigeze ateshurwa n'ako ari ko kose ku nshingano yari yarashinzwe. Mbese twaba tugera ikirenge mu cye? –Le Colporteur évangéliste, p. 88 ; Colporteur Evangelist, p. 38.

Imbaraga mvajuru n'iza kimuntu zihurijwe hamwe mu murimo wo gukiza imitima. Imana yakoze uruhare rwayo, uruhare rw'abakristo ni rwo rukenewe none. Ni cyo Imana iri kubahamagarira. Itegereje ko ubwoko bwayo bugira uruhare mu kwamamaza umucyo w'ukuri mu mahanga yose. Ni nde ushaka gufatanya n'Umwami wacu Yesu Kristo? –Review and Herald, 1 mars 1887 ; March 1, 1887.

Niba Itorero rishaka kuba rizima rigomba kuba Itorero rikora. Ntirigomba kunyurwa gusa no kuguma mu birindiro byaryo rihanganye n'imbaraga zirirwanya z'icyaha n'ubuyobe, ntirinyurwe no gutera intambwe isodoka, ahubwo rigomba kwikorera umutwaro wa Kristo, kandi rikagera ikirenge mu cy'umuyobozi waryo ryunguka abashya aho rinyuze hose. –Review and Herald, 4 août, 1891 ; Aug 4, 1891.

Dusigaranye agahe gato cyane ko gukomeza urugamba; ni bwo Kristo azagaruka, maze ibi tubona by'ubwigomeke bigire iherezho. Ubwo ni bwo imihati yacu iheruka izaba yeguriwe gukorana na Kristo maze iteze imbere ingoma ye. Bamwe bahagaze aho rukomeye, bakumira ikibi bafite ishyaka, bagwa ku rugamba batarava mu birindiro byabo; abandi na bo bitegerezanya agahinda izo ntwari zaguye ku rugamba nyamara batagira igihe

cyo kureka imirimo yabo. Basabwa kwegeranya imirongo, bagakura ibendera mu ntoki z'abasinzirijwe n'urupfu, maze bakarengera ukuri n'icyubahiro cya Kristo bafite imbaraga zivuguruye. Tugomba guhangana n'icyaha –imbaraga z'umwijima, kuruta uko byigeze bibaho. Igihe cyacu gisaba umurimo ukoranywe umwete no kwiyeemeza by'abantu bizera ukuri kwagenewe kino gihe. Bagomba kwigisha ukuri binyuze mu mahame no mu cyitegererezo. –Review and Herald, 25 octobre, 1881 ; October 23, 1881.

Uyu munsu Imana irahamagarira Abadivantisiti b'ahantu hose kuyiyegurira bamaramaje, kandi bagakora ibyo bashoboye byose, bakurikije ibihe barimo, ngo bashyigikire umurimo wayo. –Testimonies, vol. 9, p. 132.

Ubunywwe n'iyobokamana ntibijyanirana; kandi impamvu yacu yo kuba abanyanteye nke cyane mu mibereho no mu nararibonye y'umukristo ni uko tutagira icyo dukora mu murimo w'Imana. Imihore y'umubiri wacu iramutse idakoreshejwe ubudatezuka yacogora, ikonda, kandi uko ni ko bimeze no mu mibereho y'iby'Umwuka. Niba mushaka gukomera, mugomba gukoresha imbaraga zanyu. –Review and Herald, 13 mars 1888 (March 13, 1888).

Tugomba kuba abakozi b'abanyamwete; umuntu w'umunywwe ni ikiremwa gitindahaye. Ariko se ni rwitwazo ki umuntu yatanga rwo gutsindishiriza ubunywwe mu gusohozwa k'umurimo ukomeye Kristo yatangiye ubugingo bwe? Iyo ubushobozi bw'iby'Umwuka budakoreshejwe ntibwongera kubaho kandi intego ya Satani ni kubutsemba. Ijuru ryose ryinjiye mu murimo wo kwiteguza abantu kugaruka kwa Kristo kuri iyi si yacu, kandi turi abakozi bakorana n'Imana. Iherezaho rya byose riri bugufi. Ubu ni bwo dufite amahirwe yo gukora. –Review and Herald, 24 Janvier 1893 (January 24, 1893).

Hakenewe ababwirizabutumwa bafite umurimo ku mutima. Umwete wa rimwe na rimwe uzakora ibyiza bike. Tugomba kureshya abantu. Tugomba kugira umwete wimbitse. –Testimonies, vol. 9, p. 45.

Hari bamwe muri twe, baramutse bafashe agahe ko kubitekerezaho, basanga ko kudakora kwabo ari icyaha cyo gutaba italanto Imana yabahaye. –Témoignages, vol. 3, p. 66 ;

Testimonies, vol. 6, p. 425.

Mbese inyifato yacu imeze ite mu isi? Turi mu gihe cyo gutegereza. Ariko iki gihe ntigigomba gutakazwa mu mikorere idasobanutse. Gutegereza, kuba maso no gukorana umwete bigomba kubumbirwa hamwe. Imibereho yacu ntigomba kurangirira mu mivurungano, mu kwiruka no gukora imishinga y'ibyo muri iyi si, twirengagiza kwera k'umuntu ku giti cye, n'umurimo Imana idusaba. N'ubwo tutagomba kuba abanebwe mu mirimo isanzwe, nyamara tugomba kuba abanyamwete cyane dukorera Umwami. Itabaza ry'umutima wacu rikwiriye guhora riteguwe, kandi tugahorana amavuta y'ubuntu bw'Imana mu mperezo zacu. Hagomba kubaho kwigengesera mu buryo bwose kugira ngo hirindwe kugwa kw'iby'Umwuka, kugira ngo umunsi w'Umwami utadutungura nk'umujura. –Testimonies, vol. 5, p. 276.

Turiho mu gihe hatakagombye kubaho ubunebwe bw'iby'umwuka. Buri mutima ugomba gutembamo amasoko y'ubugingo mvajuru. –Testimonies vol. 8, p. 169.

Mwirundanyirize imirimo myiza yose mushoboye gukora muri ubu buzima. –Testimonies vol. 6, p. 488.

Yesu ashaka ko abatura ko bizera izina rye bose bahinduka abakozi b'abanyamwete. Ni ingenzi ko buri mwizera wese w'Itorero yubaka ku rutare Yesu Kristo. Umuraba uradutse kandi uzanyeganyeza ugerageze byimazeyo urufatiro rw'iby'umwuka rwa buri wese. Ku bw'ibyo, mwirinde kubaka ku musenyi; muhitemo urutare. Mucukure mwimbitse; urufatiro rwanyu rube ruhamye. Mwubake, ni byo, mwubake by'iteka! Mwubake murira, hamwe n'amasengesho ava ku mutima. Guhera ubu, buri wese muri mwe narimbishe imibereho ye imirimo myiza. Abantu bameze nka Kalebu ni bo bakenewe cyane muri iyi minsi iheruka. –Testimonies, vol. 5, p. 129-130.

Igenzura ry'ijuru

Hari igenzura ry'imico rihora rikorwa. Abamalayika b'Imana bagera agaciro kanyu k'ubwenge, kandi bakandika amakene yanyu, maze bakamurika ibyanyu imbere y'Imana. –Review and Herald, 2 avril, 1889 (April 2, 1889).

Buri wese ku giti cye, tuzaryozwa nubwo kaba agace gato k'ibyo twari dufitiye ubushobozi bwo gukora tutakoze .Mu buryo butibeshya, Nyagasani apima ubushobozi bwacu bwose bwamukorera. Italanto zitakoreshejwe zizasuzumwa kimwe n'izakoreshejwe. Kuko Imana ituryoza ibyo twari gushobora guhinduka byo ku bwo gukoresha neza italanto twahawe. Tuzacirwa urubanza hakurikijwe ibyo twari gushobora gukora nyamara tutakoze bitewe n'uko tutakoresheje ubushobozi bwacu bwose mu guhesha Imana icyubahiro. N'ubwo ahari tutazimiza imutima wacu, mu bihe bihoraho, tuzahora twiyumvamo igihombo cyatewe n' italanto zacu zitakoreshejwe. **Hazaba igihombo cy'iteka, k'ubw'ubumenyi bwose n'ubushobozi twari kuba twaragezeho nyamara ntitubugereho.** –Paraboles de Jésus, p. 372, 373 ; Christ's Object Lessons, p. 363.

Icyari kuba cyaragezweho

Iyaba buri musirikare wese wa Kristo yarakoze inshingano ye, iyaba buri murinzi wese washyizwe ku nkike z'i Siyoni yaravugije impanda mu ijwi risobanutse, ubu abo mu isi baba baramaze kumva ubutumwa bw'umuburo. Nyamara umurimo wakererewe imyaka myinshi. Mu gihe abantu bari basinziriye, Satani we yakomeje umurimo we wo kudutanguranwa. –Témoignages, vol. 3, p. 354 ; Testimonies, vol. 9, p. 29.

Nimureke muri iki gihe dukore umurimo twashinzwe, kandi twamamaze ubutumwa bugomba gukangura abagabo n'abagore kugira ngo biyumvishe akaga barimo. Iyaba buri mudivantisti w'umunsi wa karindwi yarasohojwe neza inshingano ye, umubare w'abizera uba urenze aho uhagaze ubu. Mu mijyi yose yo muri Amerika haba hariho abantubamaze kwemera ubutumwa, bakumvira amategeko y'Imana. –Témoignages, vol. 3, p. 350 ; Testimonies, vol. 9, p. 25.

Iyaba ubwoko bw'Imana bwarakurikije imigambi yayo mu kwamamaza ubutumwa bw'imbabazi mu isi, ubu Kristo aba yaramaze kugaruka, kandi abera baba baramaze kwakirwa mu murwa w'Imana. –Témoignages, vol. 3, p. 82 ; Testimonies, 6, p. 450.

Igitabo cyo mu ijuru

Isi ikeneye ababwirizabutumwa,ingo zitangiye kubwiriza ubutumwa,kandi nta wuzandikwa mu bitabo byo mu ijuru ko ari umukristo adafite umwuka w'ibwirizabutumwa. -Review and Herald, 23 août, 1892 (August 23, 1892).

Niba abizera b'itorero buri wese ku giti cye adakoze uruhare rwe bwite muri uyu murimo, baba berekanye ko nta sano nyakuri bafitanye n'Imana. Amazina yabo yandikwa ko ari abagaragu b'abanebwe. –Témoignages, vol. 2, p. 194 ; Testimonies, vol. 5, p, 462-463.

Muri buri nkubiri y'iby'iyobokamana habamo abantu biheza, n'ubwo baba badahakana ko umurimo ari uw'Imana, bakanga gushyiraho ruhare urwo arirwo rwose ngo bawushyigikire. Bene nkabo, icyari kubabera cyiza ni ukujya bibuka igitabo cyo mu ijuru aho byose byandikwa –aricyo gitabo kitabamo kwibeshya cyangwa amafuti, ari na cyo kirimo ibizabacira urubanza. Muri cyo handitswemo amahirwe yo gukorera Imana yirengagijwe ; kandi muri cyo ni na ho handitswemo igikorwa cyose cyo kwizera n'urukundo mu rwibutso ruhoro. –Prophètes et Rois, p. 486 ; Prophets and Kings, p. 639.

Mu gitondo cyo ku wa 23/10/1879 hafi mu ma saa munani z'ijoro, Umwuka w'Imana yanjeho, maze nitegereza ipica y'urubanza rugiyeye kuza... Inzovu incuro inzovu bari bateraniye imbere y'intebe nini y'ubwami, yari yicaweho n'uwari ufite ishusho y'igitinyiro. Imbere ye hari ibitabo byinshi, kandi ku gifuniko cya buri gitabo, mu nyuguti za zahabu, zasaga n'ibirimi by'umuriro, hasomwaga ngo : « Igitabo gikomeye cyo mu ijuru. » Kimwe muri ibyo bitabo cyari kirimo amazina y'abavuga ko bizera ukuri, nuko kirabumburwa. Kikibumburwa, sinongera kubona ya nteko itabarika yari izengurutse intebe maze amaso yanjye yerekezwa gusa kuri ba bandi bari mu mubare w'abahamyaga ko ari abana b'umucyo n'abayoboke b'ukuri...

Ikindi gitabo cyanditswemo ibyaha by'abavuga ko bemera ukuri kirabumburwa. Minsi y'umutwe w'amagambo witwa kwikunda, hakurikiyeho urutonde rw'ibindi ibyaha byinshi... Umugabane umwe w'abantu wari wanditswe ku rutonde rw'abanyunyuriza ubutaka ubusa. Mu gihe ijisho ricengera

ry'umucamanza ryabatindagaho, ibyaha byabo byo kutagira icyo bitaho birabahishukira neza. Iminwa yabo ita ibara kandi irasusumira, batura ko bagambaniye inshingano yera Imana yari yarabashinze. Bari barabonye imiburo n'amahirwe, nyamara ntibabyitayeho haba no kubikoresha. Ubwo, bari bamaze kubona ko bari barakabije gukinisha imbabazi z'Imana. Mu by'ukuri nta byaha bitesha agaciro bari kwatura, ahubwo, kimwe na wa mutini, bavumwe bazira ko nta mbuto n'imwe beze, bitewe nuko batabyaje umusaruro italanto zabo. Iri tsinda ni iry'abari barimitse inarijye, bakorera gusa inyungu zo kwikubiraho. Ntibari abakungu ku Mana kuko batasohoje ibyo Imana yabashakagaho. N'ubwo bihamyaga ko ari abagaragu ba Kristo, ntibari barigeze bamuzanira imitima. Iyo umurimo w'Imana uza kuba ari bo wari wegamiyeho, wari kudindira; kuko, uretse gusa kuba bari barigundiriyeho amafaranga Imana yari yarabatije, bayimye n'impagarike yabo... Bari baratereranye abandi mu murimo wo mu ruzabibu rwa Sebuja bituma bikorera inshingano ziremereye, mu gihe bo bari bahugiye mu nyungu zo kwikubiraho zo ku isi....

Umucamanza aravuga ati: "bose bazatsindishirizwa no kwizera kwabo kandi imirimo yabo ni yo izabaciraho iteka." Mbega ukuntu kwirengagiza kwabo kwagaragaye n'ukuntu ubwenge bwa gahunda y'Imana butagira akagero mu guha buri muntu wese icyo gukora mu guteza imbere umurimo no gukiza bagenzi be! Buri wese yagombaga kwerekana kwizera kuzima mu muryango we no mu baturanyi, agirira neza abakene, akifatanya n'abanyamibabaro, akagira umwete ugurumana mu murimo w'ibwirizabutumwa, no gutangana ibye ubuntu ngo bikore umurimo w'Imana. Nyamara, kimwe na Merozi, bavumwe n'Imana kubw'ibyo batakoze. Bakunze imirimo yabazaniraga inyungu muri ubu bugingo; maze imbere y'amazina yabo mu gitabo cyandikwamo imirimo myiza, hari ubusa bukojeje isoni. –Témoignages, vol. 1, p. 597, 600; Testimonies vol. 4, p. 384-386.

Dukeneweho byinshi kuruta abakurambere bacu

Umucyo utumurikiraho uruta by'ihabya uwamurikiye ba data. Ntidushobora kwemerwa cyangwa ngo duhabwe icyubahiro

n’Imana dukoze gusa imirimo isa n’iy’abakurambere bacu bakoze . Kugira ngo Imana itwemere kandi iduhe umugisha, nk’uko na bo yabemeye kandi ikabaha umugisha, tugomba kwigāna ubudahemuka n’ishyaka ryabo, tukagenda uko umucyo twahawe uri, nk’uko na bo bagendeye mu mucyo bari barakiriye ;kandi tugakora nkuko bakagombye gukora iyaba ari bo bari bariho mu minsi yacu. Tugomba kugendera mu mucyo uri kutumurikira, nibitaba bityo uwo mucyo uzahinduka umwijima. –Témoignages, vol. 1, p. 100 ; Testimonies, vol. 1, p. 262.

Guhwitura itorero ry’irinenganenzi

Ntushobora kwiyumvisha ukuntu ahakagombye kuba hari gukorwa n’abakozi amagana ubona hari umukozi umwe. Kudakangukira umurimo, ubukonje, kuba simbirimo by’abivugaho ko ari abahungu n’abakobwa b’Imana bisigaye ari ingingo ituma ab’ijuru bose batangara. Mu kuri harimo imbaraga itanga ubugingo. –Testimonies, vol. 9, p. 42.

Ntituzigera na rimwe dukirizwa mu bunenganenzi no mu kuba imburamukoro. Ntibibaho ko umuntu wahindutse by’ukuri agira imibereho y’imburamumaro kandi itagira icyo imaze. Ntidushobora guhatirwa kujya mu ijuru. Nta munebwe n’umwe uzaryinjiramo... Abanga gukorana n’Imana muri iyi si no mu ijuru ntibazakorana na yo. Kandi kubajyanayo byaba ari ukwica umutekano w’ab’ijuru. –Parables, p. 283, 284 ; Christ’s Object Lessons, p. 280.

Ijuru ryose riri kwitegerezanya Itorero amatsiko menshi kugira ngo rirebe ukuntu buri mwizera waryo wese abyifatamo mu kumurikira abakiri mu mwijima. –Review and Herald, 27 février, 1894 (February 27, 1894).

Mugomba kuzirikana ko mukorana n’Imana ikomeye , kandi mugahora mwibuka ko Imana atari umwana wo kunegurizwa izuru. ntimushobora kwinjira mu murimo wayo uko mushaka ngo mwongere muwuvemo igihe mushakiye. Testimonies, vol. 2, p. 221.

Ibiremwa byo mu ijuru byategereje gufatanya n’ibikoresho by’abantu, ariko ntitwigeze tubarabukwa. –Testimonies, vol. 6, p. 297.

Abamalayika bo mu ijuru bategereje igihe kirekire ibikoreshe-
bantu ;ari bizera bagize itorero, kugira ngo bafatanye nabo mu
murimo ukomeye ugomba gukorwa. Ni wowe barindiriye.
–Témoignages, vol 3, p. 369 ; Testimonies, vol, 9. p. 46-47.

Imbaga y’abantu benshi baragenda bagana ku munsu wa
Nyagasani nta cyo bakora, bahunga inshingano zabo, kandi icyo
bibabyarira ni uko bahinduka ibikuri mu by’umwuka. Ku kintu
cyose kirebana n’umurimo w’Imana, ku mpapuro ziriho amateka
y’imibereho yabo hariho ubusa buteye agahinda. Ni ibiti mu
busitani bw’Imana, bibereyeho gusa kunyunyuzwa ubutaka,
amashami yabyo atagira imbuto agatera igicucu ku butaka bwari
gushobora kumeraho ibiti byera imbuto. –Review and Herald, 22
mai 1888 (May 22, 1888).

Abatagira icyo bakorera Nyagasani cyangwa abakora bya
nikize bari mu kaga. Ubuntu bw’Imana ntibuzakomeza gutura
igihe kirekire mu mutima w’umuntu wagize amahirwe menshi
n’imyanya myinshi agakomeza kwisecekeka. –Review and Herald,
22 août 1899 (August 22, 1899).

Iki si cyo gihe cyo gusinzira, -si igihe cyo kwicuza kutagira
umumaro. Uhangara guhunika kur’ubu, azazimiza amahirwe
y’agaciro yo gukora ibyiza. Twahawe amahirwe menshi
y’umugisha yo kurundanya imiba mu isaruro rikomeye ; kandi buri
mutima wose uzaba wakijijwe uzakinduka inyenyeri yiyongereye
ku ikamba rya Yesu ari na we Mucunguzi wacu ukwiriye gusengwa.
Ni nde wakwifuzwa kurambika intwari, azi ko akomeje urugamba
akandi kanya gato , yakwegukana izindi ntsinzi nshya kandi
akunguka indi makamba mashya y’iteka ryose ? –Review and
Herald, 25 octobre 1881 (October 25, 1881).

Intumwa zo mu ijuru zirakora umurimo wazo ; nyamara se
twebwe turakora iki? Bene data na basaza banjye, Imana
irabahamagarira gucungura igihe. Nimwegere Imana. Nimusese
impano ibarimo. Reka abagize amahirwe yo kwimenyereza
impamvu zo kwizera kwacu muri iki gihe bakoreshe ubu bumenyi
bafite umugambi. –Historical Sketches, p. 288.

Yemwe abahora basubira mu isengesho ry’Umukiza rigira riti
"Ubwami bwawe buze, ibyo ushaka bikorwe mu isi nk’uko biba
mu ijuru" mushobora mute kugumya kwidamararira mu ngo zanyu
nta bufasha mutanga bwo kugeza urumuri rw’ukuri ku bandi?

Mushobora mute kurambura ibiganza byanyu mubyerekeza ku Mana muyisaba kubahira mwe n'imiryango yanyu, aho mwe mukora duke mu kugoboka abandi? –Historical Sketches, p. 288.

Hari abantu muri twe baramutse bemeye gufata agahe ko kwibaza, batahura ko kudakora kwabo ari icya cyo guhamba italanto Imana yabaragije. Bene data namwe basaza banjye Umucunguzi wanyu hamwe n'abamarayika bera bose batewe agahinda no kunangira kw'imitima yanyu. Kristo yatangiye ubugingo bwe gukiza imitima, nyamara kandi, mwebwe abamenye urukundo rwe, mukoresha umuhati muke mu gutanga imigisha y'ubuntu bwe ku bo yapfiriye. Uko kwigira simbirimo n'uko kwirengagiza inshingano bitera abamarayika kumirwa. Ku munsi w'urubanza muzahura n'abo mwirengagije. Kuri uwo munsi ukomeye, muzacumitwa mu mitima kandi mwicireho iteka. icyampa Imana ikabayobora ku kwihana. icyampa ikababarira ubwoko bwayo kubwo kwirengagiza umurimo yabahaye gukora mu ruzabibu rwayo. –Témoignages, vol. 3, p. 66 ; Testimonies, vol. 6, p. 425-426.

Ni iki twabwira umwizera w'itorero w'umunebwe ngo abone akamaro ko gutaburura italanto ye maze ayishyire abagenza ? Mu bwami bwo mu ijuru nta mwanya wagenewe umunebwe n'umunenganenzi. icyampa Imana igacengeze mu matorero asinziriye uburemere bw'iki kibazo ! icyampa Sioni igahaguruka maze ikambara imyambaro yayo y'umurimbo ! Yewe icyampa ikarabagirana! –Témoignages, vol. 3, p. 75 ; Testimonies, vol. 6, p. 434.

Hariho umurimo wo gukorera abatazi ukuri, uhwanye na wa wundi mwakorewe igihe mwari mukiri mu mwijima. Igihe cyo gusinzira, cyo kuba abanebwe n'abanenganenzi cyararenze. Nyir'urugo yahaye buri wese ikivi cye. Twe gusubira inyuma, ahubwo dutere imbere. Dukeneye ihinduka rya buri munsi. Dukeneye ko urukundo rwa Yesu ruterera mu mitima yacu, kugira ngo tuzahinduke ibikoresho byo gukiza imitima. –Review and Herald, 10 juin 1880 (June 10, 1880).

Umwami Yesu arasaba umuntu wese wiyita umuhungu n'umukobwa w'Imana kutavirira ibikorwa byo gukiranirwa gusa, ahubwo agakungahara no mu bikorwa by'urukundo, kwiyanga ubwe no kwicisha bugufi. Nyagasani yashyize ahabona umurimo

wakomotse ku miterere y'intekerezo zimwe na zimwe, no ku mikorere imwe n'imwe, kugira ngo bitubere akabarore mu murimo udutegereje. Aravuga ati: « Udafite azakwa n'icyo yari afite. » Abatabyaza umusaruro amahirwe bahawe, badakoresha neza ubuntu Imana ibaha, inyota yo kubikora igenda igabanuka buhoro buhoro, maze ibyo bājyaga bashobora, amaherezo bigashirira mu bitotsi no kugwa ikinya. Ntibateganyiriza iminsi y'amapfa bakoresheje kwakira inararibonye yagutse, ubumenyi bwimbitse bw'iby'ijuru, kugira ngo bashobore guhangana n'ikigeragezo n'igishuko bibisutseho. Mu gihe hadutse akarengane cyangwa ibishuko, abo bantu bazimiza akanyabugabo no kwizera, maze urufatiro rwabo rugasenyuka kuko batigeze bakenera kurukomeza. Ntibigeze bazirika umutima wabo ku rutare rw'iteka ryose. -Review and Herald, 27 mars 1894 (March 27,1894).

Mbega ukuntu ku munsu uheruka ukomeye bizaba biteye ubwoba gutahura neza ko abo twashyikiranaga cyane dutandukanijwe na bo by'iteka ryose, cyangwa abagize imiryango yacu, wenda abana bacu bwite, bazaba badakijijwe; cyangwa se abazaba baratugendereye bakarira ku meza yacu, babaye mu mubare w'abarimbutse. Ubwo ni bwo tuzibaza iki kibazo ngo "Ese iyi yaba ari ingaruka y'uko nabuze kwihangana, imyifatire yanjye idasa n'iya Kristo; cyangwa se ni uko iyobokamana rya Kristo ryaba ryarazimije uburyohe bubareshya biturutse ku kudashobora gutegeka imiterere yanjye?

Isi igomba kubwirwa umuburo w'ibyo kugaruka kwa Kristo kuri hafi. Dusigaranye agahe gato cyane ko gukora uyu murimo. Imyaka myinshi yahise ubutagaruka kandi iba yarakoreshejwe neza mu gushakashaka mbere na mbere ubwami bw'Imana no gukiranuka kwayo, no gushyira abandi umucyo. Kuri ubu Imana iri kwinginga ubwoko bwayo bufite umucyo ukomeye kandi bushikamye mu kuri, bwakorewe byinshi, kugira ngo bikorera ubwabo kandi bakorere abandi ibiruta ibyo bigeze bakora. Mubyaze umusaruro ubushobozi bwo; buri mbaraga na buri talanto nibikoreshe; mukoreshe umucyo wose Imana yabahaye kugira ngo mukorere abandi ibyiza. Mwigerageza guhinduka ababwiriza, ahubwo muhinduke abakozi b'Imana. -Southern Watchman, 20 juin 1905 (June 20,1905).

Ibyitegererezo byemeza

Urukundo rw’Imana rwahangayikishijwe mu buryo butagira akagero no gushakira umuntu ibyiza, kandi abamalayika batangazwa no kubona abantu bakunzwe urukundo rukomeye rutyo badashima bihagije. Abamalayika batangazwa no kubona uburyo mwene muntu aha agaciro gake urukundo rw’Imana. Ijuru rirakazwa no kubona imitima y’abantu yirengagijwe. Mbese dushaka kumenya icyo Yesu abitekerezaho? Umubyeyi w’umugabo cyangwa w’umugore yakumva amerewe ate amenye ko umwana we yatereranwe akagwa mu mbeho no mu masimbi y’urubura, maze agapfa kandi aho hari ababashaga kumutabara? Mbega ukuntu bashavura biteye ubwoba, bakarakara nk’inyamaswa! Mbese ntibakwamagana abo bicanyi bafite uburakari bugurumana n’amarira bungana n’urukundo bākundaga umwana wabo? Imibabaro y’umuntu wese ni yo mibabaro y’umwana w’Imana, kandi abataramburira ibiganza kugoboka bagenzi babo bari mu kagako kurimbuka baba bihamagariye uburakari bwayo butabera. –Espoir de l’humanité, p. 891, 892 ; The Disire of Ages, p. 825.

Nasomye iby’umuntu, wagendaga mu gihe cy’ubukonje mu masimbi y’urubura rwinshi rwafatanye, aza gufatwa n’amanyinya yari hafi kumumaramo imbaraga z’ubutaraga. Ubwo yari hafi kugagara ngo apfe azize ubukonje bukabije, **amaze kuzibukira nta cyo acyimariye**, ni bwo yumvise iminiho y’undi mugenzi nka we wari uri gusamba azize imbeho nk’uko na we yari hafi kumera. Ubugwaneza bwe bukangurwa no kugira ngo amutabare. Atangira gushyuhya ingingo zabaye amanyinya z’iyo mpezamajyo, nuko nyuma yo gukoresha umuhati mwinshi, ashobora kumuhagurutsa; bitewe n’uko mugenzi we atari agishobora guhagarara, amucigatira mu maboko y’impuhwe amwambutsa urugerekerane rw’amasimbi atari gushobora kwambukiranya wenyine. Maze ubwo yari amaze gushyira mugenzi ahatekanye, aherako yiyumvisha ko mu gukiza mugenzi we na we yikijije ubwe. Imihati ye y’ikuba gahu yo gukiza mugenzi we yashyuhije amaraso yari yamaze gukonjera mu mitsi ye, maze icengeza ubushyuhe bukiza mu ngingo ze zose. Ibi byigisho bigomba guhozwa imbere y’abakiri bato mu kwizera, atari mu magambo gusa, ahubwo no

mu bikorwa, kugira ngo na bo bazabashe gushyira umusaruro nk'uwo mu nararibonye yabo ya gikristo. –Testimonies, vol. 4, p. 319-320.

Ntimugomba kwihugiraho mwebwe ubwanyu, maze ngo munyurwe n'uko mwamaze kwakira imigisha yo kumenya ukuri. Ni nde wabazaniye ukuri? Ni nde waberetse umucyo wo mu Ijambo ry'Imana? Imana ntiyahahereye uwo mucyo kuwutwikiriza intonga. Nasomye inkuru y'urugendo rwakozwe mu gushakashaka Bwana John Franklin. Abagabo b'intwari basize ingo zabo, bazereraga ahagereye inyanja z'amajyaruguru (inyanja y'Arigitika), bihangana gukena, gusonga, gukonda n'amakuba. Ibyo byose byakorewe iki? –Nta kindi babikoreye uretse gusa gushaka ishema ryo kuvumbura intumbi z'abashakashatsi, cyangwa niba bishoboka gukiza bamwe bamwe babaga batarahura n'urupfu rukomeye rwabaga rubugarije niba ubutabazi butabagezeho ku gihe. Iyo baba barashoboye kurokora umuntu n'aho yaba umwe, bari kubona ko umubabaro wabo ubonye indishyi ihagije. Kandi ibyo byose babikoraga biyemeje guhomba ibyabo n'umunezero uzanwa na byo.

Bitekerezeho maze ugereranye n'utuntu duke twiteguye gutambaho igitambo ku bwo gukiza imitima y'agaciro ituzengurutse. Ntiduhatirwa gusiga urugo rwacu ngo dutangire urugendo rururira kandi runaniza, kugira ngo dukize ubugingo bw'umuntu uri mu kaga ko kurimbuka. Ku irembo ryacu, ahaturizengurutse hose, hari imitima irimbuka, igomba gukizwa, –abagabo n'abagore bari gupfa batagira ibyiringiro n'Imana, –nyamara kandi twumva ntacyo bitubwiye, ibikorwa byacu n'amagambo yacu bikavugaga bitahuranye bigira bita "Mbese ndi umurinzira wa mwene Data?" Abazimira ubuzima bwabo bihatira gukiza abandi, mu isi bahabwaga icyubahiriro cy'ibihanganye n'icy'abahowe Imana. Tuziyumva dute, twabwira abategereje ubugingo buhoraho, niba tutemera ko ari amahirwe gutamba udutamba duto duto Imana idusaba ku bw'agakiza k'imitima. –Review and Herald, 14 août 1888 (August 14, 1888).

Mu mujyi umwe wo muri Amerika (Nouvelle-Angleterre, –New England), hari hari gucukurwa iriba. Igihe umurimo wari hafi kurangira kandi mu mwobo hari hasigayemo umuntu umwe, ubutaka burariduka maze buramuhamba. Muri ako kanya bavuzaga

induru z'impuruza, maze abantu b'inzego zose, abakanishi, abahinzi, abacuruzi, abanyamategeko, batururira kumukiza bahagizwa n'ihubi. Bazana imigozi, inzego, ibitiyo bicukura n'ibiyora bafite ishyushyu, bakorana ubushake. Impande zose hari urusaku ruvuga ngo « Muramutabare, oh, muramutabare ! ».

Abatabazi bakoranye umwete urimo igihunga, mu ruhanga rwabo hatembaga ibyuya kandi amaboko yabo yahindishwaga umushyitsi no gukoresha imbaraga nyinshi. Bishyize kera, bashobora kunyuzwa itiyi mu butaka bwaridutse, ari na yo bashoboye kubarizamo uwo wari wagwiriwe n'ishyano ko yaba akiri muzima. Abasubiza agira ati « Ndiho, ariko nimugire bwangu kuko ngeze ahakomeye ! » Mu majwi y'ibyishimo bongera umuhati wabo, amaherezo bamugeraho baramukiza, impundu z'ibyishimo by'iyi nteko y'abantu zisaba ikirere. « Ararokotse », ni yo magambo yasubirwagamo mu tuyira twose two mu muji.

Ariko se mu manyakuri ubugingo bw'umuntu umwe bwari bukwiriye umwete no kwitabwaho bingana bityo ? Ni ko biri, ntibigishwa impaka. Ariko se kuzimiza ubuzima bwa none wabigereranya ute no kuzimiza ubugingo bw'iteka ? Niba gutinya kuzimiza ubuzima bwa none byarakanguye igishyika kingana gityo mu mitima, mbese kuzimiza ubugingo bw'iteka ntibikwiriye gukangura igishyika cyimbitse mu bavuga ko bazi akaga kugarije abari kure Ya Kristo ? Mbese ntibyari ngombwa ko abakozi b'Imana bagaragariza bagenzi babo umwete n'ishyaka rihanitse ryo kubakiza nibura nk'iry'abatabazi ba wa mugabo wari waridutswaho n'ubutaka mu iriba ? - Ministère évangélique, p. 27, 28 ; Gospel Workers, p. 31-32.

Ubuhamya bunyuranye n'uko uteye

Ukuri kose kw'ingenzi kwakiriwe mu mutima kugomba kwigaragariza mu mibereho. Uko urukundo rwa Kristo abantu bakiriye rungana, ni ko n'icyifuzo cyabo cyo kumenyesha abandi imbaraga zarwo kingana ; gishimangira kandi kikagura agaciro karwo mu mitima yabo bwite. –Review and Herald, 19 février 1889 (February 19, 1889).

Kwizera kwacu kugomba kugwiza imirimo myinshi ; kuko kwizera kutagira imirimo kuba gupfuye. –Testimonies, vol. 4, p.

145.

Abantu bose bakiriye ubutumwa bwiza mu mitima yabo bazagira inyota yo kubwamamaza. Urukundo mvajuru rwa Kristo rugomba kwigaragaza. –Les Parables de Jésus, p. 120 ; Christ's Object Lessons, p. 125.

Tugomba guhimbarisha Imana imirimo igaragara, dukora ibyo dushoboye byose ngo twagure icyubahiro cy'izina ryayo. –Les Parables de Jésus, p. 307 ; Christ's Object Lessons, p. 300.

Muri iki gihe cyacu kwizera kwacu ntikugomba guhagararira gusa ku kwemera no kwizera ubutumwa bwa marayika wa gatatu mu magambo. Tugomba kugira amavuta y'ubuntu bwa Kristo kugira ngo amatara yacu ashobore kumurika umucyo w'ubugingo, maze yereke inzira abakiri mu mwijima. –Témoignages, vol. 3, p. 423 ; Testimonies, vol. 9, p. 155.

Imigisha n'imbaraga zanyu z'iby'umwuka zanyu z'iby'umwuka bizahwana n'imihati y'urukundo n'imirimo myiza mukora. –Testimonies, vol. 3, p. 526.

Iyaba abavuga ko bafite umucyo w'ukuri bose bawugenderagamo, bāgakoreye Kristo byinshi. –Testimonies, vol. 9, p. 40.

Neretswe ko nk'ubwoko bw'Imana turi abanyanteye nke. Imirimo yacu ntijyanirana no kwizera kwacu. Kwizera kwacu guhamya ko turi mu gihe cy'iyamamazwa ry'ubutumwa bw'ingenzi kandi bukomeye butigeze buhabwa abantu bapfa. Nyamara ni iby'ukuri ko umuhati wacu, ishyaka ryacu, umwuka wacu wo kwitambaho igitambo, bidakwiranye n'imiterere y'uwo murimo. Tugomba gukanguka tukava mu bapfuye, kandi Kristo azaduha ubugingo. –Testimonies, vol. 2, p. 114.

Nimujye mbere mufite kwizera kandi mwamamaze ukuri nk'uko mukwizera, mufite n'imbaraga yemeza. Reka abo mukorera batahure ko uko kuri kwababereye ukuri kuzima koko. –Testimonies, vol. 9, p. 42.

Imibereho yigana iya Kristo, ni cyo gihamya gifite imbaraga cyo gushyirwa imbere mu kurengera ubukristo. –Testimonies, vol. 9, p. 21.

Hari benshi batura ko bizera izina rya Kristo ariko imitima yabo ikaba itariyemeje kwinjira mu murimo we. Biyambika ishusho yo kwera kw'inyuma, ubwo bakaba baremereje cyane

iteka bazacirwaho, maze bagahinduka ibikoresho bya Satani, abashukanyi bakabije mu kurimbura imitima. –Review and Herald, 27 mars 1888 (March 27, 1888).

Abahanze amaso umukiza ,barimo kwezesha imitima yabo kumvira ukuri. Kuba maso ubudahwema babyomatanya no gukorana umwete.Ishyaka ryabo rikangukira gufatanya n’abo mu ijuru mu murimo w’agakiza k’imitima,kuko bazi ko Umwami ageze ku irembo. Ibi ni byo bisonga bikiranuka kandi by’ubwenge bigaburira abo mu rugo rwa Nyagasani « ibyo kurya byabo mu gihe gikwiriye ». Babwiriza ukuri kujyaniranye n’igihe turimo. Nk’uko Enoki, Nowa, Aburahamu na Mose buri wese yatanze ukuri gukwiranye n’igihe cye, ni ko n’abagaragu ba Kristo muri iki gihe bari gutanga imiburo yihariye ikwiranye n’igisekuru cyabo. –L’Espoir de l’humanité, p. 686 ; The Disire of Ages, p. 634.

Agaciro kacu imbere y’Imana ntigashingiye ku bwinshi bw’ucyo twakiriye, ahubwo gashingiye ku cyo tuwukoresha. Uko niko ndetse n’abapagani bagendera mu bitunganye ku rugero rw’ibyo bashobora gutahura, bafite amahirwe kuruta abantu bafite umucyo mwinshi kandi bahamya ko bakorera Imana nyamara bahinyura umucyo kandi imibereho yabo ya buri munsu ikavuguruza ibyo bizera. –L’Espoir de l’humanité, p. 236 ; The Disire of Ages, p. 239.

Amahirwe ya buri mukristo si ugutegereza gusa kugaruka k’Umucunguzi, ahuwo ni ukubitebutsa. Iyaba abatura izina rya Kristo bese beraga imbuto zo guhesha Imana icyubahiro, mbega ukuntu imbuto y’ubutumwa bwiza yabibwa mu isi mu buryo bwihuse.Bidatinze umusaruro ukomeye uheruka waneka kandi Kristo yagaruka gutwara imbuto z’agaciro. –Paraboles, p. 60, 61 ; Christ’s Object Lessons, p. 69.

Abakristo bagomba gukanguka bakuzuza inshingano birengagije; kuko agakiza k’imitima yabo bwite gashingiye ku muhati wa buri muntu ku giti cye. Review and Herald, 23 août 1881 (August 23, 1881).

Gusenga nyakuri gushingiye mu gukorana na Kristo. Amasengesho, guhugura, hamwe n’ibiganiro, ni imbuto z’agaciro gake bakunda kwihangira, nyamara imbuto zigaragarira mu mirimo myiza nko kugoboka abari mu bukene, abapfakazi n’imfubyi, ngizo imbuto nyakuri, kandi zera mu buryo

bw'umwimerere ku giti cyiza. –Review and Herald, 16 août 1881 (August 16, 1881).

Reka buri wese mu bagize Itorero yuzuze inshingano yahawe ari yo yo kwakira umucyo no kuwukwirakwiza. Nta n'umwe wagira ubunebwe mu ruzabibu rwa Nyagasani ngo abone icyo kwireguza. –Review and Herald, 19 février 1889 (February 19, 1889).

Ihame ryo gukora ni yo mbuto Kristo adutegeka kwera; gukora imirimo y'ubugiraneza, gukwirakwiza amagambo meza, kwita no kugirira impuhwe abakene, abatishoboye n'abamerewe nabi. –Review and Herald, 16 août 1881 (August 16, 1881).

Umusamariyakazi waganiriye na Yesu ku iriba rya Yakobo akimara kumenye ko ari we Mucunguzi, yahereyeko amuzanira abandi. Yerekanye ko ari umubwirizabutumwa w'ingirakamaro kuruta abigishwa ba Kristo. Abigishwa ba Yesu nta kimenyetso na kimwe cyaberekaga ko Samariya ari umurima urumbuka. Intekerezo zabo zari zerekeye ku murimo mugari wari kuzakorwa ahazaza. Ntibarabukwaga ko ahabazengurutse hari umusaruro witeguye gusarurwa. Ariko kbinyuze ku mugore nk'uwo wari ugayitse imbere yabo, umujyi wose wazanywe no gutegeza Yesu amatwi. Yahereyeko ashyira umucyo abo basangiye ubwenegihugu. Uyu mugore agereranya imikorere yo kwizera Kristo gushyizwe mu bikorwa. – The Ministry of Healing, p. 102.

Abadvantiste b'Umunsi wa Karindwi bari gutera imbere, bari gukuba umubare wabo, barubaka za Misiyoni, barashinga ibendera ry'ukuri mu birere bicuze umwijima by'isi; nyamara birarenga umurimo ukagenda buhoro cyane kuko binyuranye n'umuvuduko Imana yashakaga. [Ni ukubera iki?] Ni uko buri wese mu bagize Itorero adakangutse ku giti cye ngo bakoreshe umuhati uvuye ku mutima bakora ibyo bashoboye gukora, kandi buri shami ryose ry'umurimo rimugajwe no kubura kwera kugurumana n'abakozi bitanze, biyoroheje kandi batinya Imana. Mbese abasirikare b'umusaraba wa Kristo bari he? Reka abatinya Imana, b'abiringirwa, batari ab'imitima ibiri, kandi bagirira ifuhe icyubahiro cy'Imana, bitegure urugamba rwo kurwanya ikinyoma. Hariho imitima myinshi itinya, y'ibigwari muri kino gihe cy'urugamba rw'iby'Umwuka. Oh! mbega ukuntu n'abanyantegye nke bahinduka abanyambaraga n'intwari ku ntambara kugira ngo

bashwiragize ingabo z’abanzi. –Historical sketches, 290.

Ni ihame rusange ko igihe cyose umuntu yanze gukoresha imbaraga yahawe n’Imana,izo mbaraga zirayoyoka zigashira. Ukuri kudashyizwe mu mibereho,ntikugezwe ku bandi,gutakaza imbaraga zako n’ubushobozi bwako bukiza. –Conquérants pacifiques, p. 184 ; The acts of the Apostles, p. 206.

Nta cyatuma kwera kwanyu kugira amagufwa n’imisokoro nko gukorera guteza imbere umurimo muhamya ko mukunda, aho kuwugwabiza. –Testimonies, vol, 4, p. 236.

Abarushywa no kugundira imibereho yabo ya gikristo ntacyo bakora,bemera gusa imigisha ikomoka mu buntu bw’Imana ntacyo bayikorera,baragerageza kuberaho kurya ntacyo bakora. Nyamara kandi mu birebana n’iby’umwuka, kimwe no mu by’umubiri, byanze bikunze iyo mikorere itera umuntu konda no gupfa. –Vers Jésus, p. 81 ; Steps to Christ, p. 35.

Akaga kibasiye umurimo w’ivugabutumwa

Twikwibagirwa ko iyo ibikorwa byacu byiyongereye kandi iyo tubonye intsinzi runaka mu gusohoza umurimo utureba, tuba turi mu kaga ko kwishingikiriza ku migambi n’imikorere ya kimuntu. Bibyara akamenyero ko gusenga buke no kubura kwizera. Tuzibona mu kaga ko kwibagirwa kwishingikiriza ku Mana Yo yonyine ishobora gutuma umurimo wacu ugira umusaruro ; nyamara n’ubwo ibi ari akamenyero ntihakagire umuntu wibwira ko igikoresho muntu gishobora gukora bike. Oya, ntagomba gukora bike, ahubwo agomba gukora byinshi kubwo kwemwira impano y’Umwuka Wera y’ijuru. –Review and Herald, 4 juillet 1893 (July 4, 1893)

Hazaza ibihe ubwo itorero rizasunikwa n’imbaraga mvajuru, kandi umusaruro uzaba gukorana umwete ; kuko imbaraga ihembura y’Umwuka Wera uzahembura abarigize batere imbare kandi bazanire Kristo imitima. Nyamara mu gihe uwo murimo uzigaragaza, abakozi b’abanyamwete bazagira umutekano gusa ari uko bateze amakiro ku Mana binyuze mu masengesho ahoraho kandi asenganywe umwete. Bazaba bagomba kwinginga cyane kugira ngo ubuntu bwa Kristo bubarinde kwikakaza babitewe n’umurimo wabo no kubarinda gufata imirimo nk’aho ari

yo yabahesha agakiza. Bagomba guhora bahanze amaso Yesu, kugira ngo biyumvishe ko imbaraga ye ari yo ikora umurimo maze icyubahiro cyose bacyegurire Imana. Tuzahamagarirwa gukoresha umuhati mwinshi utadohoka kugira ngo twagure umurimo w’Imana, kandi gusenga Data wa twese wo mu ijuru bizagenda birushaho gukenerwa. Bizaba ngombwa gutanga igihe cyo gusenga mu rwiherero, amasengesho yo mu muryango n’amasengesho y’Itorero. –Review and Herald, 4 juillet 1893 (July 4, 1893).

Ba Rabbi bahaga agaciro imirimo yo kwibonekeza nk’urugero ruhanitse rwo kwera. Bishingikirizaga ku bikorwa bigaragara inyuma kugira ngo berekane kwera kwabo guhanitse. Uko niko batandukanije imitima yabo n’Imana, maze bikomereza mu kumva bihagije. Na n’ubu ako kaga karacyariho. Uko ibikorwa byiyongera, kandi abantu bakagira umusaruro mu murimo wose bakoreye Imana, bashobora kugwa mu kaga ko gutega amakiriro ku mikorere n’i migambi ya kimuntu. Haba ingorane yo gusenga buke no kubura kwizera. Kimwe n’abigishwa ba Kristo, tukaba mu kaga ko kwibagirwa gutega amakiriro ku Mana no gushakira agakiza mu bikorwa byacu bwite. Dukeneye guhora duhanze amaso kuri Yesu kandi tugasobanukirwa ko imbaraga ye ari yo ikora umurimo. Nubwo tugomba gukorana umwete umurimo wo gukiza abazimiye, ariko kandi tugomba gufata igihe cyo gusenga, kwibaza no kwiga Ijambo ry’Imana. Umurimo uherekejwe n’ amashengesho menshi kandi wejejwe n’ibyo Yesu yakoze ni wo ku iherezo uzagaragara ko wabaye ingirakamaro. –L’Espoir de l’humanité, p. 382, 383 ; Desire of Age, p. 362.

Gutera akanyabugabo abacyinjira mu murimo wa gikristo

Abakozi bagera ku ntsinzi nyinshi ni abasohozza inshingano zabo banezerewe bakorera Imana mu tuntu duto duto. Buri kiremwa muntu kigomba gutuburira muri cyo ishusho y’ijuru. –Temoingages vol 2.p,468; Testimonies, vol. 6, p. 115.

Tugomba gutuma inshingano zacu za buri munsu zihinduka ibikorwa by’ubwitange, tugahora tugwiza kuba ingirakamaro, bitewe n’uko umurimo wacu twurebera mu mucyo w’ibihe bidashira. –Testimonies, vol. 9, p. 150.

Mu igenamigambi ryagutse rya Nyagasani, Uwiteka afite umwanya yageneye buri wese. Italanto zidakenewe ntizatanzwe. –Témoignages, vol. 3, p. 362 ; Testimonies, vol. 9, p. 37.

Buri wese afite umwanya we mu igenamigambi rihoraho ry’Imana. Buri yahamagariwe gukorana na Kristo mu gukiza imitima. Umwanya dufite mu . –Paraboles de Jésus, p. 333 ; Christ’s Object Lessons, p. 326-327.

Imana ihanze amaso buri wese wo bwoko bwayo; kandi buri wese Imufitiye umugambi. –Témoignages, vol. 2, p. 86 ; Testimonies, vol. 6, p. 12.

Bose bashobora kugira icyo bakora mu murimo. Nta wuzashobora kugaragara nk’umuziranenge imbere y’Imana igihe cyose azaba atarashoboye gukora abikuye ku mutima kandi mu buryo budakeneye inyungu mu murimo wo gukiza imitima. –Testimonies, vol. 5, p. 395.

Nta wundi muntu ushobora kuzuza inshingano yawe. Uretse wowe gusa nta wundi ushobora kurangiza ikivi cyawe. Nutamurikisha umucyo ufite, uko kwirengagiza kwawe hari uwo kuzatuma aguma kuba mu mwijima. (Testimonies, vol. 5, p. 464).

Umukozi uciye bugufi witaba amahamagara y’Imana afite kumvira ni we ubasha kwiringira guhabwa ubutabazi mvajuru. Kwemera inshingano ikomeye kandi yera bitunganya imico. Bikoresha ubushobozi bwacu bw’ubwenge n’ubw’iby’Umwuka, bikomeza kandi bikaboneza intekerezo zacu n’umutima. Biratangaje kubona umuntu w’umunyanteye nke ahinduka umukozi w’umunyamwete ugera ku musaruro ukomeye, ku bwo kwizera imbaraga z’Imana. Umuntu utangirana ubumenyi buke, ashimishwa no kuvuga ibyo azi yicisha bugufi, akabifatanya no gukomeza kongera ubundi bumenyi, vuba cyane azatahura ko ubutunzi bwose bw’ijuru bumuri hafi. Uko azarushaho kugeza umucyo ku bandi, ni ko azarushaho kuwākīra. Uko arushaho gusobanurira abandi ljambo ry’Imana afite urukundo rw’imitima, ni ko rizarushaho kumusobanukira. Uko turushaho gukoresha ubumenyi bwacu n’imbaraga zacu ni ko tuzarushaho kugwiza ubumenyi n’imbaraga. (Les Paraboles de Jésus, p. 363 ; Christ’s Object Lessons, p. 354).

Reka buri wese akorere Imana hamwe n’imitima ; buri wese nagaragaze ubwenge, kandi ye gutegerereza mu bunebwe ko

hagira uza kumurarikira gukora. Uwo wari gushobora kukurarikira gukora, aremerewe n'inshingano nyinshi, kandi murapfusha ubusa igihe cyanyu mutegereje ko aberekera. Imana izabaha ubwenge bwo guhindura imirebere yanyu mu kanya gato; kuko iri hamagara ryayo ridatuza kumvikana ngo : « Mwana wanjye, uyu munsu na we jya gukora mu ruzabibu rwanjye. » « Uyu munsu nimwumva ijwi ryayo, ntimunangire imitima yanyu » (Abaheburayo 3:7-8). Uwiteka aratangiza irarika rye aya magambo ngo « Mwana wanjye ». Mbega impuhwe, mbega ibambe, nyamara rikaba ari impuruza yihutirwa. Kurarika kwe kurimo n'itegeko. (Counsels to Teachers, p. 419).

Iyo ukoranye ishyamba mu murimo w'Imana ni bwo ubona imbaraga zo guhangana n'ibibi. (Conquérants pacifiques, p. 93 ; The acts of the Apostles p. 105).

Buri gikorwa cyo gukiranuka, n'imbabazi n'ubugiraneza gihimbwamo indirimbo mu ijuru. (Review and Herald, 16 Août (August) 1881).

Umwuka wa Yesu Kristo ni Umwuka w'ibwirizabutumwa. icyifuzo cy'ibanze cy'umutima uvuguruwe ni icyo kuzana abandi ku Mukiza. (La Tragédie des siècles, p. 72, 73 ; The Great Controversy, p. 70).

Uburyo bumwe rukumbi bwo gukurira mu buntu ni ubwo gukora umurimo Kristo adushakaho tutawushakamo inyungu. (Review and Herald, 7 juin (Jun) 1887).

Mwe gutegereza imyanya ikomeye, n'impano z'akataraboneka, mbere y'uko mutangira gukorera Imana yanyu. (Vers Jésus, p. 83 ; Steps to Christ, p. 87).

Umuntu ubera abandi umugisha kandi imibereho ye ikaba irangwa no kunesha, ni wa wundi ushyira ubushobozi bwe bwose mu gukorera Imana na bagenzi be, yaba yarize cyangwa se atarize. (Southern Watchman, 2 Avril (April) 1903).

Abantu benshi Imana yari yarahaye ubushobozi bwo kuyikorera umurimo w'agahebuzo, baja bakora bike bitewe n'uko bagerageza bike. (Les Parables de Jésus, p. 337 ; Christ's Object Lessons, p. 331).

Iyo munaniwe inshuro mirongo icyenda n'icyenda ku ijana, ariko mugashobora gukiza umutima umwe, muba mukoze igikorwa kiboneye mu murimo wa Databuja. (Testimonies, vol. 4, p.

132).

Isano iri hagati y'Imana na buri mutima irasobanutse kandi iruzuye, nk'aho ari wo mutima wonyine ku isi Imana ihanze amaso kandi yatangiye Umwana wayo ikunda. (Vers Jésus, p. 100 ; Steps to Christ, p. 105)

Nyagasani arakubona kandi aragusobanukiwe, azagukoresha, kabone n'ubwo uri umunyanteye nke, nuramuka urunduriye italanto zose yakuragije mu murimo we udashaka inyungu ku bandi ; kuko umunyanteye nke ahinduka umunyembaraga iyo yirunduriye mu murimo ukoranywe umwete, kandi akishimira kwemerwa na Yo. Kwishimira mu Mwami ni ingingo itera imbaraga. Niba muri abiringirwa, amahoro ahebuje ubuhanga bwose azaba ingororano yanyu muri ubu bugingo ; kandi no mu bugingo bw'ahazaza, muzinjira mu munezero wa Shobuja. (Témoignages, vol. 3, p. 257 ; Testimonies, vol. 8, p. 34).

Abantu bafite italanto nkeya bashobora gukiriza Kristo imitima myinshi, baramutse barindiye imitima yabo mu rukundo rw'Imana bakiranutse. Harlan Page yari umukanishi w'umukene ufite ubushobozi buke kandi wize amashuri make; nyamara yiyemeza ko guteza imbere umurimo w'Imana kiba ikintu cy'ibanze cyamwigaruriye, maze umuhati we uhabwa ikamba ry'intsinzi igaragara. Yakoreye agakiza ka bagenzi be binyuze mu mushyikirano yagiranaga n'abandi n'amasengesho avuye ku mutima. Yashyizeho gahunda y'amateraniro yo gusenga, ibyigisho byo ku cyumweru kandi akwirakwiza impapuro ziriho ubutumwa n'utundi tunyamakuru tw'idini. Ubwo yari aryamye ku kariri ke agiye gupfa, inyegamo y'iteka ryose ikingirije uruhanga rwe, yashoboye kuvuga aya magambo ati « Nzi neza ko atari njye, ahubwo ubuntu bw'Imana bwonyine ni bwo bwanshoboje kugira icyo nkora ; nyamara nshobora kugira ubwishingizi ko abantu barenga ijana bahindukiriye Imana binyuze kuri njye. » (Testimonies vol. 5, p. 307-308).

Ku mukristo iyi si si paradizo, ahubwo ni ikigo cy'Imana idutorezamo kwimenyereza kuzaba mu ijuru ryera turi kumwe n'abamarayika b'abaziranenge. (Testimonies, vol. 2, p. 187).

Umuntu woroheje kandi w'umukene hanyuma y'abandi wo mu bigishwa ba Kristo ashobora kubera abandi umugisha. Bashobora kuba batiyumvisha ko hari ibyiza bidasanzwe bakora,

nyamara binyuze mu cyitegererezo batanga batabyiyumvisha, babasha kugomorora umuvumba w'imigisha uzagenda waguka kandi wimbika, kandi bazamenya umusaruro w'ibyo bakoze ku munsu w'ingororano ziheruka. Ntibiyumvamo cyangwa ngo bamenye ko bari gukora ikintu gikomeye. Ntibasabwa kwirushya bahangayikira intsinzi. icyo basabwa gusa ni ukujya mbere mu ituze bakorana gukiranuka umurimo Imana ibashinga, kandi imibereho yabo ntizaba imfabusa. Imitima yabo izagenda irushaho gukurira mu gusa na Kristo; ni abakozi bakorana n'Imana muri ubu bugingo, kandi muri ubwo buryo bitegurira umurimo urushijeho kwaguka hamwe n'umunezero utagira impinduka mu bugingo bw'ahazaza. (Vers Jésus, p. 83 ; Steps to Christ, p. 83).

Hari benshi bihayeho Kristo, nyamara kandi batajya babona uburyo bwo gukora byinshi no kwitamba mu murimo we. Nibihumuririshe kwibuka ko Imana itanezewa gusa n'abapfuye bazira ibyayo; birashoboka ko atari ababwirizabutumwa bahora bahanganye n'akaga n'urupfu bya buri munsu bafata umwanya w'imbere mu bitabo byo mu ijuru. Umuntu w'umukristo nyakuri mu mibereho ye yihariye, mu ntambara ahorana buri munsu arwanya inarijye, afite umugambi uhamye n'intekerezo ziboneye, akagwa neza mu gihe agiriye nabi, akagira kwizera no kwera, agakiranuka mu tuntu duto, akaba umuntu ugaragaza imico ya Kristo mu mibereho ye y'imuhira; bene uwo ashobora kugira agaciro gakomeye mu maso y'Imana kuruta umubwirizabutumwa w'ikirangirire cyangwa uwapfuye ahowe Imana. (Les Parables de Jésus, p. 415 ; Christ's Object Lessons, p. 403).

Igihesha umurimo wacu agaciro mu maso y'Imana, si ubwinshi bw'imirimo dukora cyangwa umusaruro ugaragara uva mu mihati yacu, ahubwo ni umugambi tubikoranye. (Les Parables de Jésus, p. 408, 409 ; Christ's Object Lessons, p. 397).

Kwemerwa na Datubuza ntibizanzwe n'ubwaguke bw'umurimo wakoze cyangwa umubare w'inyungu zagezweho, ahubwo biterwa no gukiranuka kugaragarira no mu tuntu duto turi hanyuma yutundi. Ikigira agaciro imbere y'Imana, si umusaruro ukomeye wagezweho, ahubwo ni umugambi waduteye gukora. icyo irushaho guha agaciro ni ubugiraneza no gukiranuka kuruta ubwaguke bw'umurimo wakoze. (Testimonies, vol. 2, p. 510, 511).

Mwe kwirengagiza utuntu duto, ngo murangamire umurimo urushijeho gukomera. Birashoboka ko washobora umurimo woroheje nyamara washaka gutangira umurimo munini ugatsindwa mu buryo bw'interagahinda bityo bikabagusha mu gucika intege. Erekeraho ubonye umurimo wo gukora. Mwaba muri abakire cyangwa abakene, abakomeye n'aboroheje, Imana irabahamagarira kuyikorera mufite umwete. Nimujya musohozanya umwete umurimo wose mwerekejeho amaboko ni bwo muzateza imbere italanto zanyu n'ubushobozi bwanyu bwo gukora. Kandi nimwiregagiza imyanya mubonye buri munsu muzumakara mugumbahe mu by'umwuka. Iyo ni yo mpamvu hari ibiti byinshi cyane bitera imbuto mu murima wa Nyagasani. (Témoignages, vol. 3, p. 414, 415 ; Testimonies, vol. 9, p. 129).

Imana yifuza ko dukoresha impano zose dufite ; kandi nitubikora, tuzarushaho kunguka impano zo gukoresha. Imana ntikora igitangaza cyo kuduha ubushobozi tubura ; nyamara nidukoresha ubwo dufite izakorana natwe kugira ngo yongere kandi ikomeze buri bushobozi bwacu bwose. Buri muhati wose ukoranywe umwete kandi utishakira inyungu mu murimo wa Nyagasani uzagira uruhare mu guteza imbere italanto zacu. (Les Parables de Jésus, p. 362, 363 ; Christ's Object Lessons, p. 353-354).

Hari abantu biyumvamo ko ari abakene b'impeyamajyo, abandi imibiri yabo yazahajwe n'indwara, nyamara boroheje mu mutima, abandi basanzeye gukiranuka ; abandi na bo bahagaze nabi uhereye ku ntambwe ibanza y'imibereho mishya. Iyo miterere y'abo bantu yacogoye benshi mu bagaragu b'Imana, nyamara Kristo yakirana ibyishimo imitima yose iye imugana. (Ministère évangélique, p. 33, Gospel Workers, p. 37).

Niba dushaka gukorera Yesu Kristo, si ngombwa ko tujya mu bihugu bya kure, cyangwa ngo tube mu miryango yacu, niba n'aho hari inshingano zitureba. Uwo murimo dushobora kuwukorera mu murungu wacu, mu itorero turimo, mu bo dukorana na bo cyangwa abo dufatanije ubucuruzi. (Vers Jésus, p. 81 ; Steps to Christ, p 81).

Niba imibereho ya Yesu n'inyigisho ze tubihinduye ingingo yacu yo kwigwa, icyaduka cyose interuro y'ikibwirizwa gikabakaba imitima. (Témoignages, vol. 3, p. 375 ; Testimonies, vol. 9, p. 63).

Imibereho ya hano ku isi ni itangira ry'imibereho yo mu ijuru ; hano ku isi uburezi ni ishuri ry'ibanze ryo kwitoza amahame yo mu ijuru ; ibyo dukora hano muri ubu buzima ni imyitozo y'ibyo tuzakora mu buzima bwo mu ijuru. icyo turi cyo haba mu mico yacu no mu murimo wera dukorera Imana ni igicucu nyakuri cy'icyo tuzaba cyo mu bugingo bw'ahazaza. (Education, p. 311 ; Education, p. 307).

Abantu banga amahirwe yo gufatanya na Kristo baba bataye uburezi bumwe rukumbi bwari kuzabashoboza kugira uruhare ku bwiza bwe ; baba bahinyuye uburezi butanga imbaraga no kubonera kw'imico muri ubu buzima. (Education, p. 272 (Français), p. 264 (English)).

He kugira abibwira ko bashobora kugira imibereho yo kwikubira, yita ku nyungu zabo gusa, kandi ngo baninjire mu munezero wa Databuja. Umunezero ukomoka mu rukundo rutikanyiza ntibawugiraho uruhare. Ntabwo baba bakwiriye kuba mu bikari by'ijuru. Kandi ntibashobora guha agaciro impumuro nziza y'urukundo rusabye ijuru. Amajwi y'abamalayika n'ay'inanga zabo ntiyabanyura. Ubuhanga bw'iby'ijuru bwababera ubwiru. (Les Paraboles de Jésus, p. 375 ; Christ's Object Lessons, p. 364-365).

Kristo araduhamagarira gukorana kwihangana no gushinyiriza mu kurengera ibihumbi n'ibihumbi by'imitima bitataniye mu bihugu byose, bari gupfira mu bicumuro byabo, bameze nk'ubwato bwapfiriye ku nkengero y'inyanja itagira abantu. Abantu bose bifuzaga kugira uruhare ku bwiza bwa Kristo bagomba no kugira uruhare ku murimo we, bagoboka abanyanteye nke, abahanya n'abacogoye. (Témoignages, vol. 3, p. 357 ; Testimonies vol 9 p,31).

Rubanda rusanze bagomba gufata imyanya yabo nk'abakozi babwiriza ubutumwa bwiza. Bagafatanye na bagenzi babo mu miruhoro, nk'uko Umukiza wabo yayisangiye n'inyoko muntu, bazamubonesha amaso yo kwizera ari kumwe na bo ku murimo. (Testimonies, vol. 7, p. 772).

Kristo ashakaga ko ishusho ye igaragarira muri buri mwigishwa we. Buri wese Imana yamuteganyirije « gusa n'ishusho y'Umwana wayo ». Bagomba kugaragariza isi urukundo rushinyiriza rwa Kristo, kwera kwe, kugwa neza kwe, imbabazi ze n'ukuri kwe. (Espoir de l'humanité, p. 893 ; Desire of the Age, p. 427).

Ihamagara riturarikira gushyira byose ku gicaniro cy'umurimo rirareba buri wese muri twe. Twese si ko dusabwa gukora nk'uko Elisa yakoze, cyangwa kugurisha ibyo dutunze byose; ahubwo Imana idusaba ko duha umurimo wayo umwanya w'imbere mu mibereho yacu, ntitwemere ko hagira umunsi n'umwe utambuka tutagize icyo dukora cyo guteza imbere umurimo wayo ku isi. Imana ntisaba ko bese bakora umurimo w'ubwoko bumwe. Byashoboka ko umwe ahamagarirwa kuja mu gihugu cy'amahanga; undi we agasabwa gushyigikiza amafaranga ye umurimo w'ibwirizabutumwa. Nyamara Nyagasani yemera impano ya buri wese. Icyo Imana iha agaciro ni ugutamba imibereho yawe n'ibyayo byose. Abiyegurira Imana batyo bazumva irarika ry'ijuru kandi baryumvire. (Prophètes et Rois, p. 166, 167 ; Prophets and Kings, p. 221).

Umunyabwenge wo mu isi, ukora ibintu abanje gutekereza, uhorana imishinga ye mu bwenge, yari akwiriye kuba n'umunyabwenge ku bintu bifite ingaruka y'iteka ryose. Uwagira ngo ashyire imbaraga nyinshi nk'izo mu gushakashaka ubutunzi bwo mu ijuru n'ubugingo nyakuri aribwo bugingo buhoraho, akabiharanira nk'uko aharanira kurundanya ubutunzi bw'isi, ni iki atashobora kugeraho? (Testimonies vol. 6, p. 297).

Imana izazana abantu bo muri rubanda rugufi kugira ngo bamamaze ubutumwa bw'ukuri kw'iki gihe. Tuzabona benshi bo muri bo, bakubita hirya no hino, basunikwa n'Umwuka w'Imana, bazaniye umucyo abakiri mu mwijima. Ukuri kumeze nk'umuriro utwika amagufwa yabo, kubuzuzamo ibyifuzo bigurumana byo kumurikira abakomeje kwicara mu mwijima. Benshi, ndetse no mu batarize cyane na bo bazamamaza Ijambo rya Nyagasani. Abana bazahatirwa n'Umwuka Wera gusohoka ngo bajyane ubutumwa bw'ijuru. Umwuka w'Imana uzasukwa ku bashaka gukoreshwa n'imbaraga yawo. Bazitandukanya n'amategeko y'abantu yari ababoshye, kandi bazibukire amakenga akabiye, bifatanye n'ingabo z'Uwiteka. (Testimonies, vol. 7, p. 26, 27).

IMIBEREHO Y'UMUKRISTO NI NK'UMUGEZI UTEMBA

Umutima wakira Ijambo ry'Imana si nk'igitega cy'amazi gikama, si nk'ikibindi gitobotse kimena amazi yacyo. Ni nk'akagezi

kava imusozi kagaburirwa n'amasoko adakama, amazi yako akonje atemba ku bitare agahembura abafite inyota, abarushye n'abaremerewe. Umukristo ni nk'uruzi rutemba ubudatuza, uko ruja mbere ni ko rugenda rwaguka kandi rwimbika, kugeza ubwo amazi mazima yarwo anetesha ubutaka. Akagezi kagenda kihotagura gasuma gasiga aho kanyuze itoto n'uburumbuke. Ku nkengero zako ibyatsi biba ari icyatsi gitoshye, ibiti bifite amababi atoshye, n'indabyo zikaba nyinshi. Mu gihe izuba ry'impeshyi riba ryumisha kandi ritera imitutu mu butaka, inkengero y'ibyatsi bitoshye iranga aho amazi atembana.

Uko ni ko bimeze no ku mwana w'Imana. Iyobokamana rya Kristo ryigaragaza nk'ihame rizima kandi ricengera; ni imbaraga y'iby'umwuka ikora kandi isobanutse. Iyo umutima ukingukiye imbaraga mvajuru y'ukuri kandi y'urukundo, aya mahame yongera gutemba nk'imigezi itemba mu butayu, igatera uburumbuke ahari hakakaye kandi hononekanye. (Prophètes et Rois, p. 176, 177 ; Prophets and Kings, p. 233-234).

Amabwiriza ayobora umukristo

Hari amabwiriza atatu ayobora imibereho y'umukristo, kandi ni ngombwa guhora tuyibuka niba tudashaka ko Satani aturiganya. Ayo mabwiriza atatu ni: kuba maso, gusenga no gukora. (Témoignages, vol. 1, p. 285 ; Testimonies, vol. 2, p. 283).

Umuntu wese watūye ko ari umukristo aba yarahigiye kuba umukozi w'iby'umwuka mu buryo bwose bumushobokera, kandi akaba umunyamwete ufite ishyaka kandi ushoboye umurimo wa Shebuja. Icyo Kristo yiteze ni uko buri muntu wese akora inshingano ye ; reka aya abe amabwiriza ayobora aho abigishwa be bari hose. (Témoignages, vol. 2, p. 191 ; Testimonies, vol. 5, p. 460).

UBUMUGA MU BY'UMWUKA

Imbaraga zongerwa no gukora. Abantu bose bakoresha ubushobozi bahawe n'Imana, bazagwira ubushobozi bwo gukorera Imana. Abatagira icyo bakora mu murimo w'Imana ntibashobora gukurira mu buntu no mu kumenya ukuri. Umuntu wakwiryamira

akanga gukoresha ingingo ze, amaherezo zatakaza imbaraga zose zo gukora. Uko ni ko n’umukristo udakoreshe ubushobozi Imana yamuhaye, uretse kudakurira muri Kristo gusa, ahubwo azazimiza n’ubushobozi yari afite; ahinduka ikirema mu by’umwuka. Abihatira gufasha abandi ku bw’urukundo bakunda Imana na bagenzi babo, nibo gusa bazabashikama mu kuri no kugukomereramo. Umukristo nyakuri ntakorera Imana abitewe n’igishyika ahubwo akoreshwa n’ihame, ntayikorera umunsi umwe cyangwa ukwezi, ahubwo ayikorera mu buzima bwe bwose. (Testimonies, vol. 5, p. 393).

UMUTI W’INGIRAKAMARO

Hariho umuti utananiirwa wagenewe abafite umutima ucogoye : kwizera, gusenga no gukora. Kwizera no gukora bitanga ubwishingizi hamwe no kunyurwa byiyongera uko bukeye. Mwaba mwarigeze mushukishwa kwirundurira mu bibatera ubwoba by’icuraburindi cyangwa mu gucika intege kwimbitse ? Mu minsi icuze umwijima, igihe ibiriho bisa n’aho ari wowe byibasiye, we kugira icyo utinya. Mwizere Imana. Izi ibyo mukeneye. Ifite ubushobozi bwose. Urukundo rwayo n’impuhwe bitarondoreka ntibyigera bidohoka. Ntugatinye ko ishobora kunaniirwa gusohoza ibyo yasezeranye. Ni yo kuri kw’iteka ryose. Ntizigera ihindura isezerano yagiranye n’abayikunda. Izajya iha abagaragu bayo bakiranuka ibyo bakennye ku rugero rutsindagiye. (Prophètes et Rois, p. 120 ; Prophets and Kings, p. 164-165)

Mu kuvura ubunywewe bw’iby’umwuka, hariho umuti nyakuri umwe gusa, kandi uwo muti ni ugukora,- ni ugukorera imitima ikeneye ubufasha bwawe. (Testimonies, vol. 4, p. 236)

Uwo ni wo muti Kristo yageneye umutima wose uhorana ubwoba, uhora mu rungabangabo kandi uhinda umushyitsi. Nimureke abamerewe nabi, bagendana umubabaro imbere ya Nyagasani, bahaguruke bafashe ukeneye gutabarwa. (Témoignages, vol. 2, p. 587 ; Testimonies, vol. 6, p. 266).

Abakristo badatuza gukurira mu ishyamba, mu mwete, mu kugurumana no mu rukundo, – bene nk’abo ntibigera bagwa mu buhakanyi. (Review and Herald, 7 Juin (Jun), 1887).

Abanga kwirundurira muri uyu murimo udakeneye inyungu

ku bandi ni bo bahorana inararibonye irwaye, kandi bacogora kurwana, bagashidikanya, bivovota, bagwa mu byaha, bahora bihana kugeza ubwo bayoberwa neza iyobokamana nyakuri icyo ari cyo. Biyumvamo ko badashobora gusubira mu isi, maze bakanagana ku bwato bujya i Siyoni, buzuye ishyari, igomwa, amajune n'ubwihebe. Usanga buzuwemo nogushaka amkosa ku bandi, kandi bakigaburira ibyaha n'amafuti ya bene Se. Mu mibereho yabo y'iby'iyobokamana, bafite inararibonye itagira ibyiringiro, kwizera n'umucyo. (Review and Herald, 2 Septembre, 1890).

INZITWAZO ZIDASHOBORA KWEMERWA

Ubwo Yesu yari asubiye mu ijuru, yasigiye buri wese icyate cye. « Nta cyo gukora » ni urwitwazo rudashobora kwemerwa. « Nta cyo gukora » nicyo kigeragezo cyahindutse impamvu muri bene data; kuko Satani azuzuza gahunda ze mu ntekerezo z'abanebwe, kandi abashyire ku murimo... « Nta cyo gukora » bizana ubuhamya bubi muri bagenzi bacu, n'amacakubiri mu itorero rya Kristo. Yesu yaravuze ati, « Uwo tudateraniriza hamwe arasandaza ». (Review and Herald, 13 mars (March), 1888)

Bene data namwe basaza banjye, benshi muri mwe murizigama mwitwaje ko nta bushobozi mufite bwo gukorera abandi. Mbese Imana yaba yarabaremanye ntacyo mushoboye bene ako kageni? Mbese uko kutagira icyo mushobora ntiyaba ari ingaruka yo kutagira icyo mukora kandi bikabarambamo bitewe n'amahitamo y'ubushake bwanyu? Mbese Imana ntiyaba yarabahaye nibura italanto imwe ngo mube ari yo mugenzura, atari iyo kwinezeza cyangwa kwishakira inyungu, ahubwo ari iyo gukora umurimo wayo? Nk'abagaragu batanzweho ingwate, ntimwiyumvishije ko musabwa kumuzanira inyungu ikomotse mu gukoreshanya ubwenge no gukiranuka igishoro mwaragijwe? Mbese ntimwaba mwarirengagije imyanya yo kubyaza umusaruro ubushobozi bwanyu ku bw'iyi nshingano? Ni iby'ukuri rwose ko ari bake cyane basobanukiwe neza inshingano bafite ku Mana. (Témoignages, vol. 2, p. 187, 188 ; Testimonies, vol. 5, p. 457).

Abantu benshi bajya bibwira ko ubwo binjiye mu mirimo y'ubucuruzi bibabuza kugira icyo bakorera gukiza imitima no

guteza imbere umurimo w'Umucunguzi wabo. Bavuga ko batashimishwa no gukora ibintu igice, ku bw'ibyo bakikura ku nshingano n'imirimo y'itorero, maze bakiroha mu isi. U bucuruzi bwabo nibwo bagira nyambere maze bakibagirwa Imana, bityo bikayibabaza. Abantu bose bakora umurimo w'iby'ubu buzima utabasigira akanya na gato ko gutera imbere mu mibereho y'iby'umwuka hamwe no kwejeshwa kubaha Imana, ibyari kubabera byiza ni uguhitamo undi murimo aho bashobora kujya bunguka kubana na Yesu buri kanya. (Testimonies, vol. 2, 233-234).

GUTUMBIRA IKAMBA RITATSE INYENYERI

Ntitugomba gucogora cyangwa gukuka umutima. Byaba ari igihombo giteye ubwoba kugurana ubwiza bw'iteka ryose kudamarara, kugubwa neza, kwihaza n'ibinezeza by'umubiri. Impano iva mu biganza by'Imana irindiriye uzanesha. Nta n'umwe muri twe uyikwiriye; ni impano y'ubuntu twagenewe na Yo. Kandi iyo mpano izaba ihebuje kandi irabagirana, nyamara tujye twibuka ko "inyenyeri imwe idahuza ubwiza n'indi". Nyamara uko twihatira gutsinda, dufashijwe n'imbaraga za Kristo, reka tugambirire kubona ikamba ritatseho inyenyeri nyinshi. "Abanyabwenge bazarabagirana nk'umucyo wo mu isanzure ry'ijuru, n'abahinduriye benshi ku bukiranutsi bazaka nk'inyenyeri iteka ryose." (Review and Herald, 25 Octobre, 1881).

TWACUNGURIWE GUKORA

Kristo nagaruka azagenzura buri talanto yaturagije; azasaba inyungu z'igishoro yadusigiye. Binyuze mu gucishwa bugufi kwe no mu mubabaro uheruka w'urupfu rwe, binyuze mu mibereho ye y'umuruho n'urupfu rwe rw'agashinyaguro, Kristo yishyuriye umurimo w'abiyitirira izina rye bose kandi bivuga ko ari abagaragu be. (Témoignages, vol. 3, p. 405 ; Testimonies, vol. 9, p. 104).

Bose bafite inshingano idakuka yo gukoresha ubushobozi bwabo mu murimo wo kumukiriza imitima. Intumwa Paulo iravuga iti « Ntimuri abanyu ngo mwigenge, kuko mwacungujwe amaraso y'igicro cyinshi ». Bityo muhimbaze Imana binyuze mu mibereho

ikora ikura abagabo n'abagore mu byaha ikabajyana mu gukiranuka. Twacungujwe iciro cy'ubugingo bwa Kristo,- kandi twaguriwe kugira ngo tugarurire Imana ibyayo, binyuze mu murimo ukoranywe gukiranuka . (Témoignages, vol. 3, p. 405 ; Testimonies, vol. 9, p. 104).

Imana yampaye ubutumwa bugenewe ubwoko bwayo. Bugomba gukanguka bukagura amahema yabwo n'imbibi zabwo. Basaza banjye namwe bene Data, mwaguzwe igiciro gikomeye, none uko muri kose n'ibyo mufite byose bigomba gukoreshwa mu guhesha Imana icyubahiro no gukorera ibyiza bagenzi banyu. Kristo yapfiriye ku musaraba kugira ngo akize isi kurimbukira mu byaha. Agusaba kugira uruhare muri uyu murimo w'agakiza. Mugomba kuba ukuboko kwe gutabara. Binyuze mu mihati imaramaje kandi idacogora, mugomba gushakashaka uko mwakiza abazimiye. Muje mwibuka ko icyatumye umusaraba uba ngombwa ari ibyaha byanyu. (Testimonies, vol. 7, p. 9).

Abigishwa ba Kristo bacunguriwe gukorera abandi. Umwami wacu yigisha ko umugambi nyakuri wo kubaho ari ukubera bose ingirakamaro. Kristo ubwe yari Umukozi,kandi ateguka abayoboke be bose gukora,-bakorera Imana na bagenzi baba... Itegeko ryo gukorera abandi ni umunyururu uduhuza n'Imana ukanaduhuza na bagenzi bacu. (Paraboles, p. 332, 333 ; Christ's Object Lessons, p. 326).

MUJYE MBERE

Akenshi imibereho ya gikristo iba igoswe n'akaga, maze inshingano igasa n'ikomeye. Intekerezo zikaguhamiriza kurimbuka kuri hafi gukurikiwe n'ububata n'urupfu. Nyamara ijwi ry'Imana rikavuga mu buryo busobanutse riti "Muje imbere". Reka twumvire iryo tegeko, n'ubwo amaso yacu yaba adashoboye guhinguranya umwijima uturi imbere. Inkomyi zikereza iterambere ryacu ntizizigera zivaho na rimwe imbere y'intekerezo zitinda kumasha kandi zishidikanya. Abavuga ko bazizera ari uko impamvu zibatera kutizera no gutsindwa zikuweho, bene abo ntibazigera bumvira. Kwizera kureba hirya y'inkomyi, kugasingira ibitagaragara by'Ishoborabyose ; bene uko kwizera ntiguheza nyirako mu rujijo. Kwizera ni ukugundira ikiganza cya Yesu, mu

gihe ingorane ziyadukije. (Ministère évangélique, p. 256 ; Gospel Workers, p. 262).

Intekerezo zacu ni ngufi cyane. Imana irasaba ko habaho iterambere ridatuzi mu murimo wo gukwirakwiza umucyo. Ni ngombwa kwiga uburyo bunyuranye bwo gushyikira abantu. Tugomba kumvisha amatwi yo kwizera Umugaba w'ikirenga w'ingabo za Nyagasani, igihe avuze ati « Muje mbere. » Tugomba gukora, kandi Imana ntizigera idutererana. Izakora uruhare rwayo nidukora urwacu mu kwizera. Basaza banjye namwe bene Data bamaze igihe kirekire mu kuri, ntimwakoze umurimo Imana ibahamagarira gukora. Urukundo mukunda imitima ruri he ? (Historical Sketches, p. 289, 290).

Gukiza imitima ni byo byari umunezero wa Kristo. Namwe bibe ari byo biba umurimo wanyu n'ibyishimo byanyu. Musohoze inshingano zose kandi mwemere gutanga icyo ari cyo cyose ku bwa Kristo, na we azahora ababera Umutabazi. Muje mbere mugana aho ijwi ry'inshingano ribahamagarira ; he kugira ingorane n'imwe ibakoma imbere. Mwikorere inshingano Imana yabashinze, kandi igihe wikoreye umutwaro wawe rimwe na rimwe uremereye cyane, ntukabaze uti « Kuki mwene Data we aturije mu bwebwe; kuki we nta mutwaro yikorezwa ? ». Uzuza inshingano ikwegereye hafi kandi uyikore ubyitondeye kandi ubikuye ku mutima, utabishakashakamo gushimagizwa, ahubwo ukorere Shobuja bitewe n'uko uzi ko uri uwe. (Southern and Watchman, 2 avril (April), 1903).

Urugendo rw'ubwoko bw'Imana rugomba kuba rwerekeza ku ntsinzi. Ingabo za Isirayeli ziyobowe n'urusha Yosua gukomera. Umugaba w'ingabo w'agakiza kacu ari hagati muri twe, kandi kugira ngo adutere akanyabugabo yaravuze ati « Dore, ndi kumwe namwe iminsi yose kugeza ku mperuka y'isi. » « Nimuhumure, nanesheje isi. » Azatugeza ku ntsinzi idashidikanywa. Icyo Imana isezeranye, iba ishobora kugisohozza igihe icyo ari cyo cyose. Kandi umurimo ihaye ubwoko bwayo ngo buwukore, ifite n'ubushobozi bwo kuwusohozza ibakoresheje. (Testimonies, vol. 2, p. 122).

Kuki Umwuka wa Kristo utadutwara ingāmīra? Kuki amahamagara ateye impuhwe y'isi ibabaye adukabakaba buhoro ? Twaba duha agaciro amahirwe yacu ahebuje yo kongera inyenyeri

ku ikamba rya Kristo – ari yo umutima ubohowe ku ngoyi Satani yari yarawubohesheje, maze uwo mutima ugakirizwa mu bwami bw’Imana? Itorero rigomba kwiyumvamo inshingano yaryo yo kugeza ubutumwa bw’ukuri kw’iki gihe ku baremwe bose. Ndabahendahendera gusoma igice cya 3 n’icya 4 cy’igitabo cya Zekariya. Ibyo bice biramutse byumvikanye kandi bikakirwa, hākorwa umurimo wo gukorera abafite inzara n’inyota byo gukiranuka, ku Itorero uwo murimo ukaba usobanura ngo « Twaza, uhore ujya mbere » (Testimonies, vol. 6, p. 296).

Umugabane munini w’abatuye iyi si biyemeje kugandukira umwanzi. Nyamara ntitwashutswe. N’ubwo bisa n’aho Satani ageze ku ntsinzi, nyamara Kristo akomeje umurimo we hano mu isi nk’uko awukomeje mu buturo bwera bwo mu ijuru. Ijambo ry’Imana risobanura neza ubugome no kononekara kw’abantu uko bizabaho mu minsi iheruka. Uko tubona ubuhanuzi busohora, kwizera kwacu kw’intsinzi iheruka y’ubwami bwa Kristo kugombab kurushaho gukomera; kandi tugomba kuja mbere dufite umuhati uvuguruye kugira ngo dukore umurimo twashinzwe. (Ministère évangélique, p. 22 ; Gospel Workers, p. 26-27).

Isene ikangaranije

Mu iyerekwa rya nijoro imbere yanjye hanyujijwe uruhererekane rw’ibiteye ubwoba. Nabonye umubumbe munini w’umuriro umanuka ugwa hagati mu mazu meza, uhita uyarimbura mu kanya nk’ako guhumbya. Numva hari umuntu uvuga ati « Twari tuzi ko ibihano by’Imana bigiye kwisuka ku isi, ariko ntitwatekerezaga ko bizaba vuba bitya. » Abandi bahahamuwe n’ubwoba baravugaga bati « Mwari mubizi! Kubera iki mutabitubwiye? Twebwe ntitwari tubizi. » Impande zose numvaga amagambo nk’ayo yo gusubiranamo.

Nkangukira mu mubabaro ukomeye. Nongeye gusinzira, nasaga n’uri mu iteraniro rinini cyane. Umuntu w’ikirangirire avugira imbere yaryo, yifashishije ikarita y’isi. Arababwira ati « Iyi karita y’isi ishushanya uruzabibu rw’Imana rugomba guhingirwa. Uko umucyo w’ijuru umurikira kuri buri wese muri twe, ni ko tugomba kuwumurikishiriza abandi. Imuri zigomba gukongezwa mu birere bitandukanye kandi kuri izo muri hagakongezwaho

izindi.

Aya magambo yongeye gusubirwamo ngo “Muri umunyu w’isi. Ariko umunyu nukayuka wakongera kuryoshywa ute? Ntacyo uba ukimaze keretse gutabwa hanze abantu bakawukandagira. Muri umucyo w’isi : umudugudu wubatswe mu mpinga y’umusozi ntubasha kwihisha. Nta bakongeza itabaza ngo baritwikirize intonga, ahubwo barishyira ku gitereko cyaryo, rikamurikira abari mu nzu bose. Abe ari ko umucyo wanyu ubonekera imbere y’abantu, kugira ngo nibabona imirimo yanyu myiza, bahereko bahimbaze So wo mu ijuru”. (Matayo 5:13-16)

Nabonye imirasire y’umucyo yaturukaga mu midugudu no mu birorero, mu misozi no mu bibaya. Ijambo ry’Imana ryarumviwe, kandi umusaruro wabyo ni uko habonetse inzibutso zayo muri buri mudugudu na buri kirorero. Ukuri kwayo kwamamajwe mu isi yose. (Témoignages, vol. 3, p. 353, 354 ; Testimonies, vol. 9, p. 28-29).

Chap. 10. Uburyo bw'imikorere

Urugo ku rundi

Umurimo ukorwa wo kuva ku rugo ujya ku rundi unganya agaciro n'uko kubwiriza mu ruhame. Mu mijyi minini, harimo inzego z'abantu amateraniro yo mu ruhame adashobora gushyikira. Ni ngombwa kubashaka nk'uko Umwungeri ashaka intama ye yazimiye. Bagomba gukoresherezwa imihati yihutirwa, buri wese asangwa ku giti cye. Igihe uwo murimo wa bwiharire wirengagijwe, amahirwe menshi y'agaciro apfa ubusa, mu gihe iyo akoreshwa neza aba, yarateje umurimo imbere mu buryo busobanutse. (Testimonies, vol. 9, p. 111).

Ibikorwa kimwe n'amagambo yuje impuhwe birakenewe. Kristo yabanzirizaga ubutumwa bwe ibikorwa by'urukundo n'ubugiraneza. Reka aba bakozi bave ku nzu imwe baja ku yindi, bafasha aho ubutabazi bukenewe, kandi uko babonye uburyo baganure inkuru y'umusaraba. Kristo agomba kuba ijambo ry'inyikirizo yabo. Ntibagomba gutindagira ku ngingo z'imyizerere, nibaganure iby'umurimo wa Kristo n'igitambo cye. Nibashyire hejuru gukiranuka kwe, bagaragaza kubonera kwe mu mibereho yabo. – Testimonies, vol. 7, p. 228.

Imana ntirobanura abantu ku butoni. Izakoresha abakristo boroheje kandi bitanze, n'ubwo baba batarize menshi nk'abandi. Reka bene abo binjire mu murimo we, bakora umurimo w'urugo ku rundi. Igihe bicaye bōta mu mazu y'ababakiriye, niba bazi kwifata no kwera, bazashobora kurangiza amakene y'ababategeye amatwi kuruta umubwiriza wabyerejwe. – Témoignages, vol. 3, p. 95, 96 ; Testimonies, vol. 7, p. 21.

Mu matorero yacu hagomba kubamo abizera benshi bakora umurimo w'inzu ku nzu, basomera abantu Bibiliya no gukwirakwiza inyandiko. – Témoignages, vol. 3, p. 412 ; Testimonies, vol. 9, p. 127.

Abinjira mu murimo wo gukora inzu ku nzu bazahasanga amahirwe yo gukora mu buryo bunyuranye. Bagomba gusengera abarwayi kandi bagakora ibibashobokera byose ngo baborohereze imibabaro yabo. Bagomba gukorera mu boroheje, abakene n'abakandamizwa. Tugomba gusengera kandi tugasengana

abatagira gifasha badafite imbaraga z'ubushahe zo gutegeka ipfa ryabo ryononwe n'irari. Hagomba gukoreshwa imihati ivuye ku mutima kandi ishikamye kugira hatabarwe abo imitima yabo yamaze gukabakabwa. Abantu benshi bashobora kugerwaho gusa binyuze mu bikorwa bikoranywe urukundo rutabashakaho inyungu. Amakene yabo y'umubiri ni yo angomba kubanza gukemurwa. Iyo batubonyeho ibimenyetso by'urukundo rwacu rutabashakaho inyungu, birushaho kuborohera cyane kwizera urukundo rwa Kristo. – Testimonies, vol. 6, p. 83, 84.

Reka abakozi bave ku nzu bajya ku yindi, babumburira abantu Bibiliya, bakwirakwiza inyandiko, babwira abandi iby'umucyo bakiriye ugahesha umugisha ubugingo bwabo. – Testimonies, vol. 9, p. 123.

Umukiza wacu yavaga ku nzu ajya ku yindi, agakiza abarwayi, agakomeza abashavuye, akarema umutima abanyamubabaro, akabwira amahoro abakutse umutima. Yabumbatiraga abana bato kandi akabaha umugisha, akabwira ababyeyi barushye amagambo y'ibyiringiro n'inkomezi. Akoresheje impuhwe zihoraho hamwe n'ubugwaneza, yahanganaga n'amahano n'imibabaro yose ya mwene muntu. Ntiyikorera ubwe, ahubwo yakoreraga abandi. Yari umugaragu wa bose. icyokurya cyo n'ikinyobwa cyo, cyari ukuzanira ibyiringiro n'imbaraga abo ahuye na bo bose. – Ministère évangélique, p. 182 ; Gospel Workers, p. 188.

Gutanga ukuri mu rukundo no kwiyoroshya uva ku nzu ujya ku yindi, bijyaniranye n'amabwiriza Yesu yahaye abigishwa be ubwo yaboherezaga ubwa mbere mu ibwirizabutumwa. Abantu benshi cyane bazagerwaho binyuriye mu ndirimbo zo guhimbaza Imana n'amasengesho yoroheje kandi avuye ku mutima. Umukozi mukuru w'ijuru azaba ahibereye kugira ngo yemeze imitima. « Ndi kumwe namwe iminsi yose. » Ni ryo sezerano rye. Dufite ubwishingizi bwo guhorana n'umufasha umeze atyo, dushobora gukorana kwizera, ibyiringiro n'akanyabugabo. (Testimonies, vol. 9, p. 34).

Abakozi bakora inzu ku nzu barakenewe. Nyagasani arasaba ko imihati yimazeyo igerageza gukoreshwa mu turere tutazi na gato ku birebana n'ukuri kwa Bibiliya. Indirimbo, amasengesho no gusomerwa Bibiliya birakeneye mu ngo z'abantu. Ubu, ubu nyine ni cyo gihe cyo kumvira iri tegeko ngo « Kandi mubigishe kwitondera

ibyo nababwiye byose. » Abirundurira muri uyu murimo bagomba kugira ubumenyi bwimbitse bw'Ibyanditswe Byera. « Handitswe ngo » igomba kuba intwari y'uburindi bwabo. (Counsels to Teachers, p. 540).

Bene Data na bashiki banjye, musore abaturanyi banyu ; kandi mushake uko mwagera ku mitima yabo binyuriye mu mpuhwe no mu bugiraneza. Mumenye neza ko mukorera mu buryo buzamurira ibyo babavugagaho aho kubiteza. Muje mwibuka ko abazi ukuri kwagenewe kino gihe cyacu, nyamara bakigumira gukora mu matorero yabo, bakanga kwitangira abaturanyi babo batarihana, bazaryozwa inshingano birengagije gusohozwa. – Testimonies, vol. 9, p. 34.

Abigishwa bagombaga gukora urwo rugendo rwabo rwa mbere ahantu Yesu yanyuze gusa n'ahantu yabaga yaramaze kugira incuti. Bityo rero, imyiteguro y'urugendo rwabo yagombaga kuba mito cyane. Nta kintu cyari gikwiriye kurangaza ubwenge bwabo ngo bibagirwe umurimo ukomeye cyane cyangwa ngo kibatere intonganya zibasha gukoma mu nkokora umurimo wabo. Ntibagombaga kwitwaza imyenda y'abigisha b'idini, kuko nta kintu na kimwe cyari gikwiriye kubatandukanya mu myambarire na rubanda rugufi. Ntibagombaga guteraniriza amateraniro mu masinagogi, umurimo wabo wari uwo kuva mu rugo ujya mu rundi. Ntabwo bagombaga gusa igihe cyabo mu kuramukanya no kwakirwa bidafite icyo bimaze. Ahantu hose, bagombaga kwishimira gucumbika mu babashimira bakabakirana urugwiro bumva ko ari Kristo ubwe bakiriye. Inzu bagombaga kwinjiramo bari bakwiriye kubaramutsa neza bati "Amahoro aho muri iyi nzu." Urwo rugo rwazanirwaga umunezero n'amasengesho yabo, n'indirimo zabo zo guhimba no gusomera Ibyanditswe byera muri uwo muriyango. – L'Espoir de l'humanité, p. 370 ; Desire of Ages, p. 351, 352.

Musore abaturanyi banyu mu buryo bwa gicuti kandi mumenyerane na bo. ... Abadashyira uyu murimo ku mutima, abakorana ubunenganenzi bwagaragaye kuri bamwe, vuba cyane bazazimiza urukundo rwabo rwa mbere, bazatangira kuba abo gusebanya, kunenga no guciraho iteka bagenzi babo bwite. – Review and Herald, 13 mai (May) 1902.

Imihati y'intumwa [Paulo] ntiyagarukiye mu kubwiriza mu

ruhame. Kuko muri ubwo buryo imitima myinshi itari kugerwaho. Ibihe bye byinshi yabimariye mu kuva ku nzu imwe aya ku yindi, akaboneraho uko ashyikirana n'imiryango mu bibazo biyireba. Yasuraga abarwayi n'imbabare, agahagurutsa imitima yari icogoye no gutera ihumure abakandamijwe. Mu cyo yakoraga no mu cyo yavugaga cyose, yahimbazaga izina rya Yesu. Uko ni ko yakoraga "mu ntege nke n'ubwoba, kandi ahinda umushyitsi mwinshi". Yatinyaga ko inyigisho ye yagira ikimenyetso cy'umuntu aho kugira icy'ijuru. – *Conquérants pacifiques*, p. 221 ; *The Acts of the Apostles*, p. 250.

Mugane ku baturanyi banyu umwe umwe, maze mubegere, kugeza ubwo imitima yabo isusurutswa n'urukundo rwanyu rutikanyiza. Mushyikirane na bo, musengane na bo, mushake uburyo bwo kubakorera neza, kandi igihe mubishoboye, muteranirize hamwe bake bake maze mubumburire Ijambo ry'Imana intekerezo zabo zicuze umwijima. Ba maso nk'uzabazwa imitima y'abantu, kandi mukumakume mahirwe yose Imana ibaha yo gukorana na yo mu ruzabibu rwayo. Ntimukirengagize kubwira abaturanyi banyu, no kubagirira ineza yose mushoboye, kugira ngo "mu buryo bwose bamwe bashobore gukizwa". Dukeneye gushaka Umwuka wahatiraga intumwa Paulo kuva ku rugo rumwe aya ku rundi, ahendahendana amarira yigisha abantu kwihana ku Mana no kwizera Umwami wacu Yesu Kristo. (*Review and Herald*, 13 mars 1888)

Nyagasani yanyeretse umurimo ugomba gukorwa mu mijyi yacu. Abizera bayirimo bagomba gukorera Imana mu begereye aho batuye. Bagomba gukorana ituzza no kwicisha bugufi, bakwirakwiza aho bajya hose impumuro y'ijuru. (*Témoignages*, vol. 3, p. 413) *Testimonies*, vol 9, p.128

Ibiganiro by'umwihariko

Umurimo wa Yesu Kristo ahanini wari ugizwe n'ibiganiro byihariye by'umuntu kugiti cye. Umukiza yitaga kukuganira na buri wese. Ubumenyi uwo mutima wabaga wakiriye wagerega ku ibihumbi byinshi. (*Témoignages*, vol. 2, p. 468 *Testimonies*, vol. 6, p. 115.)

N'ubwo nubwo yari arushye kandi acogoye; nyamara

ntiyirengagije akanya kari kabonetse ko kuganira n’umugore umwe bona nubwo yari umunyamahanga kazi utari umuyisiraheli, kandi w’umunyabyaha weruye. (L’Espoir de l’humanité, p. 189; The Desire of Ages, p. 194.)

Umucunguzi ntiyabanzaga gutegereza ko iteraniro ribanza kuba rinini. Inshuro nyinshi yatangiraga yigisha abantu bake bamuzengurutse, kugeza ubwo inteko nini yumvanaga gutangara no kumirwa amagambo y’Imana yavugwaga n’umwigisha watumwe n’ijuru. Umukozi wa Kristo ntagomba kwiyumvamo ko adashobora kuvugana umwete abwira abantu bake bamuteze amatwi nkuko yabwira iteraniro rinini. Birashoboka ko umuntu umwe rukumbi yaba ari aho ngo yumve ubutumwa; nyamara se ni nde washobora kuvuga neza aho icyitegererezo cy’uwo kizagarukira? No mu maso y’abigishwa, byagaragaraga ko ari ibyagaciro gake, Umukiza gutakaza igihe cye ku mugore w’umusamaliyakazi. Ariko amusobanurira afite ishyaka n’ubutyoza kurusha uhagaze imbere y’abami, abacamanza n’abatambyi bakuru. Ibyigwa yahaye uwo mugore byasubiwemo kenshi kugeza mu mfuruka z’impera z’isi. (L’Espoir de l’humanité, p. 189, 190; The Desire of Ages, p. 194.)

Imishyikirano ya bugufi

Hakenewe kwegerana n’abantu cyane binyuriye ku muhati ugirirwa buri muntu kugiti cye. Iyaba hakoreshwaga igihe gito mu kubwiriza maze ikinini kigakoreshwa mu gusura imiryango, haboneka umusaruro w’ingenzi (Rayons de santé, p. 316 The Ministry of Healing, p. 143.)

Nyagasani yifuza ko ijamba rye ry’ubuntu rishyirwa imbere ya buri mutima. Kurugero rwo hejuru uyu murimo ugomba gusohozwa n’umuhati wa waburi muntu kugiti cye. Ubu ni bwo buryo Yesu yakoresheye. (Les Paraboles, p. 229; Christ's Object Lessons, p. 229).

Abantu bagiye bagira intsinzi nyinshi mu murimo wabo wo gukiza imitima bari abagabo n’abagore bataterwaga ubwibone ubushobozi bwabo, ahubwo binyuze mu kwizera no mu kwicisha bugufi, bashakaga uko bafasha ababazengurutse. Ni nawo murimo nyirizina Yesu yakoze. Yegeraga abo yifuzaga gushyikira.

(Le Ministère évangélique, p. 188; Gospel Workers, p. 194.)

Mu impuhwe zisa niza Kristo, tugomba gusanga imitima ku giti cyayo tukihatira kuyikundisha ibirebana n'ubugingo buhoraho. Imitima yabo ishobora kuba yarabaye agasi nk'inzira yanyukanyutswe, kandi mu itangira bishobora gusa n'aho umuhati wacu wo kwerekana Yesu ari imfabusa, nyamara aho ukuri n'ibihamya byananiwe, urukundo rwa Yesu Kristo rwagaragariye mu ibwirizabutumwa ryacu rushobora koroshya umutima w'ibuye maze rugashoboza imbuto y'ukuri kuwushingamo imizi. (Les Parables, p. 48; Christ's Object Lessons, p. 57.)

Ku bw'umuhati w'umuntu ku giti cye, nimugere ababazengurutse. Mumenyerane nabo. Ibibwirizwa ntibizarangiza umurimo wose ukenewe gukorwa. Abamalaika b'Imana bazabaherekeza mu mazu mwinjyemo. Ni umurimo utakorerwa n'abandi. Ntiwasohozwa n'amafaranga agurijwe cyangwa tanzwe. Ibibwirizwa ntibizawusohozwa. Muzaronka imitima binyuze mugusura abantu, mukavugana nabo, mukabasengera, mugashyikirana nabo. Uyu ni wo murimo w'ibwirizabutumwa uhebuje mushobora gukora. Kugira ngo ubigereho, bigusaba kwizera gushikamye kandi kurimo gushinyiriza, no kwihangana kudacogora, n'urukundo rwimbitse rwo gukunda imitima. (Testimonies, vol. 9, p. 41).

Imfatiro z'ibanze z'umusingi w'Itorero rya gikristo zashyizweho n'ihamagarwa rya Yohana, Andereya, Simoni, Filipo na Natanayeli. Yohana yerekeje kuri Yesu babiri mu bigishwa be. Umwe muri abo, ari we Andereya, yashatse mwene se, amuhamagarira gusanga Umukiza. Hanyuma Filipo arahamagarwa, nyuma na we ajya gushaka Natanayeli. Izi ngero zigomba kutwigisha agaciro k'umuhati wa buri wese wo guhita duhamagara bene wacu, inshuti n'abaturanyi. Hari abantu mu buzima bwabo bwose bahamije ko bazi Yesu, bikarenga bakaba batarigeze bagaragaza gukoresha umuhati wabo bwite ngo nibura bazane umutima umwe ku Mukiza. Umurimo wose bawurekera umubwiriza. Birashoboka ko yaba ashoboye neza umurimo yahamagariwe, ariko ntashobora kurangiza ikivi Imana yashinze Itorero.

Hari benshi bakeneye umurimo w'urukundo rw'imitima ya gikristo. Benshi bamanutse mu irimbukiro baba barakijijwe, iyaba

abaturanyi babo b'abagabo n'abagore bo muri rubanda rusanze baragerageje kubarengera bakoresheje umuhati wabo bwite. Abantu benshi bategereje ko hagira ubasanga ku giti cyabo. Mu muryango wacu ubwacu, mu baturanyi, mu muji dutuyemo, tuhafite umurimo wo gukorwa nk'ababwirizabutumwa ba Kristo. Niba turi abakristo, uyu murimo uzatubera uw'umunezero. Uhereye igihe umuntu yahindutse, icyifuzo kivuka mu mutima we cyo kumenyesha abandi inshuti y'agaciro yabonye muri Yesu. Ntiyashobora kwikingiraniramo ukuri gukiza kandi kweza. – *L'Espoir de l'humanité*, p. 134, 135; *The Desire of Ages*, p. 141.

Bumwe mu buryo burushijeho kuba ingirakamaro bwo kugeza ukuri kuri bagenzi bawe, ni umurimo w'umuntu ku giti cye. Mu ruziga rw'umuryango wawe, mwota umuriro ku muturanyi, ku buriri bw'umurwayi, mushobora gusoma ibyanditswe no kuganira Ijambo rya Yesu n'ukuri kwe mu buryo butuje. Muri ubwo buryo, muzabiba imbuto y'agaciro izamera ikera izindi nyinshi. – *Témoignages*, vol. 3, p. 69; *Testimonies*, vol. 6, p. 428, 429.

Umuny'u ugomba kuvangwa mu byo ushyizwemo; ugomba gucengeramo ukabikwirakwiramo kugira ngo ushobore kubikingira. Uko ni ko abantu bashobora gukabakabwa n'imbaraga ikiza y'ubutumwa bwiza binyuriye mu mushyikirano wacu no gusābāna na bo. Abantu ntibakirizwa mu bwinshi, ahubwo ni umuntu ku giti cye. icyitegererezo cyawe bwite ni imbaraga. Tugomba kuba hafi cyane y'abo twifuza gukorera ibyiza. – *Jésus et le bonheur*, p. 45 ; *Mount of blessing*, p. 36.

Yesu yabonaga ko buri mutima ugomba guhabwa umuhamagaro w'ubwami bwe. Yashyikiraga imitima binyuriye mu kwivanga na bo nk'ubifuriza ibyiza. Yabashakashakaga mu nzira nyabagendwa, mu mazu yabo, mu māto, mu masinagogi, ku nkengero z'ibiyaga, no mu birori by'ubukwe. Yabasangaga mu mirimo yabo ya buri muni, akagaragaza ku yitaye ku mirimo yabo isanzwe. Yajyanaga inyigisho ze mu ngo, maze agashyira abagize imiryango muni y'imbaraga ireshya y'ubumana bwe, abasanze mu ngo zabo bwite. Impuhwe ze zikomeye yagiriraga buri muntu ku giti cye zamufashaga kuronka imitima. – *L'Espoir de l'humanité*, p. 146; *The Desire of Ages*, p. 151.

Uburyo Kristo yakoresheye ni bwo bwonyine buzatanga intsinzi mu kugera ku bantu. Umukiza yivangaga n'abantu

nk'ubifuriza ibyiza, akabagaragariza impuhwe ze, agakemura amakene yabo maze akabatera kumwiringira. Hanyuma akabategeka ati "Munkurikire". – Rayons de santé, p. 316 ; Ministry of Healing, p. 143.

Tugomba gukora nk'uko Kristo yakoze. aho yabaga ari hose, mu isinagogi, mu nzira, mu bwato yitaruye inkengero, ku meza y'Umufarisayo cyangwa yo ku mukoresha w'ikoro, yabwiraga abantu ibirebana n'ubugingo buhebuje. Ibyaremwe, ibyaduka byo mu buzima bwa buri muni, yabihuzaga n'amagambo y'ukuri. Yigaruriraga imitima y'abamuteze amatwi ; kuko yabaga yakijije abarwayi, yahumuriye abanyamibabaro, agafata abana bato mu biganza bya akabaha umugisha. **Ubwo yabaga abumbuye akanwa kugira ngo avuge, yafataga mpiri abamuteze amatwi bese, kandi buri jambo rye ryabereye imitima imwe impumuro y'ubugingo itanga ubugingo.**

Natwe ni ko bigomba kutubera. Aho twaba turi hose, tugomba kwita ku mahirwe tubonye yo kubwira abandi iby'Umukiza. Niba dukurikiza icyitegererezo cya Kristo cyo gukora ibyiza, imitima izadukingukira nk'uko yamukingukiye. Reka tumenyeshe wundi "w'inyamibwa mu Bantu igihumbi", uwo impagarike yose yuzuye igikundiro, tudakoresheje amagambo ahubutse, ahubwo dukoresha uburyo bwiza bukomoka mu rukundo rw'Imana. Uyu ni wo murimo uhebuje, aho dushobora gukoresha impano yo kuvuga. Twayihereye kwereza Kristo nk'Umukiza ubabarira ibyaha. – Les Parables, p. 346 ; Christ's Object Lessons, p. 338-339.

Kuba mu muryango kwe kwahazanaga impumuro irushijeho kwera, kandi imibereho ye yari imeze nko gukora kw'igitubura muri rubanda. Ntiyagiraga amahugu kandi ntiyanduzwaga, yagenderaga hagati y'abatagira icyo bitaho, abagome n'abadashyikirana; mu bakoresha b'ikoro bakiranyirwa, abapfusha ubusa utwo bakoreye, Abasamariya b'abanyabyaha, abasirikare b'abapagani, abaturage b'abanyamahane, n'imbaga y'abantu b'uruvange. Hirya no hino yavugaga amagambo y'impuhwe iyo yabonaga abantu barushye, kandi bahatirirwa kwikorera imitwari iremereye. Yabakiraga iyo mitwari maze agasubiramo ibyigisho yigiye ku byaremwe, by'urukundo, ubugiraneza bw'Imana n'impuhwe zayo.

Yigishaga abantu bose ko bakwiriye kwibonamo ko bahawe impano z'igiciro cyinshi, kandi ko kuzikoresha neza bizabahesha ubutunzi bw'iteka ryose. Yirukanaga inariye yose yo mu mibereho kandi ku bw'icyitegererezo cye, yerekeanaga ko igihe cyose gifite ingaruka nini z'iteka ryose; kandi ko gikwiriye gukoreshwa nk'ubutunzi; kigakoreshwa mu mirimo year. Nta muntu n'umwe ukwiriye gufatwa nk'insuzugurwa; ku mutima wose Yesu yatangaga umuti w'agakiza. Yesu aho yabaga ari hose yatangaga icyigisho gihwanye n'icyo gihe n'uko hameze. Yihatiraga cyane kugeza ibyiringiro ku bantu barusha abandi ubugome, batagize icyo bategerejweho, akabamenyesha ko bakwiye kuba beza kandi boroheje; maze bakakira imico ihamya ko ari abana b'Imana. Akenshi yahuraga n'abantu baguye mu mitego y'ubutware bwa Satani, bamwe babonaga batagishoboye kuyikuramo. Abantu bameze batyo, bacitse integer b'indembe, bageragezwa ndetse baguye, Yesu yababwiraga amagambo yuje urukundo n'impuhwe, amagambo avuzwe mu gihe gikwiriye bashoboraga kumva neza. Na none kandi yahuraga n'abari ku rugamba barwana n'umwanzi w'imitima. Yabateraga umwete ngo bihangane, akabereka ko abamarayika babakikije impande zose kugira ngo babatere kunesha. Abo yabaga afashije muri ubwo buryo bemeraga rwose ko bamufitiye icyizere, kandi ko adashobora kuzamena amabanga yabikijwe mu gutwi kwe kw'imbabazi.

Ihuzwa ry'iby'umwuka n'umurimo w'umuntu ku giti cye

Iyo amatorero akangutse, biba bitewe n'uko umwe mu bizera baryo aba ari gushakashakana inyota umugisha w'Imana. Aba afite inzara n'inyota by'Imana, agasabana kwizera, kandi agasubizwa hakurikijwe urugero rw'ibyo yasabye. Akinjira mu murimo afite ubwira, yiyumvisha ukuntu ateze amakiriro ku Mana, maze imitima igaterwa gushakashaka umugisha usa n'uwo, kandi igihe cy'ihembura kikaza ku mitima y'abantu. Umurimo wagutse ntuzirengagizwa. Hazashyirwaho igenamigambi ryagutse mu gihe gikwiriye; ariko umuhati n'inyungu z'umuntu ku giti cye byagaragariye mu kwita ku nshuti zawe n'abaturanyi bizashobora gukora byinshi kuruta ibyo abantu batekereza muri rusange. Kubura kwa bene iyi mikorere ni ko gutuma imitima Kristo

yapfiriye irimbuka.

Umutima umwe ufite agaciro katarondoreka; kuko Kalvari yerekana agaciro kawo. Umutima umwe wazanywe mu kuri uzakhinduka igikoresho cyo gukiza indi, kandi hazabaho umusaruro uhora wiyongera w'umugisha n'agakiza. Umurimo wawe ushobora gusohozza ibyiza byinshi kuruta amateraniro manini niba muri yo nta muhati w'umuntu ku giti cye wagaragayemo. Iyo byombi bihuriye hamwe, hamwe n'umugisha w'Imana, hashobora gukorwa umurimo wuzuye kandi utunganye. Ariko niba dushoboye gukora umugabane umwe gusa, nube umurimo ukorwa n'umuntu ku giti cye wo kubumburira Ibyanditswe Byera abagize imiryango, guhamagara umuntu ku giti cye, no kuvugana umudendeko n'abagize umuryango mutaganira amatakaragasi, ahubwo muganira ingingo zikomeye zo gucungurwa. Reka bakubonemo ko umutima wawe uremerejwe no gushaka agakiza k'imitima. (Review and Herald, 13 mars (March) 1888).

Sanga abantu

Ntitugomba gutegereza ko abantu badusanga; tugomba kubashaka aho bari. Iyo umubwiriza avuye ku ruhimbi, ni ho umurimo we uba utangiye. Hari abantu benshi batazigera bagerwaho n'ubutumwa bwiza nituramuka tutabubashyiriye. – Les Parables, p. 229 ; Christ's Object Lessons, p. 229.

Itegeko ryo kwamamaza ubutumwa ni rwo rwandiko rukomeye rw'uburenganzira bwo kwamamaza ubutumwa bw'ubwami bwa Kristo. Abigishwa bagombaga gukorera imitima bafite umwete, baha bese irarika ririmo imbabazi. Ntibyari ngombwa gutegereza ko abantu babasanga; ahubwo bagombaga kubasangisha ubutumwa bwabo. – Conquérants pacifiques, p. 27 ; The Acts of the Apostles²⁸.

Murarikire abaturanyi banyu kwiga Bibiliya

Nimurarikire [abaturanyi] kuza iwanyu, mufatanirize hamwe gusoma Bibiliya igitabo gihebuje hamwe n'ibitabo bisobanura ukuri kwayo. Mubabwire kwifatanya namwe mu kuririmba no gusenga. Muri aya matsinda mato, Yesu na we ubwe azaba ari

kumwe namwe, nkuko yabisezeranye , kandi imitima izakabakabwa n’ubuntu bwe. (Rayons de santé, p. 326 ; The Ministry of Healing, pp. 152, 153).

Ari mu Efeso, Apolo « yavuganye ubushizi bw’amanga mu isinagogi ». Mu bari bamuteze amatwi harimo Akwila na Purisikila, basobanukiwe nuko atari yakira neza umucyo wuzuye w’ubutumwa bwiza « Bamujyana iwabo, bamusobanurira neza inzira y’Imana ngo arushaho kuyimenya neza». Ku bw’inyigisho bamuhaye, arushaho gusobanukirwa mu buryo bwuzuye lbyanditswe, maze ahinduka umwe mu barengezi bakomeye b’imyizerere ya gikristo. Conquérants pacifiques, p. 238, The Acts of the Apostles, p. 270.

Mube abantu bashyikirana

Ndifuzza kubwira abantu bose bakorana na Kristo nti : Ahantu hose byabashobokera, kubona akanya ko kwicarana n’abantu mukikije mashyiga yabo, ako kanya muje mukabyaza umusaruro. Fata Bibiliya yawe, maze ubasobanurire ukuri gukomeye kuyirimo. Intsinzi yawe ntizaba ishingiye ku bumenyi bwawe n’ibyo usohoza, ahubwo ni ku bushobozi ufite bwo gutegura inzira igera ku mitima. Binyuze mu gusabana no kwegerana n’abantu, mushobora guhindura icyerekezo cy’ibitekerezo byabo kuruta ikibwirizwa gifite imbaraga. Kumenyekanisha Kristo mu muryango mukikije amashyiga ndetse materaniro mato yabereye mu mumazu y’abantu iwabo, akenshi bigira umumaro wo gukiriza Kristo imitima kuruta ibibwirizwa byo ku karubanda bihabwa inteko nini y’abantu badatuje cyangwa mu byumba biberamo inama ngari cyangwa mu nsengeru. (Le Ministère évangélique, p. 187 ; Gospel Workers, p. 193).

Abantu bose babwiriza Ijambo, abantu bose bakiriye ubutumwa bwiza bw’ubuntu, bagombaga gukurikiza icyitegererezo cya Kristo : icyitegererezo yabasigiye cyo kuvanga inyungu ze n’iz’abantu. Ntitugomba kuzibukira imibanire yacu n’abandi. Ntitugomba kubitarura. Kugira ngo dushyikire abantu b’inzego zose, tugomba kubasanga. Si kenshi abantu bazatwizanira bo ubwabo. Ku ruhimbi si ho honyine ukuri ko mu ijuru gushobora gukabakabira imitima y’abantu. Hari undi murima

wo gukoreramo, n'ubwo woroheje, ariko wuzuye amasezerano. Uwo murimo tuwusanga mu ngo za aboroheje, no mu nyumba z'abakomeye; ku meza dusangira n'abatwakiriye, hamwe n'amateraniro yo kwinezeza kutabangamiye ibyo twizera. (L'Espoir de l'humanité, p. 147 ; The Desire of Ages, p. 152).

Kristo ntiyari nyamwigendaho kandi yari yarakomerekeje Abafarisayo kubwo kutagendera ku mategeko yabo avunanye. Atahura ko iyobokamana ryari ryaragoteshejwe inkuta zikomeye za gatanya, babonaga ryera cyane ku buryo ritajyanirana n'imibereho ya buri munsi. Aritura izo nkuta zatandukanyaga abantu. Iyo yabaga ahuye n'abandi bantu, ntiyabanzaga kubabaza ngo: imyizerere yanyu ni iyihe? Mubarirwa mu rihe dini? Yaramburiraga ikiganza cye cy'ubutabazi abakeneye ubufasha bose. Aho kwikingiranira mu cyumba ahitaruye abantu kugira ngo abone uko agaragaza imiterere ye mva juru, ahubwo yakoreraga abantu ibyiza afite umwete. Yashimangiye iri hame ko: iyobokamana rya Bibiliya ridasaba umuntu kwihotora. Yigishaga ko iyobokamana riboneye kandi ritagira ikizinga ridashingiye ku bihe byagenwe no ku myanya idasanzwe. Mu bihe byose n'ahantu hose, yitaga ku bantu abafitiye urukundo, agakwirakwiza ahamuzengurutse umucyo ufite kwera kunejeje. (L'Espoir de l'humanité, p. 79; The Desire of Ages, p. 86).

Imbere y'abamukwena, yemeraga gucumbikirwa na rubanda rw'insuzugurwa. Yararaga mu ngo zabo, agasangira nabo, akarya ibyokurya byateguwe kandi bikagaburwa n'amaboko yabo; yigishiriza mu tuyira tw'iwabo kandi abagirira ineza n'urugwiro. (L'Espoir de l'humanité, p. 188 ; The Desire of Ages, p. 193).

Garagaza ubwuzu n'impuhwe

Abari kurwana intambara z'ubuzima zibakomereye, bashobora guterwa akanyabugabo binyuze mu kubakorera utuntu tutaruhaniye two kubitaho. Amagambo arimo urukundo avuganywe kwiyoroshya kandi aherekejwe no kumwitaho mu tuntu duto duto bizatamurura igicu cy'ibishuko no gushidikanya bitwikiriye umutima. Impuhwe za gikristo zivuye ku mutima, zigaragajwe mu kwiyoroshya kose, zifite ubushobozi bwo

kugurura urugi rw'imitima isonzeye gukabakabwa n'imbaraga ikangura y'Umwuka wa Kristo. (Testimonies, vol. 9, p. 30).

Imitima ibihumbi n'ibihumbi ishobora kugerwaho mu buryo bworoheje kandi buciye bugufi. Abantu b'injijuke cyane, abo isi ibona ko ari abagabo n'abagore bafite italanto, inshuro nyinshi bajya bakomezwa n'amagambo yoroheje asohotse mu mutima w'umuntu ukunda Imana, ushobora kuvuga urwo rukundo nk'uko ruri afite ubushobozi nk'ubwo uw'isi agira mu gihe avuga ibyuzuye umutima we. Kenshi amagambo ateguwe kandi yizwe neza hari igihe agira imbaraga rukuruzi idahagije. Ariko amagambo atarimo uburyarya kandi y'ukuri y'umuhungu cyangwa umukobwa w'Imana, avuganwe kwiyoroshya, azugurura imitima imaze igihe kirekire yugariye. (Témoignages, vol. 2, p. 468, 469) testimonies vol. 6 p.115.

Gutanga ubuhamya bw'inararibonye yawe bwite

Abantu bose bambaye Kristo bazavuga inararibonye yabo, barondora uko Umwuka yabayoboye intambwe ku ntambwe intambwe,- aribyo nzara n'inyota byo kumenya Imana na Yesu Kristo Uwo yatumye, bavuge umusaruro wakomotse mu gucukumbura ibyanditswe kwabo, amasengesho yabo, agahinda ko mu mutima, n'amagambo Kristo yababwiye ngo « ibyaha byawe urabibabariwe». Si ibisanzwe k'uwo ari we wese kubigira ibanga, kandi abuzuwemo n'urukundo rwa Kristo bose ntibabihisha. Urugero umukiza yabagizemo ikigega cy'ukuri kwe kwera niko icyifuzo cyabo kukugeza ku bandi kizangana. Kandi uko bamenyekanisha ubutunzi bukungahaye bw'ubuntu bw'Imana, bazarushaho cyane guhabwa ubuntu bwa Kristo (Les Parables, p. 120 ; Christ's Object Lessons, p. 125).

Mukangurire imbaraga zose z'iby'Umwuka gukora. Mubwire abo musura bose ko iherezo rya byose riri bugufi. Umwami wacu Yesu Kristo azugurura urugi rw'imitima yabo, kandi azavutsa igishyika kirambye mu bwenge. Mushake uko mwakwarura abagabo n'abagore mu kudakabakabwa kwabo kw'iby'umwuka. Mubabwire uburyo mwabonyemo Yesu, nuko yababereye umugisha uhereye umunsi mwinjiriye mu murimo we. Mubabwire umugisha mwakiriye ku bwo kwicara ku birenge bya Yesu n'uwo

mwakomoye mu kwiga ibyigwa by'agaciro byo mu Ijambo rye. Mubabwire ibyishimo n'umunezero biboneka mu mibereho ya gikristo. Amagambo yanyu avuganywe umwete no kubitaho azabemeza ko mwabonye ibuye ry'agaciro kenshi. Reka amagambo yanyu yuje umunezero n'akanyabugabo yerekane ko mwabonye inzira nziza koko. Uyu niwo murimo w'ibwirizabutumwa nyakuri, kandi nukorwa benshi bazakanguka bave mu nzizi. (Testimonies, vol. 9, p. 38;).

Abo Imana ikoresha nk'ibikoresho byayo bamwe bashobora kubabona nk'abatagira akamaro; nyamara niba bashoboye gusenga, kandi niba bazi gushyira ahabona ukuri bakunda biyoroheje, bashobora kugera ku bantu kubw'imbaraga y'Umwuka Wera. Mu gihe berekana ukuri mu buryo bworoheje, basoma Ijambo cyangwa kuganura ibyo banyuzemo, Umwuka Wera azakabakaba intekerezo n'imico. Ubushake buzagandukira ubw'Imana; ukuri kutari kwarumvikanye kugeza ubwo, kuzacengera mu mitima gufite kwemeza kubeshaho kandi kuzahinduka impamo y'iby'umwuka. (Testimonies, vol. 6, p. 444).

Akamaro k'ibigereranyo

[Yesu] yahinduranyaga ubutumwa bwe bw'imbabazi kugirango ahaze amakene y'abamwumvaga bose. Yari azi "gukomerasha ijambo" "utentebutse." ; kuko ubuntu bwari bwuzuye ku minwa ye kugira ngo bumushoboze guhishurira abantu ubutunzi bw'ukuri, kandi akoresheje uburyo bureshya. Yari afite uburyo bwo gukurura imitima yabaga yuzuye urwikekwe ayirehesheje ibigereranyo bikurura intekerezo zabo. Yageraga ku mutima anyuriye mu byo bibwira. Ibigereranyo bye yabikuraga mu buzima busanzwe ; kabone nubwo byagaragaraga ko byoroheje, byabaga bifite ubusobanuro bwimbitse bitangaje. Inyoni zo mu kirere, uburabyo bwo mu mirima, imbuto, umwungeri n'intama; akoresheje ibi byose Kristo yerekanye ukuri kudapfa; nyuma yaho, ubwo abamutegeye amatwi babaga bongeye kubona bya bindi, amagambo ye yabagarukaga mu bwenge. Nguko uko ibigereranyo Yesu yakoresheje byasubiragamo inyigisho ze ubudatuza. (L'Espoir de l'humanité, p. 253; The Desire of Ages, p. 254).

Intumwa zaharaniraga kumenyesha abo basenga

ibigirwamana Imana Rurema n'Umwana wayo Umukiza w'abari mu isi. Babanjirije mu kubarehereza kwita ku mirimo itangaje y'Imana, izuba, ukwezi, inyenyeri, gahunda nziza y'isimburana ry'ibihe, imisozi ihorana amasimbi, ibiti by'inganzamarumbo n'ibindi bitangaza byo mu byaremwe bikaba ari ubuhamya bwo gukomera kw'Imana burenze ubwenge bwa kimuntu. Binyuze mu mirimo y'Ishoborabyose, intumwa zerekezaga intekerezo z'abapagani ku kwitegereza Umutware w'ikirenga w'ibyaremwe. (Conquérants pacifiques, p. 159, 160 ; The Acts of the Apostles, p. 180)

Gukorera ku mahame shingiro

Paulo yari umwigisha ushyanutse. Mbere y'ihinduka rye, akenshi yashakaga kwemeza abamwumvaga akoresheje amagambo y'ubuhanga. Ariko aho byari bigeze ibyo byose yashyize ku ruhande. Aho gukoresha ibisigo n'amagambo y'amarenga byashoboraga kunezeza igishyika gusa no gukangaranya intekerezo bidakabakabye inararibonye y'imibereho ya buri muni, ahubwo Paulo yiziritse ku gukoresha imvugo yoroheje kugira ngo ashyire mu mitima ukuri kw'agaciro gakomeye. Ibigereranyo bidafite ishingiro bishobora kuba intandaro yo gutwarwa n'igishyika; nyamara kenshi ukuri kwerekanwe muri ubwo buryo ntiguha umukristo indyo ikenewe yo ku mukomeza mu ntambara yo muri ubu bugingo. Amakene yihutirwa, ibigeragezo biriho ubu, by'imitima iri ku ntambara, tugomba guhangana na byo twifashishije inyigisho nzima kandi zishyira mu bikorwa amahame shingiro y'iyobokamana rya gikristo. (Conquérants pacifiques, p. 222 ; The Acts of the Apostles, pp. 251, 252).

Gushikama mu kuri

Inshuro nyinshi ubwo muzaba mushaka kwerekana ukuri muzahura n'ababarwanya; nimubasubirisha ibihamya, muzaba muri kongera ababarwanya, aricyo mwakagombye kwirinda. Mushikame mu by'ukuri. Abamalaika b'Imana barabarinda; kandi basobanukiwe uko bakwemeza ababarwanya mwanze kujya nabo

impaka mukoresheje ibihamya. Ntimukibande ku bibazo bipfuye bibashyizwe imbere, ahubwo muhurize hamwe mu ntekerezo zayu ukuri kumvikana, muguharature mu ntekerezo zanyu mwifashishije gusengana umwete no kumaramaza k'umutima. (Testimonies, vol. 9, p. 147, 148).

Abahagarariye ukuri mu masangano y'abagenzi

Abitabye ihamagara ry'igihe turimo, bakinjira mu murimo w'Umubwirizabutumwa mukuru bazaba bagize neza nibiga uburyo bwe bwo gukora. Mu gihe yakoraga umurimo we ku isi, Umukiza yabyazaga umusaruro amahirwe yabaga abonye mu mijyi ihurirwamo n'abagenzi. I Kapernawumu ni ho Yesu yakunze kuba mu bihe yabaga atagiye mu ngendo ze z'ibwirizabutumwa, kugeza ubwo uwo mujyi wamwitiriwe. Mu by'ukuri, uwo mujyi wari wujuje ibisabwa ngo ube ihuriro ry'umurimo we. Kubera ko Kapernawumu yari yubatse ku nzira nyabagendwa iva i Damasiko ijya i Yerusalemu, mu Egiputa no ku nyanja ya Mediterane, yari ahantu hanyura uruvunganzoka rw'abantu. Abantu baturutse mu bihugu byinshi bambukiranyaga uwo mujyi cyangwa bakawuruhukiramo mu buryo bwose mu gihe cy'ingendo zabo. Aho, Yesu yashoboraga kuhashyikiranira n'amahanga yose hamwe n'abantu b'inzego zose, abakire n'ibyamamare kimwe n'abakene n'aboroheje; kandi inyigisho ze zashoboraga kujyanwa mu bindi bihugu no mu miryango myinshi. Nguko uko bakangukiraga kwiga ubuhanuzi; maze ubwenge bw'abantu bukongera kwerekezwa ku Mukiza, maze umurimo we ukimenyekanisha mu isi. (Testimonies, vol. 9, p. 121).

Mu bigo by'ubuzima bizwi cyane ku isi, no mu mahuriro y'ubukerarugendo aho ibihumbi n'ibihumbi by'abantu baturira bashakira gukira indwara no kuhabonera ibinezeza, hagomba gushyirwa ababwiriza bahoraho n'abahagarariye ibwirizabutumwa, bafite ubushobozi bwo gufata mpiri intekerezo z'imbaga y'abantu. Reka aba bakozi bite ku mahirwe yabo yo kwamamaza ubutumwa bukwiranye n'igihe cyacu no gukora ibiterane uko babonye uburyo. Nibihutire gushaka uburyo bwihuse bashobora kuvuganiramo n'abantu. Bambaye imbaraga y'Umwuka Wera, nibiyereke rubanda bafite ubutumwa bwa Yohana Umubatiza: "Nimwihane, kuko

ubwami bwo mu ijuru buri hafi” (Matayo 3:2). Ijambo ry’Imana rigomba kuvuganwa imbaraga kandi mu buryo busobanutse, kugira ngo abafite amatwi babashe kumva ukuri. Nguko uko ubutumwa bw’ukuri kw’iki gihe buzashyirwa mu nzira y’abatabuzi; kandi benshi bazakwemera kandi bazakujyana mu ngo zabo mu migabane yose y’isi. (Testimonies, vol. 9, p. 122).

Ibitabo nka *Rengera Ubuzima (Ministry of healing) n’ Imigani ya Kristo (Christ’s Object Lessons)* ni byo bikwiriye gutangwa by’umwihariko mu bigo by’ubukerarugendo, kandi hagombaga gukorwa ibishoboka byose ngo ibyo bitabo bishyirwe mu biganza by’abari mu bihe byo kwiruhura kandi bakunda gusoma. (Testimonies, vol. 9, p. 85).

Hagombaga gushyirwaho ahantu bagurira ibyo kurya ntungamagara (health restaurants) n’ibumba byo kuvuriramo. Imihati yacu muri aya mashami igomba kwerekezwa no mu bigo by’amahuriro biri ku nkengero z’amazi magari. Nk’uko ijwi rya Yohana Umubatiza ryumvikaniraga mu butayu rigira riti : “Mutunganye inzira y’Umwami”, ni na ko ijwi ry’intumwa za Nyagasani rigomba kumvikanira mu bigo bikomeye by’ubukerarugendo no kunkengero z’amazi magari. (Testimonies, vol. 7, p. 55,56).

Hatumwe babiri babiri

Yesu amaze guhamagara cumi na babiri, yabatumye mu mijyi no mu birorero ari babiri babiri. Nta muntu n’umwe wagiye wenyine, abavandimwe bagatumanwa, inshuti igatumanwa n’indi. Muri ubwo buryo bashoboraga gufashanya no guterana akanyabugabo, guhana inama, no gusengera hamwe, imbaraga z’umwe zikajya zigoboka intege nke z’undi. Mu bihe byakurikiyeho, ni na ko yatumye ba bigishwa mirongo irindwi. Wari umugambi w’Umukiza ko intumwa z’ubutumwa bwiza zihora zunze ubumwe zityo. Mu gihe cyacu, umurimo w’ibwirizabutumwa wakagize umusaruro urushijeho kuba mwinshi iyaba twakurikizaga mu buryo bwa hafi iki cyitegererezo. (L’Espoir de l’humanité, p. 368 ; The Desire of Ages, p. 350).

Ingendo z’ivugabutumwa ry’ubuvuzi

Hakurikijwe amabwiriza Nyagasani yampaye mu bihe byinshi, nziko hagomba kubaho abakozi bagenderera imijyi n'ibirorero bakora umurimo w'ibwirizabutumwa ry'ubuvuzi. Abakora uyu murimo bazabona umusaruro munini w'imitima, mu bakomeye no mu boroheje. Uburyo bw'uyu murimo butegurwa neza n'umunyamavuna ukiranuka. (Témoignages, vol. 3, p. 440; Testimonies, vol. 9, p. 172).

Ababwirizabutumwa b'abavuzi

Muri iki gihe dukeneye ababwirizabutumwa babifatanije no kuvura. Ntimushobora kumara imyaka myinshi mubyitegura. Amarembo akingutse muri iki gihe vuba aha azaba yugariwe by'iteka. Ubu nimwamamaze ubutumwa. Mwitegereza kandi ngo mwemerere umwanzi kwigarurira uturere tubakingukiye muri kino gihe. Reka udutsinda duto dusohoke tujye gukora umurimo Yesu yashinze abigishwa be. Nibakore nk'ababwirizabutumwa bwiza, bakwirakwiza impapuro zacu zanditsweho ubutumwa, kandi babwira ukuri ukuri abo bahuye na bo bose. Nibasengere abarwayi, bihatira kuborohereza indwara, badakoresheje imiti yonona, ahubwo bifashishije kuvurisha ibyaremwe, kandi babigishe uko umuntu asubirana ubuzima n'uko yirinda indwara. (Témoignages, vol. 3, p. 441; Testimonies, vol. 9, p. 172).

Bene Data na basaza banjye, mwitangire umurimo w'Imana. Mwituma hari akanya kabacika mutakabyaje umusaruro. Nimusure abarwayi n'abari mu ngorane, mubereke ko mubitayeho. Niba mubishoboye, mubafashe mu by'ubu buzima. Uko ni ko mushobora kugera ku mitima yabo, kandi mukagira ijambo muvugira Kristo. Ahazaza h'iteka ryose ni ho honyine hazahishura ubugari bwa bene uwo murimo. Andi amashami yo kuba ingirakamaro azakingukira abiteguye gusohoza inshingano zibegereye. (Témoignages, vol. 3, p. 361; Testimonies, vol. 9, p. 36).

Gutegurirwa kwibeshaho

Hariho umubare munini w'imiryango ikennye idashobora

kugira icyo imarirwa n’umurimo wose w’ibwirizabutumwa keretse uwo kubafasha kujya gutura mu cyaro maze bakabigisha guhinga ubutaka ku buryo babusaruramo ibibabeshaho. Bene ubu bufasha n’amahugurwa ntibikenewe mu mijyi gusa. No mu cyaro ubwaho, aho ubuzima bworoshye cyane, usanga abakene bagwiriye n’amakene yabo ari menshi. Rubanda rwose ntabumenyi na buke bafite mu birebana n’imyuga n’isuku. Hari imiryango ituye mu tuzu tw’amavundi dukennye ibintu byo mu nzu n’imyambaro, nta bikoresho n’ibitabo, ntibagira ikibafasha n’ibibakwiye nta nuburyo bwo kunguka ubwenge. Intekerezo ngufi, imibiri y’iminyantegere nke kandi igaragaje ubutandame bihishura ihererekanyamurage ryabo ribi hamwe n’akamenyero kabi. Birakwiriye ko gutoza abo bantu bitangirira ku ngingo z’ibanze. Baranzwe n’imibereho y’ubunembwe, izambya kandi yanduye; bakwiriye gutozwa gukosora akamenyero kabo. (Rayons de santé, p. 154; The Ministry of Healing, p. 192).

Hagombaga gushyirwaho imishinga inyuranye aho imiryango ikennye ibonera akazi. Ababaji, abacuzi n’abandi bese bafite imyuga y’ingirakamaro bakora bagomba kwiyumvamo inshingano yo kwigisha no gufasha abatayizi kandi batagira akazi. (Rayons de santé, p. 155, 156; The Ministry of Healing, p. 194).

Abakristo b’abahinzi bashobora gukora umurimo nyakuri wo gufasha abakene gutura mu cyaro, kandi bakabigisha guhinga ubutaka ngo babubye umusaruro. Babigishe kwifashisha ibikoresho by’ubuhinzi, guhinga imboga, ibinyampeke, hamwe no gufata neza ibiti byera imbuto. – Rayons de santé, p. 155; The Ministry of Healing, p. 193.

Mu gukorera abakene, harimo umurimo wo gukorera abagore n’abagabo. Abatetsi beza, abakora imirimo y’imuhira, abadozi, abaforomokazi, -ubufasha bw’aba bese burakenewe. Abagize imiryango ikennye nibigishe uko bateka, uko badoda imyenda no kuyisana, uko bakwita ku barwayi n’uburyo bafata neza ingo. Abahungu n’abakobwa nibigishwe neza imyuga imwe n’imwe n’ubucuruzi bw’ingirakamaro. – The Ministry of Healing, p. 194.

Kurarikira ibiterane by’ivugabutumwa

Hari byinshi abantu bashobora gukora niba bafite umutima

wo gukora. Hari benshi batazajya mu nsengero ngo bumve aho ukuri kubwirizwa. Binyuze mu muhati wa buri muntu ku giti cye wuzuye kwiyoreshya n'ubwenge, bashobora kwemezwa kwerekeza intambwe zabo mu nzu y'Imana. Kandi bashobora kwemezwa n'ikibwirizwa cya mbere bazumva cy'ukuri kw'iki gihe. Byashoboka ko guhendahenda kwanyu kwakwangwa, ntimugacike intege. Mushinyirize kugeza ubwo imihati yanyu izatamirizwa ikamba ry'intsinzi. – Review and Herald, 10 juin 1880.

Guteranyiriza abantu mu ishuri ryo ku Isabato

Undi murimo umuntu wese yashobora gukora ni uwo guteranya abana kimwe n'abasore mu ishuri ryo ku Isabato. Ni muri ubwo buryo abasore bashobora gukorera Umucunguzi wabo bakunda umurimo w'ingirakamaro. Bashobora gutanga icyerekezo cy'umurage w'imitima. Bashobora gukorera Itorero n'isi umurimo uwo gukomera kwawo n'ubwaguke bwawo bizamenyekana gusa ku muni wo kugororerwa ibyo wakoze, igihe amagambo avuga ngo "ni uko ni uko" azaba abwirwa uwakomeje kuba mwiza kandi agakiranuka. – Review and Herald, 10 juin 1880.

Hakoreshejwe kwandika no kuvuga

Mwamamaze ko Yesu ari gukora umurimo wo kutuvuganira mukoresheje kuvuga no kwandika. Mwifatanye n'Umukoresha mukuru w'umurimo, mukurikize Umucunguzi wiyanze mu gihe cy'uruzerero rwe yagiriye hano ku isi rukomotse ku rukundo. – Review and Herald, 24 janvier (January) 1893.

Bamwe bazakora mu buryo bumwe, abandi mu bundi, hakurikijwe ihamagara n'amabwiriza y'Umwami. Nyamara bese bagomba kurwanira hamwe, bihatira gutuma umurimo utungana. Bagomba kumukorera bakoresheje kwandika no kuvuga. – Témoignages, vol. 3, p. 351.

Kristo wabambwe, -nibiganirwe, bivugwe mu masengesho, mu ndirimbo, bizashenjagura imitima kandi biyigarurire. – Testimonies, vol. 6, p. 67.

Ikaramu ni imbaraga iri mu biganza by'abantu bumva ukuri

kugurumanira ku gicaniro cy'imitima yabo, bafitiye Imana ishyaka ririmo ubwenge riherekejwe n'umyumvire iboneye. Ikaramu, nikozwa mu isoko y'ukuri kuboneye, izashobora kumurika imirasire y'umucyo ugera mu mfuruka zicuze umwijima z'isi, izirabagiranishe izongerere n'imbaraga nshya hamwe no kuziha umucyo urushijeho gukomera uzakwirakwira ahantu hose. – Life Sketches, p. 214.

Ababwiriza bacu ntibagomba kumarira imbaraga zabo mu kubwiriza gusa ngo maze barekere aho. Bagomba guhugura abizera b'itorero uburyo bwo gukora no kugeza ku ntsinzi iri shami ry'umurimo (ari ryo bwirizabutumwa ryo kwandikirana n'abantu), kuri twe abanditsi n'ababwirizabutumwa ni nk'uruziga runyuranamo n'urundi. Imigendere y'urwo ruziga rw'imbere itera imikorere myiza y'uruziga rw'inyuma. Urwo ruziga rw'imbere ruramutse ruhagaze, vuba cyane wabona ingaruka ibaye kugabanuka kw'imibereho n'imikorere mu bashinzwe ibwirizabutumwa n'ubwanditsi. – Review and Herald, 10 juin 1880.

Ntugatezuke ku murimo w'ibwirizabutumwa riri maso. Uyu ni umurimo ugomba kwinjiranamo intsinzi niba gusa ufitanye isano n'Imana. Mbere y'uko wandika amabaruwa ubaza ibibazo, igihe cyose werekeze umutima wawe ku Mana mu masengesho kugira ngo ubashe kurundarunda amwe mu mashami y'ingurukira ashobora gushibuka ku muzabibu w'ukuri maze na yo akera imbuto zo guhesha Imana icyubahiro. Abantu bose bagira uruhare muri uyu murimo bafite imitima yiyoroheje, bazahora biyungura ubwenge, nk'abakozi bo mu ruzabibu rwa Nyagasani. – Review and Herald, 10 juin 1880.

Chap 11. UMURIMO W'IBWIRIZABUTUMWA MU BUVUZI

Umurimo w'agaciro k'ibanze

Mu gihe Yesu yamaze akora umurimo we, igihe cye kinini yagikoreshaga akiza abarwayi kuruta kubwiriza. (The Ministry of Healing, p. 19).

Umurimo wo kubwiriza unyuriye mu buvuzi uzakingura amarembo menshi imbere y'umugorozi nyakuri. (Testimonies, vol. 7, p. 62).

Umurimo wo kubwiriza ubutumwa unyuriye mu buvuzi, ukozwe neza, ni ubutumwa bwiza bushyizwe mu bikorwa. (Testimonies, vol. 8, p. 168).

Umurimo w'ibwirizabutumwa mu buvuzi niwo nteguza y'ubutumwa bwiza. Ubutumwa bwiza bugomba kubwirizwa no gushyirwa mu bikorwa binyuze mu kubwiriza ijambo no kuvura. (Rayons de Santé, p. 317; The Ministry of Healing p.144)

Umukiza w'ab'isi yamaraga igihe kinini kandi yamariraga imbaraga nyinshi mu gukiza abarwayi kuruta kubwiriza. Itegeko riheruka yahaye abigishwa be, ari bo bamuhagarariye hano ku isi ryarebanaga no kurambika ibiganza ku barwayi kugira ngo bakire. Ubwo Umwami azaba agarutse, azashima abazaba barasuye abarwayi kandi barakenuye amakene y'abamerewe nabi. – Testimonies, vol. 4, p. 225.

Umugambi w'Imana ni uko umurimo w'ubuvuzi mu ibwirizabutumwa utegurira inzira yo kwerekana ukuri gukiza kwagenewe igihe cyacu,- ari ko kwamamazwa k'ubutumwa bwa malayika wa gatatu. Uyu mugambi nugerwaho, ubutumwa bwiza ntibuzatwikirizwa intonga n'amajyambere yabwo ntazakomwa mu nkokora. – Témoignages, vol. 2, p. 620; Testimonies vol. 6, p.293.)

Mbere ya byose mwite ku makene y'abatindi, muboroherenze uburibwe bw'umubiri hamwe n'imibabaro yabo, muri ubwo buryo muzabona uko mwigarurira imitima yabo no kuyigezamo imbuto nziza y'ibyiza hamwe n'iby'iyobokama. – Testimonies, vol. 4, p. 227.

Nta kintu gitanga imbaraga ihanitse y'iby'umwuka, nta n'icyongera umwete mwinshi, ibishyika byimbitse kandi

bikabakabwa nko gusura no kwita ku barwayi n’abihebye, mu gihe ubafasha gutahura umucyo no gukomereza kwizera kwabo muri Yesu. – Témoignages, vol. 1, p. 532; Testimonies, vol. 4, p. 75, 76.

Icyitegererezo mvajuru

Kristo, umubwirizabutumwa mukuru w’umuganga, ni we cyitegererezo cyacu... Yakizaga abarwayi kandi akabwiriza ubutumwa bwiza. Mu murimo we gukiza no kwigisha byari isanga n’ingoyi. Muri iki gihe, ntibigomba gutandukanywa. – Témoignages, vol. 3, p. 439 ; Testimonies, vol. 9, p. 170, 171.

Abagaragu ba Kristo bagomba kwigana icyitegererezo cye. Igihe yabaga akubita hirya no hino, yahumurizaga abamerewe nabi kandi agakiza abarwayi. Hanyuma akabashyira imbere ukuri gukomeye kandi kwiza kurebana n’iby’ubwami bwe. Uyu ni wo murimo w’abamukurikira. – Les Paraboles, p. 234; Christ’s Object Lessons, p. 233, 234.

Icyitegererezo cya Kristo kigomba kwigana n’abantu bose bavuga ko ari abana be. Mukemure amakene y’iby’umubiri ya bagenzi banyu, ni bwo ishimwe ryabo rizasenya insika, ribashoboze kugera ku mitima yabo. Iyi ngingo yitabweho cyane. – Témoignages, vol. 3, p. 413 ; Testimonies, vol. 9, p. 127.

Ababwirizabutumwa by’umwihariko mu ishami ry’ubuvuzi, bagomba kugaragaza mu ntekerezo, mu magambo no mu mico ko bakurikiza Kristo Yesu, We cyitegererezo mvajuru cy’umwete wose w’ibwirizabutumwa mu buvuzi. – Testimonies, vol. 7, p. 127.

Kubumbira hamwe Ubutumwa bwiza n’ubuvuzi

Ubutumwa bwiza n’umurimo w’ubuvuzi bigomba kujyanirana. Ubutumwa bwiza bugomba gufatanywa n’amahame y’ubugorozi nyakuri bw’iby’amagara mazima. Ubukristo bugomba kwigaragariza mu mibereho ishyira mu bikorwa. Ubugorozi nyakuri kandi bwimbitse bugomba gukorwa... Tugomba gushyira imbere y’abantu amahame y’ubugorozi bw’iby’amagara mazima, tugakora ibyo dushoboye byose ngo dutume abagabo n’abagore basobanukirwa akamaro k’ayo mahame no kuyashyira mu bikorwa. – Testimonies, vol. 6, p. 379.

Umugambi w’Imana ni uko tuzakora nk’uko abigishwa be bakoze. Gukiza umubiri bijyanirana no kwamamaza ubutumwa bwiza. Mu murimo w’ubutumwa bwiza, ntibigomba na rimwe gutandukanywa. – *Rayons de Santé*, p. 316; *The Ministry of Healing*, p. 141.

Umurimo w’ivugabutumwa mu ishami ry’ubuvuzi hamwe n’uwo kwamamaza ubutumwa bwiza ni imiyoboro Imana inyuriramo ishaka gukwirakwiza mu buryo buhoraho ubugiraneza bwayo. Bigomba kuba nk’uruzi rw’ubugingo rushinzwe kuvomerera Itorero ryayo. – *Bible Echo*, 12/08/1901.

Reka ababwirizabutumwa bacu bagize inararibonye mu kwamamaza ubutumwa bige no kuvura mu buryo bworoheje, maze bakorane ubuhanga nk’ababwirizabutumwa bwiza mu ishami ry’ubuvuzi. – *Témoignages*, vol. 3, p. 440-441; *Testimonies*, vol. 9, p. 172.

Uri kubwiriza ubutumwa bwiza, iyo akubita hirya no hino, ahura n’abantu benshi barwaye. Agomba kuba afite ubumenyi bw’impamvu zitera indwara kandi akaba azi kuvurisha ibyoroheje, kugira ngo yoroheze abababaye. icyiyongereyeho, agomba gusengera abarwayi afite kwizera kandi yiyoroheje, akabayobora ku Muganga Mukuru. Mu gihe atembera no mu gihe akorera Imana, afashwa n’abamalayika, ari byo bimushoboza kubona inzira igana ku mitima. Mbega umurima mugari w’ibwirizabutumwa uri imbere y’ubwiriza ubutumwa bwiza akiranuka kandi yitanze; mbega imigisha azakira mu gusohozanya umwete umurimo we! – *Southern Watchman*, 20/11/1902.

Abagaragu ba Nyagasani bose bagomba kwiyumvisha ko kwamamaza amategeko y’iby’amagara mazima ari umugabane w’umurimo bashinzwe. Uyu murimo urakenewe cyane, kandi isi irawukingukiye. – *Rayons de Santé*, p. 319; *The Ministry of Healing*, p. 147.

Ukuboko kw’iburyo k’ubutumwa

Inshuro nyinshi, nabwiwe ko umurimo w’ivugabutumwa mu ishami ry’ubuvuzi ubereye ubutumwa bwa malayika wa gatatu icyo ukuboko n’icyiganza bimariye umubiri. Biyobowe n’ubumana,

bigomba gukorera hamwe mu gutegura inzira yo kugaruka kwa Kristo. Ukuboko kw'iburyo k'ukuri kugomba guhorana umwete, buri gihe ku murimo kandi Imana izagukomeza. Ariko uko kuboko ubwako ntikugomba kugirwa umubiri. Ni na ko kandi n'umubiri udashobora kubwira ukuboko ngo "singukeneye." Umubiri ukeneye ukuboko kw'iburyo kugira ngo ukorane umwete n'umurava. Buri kimwe kigiye kigira umurimo wacyo bwite kandi buri kimwe cyose kizahura n'igihombo gikomeye nikiramuka cyigize nyamwigendaho. – Témoignages, vol. 2, p. 614; Testimonies, vol. p. 288.

Umurimo w'ibwirizabutumwa mu ishami ry'ubuvuzi ugomba gukorwa... Umariye umurimo w'Imana icyo ukuboko kumariye umubiri. – Testimonies, vol. 8, p. 160.

Gukorana n'ijuru

Kristo ababazwa n'ibyago by'abantu bose bababaye. Igihe imyuka mibi ibabaza umubiri w'umuntu, Kristo yumva uburibwe bw'uwo muvumo. Iyo ubuganga buri kumisha ubugingo bw'umuntu, Yesu agira umubabaro mwinshi. Na n'ubu aracyifuza gukiza abarwayi nk'uko yabigenzaga akiri ku isi. Abagaragu ba Kristo ni bo bamuhagarariye kandi bakaba n'ibikoresho by'umurimo we. Abinyujije muri bo arashaka gukora umurimo we w'ubushobozi bwe bukiza. – L'Espoir de l'humanité, p. 889 ; Jésus Christ, p. 825; The Desire of Ages, p. 823, 824.

Binyuriye ku bagaragu bayo, Imana ishaka ko abarwayi, abamerewe nabi n'abafashwe n'imyuka mibi bakumva ijwi ryayo. Binyuze mu bikoresho bantu byayo, Imana irifuza kuba umuhumuriza isi itazi. – The Ministry of Healing, p. 106.

Kristo akorana n'abakozi babwiriza ubutumwa mu ishami ry'ubuvuzi. – Testimonies, vol. 7, p. 51.

Nyagasani yabakoreyemo. Aho bajyaga hose abarwayi barakizwaga, kandi abakene bakabwirizwa ubutumwa bwiza. – Conquérants pacifiques, p. 93; The Acts of the Apostles, p. 106.

Kristo, ntacyibereye hano ku isi mu mpagarike ye, ngo anyure mu mijyi yacu, ibirorero n'imidugudu akiza abarwayi; ahubwo yadushinze gucumbura umurimo w'ibwirizabutumwa mu buvuzi yatangiye hano ku isi. – Témoignages, vol.3, p. 436; Testimonies,

Ubuwuzi ni inshingano ya buri torero

Hari ubutumwa burebana n'ubugorozi bw'iby'umuze muke bigomba kubwirizwa muri buri torero. Testimonies, vol. 6, p. 370.

Umurimo w'ivugabutumwa mu ishami ry'ubuvuzi ugomba kuba umwe mu mirimo ikorwa na buri torero mu gihugu cyacu. Témoignages, vol. 2, p. 615 ; Testimonies, vol. 6, p. 289.

Tugeze mu gihe buri buri mwizera w'itorero agombaga gukora umurimo wo kubwiriza ubutumwa binyuze mu ishami ry'ubuvuzi. Témoignages, vol. 3, p. 116 ; Testimonies, vol. 7, p. 62.

Umurimo w'ubugorozi bw'iby'umuze muke ni uburyo Imana yiyambaza kugira ngo igabanye uburibwe mu isi yacu no kweza itorero ryayo. Mwigishe abantu ko bashobora gukora nk'ukuboko kw'Imana gutabara, binyuze mu gukorana na Shebuja mu guhembura amagara mazima y'iby'umubiri n'iby'Umwuka. Uyu murimo ufite ikimenyetso cy'ijuru, kandi uzugururira amaremba ukundi kuri kwinshi kw'agaciro. Muri iryo shami, umuntu wese ushaka gukorana ubwenge afitemo umwanya. (Testimonies, vol. 9, p. 112-113).

Umugaru uri imbere yacu, ariko ntitukajye tuvuga ijamba na rimwe ryo kutizera cyangwa ry'urucantegere. Twibuke ko duhetse ubutumwa bwo gukiza isi ituwe n'imbaga y'abantu barembejwe n'indwara y'icyaha. (Special Testimonies, series B, n° 8, p. 24).

Uyu murimo, nuramuka uyobowe neza, uzakiza umubare munini w'abazahajwe n'ibyaha bari barirengagijwe n'amadini. Abantu benshi tudahuje kwizera bafite inyota y'ubufasha nyakuri burebana n'inshingano abakristo babafiteho. Iyaba abantu b'Imana bagaragariga abaturanyi babo ko babitayeho by'ukuri, benshi muri bo bakwigarurirwa n'ukuri kwihariye kw'iki gihe. Nta kindi kimenyetse kizaranga umurimo wacu kirenze gufasha abakene, tubasanze aho bari. Ibihumbi by'abagabo n'abagore baba bishimiye ubutumwa bwiza iyaba abavuga ko bakunda Imana kandi bitondera amategeko yayo bakoreraga nkuko Kristo ya koze. Iyo umurimo w'ivugabutumwa mu ishami ry'ubuvuzi wigaruriye utyo abagabo n'abagore, bakamenya gucungurwa kuva kuri Kristo n'ukuri kwe, ntawashidikanya kuwushoramo

amafaranga n'imihati ihamye; kuko ari umurimo uzaramba. Témoignages, vol. 2, p. 604 ; Testimonies, vol. 6, p. 280.

Reka abantu bacu bagaragaze ko bitaye kuri uyu murimo w'ibwirizabutumwa ry'ubuvuzi. Nibitegure kwihindura ingirakamaro banyuriye mu kwiga ibitabo byandikiwe kuduhugurira iyi ngingo. Ibi bitabo bisabwa kwitabwaho cyane no guhabwa agaciro kuruta igihe cyashize. Kubimenya buri wese abifitemo inyungu, kuko byandikiwe by'umwihariko kudugura ku birebana n'amategeko y'amagara mazima. Abiga kandi bagashyira mu bikorwa ayo mahame bazahabwa umugisha mwinshi mu by'umubiri no muby'umwuka. Gusobanukirwa ubucurabwenge bw'iby'ubuzima buzababera ingabo ibakingira ibibi bihora byiyongera ubudatuza. Témoignages, vol. 3, p. 118 ; Testimonies, vol. 7, p. 63

Nabwiwe ko umurimo w'ivugabutumwa mu ishami ry'ubuvuzi, no mu ndiba y'umworera wo kononekara uzakavumbura abantu, n'ubwo bari bararundukiye mu kutirinda hamwe no mu kamenyero ko kwiyonona, bazitaba imihati yihariye izaba yaragizwe ku bwabo. Birakwiye ko bashakwa kandi bagaterwa akanyabugabo. Imihati irimo gushikama no kwihangana izakenerwa kugira ngo bazahurwe. Ntibashobora kwihembura bo ubwabo. Birashoboka ko bakumva ihamagara rya Kristo, ariko amatwi yabo ni ibihuri ku buryo adashobora kumva ubusobanuro bwaryo ; amaso yabo akabije guhuma ku buryo atashobora kubona ibyiza babikiwe. Bapfiriye mu mu byaha no mu bicumuro byabo. Nyamara kandi nabo ntibagomba guhezwa mu birori by'ubutumwa bwiza. Bagomba kwakira irarika rivuga ngo «nimuze». Kabone n'ubwo bumva ko batabikwiriye, Umukiza aravuga ati : « Mubahate kwinjira.» Ntimukemere urwitwazo na rumwe. Mubagaruze urukundo no kubitaho. Témoignages, vol. 2, p. 603 ; Testimonies, vol. 6, pp. 279, 280.

Abinjira muri iri shami ry'umurimo wo gukwirakwiza inyandiko bagomba no kwitegura gukora umurimo w'ivugabutumwa mu ishami ry'ubuvuzi. Abarwayi n'imbabare bagomba gufashwa. Benshi mu bazaba barakorewe uyu murimo w'imbabazi bazumva kandi bemere amagambo y'ubugingo. Témoignages, vol. 3, p. 360 ; Testimonies, vol. 9, p. 34.

Ninde waba uri kwitegura gusohozanya ubwenge umurimo

w'ivugabutumwa mu ishami ry'ubuvuzi? ... Buri mukozi wese agomba kuba asobanukiwe kandi ashoboye. Ubwo nibwo azerekana ukuri nkuko kuri muri Yesu mu buryo buhanitse kandi bwagutse. Témoignages, vol. 3, p. 125, 126 ; Testimonies, vol. 7, p. 70

Reka umurimo wa Nyagasani ujye mbere. Umurimo w'ibwirizabutumwa mu buvuzi no guhugura abakozi nibijye mbere. Nemezwa mu mutima wanjye ko icyo tubuze cyane muri iki gihe, ari abakozi babwiriza ubutumwa bafite ishyaka, bamaramaje, b'abahanga, kandi babifitiye ubushobozi. Témoignages, vol. 3, p. 437 ; Testimonies, vol. 9, pp. 168, 169.

Nibajyane amahame mazima y'ubugorozi bw'iby'umuze muke muri rubanda' kuko kurugero ruhanitse ni injiji kuri aya mahame. Testimonies, vol. 9, p. 118

Nategetswe kubwira abigisha b'iby'amagara mazima nti: Mujye mbere! Isi ikeneye icyitegererezo cyanyu cyose ngo mushobore kwamurura umuvumba w'ikibi cyo mu bwenge. Reka abigisha butumwa bwa malayika wa gatatu babe indahemuka ku mahame yabo. Testimonies, vol. 9, p. 113.

Umugambi wo kwagura ubuvuzi

Ibigo byacu by'ubuvuzi byatangiye gukora umurimo, Nyagasani azabiha amahirwe yo gufatanya nawe mu gufasha ibigo bishya bigishingwa. Buri kigo gishya cy'ubuvuzi kigomba gufatwa nk'iyunganizi mu murimo ukomeye wo kwamamaza ubutumwa bwa malayika wa gatatu. Imana yahaye ibigo byacu by'ubuvuzi amahirwe yo gukora umurimo, uzaba nk'ibuye rizima,uzaguka nk'usunikwa n'ikiganza kitagaragara. Reka iryo buye ry'amayobera turyemerere rikore. (Testimonies, vol. 7, p. 59).

Imikorere y'ibigo byacu

Hagombaga gushyirwaho za resitora z'imbonezamirire n'ibyumba byo kuvuriramo. Imihati yacu muri ibyo igomba kwerekezwa ku birorero bikomeye byo ku nkengero z'amazi magari. Nkuko ijwi rya Yohana Umubatiza ryumvikanye mu butayu ngo "Nimutunganye inzira y'Uwiteka", ni na ko ijwi ry'intumwa

z’Imana rigomba kumvikana mu birorero binini by’ubukerarugendo no ku byicarobiri ku nkengero z’amazi magari. Testimonies, vol. 7, pp. 55, 56

Nahawe umucyo ko mu mijyi myinshi ari byiza ko resitora yegeranywa n’ibyumba bavuriramo. Byombi Bishobora gukorana mu kwerereza amahame atunganye. icyongereye kuri ibyo, rimwe na rimwe biba byiza kugira ibyumba bishobora gucumbikira abarwayi. Gushingwa kw’ibyo bigo kuzafasha amavuriro ari mu cyaro. Testimonies, vol. 7, p. 60.

Nyagasani afitiye imijyi yacu ubutumwa, kandi tugomba kubwamamaza mu materaniro yacu y’ingando (camp-meetings) mu materaniro yo ku ka rubanda, hamwe no mu nyandiko zacu. icyiyongereyeho, za resitora zisukuye zigomba gushyirwaho mu mijyi, kugira ngo tuziyambaze mu kwamamaza amahame yo kwirinda. Integuro zigomba gushyirwaho ngo hategurwe ibiterane bifitanye isano n’amaresitora yacu. Aho ibyo bishoboka hose, nihashyirweho icyumba aho abakomeye bazajya bararikirwa kuza gusoma ibirebana n’ubumenyi bw’ubuzima no kwirinda kwa gikristo, kandi bakahakirira n’inyigisho zirebana no gutegura indyo yuzuye, no ku zindi ngingo z’ingenzi. (Testimonies, vol. 7, p. 115)

Abantu baza muri za resitora zacu bagombaga guhabwa ibyo basoma. Intekerezo zabo zigomba kwerekezwa ku byo twandika ku kwirinda n’ubugorozi bw’iby’imirire, kandi bagahabwa n’impapuro zivuga iby’inyigisho za Kristo. Abizera bacu bagomba guhurira ku inshingano yo gukwirakwiza izo nyandiko. Abaza bose bagomba guhabwa icyo basoma. Birashoboka ko benshi muri bo batazazisoma, nyamara bamwe mu bazakira bashobora kuba bari gushakashaka umucyo. Bazasoma kandi bige ibyo tuzaba tubahaye, kandi izo nyandiko bazajya baziha n’abandi. (Testimonies, vol. 7, p. 116).

Nabwiwe ko imwe mu mpamvu z’ingenzi zituma restora n’ibyumba byo kuvuriramo bigomba gushyirwa mu mijyi minini, bwari uburyo bwo kwerekeza amaso y’abakomeye ku butumwa bwa malayika wa gatatu. Ubwobazabona resitora zacu ziyobowe muburyo butandukanye rwose n’imiyoborere y’izo bamenyereye, abantu babanyabwenge bazatangira kubaza impamvu dutandukanije uburyo bw’imikorere, kandi bazacukumura amahame adutera gutegura ifunguro ry’agahebuzo. Uko niko

bazayoborwa ku kumenya ubutuwa bw'iki gihe. Témoignages, vol. 3, p. 151 testimonies, vol. 7, p. 122,123

Amashuri yo guteka

Nahawe amabwiriza yo gushishikariza abantu gutangiza amashuri yo guteka mu turere twose ahari gukorerwa umurimo w'ivugabutumwa mu ishami ry'ubuvuzi. Ikintu cyose gishobora gukangurira abantu kwigorora kuri iyo ngingo kigomba gushyirwa imbere yabo. Reka umucyo ushoboka wose ubamurikire. Mwigishe abizera b'itorero ngo bivugurure mu birebana no gutegura amafunguro kandi mubigishe kwivugurura uko bashoboye kose mu gutegura amafunguro, kandi mubashishikarize kugeza ku bandi ibyo bigishijwe. Le Ministère Evangélique, p. 353; Gospel Workers, pp. 362, 363.

Nihategurwe amahugurwa yo kwigisha guteka. Abantu bagomba kwigishwa uko bategura indyo yuzuye. Bagomba kwerekwa akamaro ko kuzibukira ibyokurya byonona ubuzima. Nyamara ntitugomba kubateka kurya ibitabahagije. Birashoboka ko umuntu agira indyo itunganye kandi ifite intungamubiri adakoresheje icyayi, ikawa hamwe n'inyama. Umurimo wo kwigisha abantu gutegura ifunguro ryuzuye kandi riteye ipfa ni uw'agaciro gahanitse. Testimonies, vol. 9, p. 112.

Ubutumwa bukwiranye n'igihe

Sinakabya cyane gushishikariza abagize amatorero yacu bose, ababwirizabutumwa nyakuri bose, abantu bose bizera ubutumwa bwa malayika wa gatatu, abantu bose "barinda ikirenge cyabo gukandagira Isabato", mbabwira kwibaza ku butumwa buri muri Yesaya 58. Umurimo w'ubugiraneza usabwa muri icyo gice ni wo Imana iri gusaba ubwoko bwayo muri iki gihe. Ni umurimo Imana ubwayo yashyizeho. Ntitwarekewe mu rungabangabo mu birebana naho ubu bubutumwa bwerekeza, n'igihe kizaranga gusohora kwabwo, kuko dusoma: « N'abazabakomokaho bazubaka mu matongo ya kera yasenyutse; uzongera gushinga imfatiro zariho ku ngoma nyinshi; kandi uzitwa uwica ibyuh, kandi usibura inzira zijya mu ngo ». (Yesaya 58:12).

Isabato y'umunsi wa karindwi, urwibutso rw'ijuru,

ikimenyetso cy'umurimo wayo wo kurema isi, yahinduwe na wa Munyabugome. Ubwoko bw'Imana bufite umurimo udasanzwe wo gukora mu gihe basana icyuho cyacitse mu mategeko y'Imana; kandi uko turushaho gusatira iherezo, ni ko uwo murimo urushaho kuba uwihutirwa. Abantu bose bakunda Imana bazagaragaza ko bafite ikimenyetso cyayo binyuze mu kwitondera amategeko yayo. Ni « abasibura inzira zijya mu ngo.... Umurimo nyawo w'ibwirizabutumwa mu ishami ry'ubuvuzi womatanye no kumvira amategeko y'Imana, harimo n'Isabato by'umwihariko bitewe n'uko ari urwibutso rukomeye rw'umurimo w'irema. Kubyubahiriza bijyaniranye n'umurimo wo kugarura ishusho y'Imana mu mu muntu. Nguwo umurimo ubwoko bw'Imana bugomba gukora mu gihe cyacu. Uwo murimo nukorwa neza uzazanira itorero imigisha ikungahaye. Témoignages, vol. 2, p. 586, 587; Testimonies, vol. 6, pp. 265, 266.

CHAP. 12. KUBWIRIRISHA BIBILIYA

Umugambi wahumetswe n'ijuru

Uburyo bwo gukora binyuze mu kwigira Bibiliya bwahumetswe n'ijuru. Hari abagabo n'abagore benshi bashobora kwinjira muri iryo shami ry'umurimo w'ibwirizaubutumwa. Uko niko abakozi batozwa bagahindukira Imana abakozi b'abahanga n'ingirakamaro. Binyuze muri iri shami, Ijambo ry'Imana ryagiye ribwirwa abantu ibihumbi n'ibihumbi; kandi abigisha ba Bibiliya bagiye bagirana imishyikirano yihariye n'abantu b'amahanga yose n'indimi zose. Bibiliya icengezwa mu miryango kandi ukuri kwayo kwera kwagiye kwishakira inzira mu mitimanama. Abantu bashishikarizwa gusoma, kugerenjura no gushyira mu gaciro bo ubwabo, kandi bagomba kwishyiraho inshingano yo kwakira umucyo wo mu ijuru cyangwa kuwanga. Imana ntizemera ko umurimo nk'uwo w'agaciro wabaho nta ngororano. Izambika ikamba ry'intsinzi imihati yose ikoranwe kwiyoroshya mu izina ryayo. Le Ministère évangélique, p. 186; Gospel Workers, p. 192.

Data wa twese wo mu ijuru ni we wadushinze umurimo wacu. Tugomba gufata Bibiliya zacu, maze tukajya kuburira isi. Tugomba kuba ibiganza by'Imana bitabara mu gukiza imitima; imiyoboro inyuzwamo urukundo rwayo uko bukeye n'uko bwije rugashyikira abarimbuka. Testimonies, vol. 9, p. 150

Ihamagara risobanutse

Benshi bazahamagarirwa umurimo wo kuva ku nzu baja ku yindi bigisha Bibiliya kandi basengana n'abitaye ku butumwa bwiza. Témoignages, vol. 3, p. 440; Testimonies, vol. 9, p. 172.

Abakozi benshi bagomba gukora uruhare rwabo, bakora umurimo wo kuva kunzu baja ku yindi bigisha Bibiliya mu miryango. Testimonies, vol. 9, p. 141

Abagore bitanze bagomba kwinjira mu murimo wo kubumburira abantu bibiliya inzu ku inzu. (Testimonies, vol. 9, p. 120, 121).

Niba tugera ikirenge mu cya Kristo, tugomba kwegera

abakeneye umurimo wacu. Tugomba kubumburira Bibiliya ubwenge bw'abantu, tubereka icyo amategeko y'Imana abashakaho, dusomera amasezerano y'Imana abari mu rungabangabo, tuzakangura abatagira icyo bitaho, no gukomeza abanyanteye nke. Le Ministère évangélique, p. 330; Gospel Workers, p. 336.

Ibya Filipo n'Umunyetiyopiya bigaragaza Umurimo Nyagasani ahamagarira ubwoko bwe. Umunyetiyopiya ahagarariye umutwe munini w'abantu bakeneye ababwirizabutumwa bameze nka Filipo, ababwirizabutumwa bazumva ijwi ry'Imana bakajya aho ibatumye. Mu isi harimo abantu basoma Ibyanditswe Byera nyamara badasobanukirwa n'icyo bishatse kuvuga. Kugira ngo abo Bantu basobanurirwe Ijambo ry'Imana, hakenewe abagabo n'abagore bazi Imana. (Testimonies, vol. 8, p. 58, 59).

Mu bagize amatorero yacu hagomba kubamo abantu benshi cyane bakora umurimo w'inzu ku nzu baja kuhatanga inyigisho za Bibiliya. Témoignages, vol. 3, p. 412; Testimonies, vol. 9, p. 127.

Abakozi nibawe ku nzu imwe baja ku yindi babumburira abantu Bibiliya. (Testimonies, vol. 9, p. 123).

Muri za Leta nyinshi haracyarimo inkambi z'abakozi b'abahinzi baguwe neza batigeze bumva havugwa ukuri kw'iki gihe. Bene ibyo birere bigomba gukorwa. Reka abizera bacu binjire muri uwo murimo. Binyuze mugutiza ibitabo cyangwa kubigurisha, gutanga impapuro z'ubutumwa no kwigisha Bibiliya, abizera bacu bakora byinshi mubo baturanye nabo. Nibaramuka buzuwe mo no gukunda imitima, bazamamaza ubutumwa bafite imbaraga ku buryo abantu benshi bazihana. Témoignages, vol. 3, p. 360; Testimonies, vol. 9, p. 35.

Sene zikangaranije

Amagana n'ibihumbi by'abantu bajyaga mu miryango bakabasobanurira Ijambo ry'Imana. Imitima yemejwe n'imbaraga y'Umwuka Wera. Kandi umwuka wo kwihana byukuri waragagaye. Testimonies, vol. 9, p. 126

Abakozi babiri babwiririrsha ubutumwa Bibiliya bari bicaye mu muryango umwe. Bibiliya ibumbuye imbere yabo berekanaga Umwami Yesu Kristo nk'Umukiza ubabarira ibyaha. Amasengesho

asenganywe umwete yazamukaga ku Mana, kandi imitima yoroshywaga n'imbaraga y'Umwuka Wera. Ayo masengesho yabo yumvikanagamo ihembura n'imbaraga. Umucyo woroheje kandi urabagirana wavaga mu Byanditswe Byera mu gihe babaga basobanura imwe mu mirongo yabyo maze mvuga ijwi ryo hasi ngira nti: "Jya mu nzira nto n'inini, kandi abo uri buhure nabo bose, ubahatire kwinjira, kugira ngo inzu yanjye yuzure abasangwa." (Luka 14:23). Témoignages, vol. 3, p. 360; Testimonies. vol. 9, p. 35

Hari abantu benshi basoma Ibyanditswe Byera ntibumve neza icyo bishatse kuvuga. Mu isi yose abagabo n'abagore berekeye mu ijuru bagaragaje intimba. Amasengesho yabo, amarira no kwinginga bizamuka bituruka mu mitima isonzeye umucyo ubuntu n'Umwuka Wera. Benshi begereye amarembo y'ubwami bw'ijuru, icyo bategereje gusa ni irarika ribahamagarira kubwinjiramo. Conquérants pacifiques, p. 96; The Acts of the Apostles, p. 109.

Kwitegura umurimo

Abayoboke ba Kristo ntibaba bahuje n'icyifuzo n'ubushake bw'Imana, iyo banyuzwe n'ubujiji bwo kutamenya Ijambo ryayo. Bose bagomba guhinduka abanyeshuri ba Bibiliya. Kristo yategetse abayoboke be ati "Murondore Ibyanditswe, kuko mwibwira ko ari mo mufite ubugingo buhoraho; kandi ni byo bimpamya." Intumwa Petero iratwingingira muri aya magambo ngo "Mwubahe Kristo mu mutima yanyu, ko ari we Mwami, kandi mube mwiteguye iteka gusubiza umuntu wese ubabajije impamvu z'ibyiringiro mufite, ariko mufite ubugwaneza, mwubaha." (1 Petero 3:15) – Testimonies, vol. 2, p. 633, 634.

Abahindutse by'ukuri bagomba guhora barushaho gusobanukirwa Ibyanditswe kugira ngo bashobore kugeza amagambo y'umucyo n'agakiza ku bari kurimbukira mu mwijima no mu byaha. – Testimonies, vol. 9, p. 121.

Tugomba guha abantu umuburo uheruka w'Imana. Mbega umwete twakagombye kugira mu kwiga Bibiliya n'ishyaka ryo gukwirakwiza umucyo! Umutima wose wamurikiwe n'ijuru niwihatire gutanga uwo umucyo. Abakozi nibave ku rugo bajya ku

rundi, babumburira abantu Bibiliya, bakwirakwiza ibitabo n'impapuro zanditseho ubutumwa, babwira abandi iby'umucyo wababereye umugisha. – Ministère évangélique, p. 344; Gospel Workers, p. 353.

Umurimo w'ibwirizabutumwa uteguwe neza ushobora kugera ku musaruro ushimishije ahari ingando zitorezwamo abakozi ba Bibiliya. Mu gihe ibiterane binini biri gukorwa, ababwirizabutumwa bafite inararibonye, basobanukiwe iby'umwuka mu buryo bwimbitse, bagomba guhugura buri munsu abo bakozi ba Bibiliya, ari na ko bagira uruhare mu kuja mu mavuna y'ibwirizabutumwa babyishimiye. – Testimonies, vol. 9, p. 111.

Ibanga ryo gutsinda

Mushishikare kandi mugire umwete ugurumana mu masengesho yanyu, mu kwiga Bibiliya kwanyu no mu kubwiriza kwanyu, kugira ngo mwemeze abantu ko ukuri kwera mwigisha abandi namwe kwababereye ukuri kuzima. Ibyo mukorera Yesu byose, mwihatire kubikorana umurava. Ntimukibwire ko mwageze ku rugero rw'ikirenga, kandi ko mudashobora kuharenga... Erekeza umutima ku nshingano kugira ngo werekane ukuri mu buryo bugukundisha abandi. Hitamo imirongo y'ibyanditswe irushijeho kureshya ushobora kubagezaho, maze wahuranye ugere ku mugambi, kandi ukomeze ubatware ingamira no kubahugura mu nzira z'Umwami. – Review and Herald, 26/07/1887.

Hashobora gukorwa umurimo ukomeye abantu baramutse basobanuriwe Bibiliya nk'uko iri. Mujuje ijamba ry'Imana ku rugo rwa buri wese. Ubuhamya bwayo busobanutse nibushyirwe imbere ya buri mutimanama, musubiriramo bese iri tegeko ry'Umukiza ngo "Murondore mu Byanditswe". Muhendahendere abantu gufata Bibiliya nk'uko iri, musaba Imana kubaha kumurikirwa n'ijuru; kandi igihe umucyo umuritse, bakirane umunezero buri murasire wose w'agaciro, kandi bemere ingaruka zabyo nta bwoba. – Témoignages, vol. 2, p. 152; Témoignages, vol. 5, p. 588.

Umurimo unejeje

Kubumbirira abandi Ibyanditswe Byera ni umurimo unejeje. – Testimonies, vol. 9, p. 118.

Bumburira Ibyanditswe Byera imbere y’uri mu mwijima, ni bwo utazongera kwivovotera intege nke hamwe no kutanezererwa umurimo w’ukuri. Umutima wawe uzakangurirwa kwita ku mitima, umutima wawe uzuzuramo kwishimira ibihamya byo kwizera, kandi uzamenya ko uvomerera abandi na we azavomerwa. – Review and herald, 13/03/1888.

Chap. 13. Umurimo w'inyandiko

Umurimo w'agaciro gakomeye

Niba hariho umurimo urushijeho kuba uw'ingenzi kuruta iyindi, ni uwo gukwirakwiza inyandiko zacu muri rubanda, bityo bikabatera gucukumbura Ibyanditswe. Umurimo wo kubwiriza ubutumwa –gutanga inyandiko mu miryango, kuganira, gusengera no gusengana n'abayigize, ni umurimo mwiza. – Le Colporteur Evangéliste, p. 8 ; The Colporteur Evangelist, p. 80.

Reka buri Mudivantiste w'Umunsi wa Karindwi ubwe yibaze ngo « ni iki nshobora gukora ngo namamaze ubutumwa bwa Malayika wa gatatu? ». Kristo yazanywe kuri iyi si no guha umugaragu we ubu butumwa kugira ngo abugeze ku matorero. Bugomba kwamamazwa mu mahanga yose, mu moko yose, mu ndimi zose, no mu miryango yose. Ni mu buryo ki twabutanga? Gukwirakwiza inyandiko zacu ni bumwe mu buryo ubu ubutumwa bushobora kunyuriramo ngo bwamamazwe. Reka buri mwizera wese akwirakwize amatangazo yo kwamamaza, impapuro zanditseho ubutumwa hamwe n'udutabo turimo ubutumwa bw'iki gihe. Dukeneye ababwiririsha ubutumwa ibitabo (Abakolportereri – Colporteur) bo gukwirakwiza inyandiko zacu ahanu hose. – Southern Watchman, 5 janvier 1904.

Ibinyamakuru hamwe n'ibitabo ni bwo buryo Imana yiyambaza kugira ngo ubutumwa bw'iki gihe buhore imbere ya rubanda. Mu kumurikira imitima no kuyishikamisha mu kuri, inyandiko zamamaza ubutumwa zizakora umurimo urenze cyane uwakorwa no kubwiriza gusa. Intumwa zicecetse zishyirwa mu miryango n'ababwiririsha ubutumwa ibitabo (Abakolportereri – Colporteur), zizatera inkunga umurimo mu buryo bwose ; kuko Umwuka Wera azemeza intekerezo igihe bari kuzisoma, nk'uko ajya yemeza intekerezo z'abatega amatwi ibibwirizwa by'Ijambo ry'Imana. Abamalayika bashinzwe kurinda umurimo w'umubwiriza babifatanya no kurinda ibitabo birimo ukuri. – Témoignages, vol. 2, p. 624; Testimonies, vol. 6, p. 315, 316.

Reka umurimo wo kubwiririsha ubutumwa ibitabo (Abakolportereri – Colporteur) we kwirengagizwa. Ibitabo birimo umucyo w'ukuri kwagenewe kino gihe nibigizwe ku bantu benshi

uko bishoboka. Abakuriye amatorero yacu y'uturere hamwe n'abandi bari mu myanya y'ubuyobozi bafite inshingano bagomba gukora kuri iyi ngingo. – Southern Watchman, 25 Avril 1905.

Isi igomba kwakira umucyo w'ukuri binyuriye mu murimo wo kubwiriza Ijambo ry'Imana mu bitabo n'ibinyamakuru by'idini. Inyandiko zacu zigomba kwerekana ko iherezo rya byose riri bugufi. –Témoignages, vol. 3, p. 372; The Colporteur Evangelist, p. 100.

Imana irasaba abana bayo gukora nk'abantu bazima, kandi ntibabe abanenganenzi, abanebwe na ba ntibindeba. Tugomba gushyira abantu inyandiko zacu kandi tukabahendahendera kuzakira. –Southern Watchman, 25 Avril, 1905.

Inyandiko zikubiyemo ibyo twizera muri iki gihe ziri kubiba imbuto y'ubutumwa bwiza, kandi ni ibikoresho biri kuzana imitima myinshi kuri Kristo kimwe n'Ijambo ribwirijwe. Hari amatorero ashitse yagiye ahangwa ari umusaruro w'ikwirakwizwa ry'izo nyandiko. Buri mwigishwa wa Kristo ashobora kugira uruhare muri uyu murimo. –Review and Herald, 10 Juin 1880.

Intumwa y'ijuru yahagaze hagati yacu, maze ivuga amagambo y'umuburo no guhugura. Itwumvisha neza ko ubutumwa bwiza bw'ubwami ari ubutumwa isi iri kurimbuzwa no kububura, kandi ko ubwo butumwa, bukubiye mu nyandiko zacu, iziraho ndetse n'izitarasohoka, bugomba gukwirakwizwa mu bantu bari hafi n'abari kure. –Témoignages, vol. 3, p. 379-380; Testimonies, vol. 9, p. 67.

Umurimo w'inyandiko ugomba kuba inzira yo gukwirakwiza bwangu ku isi umucyo wera w'ukuri kw'iki gihe. –Testimonies, vol. 9, p. 69.

Muri iryo shami ryihariye, Satani ari gukwirakwiza inyandiko zonona zibereyeho guhindanya ubwenge no kuroga intekerezo z'abasore. Inyandiko mbi ziri gukwirakwizwa cyane mu gihugu hose. Ni kuki buri mwizera w'itorero atakwiyumvamo umuhamagaro wo gukwirakwiza inyandiko zazamura intekerezo z'abantu kandi zikabashyira imbere ukuri mu buryo bwahuranije? Ibyo binyamakuru n'izo mpapuro zanditsweho ubutumwa bishinzwe kumurikira isi, akenshi byabaye ibikoresho byo guhindura imitima. –Review and Herald, 10 Juin 1880.

Mu by'ukuri twarasinziriye mu birebana n'umurimo ushobora

gukorwa binyuze mu gukwirakwiza inyandiko z'ubutumwa bwateguwe neza. Ngaho noneho reka tubwirize Ijambo dufite imbaraga, binyuze mu gukoreshanya ubwenge ibitabo n'inyandiko z'ubutumwa, kugira ngo isi ishobore kumva ubutumwa Yesu yahereye Yohana ku kirwa cy'i Patimo. –Témoignages, vol. 3, p. 373, The Colporteur Evangelist, p. 101.

Bizera b'itorero, nimukangukire kwiyumvisha akamaro ko gukwirakwiza inyandiko z'ibyo twizera, kandi mutange igihe kiruseho kuri uyu murimo. Nimushyire mu ngo z'abantu ibinyamakuru, inyandiko n'ibitabo bizabwiriza ubutumwa bwiza mu mashami yabwo atandukanye. Nta gihe dufite cyo gupfusha ubusa. Reka benshi bitangane ubushake no kwiyinga kuri uwo murimo wo kubwiririsha ubutumwa ibitabo, kandi muri ubwo buryo bagire uruhare mu kumvikanisha umuburo ukenewe cyane. Ubwo itorero rizasohozza inshingano ryahawe, rizatera imbere "rizaba ryiza nk'ukwezi rirabagirana nk'izuba, riteye ubwoba nk'igitero cy'ingabo zigendana amabendera". –Southern Watchman, 20 Novembre 1902.

Umucyo w'ukuri uramurikira imirasire yawo irabagirana ku isi binyuze mu murimo w'ibwirizabutumwa. Itangazamakuru ni igikoreshe gishoboza kugera ku bantu benshi batari kuzagerwaho n'umubwiriza. –Témoignages, vol. 2, p. 152; Testimonies, vol. 5, p. 388.

Ijoro ry'igeragezwa riri hafi kurangira. Satani arakoresha imbaraga ze zose kuko azi ko asigaranye igihe gito. Ibihano by'Imana biri kwisuka ku isi, bihamagarira abazi ukuri bose kwihisha mu mitutu y'urutare, aho bazashobora kwitegereza ubwiza bw'Imana. Kuri ubu ukuri ntikugomba gupfukiranwa. Ibihanya bisobanutse bigomba gutangwa. Ukuri kwahuranije kugomba kuvugwa binyuze mu mpapuro z'ubutumwa nto n'inini, zigakwirakwizwa nk'ibibabi byo ku mpeshyi. –Témoignages, vol. 3, p. 467 ; Testimonies, vol. 9, p. 231.

Hakenewe ababwirizabutumwa bwiza bo gukora umurimo wo gukwirakwiza mu bantu izi ntumwa zicecetse z'ukuri, - ababwirizabutumwa bwiza biyumvamo ko bashinzwe imitima, kandi bashobora kuvuga amagambo akwiranye n'abashakashaka umucyo. Bamwe bāvuga bati « Sindi umugabura ; sinshobora kubwiriza abantu. » Ushobora kutagira ubushobozi bwo kubwiriza,

ariko ushobora kuba umubwirizabutumwa bwiza, ukajya wita ku makene y'abo mushyikirana; ushobora guhinduka ikiganza kigoboka cy'Imana, ugakora nk'uko abigishwa bakoraga; ushobora kubaza abo muhuye niba bakunda Umwami Yesu. –Southern Watchman, 20 Nov. 1902.

Amacapiro ni ibikoresho by'ingirakamaro

Imana yatoranije Abadivantisiti b'Umunsi wa karindwi ngo babe ubwoko bwihariye, butandukanijwe n'isi. Akoresheje umutarimba w'ukuri, yabakuye mu nganzo y'isi, abizirikaho. Yabagize abahagarikizi bayo, kandi yabahamagariye kuba abavugizi mu murimo uheruka w'agakiza. Ubutunzi bukomeye bw'ukuri butigeze buhabbwa abantu bapfa, imiburo ikomeye kandi iteye ubwoba Imana itigeze yoherereza umuntu, barabihawe kugira ngo babishyikirize isi; kandi amacapiro yacu ari mu bikoresho by'ingirakamaro mu gusohozwa k'uyu murimo. –Témoignages, vol. 3, p. 162-163; Testimonies, vol. 7, p. 138.

Umurimo wacu w'icapiro washyizweho n'ubuyobozi bw'Imana, hakurikijwe ubugenzuzi bwayo budasanzwe. –Témoignages, vol. 3, p. 162; Testimonies, vol. 7, p. 138.

Uruhare runini rw'umurimo wa marayika ukomeye umanuka ava mu ijuru akamurikishiriza isi yose ubwiza bwe uzakorwa n'amacapiro. –Témoignages, Vol. 3, p. 164-165; Testimonies, vol. 7, p. 140.

Nshinzwe kubwira amacapiro yacu ngo: muzamure ibendera; murizamure cyane. Nimuvuge ubutumwa bwa malayika wa gatatu, mu buryo butuma bwumvikana ku isi yose. Reka bigaragare ko aha ari ho hari abitondera amategeko y'Imana bafite kwizera kwa Yesu (Ibyahishuwe 14:12). Inyandiko zacu nizamamaze ubutumwa nk'ubuhamya bwo guhamiriza isi. –Témoignages, vol. 3, p. 372; Testimonies, vol. 9, p. 61.

Kwagura umurimo w'ivugabutumwa ry'inyandiko

Mwebwe abizera ukuri kw'iki gihe, nimukanguke. Ubu ni inshingano yanyu gukoresha uburyo bwose bushoboka ngo mufashe abasobanukiwe n'ukuri kukwamamaza. Umugabane

umwe w'amafaranga y'inyandiko zigurishwa wagombaga gukoreshwa mu kongera ibikoresho kugira ngo tubone inyandiko nyinshi biruseho zizahumura amaso y'abatari bahinduka zikoroshya imitima ikakaye. –Témoignages, vol. 3, p. 373 ; Testimonies, vol. 9, p. 62.

Hashize imyaka myinshi Nyagasani ampaye amabwiriza ko mu bice bitandukanye by'Amerika, mu Buraya, no mu bindi bihugu, hagomba kuba inyubako zo gucapiramo inyandiko zikubiyemo umucyo w'ukuri k'iki gihe. Yategetse ko hagomba gukoreshwa imihati yimazeyo kugira ngo amacapiro akwirakwize mu isi yose ubutumwa bw'irarika n'umuburo. Abantu bamwe batari kuzagerwaho mu nzira iyo ari yo yose bazagerwaho n'inyandiko zacu. Mu bitabo byacu n'ibinyamakuru hagomba kuvamo imirasire igaragara y'umucyo yo kumurikira isi binyuze mu kuri kw'iki gihe. –Testimonies, vol. 8, p. 87.

Neretswe ko ku giciro icyo ari cyo cyose inyandiko zacu zigomba gucapwa mu ndimi zitandukanye zikoherezwa muri buri gihugu cyateye imbere. Amafaraanga afite gaciro ki muri iki gihe uyagereraniye n'imitima? Buri faranga ryose dutunze rigomba gufatwa nk'iry'Uwiteka, si iryacu ; rikamera nk'impano y'agaciro twaragijwe n'Imana ; tutagomba gusesagura mu binezeza bitari ngombwa, ahubwo mu buryo bwitondewe bugakoreshwa mu murimo w'Imana, kugira ngo turohore abagabo n'abagore mu irimbukiro. –Life and Sketches, p.214.

Ijambo ry'ukuri kwanditswe rigomba guhindurwa mu ndimi zitandukanye maze rikajyanwa ku mpera z'isi. –Témoignages, vol. 3, p. 351 ; Testimonies, vol. 9, p. 26.

Ubutumwa bwanditse bugomba guhindurwa muri buri rurimi rwose ; kuko ubutumwa bwiza bugomba kubwirizwa isi yose. Kristo asezeranya buri mukozi wese ubwiriza ubutumwa ubufasha bw'ijuru buzatuma ibyo akora bitsinda. –Testimonies, vol. 9, p. 34.

Inyandiko zacu zigomba gukwirakwizwa ahanu hose. Nizisohoke mu ndimi nyinshi. Ubutumwa bwa Malayika wa gatatu bugomba kwamamazwa binyuze muri ubwo buryo hamwe n'amagambo y'umubwiriza. Mwebwe abizera ukuri kw'iki gihe, nimukanguke. –Le Colporteur Evangélique, p. 4 ; The Colporteur Evangelist, p. 101.

Benshi mu bana b'Imana bagombaga gukwirakwiza

inyandiko z'ukuri twizera aho ubutumwa bwa malayika wa gatatu butari bwamamazwa. Ni ngombwa gukwirakwiza ibitabo byacu mu ndimi nyinshi zitandukanye. Abantu biringirwa kandi baciye bugufi bazajyana ibyo bitabo, nk'ababwiririsha ubutumwa ibitabo, bashyire ukuri abatari kuzigera bamurikirwa mu bundi buryo. –Témoignages, vol. 3, p. 359-360 ; Testimonies, vol. 9, p. 33, 34.

Bagomba gukwirakwiza inyandiko zikubiyemo isezerano ry'Umukiza ugiye kugaruka vuba, bava mu muji baja mu wundi, bava mu gihugu baja mu kindi. –Testimonies, vol. 9, p. 34.

Neretswe ko inyandiko z'ukuri twizera zamaze gukabakaba intekerezo z'abantu benshi mu bindi bihugu, zagiye zitura inkike z'abagendera ku byo bibwira no ku bihimbano. Neretswe kandi abagabo n'abagore basomanaga ubwuzu ibinyamakuru n'impapuro zivuga iby'ukuri kw'iki gihe. Muri ubwo buryo hari ukuri batahuraga, bikababera bishya kandi by'agaciro, maze bakarushaho gucukumbura Bibiliya bafite ubwuzu buvuguruye, uko ingingo z'ukuri zari zarababereye urwijiji zabahishukiraga, by'umwihariko umucyo ku birebana n'Isabato y'itegeko rya kane. Mu gihe babaga birunduriye mu kwiga ibyanditswe Byera ngo bagenzure niba inyigisho bakiriye zihuze n'inyigisho za Bibiliya, imicyo mishya yacengeraga mu ntekerezo zabo, kuko abamalayika babaga babazengurutse bagacengeza mu bwenge bwabo ukuri kuri mu nyandiko babaga bari gusoma.

Nababonye bafashe mu kiganza kimwe ibinyamakuru n'impapuro ziriho ubutumwa, mu kindi kiganza bafashe Bibiliya, n'amarira atemba mu maso habo ; binginga Imana mu masengesho yoroheje kandi avuye ku mutima bayisaba kubayobora mu kuri kose, -ari na byo yari isanzwe ibakorera mbere y'uko bayigaragariza ibyifuzo byabo. Ubwo bakiraga ukuri mu mutima wabo, kandi bagatahura ubwuzuzanye bw'uwo munyururu w'ukuri, Bibiliya yabagaragariye nk'igitabo gishya ; bayigundirira mu gituza bafite ibyishimo byinshi, mu gihe mu maso habo hagaragazaga ibyishimo n'umunezero wera.

Bo ubwabo ntibanyuzwe gusa no kwishimira mucyo, batangira no kuwugeza kuri bandi. Bamwe muri bo bitanzeho ibitambo nyakuri byo kurengera ukuri, bakoresheje gufasha abari bakiri mu mwijima. Muri ubwo buryo inzira yari ikingutse mu gukora umurimo ukomeye wo gukwirakwiza impapuro

n'ibinyamakuru biriho ubutumwa mu zindi ndimi. –Life Sketches, p. 214-215.

Amahirwe yo gukwirakwiza inyandiko ku buntu

Mukwiriranye mwitonze impapuro ziriho ubutumwa muri za gari ya moshi, mu tuyira, ku mato manini anyuranamo mu nyanja ndetse no mu buryo bw'inzandiko mu maposita. –Ministère Evangélique, p. 344 ; Gospel Workers, p. 353.

Muri iki gihe aho ingendo zamaze gutera imbere cyane, amahirwe yo gushyikirana n'abagabo n'abagore bo mu nzego zose no mu bihugu byose ni menshi cyane kuruta mu bihe by'Abisirayeli. Uburyo bw'ingendo bwikubye inshuro nyinshi. Imana yateguye inzira mu buryo butangaje. Ikigo cy'icapiro n'ibikoresho byaryo bitandukanye, kiri aho twagera. Bibiliya, hamwe n'inyandiko mu ndimi nyinshi, byerekana ukuri kw'iki gihe biri mu biganza byacu kandi bishobora gukwirakwizwa bwangu mu bice byose by'isi. –Ministère Evangélique, p. 343 ; Gospel Workers, p. 352.

Impapuro zanditse zisobanura ingingo imwe imwe y'ubutumwa hamwe n'udutabo duto, utunyamakuru n'ibitabo nibikwirakwizwe mu birere byose. Aho mugiyeho hose, mujye mugendana uruhago rw'inyandiko zitoranijwe muzatanga uko muronse uburyo. Gurisha ibyo ushoboye, ubitize abantu cyangwa ubitange ukurikije uko ibintu bimeze. Hazakurikiraho umusaruro w'ingenzi. –Review and Herald, 10 juin 1880.

Neretswe ko tutakoraga inshingano yacu yo gutanga ku buntu udutabo duto twanditsemo ubutumwa. Binyuriye muri ubwo buryo, hari abantu benshi b'abiringirwa bari kuzagezwaho ukuri... Izo nyandiko nto zisobanura ingingo imwe imwe zigizwe n'impapuro enye, umunani na cumi n'esheshatu, ziguze udufaranga duke kandi zishobora kwishyingirwa n'umutungo utangwa n'abakunda umurimo. Igihe wandikira inshuti, ushobora kongeraho n'agatabo kamwe cyangwa tubiri nta yindi ndishyi irenzeho. Mu gihe musanze abantu mu modoka zitwara abagenzi, mu mato cyangwa aho bategerereza imodoka, abagaragara ko bafite amatwi yumva, mushobora kubaha inyandiko. –Testimonies, vol. 1, p. 551-552.

Mukore ifatabuguzi

Bashiki bacu bashobora gukora ibyiringirakamaro bakoresheje ifatabuguzi ku binyamakuru byacu, ari na byo bibashoboza kugeza umucyo mu ntekerezo za benshi. –Review and Herald, 10 juin 1880.

Muri iki gihe dufite uburyo bukomeye bwo kutworohereza gukwirakwiza ukuri, nyamara abizera bacu ntibazi kubyaza umusaruro amahirwe bafite. Muri buri torero, ntibiyumvisha haba no kubona akamaro ko gukoresha ubushobozi bwabo mu gukiza imitima. Ntibiyumvisha inshingano yabo yo gushaka abafatabuguzi b'ibinyamakuru byacu, hamwe n'ibinyamakuru bivuga ku ngingo y'iby'amagara mazima, no gushyira ahagaragara ibitabo n'udutabo duto turimo ubutumwa bw'ukuri. –Testimonies, vol. 4, p. 391.

Kugurisha ibitabo

Benshi barashavuye kandi baracogoye, bafite intege nke mu kwizera no kwiringira Imana. Nibagire icyo bakora kugira ngo bafashe utindahaye kubarusha ni ho bazahinduka abanyambaraga. Nibatangire umurimo mwiza wo kugurisha ibitabo byacu. Ni muri ubwo buryo bazafasha abandi kandi inararibonye bazakuramo izabaha ubwishingizi bw'uko bo ari ukuboko kw'Imana gutabara. Mu gihe bazaba btakambira Uwiteka ngo abashashe, azabayobora ku imitima ishakashaka umucyo. Kristo azahagarara hafi yabo, abigisha ibyo bakwiriye kuvuga nibyo bakwiriye gukora. Mu gukomeza abandi, na bo ubwabo bazahembuka. –Le Colporteur Evangéliste, p. 25 ; The Colporteur Evangelist, p. 40.

Umurimo wo mu mijyi

Turiho mu gihe umurimo ukomeye ugomba gukorwa. Ahantu hose hagaragara inzara y'ubutumwa buboneye, kandi umutsima w'ubugingo ugomba gushyirwa imitima ishonje. Nta muntu warusha umubwirizabutumwa witanze kubona imyanya myiza yo

gukora uyu murimo. Ibihumbi n'ibihumbi by'ibitabo birimo umucyo w'agaciro w'ukuri kw'iki gihe bigomba gushyirwa mu miryango ituye mu mijyi yacu minini. –Southern Watchman, 20 Novembre 1902.

Mu binyamakuru byacu usangamo ukuri guhuriwe kandi gukiza imitima. Hari benshi bashobora gufasha mu murimo wo kugurisha ibinyamakuru byacu. Uwiteka araduhamagarira twese gushaka uko twakiza imitima irimbuka. Satani ari ku murimo, ari gushaka uko yayobya n'intore ubwazo, kandi ubu ni igihe cyo gukorana ubushishozi. Tugomba kumenyekanisha ibitabo n'ibinyamakuru byacu; ubutumwa bwiza bw'ukuri kw'iki gihe bugomba kwamamazwa bwangu mu mijyi yacu. Mbese ntitwakangukira inshingano zacu? –Témoignages, vol. 3, p. 374-375; Testimonies, vol. 9, p. 63.

Inyandiko z'iby'amagara mazima

Ababwirizabutumwa bwiza bagomba gukundisha abo bagenderera udutabo twacu tuvuga iby'amagara mazima, bakabaganiriza ku nyigisho z'ingirakamaro zitubonekamo zivuga uko umuntu yakwita ku barwayi no kuvura indwara. Bagomba kubabwira ko izo nyigisho zizwe kandi zigashyirwa mu bikorwa, zazanira umuryango wose amagara mazima. Bagomba kubasobanurira ko ari iby'ingenzi cyane ko buri muryango usobanukirwa ubumenyi bwo kubaho icyo ari cyo. Bagomba kwerekeza intekerezo z'abo bantu ku Wabumbye urunyuranyurane ruhebuje rw'ingingo zabo ari na we uzikoresha. Bagomba kubigisha ko uruhare rwacu ari ugukorana n'Imana, binyuriye ku kwita cyane ku ngingo zacu zose no ku bushobozi bwacu bwose.

Gufata neza umubiri wawe mu buryo buhuje n'amakene yawo ni inshingano ikomeye kandi isaba ubumenyi burimo gusobanukirwa imikoranire yose y'ingingo zawo. Mubabwire ko Imana iba yubahutswe iyo umuntu akoresheje nabi impagarike y'umubiri kubwo kuneza ipfa n'irari, maze bigatuma isigara ikora mu buryo buyiruhije kandi butindagira. Mubabwire ko ibitabo mugurisha bikubiyemo inyigisho nyinshi z'agaciro zirebana n'iby'ubuzima, kandi ko nibazishyira mu bikorwa, bazaba bikingiye uburibwe bwinshi kandi bizabarinda gutanga umutungo mwinshi

mu baganga bakomeye. Mubabwire kandi ko ibyo bitabo birimo inama nyinshi umuganga atashobora kubaha mu kanya kagufi afite ko gusura. –Southern Watchman, 20 novembre 1902.

Abasore nibinjira mu murimo wo kubwiririsha ubutumwa ibitabo icyifuzo cyabo nyamukuru ari ugukiza bagenzi babo, bazabona imitima ihinduka. Mu murimo wabo hazeramo umusaruro wa Nyagasani. Noneho nibajye ku murimo nk’ababwirizabutumwa bakwirakwiza ukuri kw’iki gihe, basaba Imana ubutitsa umucyo n’ubumenyi buhagije kugirango bamenye uko bashyira abacogoye amagambo akwiranye nuko bameze. Bagomba kubyaza umusaruro akanya kose bakora ibikorwa by’ubugiraneza, bibuka ko ari abagaragu ba Nyagasani. Ntibagomba na rimwe kwibagirwa kujyana ibitabo bivuga iby’amagara mazima, kuko ubugorozi bw’amagara mazima ari ukuboko kw’iburyo k’ubutumwa. –Southern Watchman, 15 January 1903.

Kwirakwiza ahantu hose, nta ho urenze

Hari ahantu henshi cyane ijwi ry’umubwiriza ridashobora kumvikana, akaba nta kindi gishobora kubashyikira keretse inyandiko zirimo ubutumwa -ari zo ibitabo, ibinyamakuru n’udutabo duto turimo ukuri kwa Bibiliya abantu bakeneye. Inyandiko zacu zigomba gukwirakwizwa ahantu hose. Ukuri kugomba kubibwa ku nkengero z’amazi yose ; kuko tutazi ikizera ari iki cyangwa kiriya. Mu myumvire yacu iyobye dushobora gutekereza ko ari iby’ubupfu gutanga inyandiko no kubiteguye kwakirana ubutumwa umwete. Ntawamenya ubwinshi bw’umusaruro uzava mu gutanga inyandiko zikubiyemo ukuri kw’iki gihe. Southern Watchman, 5 January 1904.

Guhuriza hamwe ubuvungukira bwose

Mu gitangaza cyo kugaburira imbaga y’abantu bihereye ku dutsima n’amafi by’inyaranga, ibyokurya byatubutse binyuriye muri Kristo ngo bigere ku babyakiriye. Ni na ko bikwiriye kugenda no mu gukwirakwiza inyandiko zacu. Mu gihe ukuri kw’Imana gukwirakwizwa, kwikuba inshuro nyinshi. Nk’uko byagendekeye

abigishwa, mu gihe bari bayobowe na Kristo, bahuriye hamwe ubuvungukira kugira ngo hatagira igipfa ubusa, uko niko tugomba gukusanya buri gatanyu k'inyandiko zikubiyemo ukuri kw'iki gihe. Ku mutima usonzeye ukuri, nta n'umwe washobora gupima ubugari bw'imbaraga ishobora kugaragara kuri buri rupapuro, n'ubwo rwaba rwaracitse, ariko rukaba ruriho ukuri k'ubutumwa bwa malaika wa gatatu. –Southern Watchman, 5 janvier 1904.

Gushyiraho ahagurishirizwa ibitabo

Ahantu hose h'ingenzi hagomba kubaho ahagurishirizwa ibitabo byacu. Kandi umuntu wese uha agaciro ukuri mu buryo bwuzuye agomba kugaragaza ubwuzu bwo gutanga ibyo bitabo ku bakunze kubisoma bese. –Testimonies, vol. 1., p. 473.

Abamalayika bugurura inzira

Neretswe ko ubutumwa bw'ukuri kw'iki bugomba gukangura intekerezo z'abantu bese. Gushyira ukuri mu inyandiko ni umugambi wa genywe n'Imana nk'uburyo bumwe bwo kuburira, gukomeza, gucyaha, kwinginga cyangwa kwemeza abantu bese bakanguwe bakareshywa n'intumwa zicecetse kandi zituje. Abamalayika b'Imana bagira uruhare mu gutegurira imitima kwezwa n'ukuri kwanditse, kugirango bitegure uruhererekane rw'ibyaduka bikomeye biri imbere yabo. –Testimonies, vol. 1, p. 590.

Chap. 14. UMUDENDEZO MU BY'YOBOKAMANA

Isengesho rikwiranye n'igihe

Dawidi yasenze agira ati "Igihe gikwiriye cyo gukora k'Uwiteka kirasohoye ; kuko bahinduye ubusa amategeko y'Imana." Iri sengesho rihorana agaciro na n'uyu muni. Isi yahabiye kure y'Imana kandi kononekara kwayo kugomba gukangaranya imitima kugatera abantu bose bakiranukira Umwami ukomeye gukorera kurengera ubugorozi. Ubutegetsu bw'Ubupapa bwibwiye guhindura amategeko y'Imana bukoresha gushyiraho isabato y'ibinyoma ngo isimbure iya Yehova ; kandi iyo sabato y'ibinyoma yubahwa n'imbaga nyamwinshi y'abakristo, mu gihe icyukuri isiribangwa. ...

Isibaniro riheruka ry'urugamba rukomeye rw'impaka Kristo n'abamalayika be bahanganiyemo na Satani n'abamalayika be ruzaba rushingiye ku mategeko y'Imana, kandi ni rwo ruzafatirwamo imyanzuro y'isi yose.... Abantu bari mu myanya yo hejuru, ntibazasuzugura no guhinyura isabato ubwabo gusa, ahubwo bahagaze ku impimbi zera bazashishikariza rubanda kwezeza umunsi wa mbere w'icyumweru, maze iryo tegeko ryashyizweho n'abantu barirengeze imihango n'imigenzo. Bazajya berekana amahano agwa ku butaka no ku nyanja –imiyaga idasanzwe, imyuzure, imitingito y'isi, kurimbuka kuzanywe n'inkongi z'imiriro- ko ari ibihano by'Imana byerekana ko ibabajwe nuko icyumweru kitubahirijwe. Ayo makuba azarushaho kwiyongera, ishyano rizasimburwa n'irindi shyano ; kandi abahinyura amategeko y'Imana bazarega abizera bake bitondera isabato y'itegeko rya kane ko ari bo nyirabayazana b'umujinya uri gukwirakwira ku isi. Ubwo buryarya ni uburiganya bwa Satani kugira ngo abone uko afata mu mutego utari maso. –Southern Watchman, 24 June 1904.

Ibyaduka bitegerejwe

Abacu bakomeje gufatwa nk'abatagita icyo bavuze kuburyo badahabwa agaciro ; nyamara hazabaho ihinduka. Isi nkirisito irimo kugira ihinduka rizatuma abantu bose berekeza amaso kuri iryo torero « ryitondera amategeko y'Imana.» Ukuri kw'Imana

gukomeje gusimburwa n'ibitekerezo n'inyigisho z'ibinyoma zikomoka ku bantu. Harimo kuremwa imitwe y'abantu ishaka kwigarurira imitimanama y'abazashaka kumvira Imana. Abashingamategeko bazahagurukira kurwanya ubwoko bw'Imana. Umutima wose uzageragezwa. – Testimonies, vol. 5, p. 546.

Abantu bazashimangira kandi berereze amategeko y'igitugu agamije kurwanya ay'Imana mu buryo bwahuraniye. Nubwo bazaba ari abanyamwete muguhata amategeko yabo ubwabo, bazatera umugongo iri jambo risobanutse ngo: « uku niko Uwiteka avuga. » Kugira ngo berereze umunsi w'ikiruhuko w'ikinyoma, bazagerageza guhata abantu gusuzugura amategeko y'Imana, kandi ayo mategeko ari yo agaragaza imico yayo. N'ubwo nta kibi kizaba kibariho, abagaragu b'Imana bazatangwa mu maboko y'intababarira z'idini ziyobowe n'umwuka wa satani, kandi zuzuye igomwa ngo bakozwe isoni kandi bashinyagurirwe. – Témoignages, vol. 3, p. 466 Testimonies, vol. 9, p. 229

Abayobozi b'amadini, bahamya ko bafitanye isano n'ijuru kandi ko bafite imico iranga Umwana w'intama, bazerekaniye ibikorwa byabo ko bafite umutima w'ikiyoka kandi ko bahumekekemo kandi ko bategekwa na Satani. Igihe kiraje aho ubwoko bw'Imana buzarenganywa buzize kweza umunsi wa karindwi... Nyamara ubwoko bw'Imana bugomba guhagarara bushikamye kubwa yo. Imana izabwitaho, yiyerekane ku mugaragaro ko ari yo Mana isumba ibigirwamana. – Témoignages, vol. 3, p. 466, 467 ; Testimonies, vol. 9, pp. 229, 230.

Buri guteshwa agaciro kose, buri gitutsi cyose, buri bubisha bwose Satani yashoboraga gushyira mu mitima y'abantu byakorewe ku bigishwa ba Yesu. Tuzongera kubona bikoze no muri iyi minsi yacu ; kuko umutima wa kamere uhora ari umwanzi w'amategeko y'Imana, kandi ukaba udashobora no kuyumvira. Nk'uko byari bimeze mu gihe cy'abigishwa ba Kristo, na n'ubu isi ntihamanya n'amahame ya Kristo. Urwango nka rwa rundi rwatumye basakuza bagira bati « Nabambwe ! Nabambwe ! » ari na rwo rwazanye akarengane ku bigishwa, rukomeje gukorera mu mitima y'abatwumvira. Wa mwuka wo mu myaka yo hagati (Moyen âge) waciragaho iteka abagabo n'abagore ngo bafungwe, bameneshwe, bicwe, waringaniye iyicarubozo riteye ubwoba rikomotse mu nkiko z'idini, wateguye kandi ugashyira mu bikorwa

itsembatsemba ry'ahitwa Saint-Barthélémy (rya Mutagatifu Bartolomayo) kandi rigacana umuriro w'itanura ry'i Smithfield (Simisifilidi), na n'ubu uwo mwuka uracyari ku murimo ukorana imbaraga z'ubugome zikomoka mumutima utarahindutse. Amateka y'ukuri buri gihe yagiye arangwa n'intambara hagati y'ikibi n'icyiza. Iyamamazwa ry'ubutumwa bwiza buri gihe ryagiye ritsinsurana no kurwanywa, n'akaga, n'uburibwe n'urupfu. –Conquérants Pacifiques, p. 75 ;The Acts of the Apostles, pp. 84, 85.

Itorero ryasigaye rizanyuzwa mu igeragezwa rikomeye no mu makuba akomeye. Abitondera amategeko y'Imana hamwe no kwizera nk'ukwa Yesu, bazaba bagomba kubabazwa n'uburakari bw'ikiyoka n'ubw'ingabo zacyo. Satani afata abaturage b'isi yose nk'abe; ni we witegekera amadini yahakanye; nyamara hari agatsiko gato k'abantu bahanganye n'ububasha bwe. Uwagira ngo ashobore kubaheha ku isi yose, intsinzi ye yaba yuzuye. Nk'uko yateje amahanga ya gipagani kurimbura Isirayeli, ni ko no mu gahe gato kari imbere azahagurutsa imbaraga z'ababi bo kw'isi ngo batsembeho ubwoko bw'Imana. Buri wese azasabwa gukandagira amayegeko y'Imana ngo yumvire ay'abantu. Abazakomeza kuba indahemuka ku Mana bakiranuka ku nshingano bazagambanirwa n'ababyeyi babo, abavandimwe babo, abaturanyi babo n'inshuti zabo. (Luka 21:16). –Testimonies, vol. 9, p. 231.

Igihe k'igeragezwa rya buri wese ntikikiri kure. Kubahiriza Isabato y'ikinyoma tuzabihatirwa. Hazabaho amashyamirane akomeye hagati y'amategeko y'Imana n'amategeko y'abantu. Abagiye birekurira buhoro buhoro mu mihango y'isi, bazemera guca bugufi imbere y'ubutegetsu aho kwihamagarira gukobwa, gutukwa, no kwishyira mu kaga ko gufungwa no kwicwa. Muri icyo gihe izahabu izitandukanywa n'inkamba, ... Inyenyeri nyinshi twajyaga dutangarira ku bwo bw'umucyo wazo utangaje zizijima. Abambaye imyambaro ya gitambyi ariko batambaye gukiranuka kwa Kristo, bazagaragara mu isoni z'ubwambure bwabo. –Prophètes et Rois, p. 141;Prophets and Kings, p. 188.

Ibidutegereje imbere yacu ni intambara idakura mu ruge: kuba dushobora gufungwa, kubura ibyacu, hamwe n'ubugingo bwacu ubwabwo, kugira ngo turengere amategeko y'Imana,

yasimbujwe ay'abantu. –Témoignages, vol. 2, p. 374; Testimonies, vol. 5, p. 712.

Igihe kiradusatira cyihuta cyane aho abarengera ukuri bazasobanukirwa binyuze mu nararibonye gusangira imibabaro ya Kristo icyo aricyo. Umunyabugome mukuru arabona ko asigaranye igihe gito cyo gukora, kandi ko bidatinze azazimiza ubushobozi afite ku muntu, kandi ko n'ubushobozi afite azabunyagwa, kandi arakoresha ubuhenzi bwose bwo gukiranirwa mu mitima y'abarimbuka. Imyizerere y'ibinyoma n'amafuti birakandagirana ukuri, gukiranuka n'uburenganzira bwiza bw'abandi. Imbaraga yose irwanya ukuri irimo kwiubaka. –Southern Watchman, 31 octobre 1905.

Umurimo itorero rizaba ryarirengagije gukora mu gihe cy'amahoro no uburumbuke, rizaba rigomba kuwukora mu gihe cy'akaga gateye ubwoba, mu bihe by'urucantegye kandi birimo kunamūra. Imiburo izaba yaracecekeshejwe cyangwa ikaburizwamo no kwihuza n'isi izaba igomba gutangwa hagati yo kurwanywa gushishana kw'abanzi bo kwizera. Kandi muri icyo gihe, umutwe w'abizera by'amajyejuru kandi bishushanya, abo icyitegererezo cyabo cyahoraga gikereza iterambere ry'umurimo, bazahakana kwizera maze, bifatanye n'abanzi ruharwa b'ukuri **ari na bo bari basanzwe babogamiyeho**. Abo bahakanyi bazagaragariza urwango rushaririye abahoze ari bene se, bakora ibibashobokera byose ngo babakandamize, kandi babashinje ibinyoma babandagaze. Uwo munsu uradusatiriye cyane. Buri muntu wese mu bagize itorero azasuzumwa kandi ageragezwe ku giti cye. Bazashyirwa mu mpatanwa zizabahatira byanze bikunze gutanga ubuhamya bwo kurengera ukuri. Benshi bazahamagarirwa kuvugira imbere y'inama y'abakuru b'idini n'imbere y'inkiko z'ubutabera, wenda batandukanyijwe n'abandi cyangwa bari bonyine. Birengagije kugira inararibonye yagombaga kubafasha mu gihe gisa nicyo, kandi imitima yabo izaremererwa no kwicuza ibihe bapfushije ubusa n'amahirwe birengagije. –Témoignages, vol. 2, p. 195; Testimonies, vol. 5, p. 463

Kuri ubu imbaga y'Abaprotestanti bo muri iki gihe barareba mu itsinda ry'abakomeza Isabato bakabonamo Moridekayi uhagaze ku irembo. Imyifatire yabo igaragaza ko iha agaciro amategeko y'Imana, ni umucyaho uhoraho ku banze kubaha

Uwiteka kandi bagakandagira Isabato ye; Ni ngombwa gukoresha uburyo bwose bushoboka ngo bikize icyo gitotsi kibabogamiye kandi kidakunzwe. –Témoignages, vol. 2, p. 178; Testimonies, vol. 5, p. 450.

Satani azatera abantu kwanga intsinda rito ry’abantu baciye bugufi bazanga babikuye kumutima kwemera imihango n’imigenzo yemerwa na benshi. Abantu bavuga rikijyana bo mummyanya yo hejuru bazifatanya n’abanze amategeko y’Imana kandi bakaba bafite n’imyifatire yononekaye, kugira ngo bagambanire ubwoko bw’Imana. Ubutunzi, ubuhanga buhanitse, ubumenyi bizifatanya kugira ngo babahindure insuzugurwa. Abategetsibatagira impuhwe, Abapasitoro hamwe n’abizera b’itorero bazahuza umugambi wo kubarwanya. Bazihatira guhirika kwizera kwabo binyuze mu magambo no mu nyandiko, ubukobanyi, ibikangisho no kwandagazwa. Bazababyukiriza uburakari bwa rubanda kubwo kubagaragaza uko batari. Kubwo kutagira Ibyanditswe Byera bihangana n’abarengera Isabato ya Bibiliya bazabarwanisha ibikorwa by’ubugome. Ku bwo gushaka gushyigikirwa no kwamamara, abacamanza bazumvira icyifuzo cy’itegeko ry’icyumweru.... Aho kuri iryo sibaniro ni ho hazava intambara iheruka yo guhangana hagati y’ukuri n’ibinyoma. –Témoignages, vol. 2, p. 178-179; Testimonies, vol. 5, pp. 450, 451.

Akamaro k’akarengane

Ubwo batatanywaga n’akarengane, abigishwa bagiye buzuye ishyaka ryo kubwiriza ubutumwa. Biyumvishije akamaro k’inshingano yabo. Bamenye ko bafite umutsima w’ubugingo ukenewe ku isi isonzeye ukuri; kandi urukundo rwa Kristo rwabahatiraga kumanyagurira umutsima w’ubugingo ku babaga bawusonzeye. –Conquérants Pacifiques, p. 93; The Acts of the Apostles, p. 106.

Imana ishaka ko uko kuri gushinzwe kugerageza abantu kwerekanwa neza, kugasuzumwa kandi kukagibwaho impaka n’ubwo baba bagutesha agaciro. Intekerezo z’abantu zigomba gukurwa mu bitotsi. Imana iziyambaza impaka zose, gucyahwa kose, kubeshyerwa kose kugira ngo ikangure mu bantu umwuka

wo gucukumbura no gukangura abatari kuzigera bava mu iroro iyo bitaba bityo. –Témoignages, vol. 2, p. 182; Testimonies, vol. 5, p. 453.

Ni mpamvu ki akarengane gasinziriye

Intumwa Paulo avuga yeruye ati « abashaka kuja bubaha Imana bose bari muri Kristo Yesu bazarenganywa ». Nonese ni iki gitumye akarengane gasa n’agahunikiriye cyane? Impamvu imwe rukumbi, ni uko itorero ryihwaniye n’isi, rikaba ritagisembura abarirwanya. Iyobokamana ryiganje muri iyi misi yacu, ntirirangwa no kwera no gukiranuka byarangaga abakristo bo mu gihe cya Kristo n’intumwa. Biterwa n’umwuka wo kubererekera icyaha, ukuri gukomeye kw’Ijambo ry’Imana kutitabwaho, hamwe no kubura kwera nyakuri mu itorero, ni yo mpamvu mu bigaragara ubona ubukristo bwemewe na benshi mu isi. Reka habeho ikangura ryo kwizera n’imbaraga byari mu itorero rya mbere, nibwo umwuka w’akarengane uzahembuka, kandi umuriro w’akarengane wongere ukongezwe. –Tragédie des siècles, p. 48; The Great Controversy, p. 48.

Ubumwe bw’inyabutatu mu kurenganya

Ibinyoma bibiri: kudapfa kwa roho no kwera k’umunsi w’icyumweru buzaba uburyo Satani aziyambaza ngo agushe isi mu mitego ye. Mu gihe kudapfa kwa roho gushyiraho urufatiro rw’iby’imyuka mibi, icya kabiri cyo cyubaka icyungo cyo gucudika na Roma. Abaprotestanti ba Leta Zunze Ubumwe z’Amerika bazaba aba mbere mu kurambura ukuboko hejuru y’umworera, ngo bifatanye n’imyuka; bazaramburira ukuboko gufatana mu ibiganza n’ubutware bwa Roma; kandi ku bw’imbaraga zo gushyira hamwe kw’iyo nyabutatu, Leta Zunze Ubumwe z’Amerika, zizagera ikirenge mu cya Roma, maze zisiribange uburenganzira w’umutimanama. –La Tragédie des siècles, p. 637; The Great Controversy, p. 588.

Igikorwa giheruka cy’urwo rugamba

Gusimbuza amategeko y'abantu ay'Imana, kubahiriza icyumweru mu mwanya w'Isabato ya Bibiliya, bitegetswe n'ububasha bworoheje bw'umuntu, ni byo bigize igikorwa giheruka cy'urwo rugamba. Igihe iryo simbura rizaba rimaze kuba rusange ku isi yose, Imana izigaragaza. Izahaguruka mu buhangange bwayo, maze atigise isi mu buryo buteye ubwoba. Izava mu buturo izanwe no guhanira abaturage b'isi gukiranirwa kwabo, kandi isi ntizongera guhisha amaraso no gutwikira intumbi zayo. –Témoignages, vol. 3, p. 165; Testimonies, vol. 7, p. 141.

Ubwo ishyanga ryacu (Leta Zunze Ubumwe z'Amerika) zizasesa itegeko shinga ry'ubutegetsi bwaryo kugira ngo rishyireho itegeko ry'icyumweru, Ubuprotestanti bunyuriye muri iryo tegeko, buzaba buhuje intego n'Ubupapa; muri ubwo buryo, bazaha imbaraga ubutegetsi bw'igitugu bwahoze bushakana inyota akanya ko kubyutsa ingoma itavugirwamo kandi idashyikirana. –Témoignages, vol. 2, p. 373; Testimonies, vol. 5, p. 712.

Ku bw'itegeko rihatira abantu amabwiriza y'ubupapa anyuranye n'itegeko ry'Imana ishyanga ryacu (Amerika) rizitandukanya burundu no gukiranuka. Igihe ubuprotestanti buzamburira ikiganza cyabwo hejuru y'umworera ngo bufatane mu ibiganza n'ubutware bw'I Roma, ubwo buzamburira amaboko gufatanya n'imyuka, igihe Leta Zunze Ubumwe z'Amerika ku bw'imbaraga y'amasezerano y'iyi nyabutatu zizaba zamaze kwanga buri hame ryose ryo mu itegeko nshinga ryayo nk'ubutegetsi bwa giprotestanti n'ubwa kirepubulika, igihe bazaba basigaye bari gukwirakwiza amafuti n'ibinyoma by'Ubupapa, ubwo ni bwo tuzasobanukirwa ko igihe kizaba cyo gukora gutangaje kwa Satani, kandi ko iherezo riri bugufi. –Témoignages, vol. 2, p. 179; Testimonies, vol. 5, p. 451.

Igihe ntikigitinze ubwo tuzahatirwa gushakira ubuhungiro ahantu hari ubwigunge kandi hiherereye nk'uko byagendekeye abigishwa ba mbere. Nk'uko ingabo z'abaroma kugota iyerusalemu byabaye ikimenyetso cyo guhunga kw'abakristo b'i Yudaya, ni nako itegeko rizashyirwaho n'igihugu cy'Amerika rihatira abantu kuruhuka isabato y'ubupapa rizaba ari umuburo kuri twe. Icyo kizaba ari gihe cyo kuva mu mijyi minini, no kwitegura kuva mu birorero bito kugira ngo bajye mu misozi

ahantu hiherereye. –Témoignages, vol. 2, p. 197; Testimonies, vol. 5, pp. 464, 465

Benshi bafashwe n’ubuhumyi

Hari benshi, ndetse no mu biyemeje kwinjira mu mutwe w’abarwanirira icyumweru, batazi ingaruka ziza kurikira iki gikorwa. Ntibabona ko bari gukorera kurwanya umudendezo mu by’iyobokamana mu buryo bwahuranije. Hari benshi batigeze basobanukirwa icyo Isabato ya Bibiliya isaba kandi ntibanazi imfatiro z’ibinyoma itegeko ry’icyumweru rishingiyeho. –Témoignages, vol. 2, p. 372-373; Testimonies, vol. 5, p. 711.

Ubushobozi n’inshingano by’ubwoko bw’Imana

Ibendera ry’ukuri hamwe n’umudendezo mu by’iyobokamana ryashyizwe hejuru cyane n’abahanze itorero rya gikiristu hamwe n’abahamya b’Imana bo mu binyejana byatambutse uhereye icyo gihe, ryashyizwe mu ibiganza byacu muri iyi ntambara iheruka. Inshingano y’iyo mpano ikomeye iri ku bo Imana yahaye umugisha wo kumenya Ijambo ryayo. Tugomba kuryakira nk’ubutegetsu bw’ikirenga. Tugomba gusobanukirwa ko ubutegetsu bw’abantu bwashyizweho n’Imana, kandi tugomba kwigisha ko kubwumvira ari inshingano yera, mu gihe cyose butararenga ingabano bwemererwa n’Ijambo ry’Imana. Nyamara iyo amategeko yabwo ahanganye n’ay’Imana, tugomba kumvira Imana kuruta abantu. Ibyanditswe Byera bigomba kwemerwa ko bisumba amategeko yose ya kimuntu. « Uku ni ko Uwiteka avuga » ntibigomba gusimburwa na « Uku ni ko Itorero rivuga » cyangwa na « Uku ni ko Leta ivuga ». Ikamba rya Kristo rigomba gushyirwa hejuru rigasumba amakamba y’abami bo ku isi. –Conquérants Pacifiques, p. 60, 61; The Acts of the Apostles, pp. 68, 69.

Nk’ubwoko bw’Imana ntitwasohojwe umurimo Nyagasani yadushinze. Ntitwiteguye guhangana n’ingaruka tuzazanirwa n’itegeko rihatira abantu kuruhuka icyumweru. Uko ibimenyetso by’akaga birushaho kwigaragaza, ni inshingano yacu guhagurukira gukora. Reka he kugira n’umwe wituriza mu ikibi, ngo yihumurize yibwira ko uyu murimo ugomba kujya mbere kuko ubuhanuzi ariko

bwabivuze, kandiko Uwiteka azakingira ubwoko bwe. Ntituba dushohoje ubushake bw’Imana iyo twicaye tukituriza, ntacyo dukora mu kurengera umudendezo w’umutimanama. Amasengesho yacu agurumana kandi y’ingirakamaro agomba kuzamuka mu ijuru kugira ngo aya makuba yamururwe kugeza ubwo umurimo wirengagijwe igihe kirekire ukorwa. Reka turusheho gusengana umwete kandi dukore ibihuje n’amasengesho yacu. *Témoignages*, vol. 2, p. 375; *Testimonies*, vol. 5, pp. 713, 714.

Inshingano yacu ni iyo gukora ibidushobokera byose kugira ngo twamurure ikibi kiturya isata burenge. Tugomba kumenyekanisha uko turi kugira ngo twihungureho abatuvuga uko tutari. Tugomba guharanira kwikuraho ibyo tuvugwaho, tubikoresheje guhagarara twera imbere ya rubanda. Tugomba kubagararagariza ikibazo nyiri izina uko kiri, uko niko tuzakoma mu inkokora amategeko aburizamo umudendezo w’u umutimanama. –*Témoignages*, vol. 2, p. 181, *Testimonies*, vol. 5 p. 452.

Ubwo Imana yaduhaye umucyo, utwereka akaga kadutegereje, twashobora dute kuzahagarara imbere y’amaso yayo turamutse twirengagije gukora uko dushoboye kose ngo duhishurire abantu uwo mucyo? Mbese twanezwa no kubareka bagahangana n’ako kaga tutababuriye ? –*Témoignages*, vol. 2, p. 373, 374 *Testimonies*, vol. 5, p. 712.

Igihe abashingamategeko b’ibihugu batangiraga gushyiraho amategeko aburizamo umudendezo w’iby’iyobokamana, bene Data b’abayobozi bagombaga kumenya uko ibintu bihagaze no gukorana umwete ngo bakome mu nkokora iyo migambi. Ntibiri mu mugambi w’Imana kuba umucyo warahishwe abantu bacu; ariko kuri kw’iki gihe gukenewe kuri ubu. Abagabura bacu bose batanga ubutumwa bwa Malaika wa gatatu siko basobanukiwe neza ibigize ubwo butumwa. Inkubiri y’iby’itegeko ry’icyumweru bamwe bakomeje kubifata nk’ibidafite agaciro ku buryo batekereza ko ntakamaro ko kubyibazaho, ndetse batekereza ko kubyibazaho byaba ari ugutakaza igihe ku ibibazo bidafite aho bihuriye n’ubutumwa bwa Malaika wa gatatu. icyampa Imana ikababarira bene Data basobanuye batyo ubutumwa bukwiranye n’iki gihe! –*Témoignages*, vol. 2, p. 376, 376; *Testimonies*, vol. 5, p.

715.

Hashize imyaka myinshi twiteze kubona mu gihugu cyacu (Leta Zunze Ubumwe z’Amerika) hemezwa itegeko ryo kurengera icyumweru; kandi ubwo iyo nkubiri itwegereje turibaza ngo: Mbese abagize amatorero yacu bazakora ibirebana n’inshingano yabo ? Mbese ntidushobora kugira uruhare mu kuzamura ibendera, tukararikira kuja ku rugamba abiyumvisha uburenganzira bwabo n’amahirwe yabo y’iby’iyobokamana ? Igihe kiri hafi cyane aho abantu bose bafashe imyanzuro yo kumvira Imana kuruta abantu, baziyumvamo umutwari wo gukandamizwa. Ubu se tuzakoza Imana isoni dukoresheje guceceka mu gihe tubona amategeko yayo yera akandagiranwe ? Mu gihe imbaga nyamwinshi y’Abaprotestanti, mu myifatire yayo, igira ibyo ihindura ngo yumvikane na Roma, reka dukangukire kumenya neza uko ibintu bimeze kandi intambara iri imbere yacu tuyisobanukirwe uko iri. Reka abarinzi barangurure ijwi ryabo kandi bumvikanishe ubutumwa ari bwo kuri gukwiranye n’igihe cyacu. Nitwereke abantu aho duhagaze mu mateka ya gihanuzi, kandi dushake uko twahembura umwuka nyakuri wa giprotestanti bakoresheje kumvikanisha ku isi ubusobanuro bw’agaciro k’amahirwe y’umudendezo mu by’iyobokamana tumaze igihe kirekire dufite. –Témoignages, vol. 2, p. 378, Testimonies, vol. 5, p. 716.

Abaturage b’igihugu cyacu (Amerika) bagomba guhaguruka bagahangana n’iterambere ry’iryo kandamizwa riteje akaga gakomeye ryibasiye ukwishyira ukizana kw’abaturage n’ukw’iyobokamana. Spirit of Prophecy, vol. 4, p. 382

Tuzakomeza kwicara, twipfumbaze, nta cyo dukora, mu gihe nk’iki cy’amakuba?... Imana nidufashe dukanguke tuve muri uku guhondobera kwatwigaruriye kukaba kutumazeho imyaka myinshi. –Review and Herald, 18 decembre 1888.

Kugumana inyifato y’amakenga

Gusuzugura amategeko y’icyumweru nta kindi bizabyara uretse kongera akarengane gakomoka ku abambari b’idini bihatira gutuma ashyirwa mu bikorwa. Ntimukabahe urwaho rwo kubita abishibamategeko. Mu gihe nta kindi bazaba bahugiyeho uretse gukurikirana iby’abo bita abadatinya Imana n’abantu, bazacika

intege vuba cyane, kandi bazatahura ko nta nyungu ndetse bitanumvikana kuri bo gutsimbarara ku tegeko ry'agahato ko kuruhuka icyumweru. Mwebwe mukomeze mukore umurimo w'ibwirizabutumwa mufashe Bibiliya mu kiganza, umwanzi azatahura ko yononnye umurimo we. Nta wakira ikimenyetso cy'inyamanswa bitewe nuko agaragaje amakenga yo kwibuza kwirundurira mu mirimo ihungabanya umutekano, mucyimbo cyabyo akitangira umurimo w'agaciro gahanitse. –Témoignages, vol. 3, p. 469, 470; Testimonies, vol. 9, p. 232

Mu gihe umunsi w'icyumweru tuwuhariye umurimo w'ibwirizabutumwa, tuba tunyaze abambari b'idini impamvu zibanejeje bari guheraho bakoza isoni Abadivantisiti b'Umunsi wa Karindwi. Nibatubona dukoresha umusi w'icyumweru mu gusura abantu tukabasobanurira Ibyanditswe Byera, bazasobanukirwa vuba ko ntacyo bimaze guhagarika umurimo wacu bakoresheje amategeko y'icyumweru. –Témoignages, vol. 3, p. 470; Testimonies, vol. 9, pp. 232,233.

Umunsi w'icyumweru ushobora gukoreshwa muguteza imbere amashami atandukanye y'umurimo yazanira Imana umusaruro utubutse. Kuri uwo munsi nihakorwe ibiterane byo ku ka rubanda cyangwa mu mazu; n'inzu ku nzu. Abashinzwe kwandika bashobora gutegura ingingo z'ibinyamakuru byacu. Aho byaba bishoboka hose, uwo munsi nimuwugire umunsi y'amahugura mu by'iyobokamana; mwihatire gutuma abantu bayungukiramo. Nimurangurure indirimbo zirimo ikangura nyakuri, muvugane imbaraga hamwe n'ubwishingizi iby'urukundo rw'Umucunguzi, kimwe n'ibyo kwirinda n'inararibonye y'iby'iyobokamana. –Témoignages, vol. 3, p. 470.

Reka abarimu b'amashuri yacu umusi w'icyumweru bawegurire umurimo wo kubwiriza ubutumwa. Neretswe ko ari muri ubwo buryo bazaba baburijemo imigambi y'umwanzi. Bo n'abanyeshuri babo, nibagirire amateraniro abatazi ukuri. Ni muri ubwo buryo bazasohozza byinshi kuruta uko bakoresha ubundi buryo bwose.–Témoignages, vol. 3, p. 470, 471; Testimonies, vol. 9, p. 233.

Gutsinda k'ukuri

Abatemera ukuri bashobora gukoba, kugayisha no guhakana ibyo amategeko y’Imana asaba; umwuka w’isi ushobora kwanduza umugabane munini w’abantu, no gukandamiza ba bandi bake; umurimo w’Imana ushobora gusaba umuhati mwinshi no kwitamba urudaca; nyamara amaherezo ukuri kuzatsindana icyubahiro. –Prophètes et Rois, p. 139; Prophets and Kings, p. 186.

Mu irangira ry’umurimo w’Imana kw’isi, ibendera ry’amategeko yayo rizongera ryererezwe. Iyobokamana ry’ibinyoma rishobora guhinduka gikwira ku isi, ubugome bukagwira, urukundo rwa benshi rugakonja, umusaraba w’i Kalvari ikibagirana, kandi umwijima ugatwikira isi yose nk’umwenda utwikiriye intumbi; amajwi y’abantu muri rusange ashobora kwihuriza hamwe akarishye akarwanya ukuri; ubugambanyi bwisubiramo kenshi bushobora gukorwa ngo itsembeho ubwoko bw’Imana; nyamara mu gihe cy’akaga k’indengakamere, Imana ya Eliya izahagurutsa ibikoresho bantu kwamamaza ubutumwa butazabasha gucecekesha. Mu mijyi y’ibirangirire, no mu birere abantu bakabije kwibasira Ishoborabyose bayituka, hazumvikana ijwi ryo gucyaha gushaririye. Abantu boherejwe n’Imana bazamagana ubumwe itorero rifitanye n’isi bafite bashize amanga. Bazahendahendera abagabo n’abagore gutera umugongo umunsi w’ikiruhuko washyizweho n’umuntu kugira ngo baruhuke Isabato y’ukuri. –Prophètes et Rois, p. 140; Prophets and Kings, pp. 186, 187.

Umucyo hagati mu mwijima

Mu batuye isi, batataniye mu mahanga yose, harimo abantu batigeze bapfukamira Baali. Kimwe n’inyenyeri zigaragara ari uko bwije, abo bakiranutsi bazamurika ubwo umwijima uzaba utwikiriye isi n’umwijima w’icuraburindi utwikiriye amahanga. Muri Afurika ya gipagani, mu bihugu by’Abagatolika by’i Buraya no muri Amerika y’amajyepfo, mu Bushinwa, mu Buhindi, mu birwa bya kure no mu mfuruka z’isi zicuze umwijima zose, Imana ihizigamiye abantu benshi cyane b’intore bazamurikira hagati mu mwijima, bahishurire neza isi yahakanye ubushobozi buhindura bwo kumvira amategeko y’Imana. Ndetse no muri iki gihe

turababona baduka mu mahanga yose, mu moko yose, mu miryango yose n'indimi zose; Mu gihe cy'ubuhakanyi bukomeye, ubwo Satani azagerageza gukoresha imbaraga ye y'ikirenga kugira ngo « aboroheje n'abakomeye, abakire n'abakene, imbata n'ab'umudendezo » bakire ikimenyetso cyo kwitondera umunsi w'ikiruhuko cy'ikinyoma, bitagenda bityo bakicwa, abo bakiranutsi « batagira ikizinga, cyangwa umunkanyari, cyangwa ikindi kintu cyose gisa gityo » bazaka « nk'imuri mu isi ». Uko umwijima uzarushaho kubudika, ni ko umucyo wabo uzarushaho kumurika. – *Prophètes et Rois*, p. 141; *Prophets and Kings*, pp. 188, 189.

Igihe umugaru w'akarengane uzatwisukaho by'ukuri, intama zikiranuka zizamenya ijwi ry'Umwungeri mwiza. Imihati irimo kwiyinga izakoreshwa mu gukiza abazimiye, kandi benshi bazaba barahabiye kure y'umukumbi bazagaruka kugira ngo bakurikire Umwungeri mukuru. – *Australian Signs of the Times*, supplement, 26 jan 1903.

Uburinzi mva ijuru

N'ubwo urugamba rudakura mu ruge, nta n'umwe wo kuzarurwana wenyine. Abamalayika bashyigikira kandi bakarinda abantu bose bagendana kwicisha bugufi imbere y'Imana. Imana yacu ntizigera itererana uwo ari we wese uyiringira. Igihe abana bayo bayegereye kugira ngo ibarinda umubi, yuzuye impuhwe n'urukundo, ibazamurira ibendera ikabarinda umwanzi. Ikabwira umwanzi iti "Ntubakoreho, kuko ari abanjye; nabaharatuye hagati mu biganza byanjye." – *Prophètes et Rois*, p. 442; *Prophets and Kings*, p. 571.

Ijuru riri hafi cyane y'ababazwa bahorwa gukiranuka. Kristo ahwanya inyungu ze n'iz'abigishwa be bakiranuka; agerwaho n'uburibwe bw'abera be; kandi ubakozeho wese, na we aba amukozeho. Ubushobozi bwiteguye kurokora umuntu mu kaga k'umubiri cyangwa mu makuba buba buniteguye kumukiza ibibi bikomeye; bunashoboza umugaragu w'Imana kugundira ubunyangamugayo bwe mu bimubaho byose. – *Prophètes et Rois*, p. 415; *Prophets and Kings*, p. 545

Hari ubwo Imana isa niyirengagije akaga k'itorero ryayo n'igikomere riterwa n'abanzi baryo. Ariko Imana ntiyaryibagiwe.

Nta kindi kintu muri iyi si kinezeza umutima w'Imana nk'itorero ryayo. si ubushake bw'Imana ko imigenzereze y'abisi ihindanya amateka yayo. Ntireka ubwoko bwayo ngo buneshwe n'ibishuko bya satani. Izahana uyigaragaza uko itari ariko izagirira imbabazi abihana bose babikuye ku mutima. Prophets and Kings, p. 590.

Chap. 15. Gukusanya umusarura

Ikibazo gihangayikishije

Hashize imyaka myinshi duhangayikishijwe n'iki kibazo ngo: ni buryo ki haboneka umutungo uhagije wo gushyigikira amashami atandukanye y'umurimo Imana yatwugururiye? Iyo twitegereje gahunda isobanutse y'ubutumwa bwiza; ibwirizabutumwa ryo mu gihugu imbere n'iryo mu mahanga bisaba umutungo. Byongeye kandi, ibyo tubona, amahishura yumvikana y'imigambi y'Imana biraduhatire kurangiza umurimo udutegereje mu buryo bwihuse. –Testimonies, vol. 9, p. 114.

Imigambi igera ku ntsinzi

Gukusanya umusaruro hirya no hino ni imwe muri gahunda nshya zidufasha kugera ku bo tudahuye kwizera. Muri iyi myaka ishize, ahantu henshi, ibi byagaragaje intsinzi, bizanira umugisha abantu benshi, kandi byongereye umutungo w'ibyiciro by'ibwirizabutumwa (za misiyozi). Ubwo abo tudafatanije kwizera babwirwaga amajyambere y'ubutumwa bwa malayika wa gatatu mu bihugu bya gipagani, byakabakabye impuhwe zabo, bashakira kumenya biruseho uko kuri gufite imbaraga ingana ityo ihindura imitima n'imibereho. Abagabo n'abagore bo mu nzego zose bashoboye kugerwaho, kandi izina ry'Imana ryahawe icyubahiro. –MS, “Consecrated Efforts to Reach Unbelievers” (Efforts consacrés pour atteindre les non-croyants), 5 juin 1914.

Bamwe bashobora kwibaza niba bikwiriye ko twakira umutungo(impano) w'abatizera. Na bo nibibaze ngo « Nyiri iyi si yacu ni nde? Aya mazu n'iyi mirima, n'ubu butunzi bw'ifeza na zahabu ni ibya nde? » Imana ifite ibintu byinshi cyane mw'isi, kandi yashyize ubutunzi bwayo mu biganza by'abantu bose, baba ari abatizera cyangwa abatizera. Yiteguye gukabakaba imitima y'abisi, ndetse n'abasenga ibigirwamana, kugira ngo batange kubyo batunze bishyigikire umurimo wayo ; kandi Imana izabikora, igihe ubwoko bwayo buzaba bwamaze kwiga kwegera abo bantu muburyo bw'ubwenge, kugira ngo babarehereze kwita ku cyo

bagomba gukora kikababera amahirwe. Uwagira ngo amakene y'umurimo wa Nyagasani yerekwe uko bikwiriye abafite ubutunzi kandi bavuga rikijyana, abo bantu bashobora kugira uruhare rwiza mu guteza imbere umurimo w'ukuri kw'iki gihe. Abantu b'Imana bazimije imyanya myiza myinshi baba baragiriyemo inyungu iyo baba batarahisemo kwitarura rubanda. –Southern Watchman, 15 mars 1904.

Na n'uyu munsu, Imana iracyakabakaba imitima y'abami n'abayobozi kugira ngo irengere ubwoko bwayo. Abayikorera bagomba kwakira ubufasha Imana itera abo bantu gutanga ngo bateze imbere umurimo wayo. Abantu bakomokwaho n'izo mpano zitugeraho bashobora kugurura inzira izatuma umucyo w'ukuri winjira mu bihugu bicuze umwijima. Abo bantu bashobora kuba badakunda umurimo w'Imana na hato, batizera Kristo na gato, nta n'agace bazi mu Ijambo ry'Imana; ariko iyo ntiyaba impamvu yatuma tutemera impano zabo. –Southern Watchman, 15 mars 1904.

Imana yashyize ubutunzi bwayo mu biganza by'abatizera kimwe no mu by'abizera; bese bashobora kuyigarurira ibyayo kugira ngo birangize umurimo wo gukiza isi yazimiye. Mu gihe cyose tuzaba tukiri hano ku isi, igihe cyose Umwuka w'Imana azaba akorera mu mitima y'abana b'abantu, tuzaba tugomba kwakira impano kandi tukazikwirakwiza. Tugomba gushyira isi umucyo w'ukuri, nk'uko wigaragarije mu Byanditswe Byera; kandi ibyo Imana yemeje rubanda ngo babitange bishyigikire umurimo wayo tugomba kubyakira –Southern Watchman, 15 mars 1904.

Kabone n'ubwo muri iki gihe isi yose isa n'aho iri mu biganza by'abagome, isi yose, hamwe n'ubutunzi n'ubukire bwayo, ni iby'Uwiteka. « Isi n'ibiyuzuye ni iby'Uwiteka » « Ifeza ni izanjye, n'izahabu na zo ni izanjye. Ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga. » “Kuko inyamaswa zose zo mu mashyamba ari izanjye, n'inka z'ibirarashyamba zo ku misozi igihumbi; nzi inyoni zose n'ibisiga byo ku misozi, inyamaswa zo mw'ishyamba ni izanjye. Iyaba nagiraga inzara sinakubwira, kuko isi n'ibiyuzuye ari ibyanjye.” Oh ! Mu kubahiriza amahame y'ukuri, abakristo iyaba batekerezaga ko buri gihe ari amahirwe n'inshingano yabo, ko bungukira mu myanya Imana yatanze kugira ngo iteze imbere ubwami bwayo muri iyi si. –Southern Watchman, 14 march 1904.

Gukebura abakozi

Ndashaka kubwira abantu bose bitegura gukora umurimo udasanze wo kubwiriza ubutumwa bakoresheje ikinyamakuru cyateguriwe gukusanya umusaruro nti: Mwongere umuhati, mube munsu y'ubuyobozi bw'Umwuka Wera. Buri munsu mwongere inararibonye yanyu ya Gikristo. Abantu bose babifitiye ubushobozi bwihariye nibakore mu bo tudahuye kwizera, mu nzego baba barimo izo ari zo zose z'imibereho y'abantu. Mushakashakane umwete imitima iri kuzimira. Mutekereze ku cyifuzo kigurumana cya Kristo cyo kubona izari zarazimiye zigaruwe mu mukumbi. Mute cyane ku mitima nk'abazayibazwa. Mu murimo wanyu w'ibwirizabutumwa mukorera mu itorero cyangwa mu baturanyi, mukore ibishoboka byose byatuma umucyo wanyu umurika ufite kurabagirana kuburyo nta muntu ushobora kuzahagaruka ku musu w'urubanza ngo avuye ati : « Kuki mutambwiye iby'uku kuri ? Kuki mutitaye ku mutima wanyu ? » Bityo nitugire umuhati wo gukwirakwiza ubutumwa bwanditse buteguye neza bwo gufasha abo tudahuye kwizera. Reka dukoreshe amahirwe yose tubonye dukangure abatizera. Reka duhe ubutumwa bwanditse abiteguye kubwakira bose. Reka twitange n'umutima wacu wose kwamamaza ubutumwa, "Nimutunganirize Uwituka inzira mu butayu, mugororere Imana yacu inzira nyabagendwa mu kidaturwa". –MS, "Consecrated Efforts to Reach Unbelievers" (Efforts consacrés pour atteindre les non-croyants), 5 juin 1914.

Ibyingenzi ngo ugere ku ntsinzi

Mu gukurikiza gahunda yose ishobora gukoreshwa kugira ngo dushyire abandi ubumenyi bw'ukuri kw'iki gihe n'imigisha itangaje ikomoka mu gutera imbere k'umurimo, reka tubanze twiyegurire burundu icyo dushaka kwereza izina ryayo. Reka kandi dusengane umwete dusabira abo dutekereza gusura, tubashyire imbere y'Imana umwe umwe dufite kwizera kuzima. Imana izi umutima n'imigambi y'umuntu, mbega ukuntu ishobora kutworoshya mu buryo butagoranye! Mbega ukuntu Umwuka wayo, umeze nk'umuriro, ushobora kwemeza umutima unangiye!

Mbega ukuntu yakuzuza umutima urukundo n'impuhwe! Mbega ukuntu ishobora kuduha ubuntu bw'Umwuka Wera kandi ikadushoboza gukubita hirya no hino dukorera gukiza imitima! –MS, “Consecrated Efforts to Reach Unbelievers” (Efforts consacrés pour atteindre les non-croyants), 5 june 1914.

Umurimo w'Imana wakabaye ubona ubufasha bwinshi buruta ubwo ubona kuri ubu, iyaba twajyaga twegera abantu muburyo bw'ubwenge, tukabamenyesha umurimo wacu kandi tukabaha n'akanya ko gukora ibyo dufitiye amahirwe yo kubashishikariza gukora ngo bawuteze imbere. Nk'abakozi b'Imana, nituramuka tugize imyifatire y'ubwenge n'amakenga, ikiganza cyayo cyiza kizaduteza imbere mu mihati yacu. –Southern Watchman, 15 march 1904.

Iyaba abiyemeje kwinjira mu murimo wa Nyagasani bose biyumvishaga ukuntu bishingiye kubudahemuka bwabo n'ubwenge bureba kure bwabo, intsinzi ikomeye yaranga imihati yabo. Ku bwo kutigirira icyizere ubwacu no ku bwo gushidikanya, inshuro nyinshi twirengagiza kugira ubwishingizi bw'ibyo dufiteho uburenganzira ku butegetsi buriho. Igihe tuzaba twiteguye gukora ibyo dushoboye kandi tugomba gukora nk'umugabane wacu Imana izaturengera. –Southern Watchman, 15 march 1904.

Ivugabutumwa iwacu no hanze

Umurimo w'ivugabutumwa mu bihugu byacu uzatera imbere mu buryo bwose igihe umwuka wo gutangana ubuntu ibyacu, kwiyibagirwa, hamwe n'uwo kwitambaho igitambo uzaba umaze kugaragara ku bwo kwita ku ivugabutumwa ry'amahanga; kuko iterambere ry'uyu murimo w'imbere mu gihugu rishingiye ahanini ku buyobozi bw'Imana, hamwe n'imikorere yihuse y'umurimo w'ivugabutumwa ukorerwa mu bihugu bya kure. Gukorana umwete mu kurangiza amakene y'umurimo w'Imana ni bwo buryo bwo kwegeranya imitima yacu n'isoko y'imbaraga zose. –Testimonies, vol. 6, p. 27.

Umugabo umwe w'umucuruzi w'Umunyamamerika, wari umukristo w'umunyamwete, mu gihe yari mu kiganiro hamwe na mugenzi we bakorana, yagaragaje ko yakoreraga Kristo ijoro n'amanywa (24h/24h). Yaravugaga ati “Iyo negereye abo

dusangiye umurimo, ngerageza guhagararira Databuja. Iyo mbonye uburyo, ngerageza kumukiriza indi mitima. Amanywa yose nkorera Kristo. Na nijoro, mu gihe nsinziriye, mfite umuntu umukorera mu Bushinwa.” Mu gutanga ibisobanuro, yongeraho ati “Igihe nari umusore, nari narafashe umwanzuro wo kuzaba umubwirizabutumwa mu bapagani. Nyamara ubwo Data yapfaga, byansabye gukurikirana ubucuruzi bwe kugira ngo njye ndangiza amakene y’umuryango. Muri iki gihe, aho kugira ngo abe ari njye ubwanjye ujoye, nshyigikiza ibyanjye umubwirizabutumwa. Mu muji runaka w’Intara runaka y’Ubushinwa, hariyo umukozi wanjye. Nguko uko, mu gihe nsinziriye, mba ndi kunakorera Kristo binyuze k’umpagarariye.

Ese nta Badivantisiti b’Umunsi wa Karindwi bakwiriye gukora batyo. Aho kugumana abungeri mu matorero yamaze kumenya ukuri, abagize ayo matorero nibabwire abo bakozi bati “Muje gukorera gukiza imitima iri kurimbukira mu mwijima. Natwe ubwacu tuzarangiza amakene y’umurimo w’itorero. Tuzakora inama, kandi, kubwo kuguma muri Kristo, tuzakomeza kugundira urugero rw’imibereho y’iby’umwuka. Tuzakorera imitima ituzengurutse, kandi tuzohereza amasengesho yacu n’impano zacu ngo zishyigikire abakozi bari mu birere bikennye kandi bitindahaye. –Testimonies, vol. 6, p. 29, 30.

Urugero rukwiriye

Umupfakazi w’umukene wafashe uduciri twe tubiri agashyira mu bubiko bwa Nyagasani ntiyari azi neza icyo yari ari gukora. icyitegererezo cyo kwitamba cyarakoze kigira n’ingaruka ku bihumbi byinshi by’imitima mu bihugu byose no mu bihe byose. Cyazanye mu bubiko bw’Imana impano zivuye mu bakomeye n’aboroheje, mu bakire n’abakene. Cyafashije mu gushyigikira ivugabutumwa, kubaka ibitaro, kugaburira abashonji, kwambika abambaye ubusa, gukiza abarwayi hamwe no kubwiriza ubutumwa abakene. Imbaga nyamwinshi yahawe umugisha binyuze kuri icyo gikorwa cyo kutikubiraho. –Testimonies, vol. 6, p. 310.

Ibyigisho dukura ku mibereho ya Nehemiya

Mu myaka myinshi ishize, navuze ku birebana n'igenamigambi ryarebanaga no kwereka inshuti zacu n'abaturanyi bacu umurimo wacu w'ibwirizabutumwa n'amajyambere yawo, mpereye ku cyitegererezo cya Nehemiya. Kandi muri iki gihe, ndifuza gutera umwete bene Data na bashiki bacu ngo bige bundi bushya inararibonye y'uwo mugabo wasengaga, wizeraga kandi afite ubushishozi butunganye, washize amanga yo kubaza inshuti ye, ari we Mwami Arutazeruzi, asaba ubufasha bwari kuzagira uruhare mu kũngura umurimo w'Imana. –MS, "Consecrated Efforts to Reach Unbelievers" (Efforts consacrés pour atteindre les non-croyants), 5 juin (June) 1914.

Umutungo usabwa gutangwa n'abakabakabwa vuba. –Abantu basenga bagomba no kuba abantu bakora. Abiteguye gukora kandi bakaba babishaka by'ukuri, bazabona inzira n'uburyo bwo kubigeraho. Nehemiya ntiyishingikirizaga ku gateganyo. Umutungo yari abuze, yawusabye abari biteguye kuwumuha. –Southern Watchman, 15 mars (March) 1904.

Umwete ku murimo uva ku mbaraga. –Nehemiya na Arutazeruzi bari bahagaze barebana amaso ku maso, -ku ruhande rumwe hari umugaragu ukomoka mu bwoko bw'insuzugurwa, ku rundi ruhande hari umwami w'ubwami bukomeye bwigaruriye isi yose. Nyamara intera y'ibitekerezo byabatandukanyaga yari nini cyane kuruta ibatandukanya mu nzego. Nehemiya yari yitabye irarika ry'Umwami w'abami, "Ahubwo yisunge imbaraga zanjye, abone kuzura nanjye, ndetse niyuzure nanjye." Isengesho rya bucece yerekeje mu ijuru ni rimwe n'iryo yari amaze ibyumweru byinshi asenga, ngo Imana ihire icyifuzo cye. Uhereye ubwo, avoma akanyabugabo mu gutekereza ko yari afite inshuti, izi byose, ikanashobora byose, yamurengera, maze uwo muntu w'Imana amenyesha umwami ibyifuzo bye, byo kumurekura igihe runaka ngo abe ahagaritse inshingano z'i bwami, kandi ngo amuhe ubutware bwo gusana umurwa wa Yerusalemu wari warasenyutse, kandi akongera kuwugira umurwa ukomeye kandi urinzwe cyane. Umusaruro w'agaciro gakomeye kuri uwo murwa w'Abayuda no kuri iryo shyamba wari ushingiye kuri iryo sengesho. Nehemiya aravuga ati "Maze Umwami ampa izo nzandiko, kuko

ukuboko kwiza kw’Imana yanjye kwari kundiho.” –Southern Watchman, 8 mars (March) 1904.

Munsi y’uburinzi bwemewe n’amategeko. –Bitewe n’uko icyifuzo cyeye cyari cyahawe n’umwami igisubizo cyiza, byateye Nehemiya akanyabugabo ko gusaba ubufasha bukenewe ngo abone uko asohozza neza imigambi ye. Yahawe ingabo zo kumuherekeza, kugira ngo umurimo we uhabwe agaciro n’ubutware, no kugira ngo arindirwe umutekano mu rugendo rwe. Ahabwa inzandiko zivuye i bwami zo gushyira ibisonga biyoboye intara zo hakurya y’uruzi Ufurate, uturere yagombaga kwambukiranya mu nzira ye agana i Buyuda; kandi ahabwa n’urwandiko rwo gushyira umurinzi w’ishyamba ry’umwami ryo mu misozi y’i Lebanoni, rumusaba gutanga ibiti byose byo kubakiraho bizakenerwa mu kubaka inkike za Yerusalemu n’izindi nyubako Nehemiya yateganyaga kuhubaka. Kugira ngo hatazagira ubona urwaho rwo kumurega ko yarenze ku ngabano z’ibyo afiteho uburenganzira, Nehemiya yitaye cyane ku kubona ubutware n’amahirwe yari yahawe byandikwa mu buryo busobanutse neza. –Southern Watchman, 15 mars 1904.

Inzandiko z’i bwami zari zigenewe ibisonga biyobora intara zari zikikije inzira ye zahaga Nehemiya ubwishingizi bwo kwakiranwa icyubahiro no kwitabwaho mu buryo bwihuse. Kandi nta mwanzu n’umwe wari gutinyuka guhutaza uwo mukazi ukomeye wari urinzwe n’imbaraga z’umwami w’Ubuperesi wari wubashywe n’abatware b’intara. Urugendo rwa Nehemiya rwagize ihirwe n’umutekano. –Southern Watchman, 22 mars (March) 1904.

Inkomyi yahuye na zo. –N’ubwo yari arinzwe n’ingabo, bigaragaza ko yari azanywe n’umurimo w’ingenzi, kugera i Yerusalemu kwe byahagurukije ishyari n’urwango rw’abanzi ba Isirayeli. Amoko y’abapagani yari atuye hafi y’i Yerusalemu yari yarirunduriye mu kwanga Abayuda no kubahundagazaho ibitutsi byose n’amagambo abishye bari barahangaye kubahimbira. Abatware b’amwe muri ayo moko babaye aba mbere mu gukora icyo gikorwa cy’ubugome, ni Sanibalati w’Umuhoroni, Tobiya w’Umwamoni na Geshemu w’Umwarabu; kandi kuva icyo gihe abo batware barebanaga ishyari imikorere ya Neyemiya kandi bakagerageza mu buryo bwose gukoma mu nkokora gahunda ze no kubangamira umurimo we. –Southern Watchman, 22 mars

(March) 1904.

Bagerageje kubiba amacakubiri mu bakozi bakoresheje gutera mu mitima yabo gushidikanya no kutizera ko umushinga wabo utazuzura. Bakōba umuhati w'abubatsi, bavuga ko umushinga wabo utazagira icyo ugeraho cyiza kandi babahanurira ko bazatsindwa biteye isoni... Abubatsi bo ku nkike bahise bacogozwa no kurwanywa gukarishye. Basabwaga guhora bari maso bagahangana n'ubugambanyi bw'abanzi babo batagohekaga. Ibyitso by'abanzi byihatiraga kuburizamo umuhati wabo bakwirakwiza impuha z'ibinyoma; bahimba ubugambanyi bahereye ku nzitwazo zinyuranye kugira ngo bagushe Nehemiya mu kigoyi cyabo, n'indyarya z'Abayuda zari ziteguye gufasha abo bagambanyi mu mushinga wabo... Ibyitso by'abanzi, byitwikiriye ubucuti, byivangavanga mu bubatsi, bakajya batanga inama zo guhindura ibishushanyo mbonera by'inyubako, bashaka uburyo bunyuranye bwo kurangaza abakozi, kugira ngo bazane urudubi no kuburagizwa, no kugira ngo babavūtsemo kwīkēkana no kutizerana. –Southern Watchman, 12 avril 1904.

Inkomyi nk'izo zitegereje abayobora abandi muri iki gihe. –Ibyabaye kuri Nehemiya birisubiramo mu mateka y'ubwoko bw'Imana muri iki gihe. Abakora umurimo w'ukuri bazatahura ko badashobora kurangiza inshingano yabo neza badasembuye uburakari bw'abanzi. N'ubwo baba barahamagariwe n'Imana gukora umurimo biyemeje kandi ikaba yarashimye ibyo bakoze, ntibazashobora kurokoka imivumo no gukōbwa. Bazaregwa ko ari ba bamenya, imfura mbi, abariganya, indyarya, -bazaregwa ibishobora gusohozza imigambi y'abanzi babo byose. Ibyera cyane bizagaragazwa mu buryo bubyandagaza kugira ngo banezeze abatubaha Imana. Amagambo akomeretsa, hamwe n'umwuka w'ubuhemu, uvanze n'igomwa, n'ishyari, no gukiranirwa n'urwango, bizaba bihagije gukangura ibitwenge by'abakobanyi b'ibihwahwa. Kandi abo bakobanyi biyemera bazaba bahiganwa ubuhanga kandi bahatanira bo ubwabo uwo murimo wo gutukana. Nyamara kandi guhinyurwa no kwandagazwa biremerera kamere muntu; ariko bigomba kwihanganirwa n'abantu bose bakorera Imana. Ni politiki ya Satani yo gutuma imitima itera umugongo umurimo Nyagasani yabashinze hakoreshejwe ubwo buryo. –Southern Watchman, 12 avril 1904.

Guhuriza hamwe imitwe y'ingabo zicogoye. –Nehemiya azenguruka inkike mu ibanga kandi atuje. Aravuga ati “Ariko abatware ntibamenya iyo nagiyeye cyangwa icyo nakoze, ndetse sinari nabwiye Abayuda cyangwa abatambyi n’abanyacyubahiro n’abatware, haba n’abandi bakora umurimo.” Mu gihe iryo genzura riruhaniye ryakorwaga, ntiyashakaga ko bimenywa n’inshuti cyangwa abanzi be kugira bidakangura umwete maze bigatuma haba igihuha gishobora gutuma habaho kuburizamo umurimo we cyangwa kuwukereza. Amasaha asigaye y’ijoro Nehemiya ayarangiza asenga ; maze mu gitondo, bimusaba gukoresha umwete mwinshi kugira ngo akangure kandi yunge bene wabo bari bacogoye kandi bacitsemu ibice. – Southern Watchman, 23 mars 1904.

N’ubwo Nehemiya yari afite urwandiko rw’i bwami rwahaga abaturage amabwiriza yo gukorana na we mu gusana inkike z’umurwa, yahisemo kutishingikiriza ku gukoresha igitegetsi gusa. Ahubwo yihitiyemo kwitwira gukundwa no kwiringirwa na rubanda, azi neza cyane ko ubumwe bw’imitima n’ubw’amaboko byari ingenzi mu kurangiza neza umurimo mugari w’umushinga yari yaratangiye.

Ubwo yakoranyirizaga abantu hamwe bukeye bwaho, akoresha amagambo ashobora gukangura imbaraga zicogoye no guhuriza hamwe ingabo zari zitatanye. ... Amaze kubibasobanurira, yerekana ko yari ashigikiye n’imbaraga zishyize hamwe z’ubutegetsi bw’umwami w’Ubuperesi n’iz’Imana ya Isirayeli, Nehemiya ababaza ikibazo cyo kumenya niba bashakaga gukoresha ayo mahirwe adasanzwe, maze bagahagurukana na we kugira ngo bubake inkike. Iryo hamagara rigera ku mitima yabo ryahuranye; kwigaragaza k’ukuntu Imana ibitayeho guhindura ubusa ubwoba bwabo. Bahagurukana umwete mushya, batera hejuru mu ijwi rimwe bati “Duhaguruke, kandi twubake !” –Southern Watchman, 29 mars (March) 1904.

Imbaraga zera n’ibyiringiro bikomeye bya Nehemiya byinjijwe muri rubanda. Bakorewemo n’umwuka nk’uwe, bamara igihe runaka batekereza nk’umutware wabo. Buri wese mu nshingano ye, aba undi Nehemiya; kandi buri wese yakomezaga kandi agashyigikira mugenzi we mu nshingano. –Southern Watchman, 29 mars (March) 1904.

Abatambyi ba Isirayeli baba aba mbere mu kwitaba. – Abatambyi ba Isirayeli babaye mu ba mbere bitabye irarika rya Nehemiya bafite ishyaka no kumaramaza. Ku bw’umwanya w’icyubahiro bari bafite, abo bagabo bashoboraga kugira uruhare runini mu kudindiza umurimo cyangwa kuwuteza imbere. Ubufatanye bwimazeyo batangiranye bwagize uruhare runini ku ntsinzi yawo. Uko ni ko bigomba kumera mu murimo wose wera. Abari mu myanya y’icyubahiro n’abafite inshingano mu itorero bagomba kuba ab’imbere mu murimo w’Imana. Baramutse bagiye biguru ntege, abandi ntibazava mu byimbo. Nyamara ishyaka ryabo rizakangura benshi (2 Abakorinto 9:2). Ubwo umucyo wabo uzamurikana kurabagirana, ibihumbi by’imuri bizakongezwa ku kirimi cy’urumuri rwabo. – Southern Watchman, 5 avril (April) 1904.

Nehemiya nk’umuhuzabikorwa. – Abantu bose muri rusange bakorewemo n’umwuka umwe n’umutima umwe wo gukunda igihugu cyabo no gukorana umunezero. Abagabo bashoboye kandi bubashywe bateguye inzego zitandukanye z’abantu mu miryango, buri mutware w’umuryango wese yiha inshingano yo kuzamura umugabane runaka w’inkike. Cyari igikorwa gitangaje cyanejeje Imana n’abamalayika cyo kubona iyo miryango ihugiye mu gukora bashyize hamwe ku nkike zari zarasenyutse z’i Yerusalemu, kandi byari binejeje kumva urusaku rw’ibikoresho by’akazi byumvikanaga uherye mu museke “kugeza inyenyeri zibonetse”. – Southern Watchman, 5 avril (April) 1904.

Icyitegererezo cy’ubuyobozi bwiza. – Ishyaka n’umwete bya Nehemiya ntibyigeze bicogora, ubwo umurimo wari umaze gutangira. Ntiyipfumbataga, ngo yibwire ko ashobora kwikuraho uwo mutwaro. Afite kuba maso kudacogora, yagenzuraga umurimo ubutitsa, ayobora abakozi, akandika buri nkomyi, kandi agateganyiriza n’ingorane zose zititezwe. Igitinyiro cye cyumvikanaga kuri icyo kibanza cyari kingana n’ibilometero hafi bitanu (3 miles). Akoresheje amagambo akwiriye, yateraga abanyabwoba akanyabugabo, agashima abakorana umwete, agakabukira abanebwe. Icyiyongereyeho, yagenzuraga imigambi y’abanzi babo nk’ijisho ry’ikizu, rimwe na rimwe abo banzi bateraniraga hafi aho, bagatangira ikiganiro gishyushye, nk’abari gutegura umugambi mubisha wo konona, hanyuma bakegera

abakozi, bakagerageza kubarangaza no kudindiza umurimo.

Mu gihe ijisho rya buri mukozi ryabaga ryerekeye kuri Nehemiya, biteguye gufata amarenga yose abaciriye, na we amaso ye n'umutima we byabaga byerekeye ku Mana, Yo Mugenzuzi mukuru w'uwo murimo wo gusana, ari na Yo yari yarawutegetse umugaragu wayo. Kandi, mu gihe kwizera n'akanyabugabo byashikamaga mu mutima we, akiterera hejuru maze amagambo ye akirangira yisubiramo, bigashikamisha imitima y'abakozi aho bakoreraga hose, bese bakagira bati "Imana yo mu ijuru izaduha intsinzi". – Southern Watchman, 5 April 1904.

Nehemiya na bagenzi be ntibasubizwaga inyuma n'ibirushya, cyangwa gushaka urwitwazo rwo guhunga umurimo unaniza. Haba ku manywa cyangwa nijoro, no mu gihe cy'akanya gato babaga bahawe ko gusinzira, ntibakuragamo imyambaro cyangwa ngo barambuke intwari zabo. "Ubwo ntitwiyamburaga imyambaro yacu, njyewe cyangwa bene Data, cyangwa abagaragu banjye, cyangwa abarinzi badukurikiraga; umuntu wese yajyaga ku mugezi afite intwari ye y'intambara." –Southern Watchman, 26 April 1904.

Imbaraga irogoya muri buri kanguka ry'idini– Abenshi mu bakuru n'abatware ba Isirayeli basohojye neza inshingano yabo, ariko hagiye habaho bamwe, mu bakomeye b'i Tekoa, "batigeze bagandukira umurimo wa shebuja". Mu gihe abubatsi bakiranuka bahabwa ishimwe ry'icyubahiro mu gitabo cy'Imana, urwibutso rw'abo bagaragu b'abanebwe ruvanzwe n'ikimwaro, kandi ni umuburo ku bisekuru bizakurikiraho.

Muri buri vugurura ry'iby'iyobokamana habamo abantu, bitarura, bakanga kugira umwete na muke mw'iterambere ry'uwo murimo nubwo baba badahakana ko uwo murimo ari uw'Imana. Nyamara mu mishinga iteza imbere inyungu zabo bwite, abo bantu bagaragara ko ari abakozi b'abanyamwete kandi bafite imbaraga. Byakabaye byiza kwibuka ko byose byandikwa mu ijuru, mu gitabo cy'Imana, aho ibikorwa byacu byose n'imigambi yacu yose byandikwa,--muri icyo gitabo kitabamo kwibeshya n'ifuti na rimwe, ari na cyo tuzacirirwamo imanza. Muri cyo gitabo umwanya wose wo gukorera Imana wirengagijwe uzagarukwaho mu buryo bwitondewe, na buri gikorwa cyose cyo kwizera

n'urukundo, n'ubwo cyaba cyoroheje gite, kizibukwa iteka ryose. – Southern Watchman, 5 avril 1904.

Ihamagarwa rya ba Nehemiya ba none

Hakenewe ba Nehemiya mu Itorero ry'iki gihe,-- atari abantu bashoboye gusenga no kubwiriza gusa, ahubwo ni abantu bafite amasengesho n'ibibwiriza birangwa n'umugambi uhamye. Imikorere y'uwo murwanashyaka w'Umuheburayo mu gushyira mu bikorwa imishinga ye igomba gukurikizwa n'abagabura n'abayobozi. Igihe bamaze gutegura igenamigambi ryabo, bagomba kurishyira Itorero ku buryo ribahagurutsamo ubwuzo bwo gufatanya nabo. Abizera nibasobanukirwe nirygo gena migambi kandi barigiremo uruhare, ubwo ni bwo buri wese kugiti cye azagira ubwuzu bw'iterambere ryawo. Intsinzi imihati ya Nehemiya yagezeho igaragaza icyo amasengesho, kwizera, ubwenge hamwe n'imbaraga bishobora gukora. Kwizera kuzima guzatera gukorana umwete. Umwuka ugaragazwa n'umuyobozi byanze bikunze uzagaragara mu bizera mu rugero rwagutse. Niba abayobozi, bavuga ko bizera ukuri kw'ingenzi kandi gukomeye kwagenewe gusuzuma isi muri iki gihe, batagaragaje ishyamba rigurumana ryo gutegura ishyamba rizahagarara rishikamye ku munsu w'Uwiteka, tugomba kwitega kubona Itorero riguye mu kutagira iryo ryitaho, ubunenganenzi no gukunda ibinezeza byo mu isi. – Southern Watchman, 29 mars 1904.

Chap. 16. KWAGURA ITORERO

Umugambi w'Imana

Si ubushake bw'Imana ko ubwoko bwayo bwibumbira hamwe ngo bureme amatorero manini. Abigishwa ba Kristo ni bo bamuhagarariye hano ku isi, kandi Imana yagennye ko batatanira hose, mu mijyi no mu birorero, kugira ngo babe nk'imuri zimurikira mu isi icuze umwijima. – Témoignages, vol. 3, p. 296 ; Testimonies, vol. 8, p. 244.

Umugambi wo kuva mu turere dutandukanye dukennye kandi tutazwi kugira ngo abantu birundanyirize mu mujyi bibwira ko bahakorera umurimo ukomeye icyo bibyara ni ukunyaga umucyo aho Imana yashakaga ko umurika. – Testimonies, vol. 2, p. 633.

Iyaba itorero rya Kristo ryarasohe ubushake bw'Umwami wacu, umucyo uba waramurikiye ku bantu bose bakiri mu mwijima no mu gicucu cy'urupfu. Aho kugira ngo birundanyirize hamwe, bange inshingano no kwikorera umusaraba, abagize Itorero bakagombye gukwirakwira mu bihugu byose bakamurikisha umucyo wa Kristo, bagakora nk'uko yakoze akiza imitima, kandi ubu « butumwa bwiza bw'ubwami » ntibwatinda guhetura isi. – Jésus et le bonheur, p. 51 ; The Mount of Blessing, p. 42, 43.

Bene data na bashiki banjye, kuki mubundikira amatorero ? Nimwige umugani w'intama yazimiye, muhaguruke nk'abungeri nyakuri mujye gushakashaka iyazimiriye mu butayu bw'icyaha. Mukize abarimbuka. – Review and Herald, 12 décembre (December) 1893.

Abagize amatorero yacu bashobora gukora umurimo kugeza ubu wabagoye gutangira. Nta n'umwe ugomba kujya gutura ahantu hashya agendereye gusa kuronka inyungu z'ubutunzi, ahubwo aho bishoboka kwibeshaho, nihagire imiryango ishikamye neza mu kuri ijya kuhaba kugira ngo bahakorere umurimo w'ibwirizabutumwa. Bagomba kwiyumvamo gukunda imitima n'urukundo rwo kuyikorera, maze bigatuma biga uko babashyira ukuri. Bashobora gukwirakwiza inyandiko zacu, gukorera amateraniro mu ngo zabo, bakimenyereza abaturanyi babo kandi bakabararikira kuza muri ayo materaniro. Nguko uko bazashobora kumurika umucyo wabo binyuze mu mirimo myiza.

– Testimonies, vol. 8, p. 245.

Bene data bafite umugambi wo guhindura inturo, bafite umugambi wo guhesha Imana icyubahiro, kandi biyumvisha inshingano yabo bwite yo gukorera abandi ibyiza, kugira ngo bungure kandi bakize abo Kristo atanze kumenera amaraso ye y'igiciro, bagomba kwimukira mu mijyi no mu birorero aho umucyo utaramurika na mba cyangwa ukaba ari muke, aho bashobora guhinduka ingirakamaro, no kubera abandi umugisha binyuze mu murimo wabo no mu nararibonye yabo. Hakenewe ababwirizabutumwa bo kuja mu mijyi no mu birorero kugira ngo bahazamure ibendera ry'ukuri, kugira ngo Imana ihagira abahamya banyanyagiye mu gihugu cyose, maze umucyo w'ukuri ucengere aho utaragera, kandi ibendera ry'ukuri rizamurwe aho ritaramenyekana. – Testimonies, vol. 2, p. 115.

Nta cyakangura neza ishyaka ryo kwitamba, nta gishobora kwagura kandi ngo gikomeze neza imico y'umuntu nko kwiyeemeza gukorera abandi. Ingirwabakristo nyinshi, mu gushaka kugirana isano n'itorero, bahora bitekerezaho gusa. Bifuza gusa umunezero wo gufatanya n'itorero no kwitabwano n'Umwungeri. Bahinduka abizera b'itorero rigari kandi rifite iterambere, maze bakanyurwa na duke bakorera abandi. Bityo bakaba bivukije imigisha y'agaciro gakomeye. Benshi bari kungurwa cyane no kuzibukira amasano y'inshuti zabo zibanezeza. Bakeneye kuja aho imbaraga zabo zihamagarirwa kuja mu murimo wa Kristo, maze bagashobora kwiga kwikorera inshingano. – Rayons de santé, p. 325 ; Ministry of Healing, p. 151.

Muri Amerika hari ahantu henshi tugomba kwinjira aho ibendera ry'ukuri ritigeze rizamurwa, kandi iyamamazwa ry'ukuri ritari ryumvikana. Kandi hari ibihumbi byinshi by'abizera baba barashoboye kwinjira mu isarura, none muri iki gihe, ubunebwe mu by'umwuka bubamereye nabi, ingaruka yabyo, ni uko bagenda biguru ntege mu nzira izamuka ijya mu ijuru, bishidikanya niba ari abakristo. icyo bakeneye ni ukugirana isano nzima na Kristo. Ubwo ni bwo bāvugwaho ko ari “abakozi bakorana n'Imana”. Ndashaka kubwira benshi nti « Mutegereje ko hagira umuntu ubayobora mu ruzabibu maze akabashyira ku murimo, cyangwa se akazana uruzabibu akarubegereza, kugira ngo mutagira ingorane n'imwe muhurira na yo mu murimo ». Murategereza

ubusa. Iyaba mwukuburaga amaso, uruhande rwose mwakwerekezamo amaso, mwahabona imirima yeze, itegereje gusarurwa; mwabona umurimo wo gukora hafi na kure. Nyamara se ni abangana iki muri mwe Yesu azabwira ku munsu w'urubanza ati « Bagaragu beza kandi bakiranuka »? Njya ntekereza uko abamalayika bagomba kwiyumva mu kubona iherezo ridusatiriye, iyo babona abavuga ko bazi Imana na Yesu Kristo uwo yatumye, baterana, biganirira, bajya mu materaniro kenshi kandi bakumva batanyuzwe mu gihe ikibwirizwa kitagaburiye bihagije imitima yabo ngo gikomeze n'itorero, mu gihe bo nta cyo bakora rwose... Baramutse bagiye mu birere aho imirimo yabo n'imitungo yabo bitazatera imbere, kandi n'ukuri kukaba kutari kwahabwirizwa, kugeza ubu hakaba haramurikiwe n'imirasire mito y'umucyo, mbese ntibababwirizwa kuhakora umurimo usa neza neza n'uwo Yesu yakozwe kugira ngo abacungure? –General Conference Bulletin, 1893, p. 131.

Turabona amakene akomeye y'umurimo w'ibwirizabutumwa zo gushyira ukuru abo duturanye nabo uretse ibihugu bya kure gusa. Ahatuzengurutse hose hari imijyi n'ibirorero itagira na kimwe kiyikorwamo cyo gukiza imitima. Kubera iki imiryango izi ukuri kw'iki gihe itajya gutura aho muri ibyo birere ngo bajye kuhashyira ibendera rya Kristo, bakorana kwicisha bugufi, batiyobora ubwabo, ahubwo bagendera mu nzira ya Nyagasani kugira ngo bashyire umucyo abatarawumenya?

Ubwo Itorero rizaba rimaze gucengerwamo neza n'umwuka w'ubutumwa, rizashyira imbaraga zaryo zose mu murimo wo gukiza imitima Kristo yatangiye ubugingo bwe. Bazinjira mu mirima mishya. Abizera, batari ababwiriza babyerejwe, bazaba abakozi bakorana n'Imana mu gusura amatorero no kugerageza gukomeza ibisigaye bigiye gupfa. Hazabaho abizera b'abakorerabushake bazajya gutura mu mijyi no mu birorero, kimwe no mu birere biri kure y'ahatuwe, kugira ngo bamurikishirize abandi umucyo Imana yabahaye. Bamwe mu bo bazahura na bo, bazabagaragarira ko badatanze icyizere, ariko ikibazo kimwe rukumbi ni iki ngo « Mbese bazahamanye na Kristo? Mbese bazasangira na We Umwuka We, ku buryo imyifatire yabo, binyuze mu mahame no mu cyitegererezo, izanezeza Nyir'ukuri no gukiranuka?

Mu turere tutazi ukuri, bene Data bafitiye ubushobozi umurimo nk'uko bashobora gukodesha icyumba kinini (salle -hall), cyangwa ahandi hantu hakwiriye guteranirwa, maze bagateranyiriza hamwe abiteguye kuza. Nuko abantu bigishwe ukuri. Ntibakeneye kubwirizwa, ahubwo mufate Bibiliya, maze mureke Imana ivugire mu Ijambo ryayo bidaciye ku ruhande. N'ubwo abaje kubumva baba atari benshi, bashobora gusoma aya magambo ngo « Uku ni ko Uwiteka avuga », bakayavuga batuje kandi batibonekeza ; musome kandi musobanure ukuri koroheje k'ubutumwa bwiza, maze muririmbe kandi musengane na bo. – Review and Herald, 19 septembre (September) 1891.

Aburhamu icyitegererezo gikwiriye.

Icyo Aburhamu yari asabwe nticyari ikigeragezo cyoroshye cyangwa igitambo cyangushye. Hari amasano akomeye yari amuziritse ku gihugu cye, ku muryango we n'urugo rwe. Ariko ntiyashidikaniye kumvira ihamagara. Ntiyabajije niba igihugu agiyemo kirumbuka, niba imiterere y'ikirere cyaho igwa neza ubuzima, niba ahahakikije haryoheye amaso, niba bishoboka kuhabonera ubukungu. Imana yaravuze umugaragu wayo arumvira ; kuko kuri we ahanu heza kuruta ahandi ku isi hari aho Imana imuhamagariye kujya.

N'ubu Benshi baracyageragezwa nka Aburhamu. Ntibumva ijwi ry'Imana rivugana nabo riva mw'ijuru, ahubwo ibahamagara binyuriye mu nyigisho z'ijambo ryayo no mubyaduka bigaragaza imigambi yayo. Bashobora guhamagarirwa gusiga gusiga umurimo ubahesha ubukire n'icyubahiro, gusiga ababo babakunda kandi babungura, bagatandukana na bene wabo, kugira ngo binjire mu nzira bategererejwemo n'ingorane, kwiya no kwitamba. Imana ibafitiye umurimo wo gukora, ariko imibereho itavunanye, guturana n'abagukunda, na bene wanyu bishobora gukoma mu inkokora ibyo usabwa ngo urangize uwo murimo. Ku bw'ibyo, Imana ibajyana kure y'ibytegererezo n'ubufasha bwa kimuntu, ikabatera kwiyumvamo ko bakeneye ubufasha bwayo, no kuba ari yo yanyine bategaho amakiriro, kugirango ibihishurire.

Ninde witeguye ihamagara ry'ubushake bw'Imana ngo azibukire imigambi yakundwakaje n'incuti bamenyeranye? Ninde

witeguye kwemera inshingano nshya ngo yinjire mu birere bitigeze bikorwa, ngo akore umurimo w’Imana afite umutima ushaka kandi ushikamye, ibihombo bye abibara nk’inyungu ku bwa Kristo? Uzakora ibi afite kwizera kwa Aburahamu, kandi azasangira nawe bwa « bwiza bw’iteka ryose butagira akagero ntibugire n’urubibi », ubwo « imibabaro y’iki gihe idakwiriye kugereranywa na bwo » – Patriarches et Prophètes, p. 114, 115 ; Patriarchs and Prophets, pp. 126, 127

Urakora iki hano?

Umusaruro mwinshi ukomoka ku mwete udatuza w’abagaragu nyakuri kandi bumvira ; kubw’ibyo Satani akoresha umuhati wose ushoboka ngo aburizemo umugambi w’Imana uba ugomba gusohozwa binyuriye mu kumvira. Bamwe abatera kwibagirwa umurimo uboneye kandi wera bahamagariwe, akabatera gutwarwa n’ibinezeza by’ubu bugingo. Abatera kwiturira mu binezeza, cyangwa kubwo gushaka kugwiza iby’isi, bakava mubirere aho barikubera imbaraga z’ibyiza. Maze abandi akabatera gusiga inshingano zabo bakagwa mu gucika intege bitewe no kurwanywa cyangwa akarengane. Nyamara kandi, abantu nk’abo bose Imana ibarebana impuhwe nyinshi. Buri mwana wese uwo ijwi rye ryamaze gucecekesha n’umwanzi w’imitima, arabazwa ngo: « urakora iki hano ? » Nagutegetse kujya mu isi yose kubwiriza ubutumwa bwiza no gutegura ubwoko buzahagarara ku munsu w’Imana. Kuki uri hano? Ni nde wahagutumye ? – Prophètes et Rois, p. 127 ; Prophets and Kings, pp. 171, 172.

Iki kibazo kibaza kiti « Urakora iki hano ? » kirareba imiryango kimwe n’abantu ku giti cyabo. Mu matorero menshi hari imiryango isobanukiwe neza ukuri kw’ijambo ry’Imana, yashobora kwagura ikirere cy’aho yagirira akamaro mu gihe bimukiye ahantu hakenewe gukorwa umurimo bo bashoboye gukora. Prophets and Kings p. 172

Ihamagarwa ry’imiryango ya gikristo

Hakenewe imiryango ibwiriza ubutumwa ngo iture mu birere

bitarabwirizwamo ukuri. Reka abahinzi, abacungamari, abubatsi, n'abanyamyuga n'abanyabukorikori butandukanye bajye gutura mu birere byirengagijwe, maze batunganye ubutaka bwaho, bahashinge inganda, bahiyubakire amazu aciriritse kandi bagobo abaturanyi babo. Rayons de santé, p. 156 ; The Ministry of Healing, p. 194.

Imana irahamagarira imiryango ya gikristo kwimukira mu turere ducuze umwijima n'ibinyoma, maze bagakorera Shebuja mu buryo bw'ubwenge no gushinyiriza. Bisaba kwiyanga kugira ngo witabe ihamagara nk'iryo. Mu gihe benshi bategereje ko ingorane zibanza gukurwaho, imitima irarimbuka itagira ibyiringiro habe n'Imana. Kubwo gushaka iby'isi, amashuri, benshi ndetse benshi cyane bajya mu turere turimo umwuka wanduza, bakihanganira ingorane n'ubutindi. Ni bande biteguye kugenza batyo kugira ngo babwire abandi iby'Umukiza ? Ni abahe bagabo n'abagore biteguye kwimukira mu birere bikennye ubutumwa bwiza kugirango bayobore abakiri mu mwijima ku Mucunguzi? –Témoignages, vol. 3, p. 359. Testimonies, vol. 9, p. 33

Hari imiryango uko yakabaye yabasha kuba ababwirizabutumwa, buri wese mu bayigize agakora umurimo ku giti cye akarundurira ibiganza bye n'ubwonko bwe ku murimo wa Sebuja, ashakisha uburyo bushya bwo guteza imbere umurimo Wayo. –Testimonies, vol. 9, p. 40.

Iyaba imiryango yimukiraga mu birere by'isi bicuze umwijima, aho abantu batwikiriwe n'umwijima mu by'umwuka, maze bakareka umucyo w'ubugingo bwa Kristo ukamurika ubanyuriyemo, umurimo ukomeye wabasha gukorwa. Nibatangirane umurimo wabo ituza kandi batagambiriye kwigaragaza, badakoresheje umutungo w'amatorero rusange (conference) kugeza ubwo abantu bazaba bakangutse cyane kuburyo batabasha kubakenura hatabayeho inyunganizi y'umubwiriza. –Testimonies, vol. 6, p. 442.

Kugemura bisaba abagemuzi b'abanyabwenge

Mutegure abakozi bo kuja mu nzira nyabagendwa no mu mihora. Dukeneye abakozi bashoboye gukora mu buhumbikiro bwingemwe, bafite ubushobozi bwo kugemura ibiti bajya kubitera

mu turere dutandukanye, kandi bakabikorera ibikenewe byazatuma bikura. Ni inshingano ishoboka ko ubwoko bw’Imana bwajya mu ntara za kure. Umurimo wo gutegura imirima mishya nushyirwemo imbaraga, kugira ngo hahangwe amahuriro mashya y’amahugurwa ahantu hose bishoboka. Muhurize hamwe abakozi bafite ishyaka nyakuri ry’ibwirizabutumwa, maze bajye hafi na kure gukwirakwizayo umucyo n’ubumenyi. – Testimonies, vol. 9, p. 118.

Benshi mu bizera b’amatorero yacu manini ni nkaho ntacyo bakora rwose. Bari kuzashobora gukora umurimo mwiza, iyaba, aho gukomeza kwirunda hamwe, batataniraga mu turere tutaragerwamo n’ukuri. Ibiti biteye bicucitse ntibikura uko bikwiriye. Umunyabusitani arabigemura kugirango bibone uko bikura, byegutsikana go bigwingire. Ni na ko bikwiriye kuba no ku matorero yacu manini. Benshi mu bizera barimo gupfa mu by’umwuka, bitewe no kudakorerwa uwo murimo. Barimo guhinduka abarwayi n’imbura mumaro. Ariko batatanye, bahinduka abanyambaraga n’abanyamwete. – Témoignages, vol. 3, p. 295, 296. Testimonies, vol. 8 p. 244

Imisaruro itazabura kubaho

Iyaba abizera b’itorero bakangukiraga umurimo bashoboye gukora, bakinjira mu ntambara bakoresheje umutungo wabo bwite, buri wese ashaka icyo ashobora gukora kugira ngo akirize Kristo imitima, twabona benshi bava mu mirongo ya Satani kugira ngo bayoboze ibendera rya Kristo. Abantu bacu baramutse bashyize mubikorwa umucyo ukubiye muri iyi mpuguro ngufi, ntakabuza twabona agakiza k’Imana. Hakurikiraho amavugurura y’agahebuzo. Abanyabyaha bakwihana, imitima myinshi yakongerwa mw’itorero. – Témoignages, vol. 3, p. 298. Testimonies, vol. 8, p. 246

Abagize itorero ryacu bagombaga kwiyumvamo ubushake bwimbitse bw’umurimo w’ibwirizabutumwa mugihugu imbere no mu mahanga. Bazagororerwa imigisha myinshi ku bw’umuhati urimo kwitamba wo gushinga ibendera ry’ukuri mu turere dushya. Amafaranga ashyizwe muri uwo murimo azazana inyugu nyinshi. Abihannye bashya bazishimara umucyo bakiriye w’ljambo

ry’Imana, hanyuma na bo batange imitungo yabo kugira ngo uwo mucyo ushyirwe abandi. – Testimonies, vol. 9, p. 49.

Mu birorero bifite ubuzima bugoranye kandi bw’urucantege cyane aho ababwiriza benshi banga kujya, habayo amahinduka afatika iyaba abizera bafite umwuka wo kwitambaho igitambo biyumvagamo kuhatura. Abo bakozi boroheje bazakora umurimo ku bw’umuhati wabo urimo kwihangana no gushinyiriza, batega amakiriro ku Mana yo ibaha ubuntu bwayo, aho kwishingikiriza ku mbaraga za kimuntu. Tukiri muri iyi si nta wuzamenya ibyiza bizakomoka muri uwo murimo. – Témoignages, vol. 3, p. 97. Testimonies, vol. 7 pp. 22, 23.

Isomo riva kugutsindwa kw’Isirayeli ya kera

Ubwo Abisirayeli binjiraga i Kanaani, ntibasohoje umugambi w’Imana wasabaga ko bigarurira igihugu cyose. Bakimara kwigarurira agace gato, batuye mu gace bigaruriye kugira ngo barye bitonze imbuto z’intsinzi yabo. Kubwo kutizera no gukunda kumererwa neza, birundanyiriza mu turere bamaze kwigarurira aho gukomeza bajya mbere ngo bigarurira uturere dushya. Bityo batangira kwigira kure y’Imana. Kubwo kunanirwa gusohozza umugambi wayo, batumye Imana iba itagishoboye kubasohoreza amasezerano y’imigisha yayo. Mbese Itorero ry’iki gihe ntiriri gukora amakosa nk’ayo? N’ubwo babanye n’isi yose ikeneye ubutumwa bwiza, abiyita abakristo birundanyiriza aho bashobora kwishimira amahirwe yo guhurira mu butumwa. Ntibiyumvamo ko ari ngombwa kwigarurira uturere dushya ku buryo bashobora kujyana ubutumwa bw’agakiza mu ntara za kure. Banga gusohozza itegeko rya Kristo rigira riti: « Mujye mu isi yose, mubwirize abaremwe bese ubutumwa bwiza. » Mbese gukiranirwa kw’itorero ry’Abayuda kurusha ukwabo? – Testimonies, vol. 8, p. 119

Chap. 17. Umurimo w'ubugiraneza bwa gikristo

Kugera ikirenge mu cya Yesu

Benshi bumva ko byaba ari amahirwe akomeye gusura ahantu Kristo yabaye, kugenda mu nzira yanyuzemo, kwitegereza ibiyaga yakundaga kwigishirizaho, imisozi n'ibibaya yakundaga kureba. Nyamara ntidukeneye kuja i Nazareti, i Kaperinawumu, cyangwa i Betaniya, kugira ngo tugere ikirenge mu cya Yesu. Intambwe ze tuzazisanga hafi y'uburiri bw'umurwayi, mu mavundi y'abakene, mu tuyira tugendwa na benshi two mu mijyi minini, n'ahantu hose hari imitima ikeneye guhumurizwa. Mu kwigāna ibyo Yesu yakoraga ku isi tuzaba tugeze ikirenge mu cye. – L'Espoir de l'humanité, p. 693, 694; Desire of Ages, p. 640.

Yesu yoroshyaga imibabaro yose yabonaga. Yari afite udufaranga duke, ariko inshuro nyinshi hari aho yigomwaga ibyokurya kugira ngo agoboke abamurusha ubukene. Bene se babonaga ko icyitegererezo cye cyaburizagamo icyabo. Yari afite uburyo bwiza bw'imikorere butagirwaga n'umwe muri bo, kandi batakeneraga no kugira. Iyo bagiraga abakene b'insuzugurwa babwira amagambo akakaye, Yesu yajyaga kubashaka kugira ngo ababwire amagambo yo kubakomeza. Abakene yabahaga igikombe cy'amazi akonje, kandi agashyira igaburo rye bwite mu biganza byabo n'umutima ukunze. Mu gihe yabaga ari kugabanya imibabaro yabo, ukuri yigishaga, guherekejwe n'ibikorwa by'imbabazi, kwiharaturaga mu bwonko bwibuka bwabo. – L'Espoir de l'humanité, p. 79, 80; The Desire of Ages, p. 86, 87.

Kwiyemeza burundu

Abigishwa ba Kristo bagomba gukora nk'uko yakoze. Tugomba kugaburira abafite inzara, kwambika abambaye ubusa, no guhumuriza abababaye n'abamerewe nabi, tukita ku bihebye, kandi tugatera ibyiringiro abatabigira. Ni bwo natwe tuzasohorezwa iri sezerano ngo « Gukiranuka kuzakujya imbere, kandi ubwiza bw'Uwiteka buzaba bugushoreye ». – L'Espoir de l'humanité, p. 369; The Desire of Ages, p. 350.

Abita ku murimo w'ubugiraneza bwa gikristo bari gukora

umurimo Umwami yifuza ko bakora, kandi aha umugisha imirimo yabo. icyakozwe muri iryo shami kigaragaza umurimo ugomba kwerekezaho impuhwe zishyushye za buri Mudivantisiti w'Umunsi wa Karindwi, ukwiriye kwitangirwa abantu babikuye ku mutima. Igihe Itorero ryirengagije gukora uyu murimo aho rikorera, mu gihe ryanze kwikorera iyo mitwaro, ribiboneramo igihombo gikomeye. Iyaba Itorero ryaritaye kuri iri shami ry'umurimo nk'uko ryagombaga kubikora, riba ryarabonye uburyo bwo gukiza imitima myinshi. – Testimonies, vol. 6, p. 295.

Impano zayo zose zigomba gukoreshwa mu guhesha umugisha inyoko muntu, mu kunganira abakene n'imbabare. Tugomba kugaburira abashonje, kwambika abambaye ubusa, gufasha abapfakazi n'imfubyi, gukomeza uri mu makuba kandi wakandamijwe. Imana ntiyigeze ishaka ko iyi si yacu yuzuramo amakuba angana atya. Kandi ntiyigeze ishaka ko umuntu umwe agira ubutunzi bw'ikirenga bwo kwinezeza mu by'ubu buzima, mu gihe abana b'abandi baririra umutsima. Ubutunzi burenze ku makene y'ibanze mu buzima busanzwe, twabuhereye kugira ngo dukore ibyiza, duheshe umugisha inyoko muntu. Uwiteka aravuga ati « Mugurisha ibyo mufite, mutange ku buntu. » « Mube abanyabuntu bakunda gutanga. » « Mu gihe uteretse ibirori, rarika abakene, ibirema abacumbagira n'impumyi. » « Mubohore abantu ingoyi z'urugomo, muhambure imigozi y'uburetwa, murenganure abarengana, kandi muce iby'agahato byose. Rekura utange ibyokurya byawe ugaburire abashonji, uzane abakene bameneshejwe ubashyire mu nzu yawe, nubona uwambaye ubusa umwambike. » « Haza umutima ukennye. » « Mujye mu isi yose, mubwirize abaremwe bese ubutumwa bwiza. » Ayo ni yo mabwiriza y'Umukiza. Mbese umubare munini w'abiyita abakristo bakora uwo murimo? – Les Paraboles de Jésus, p. 381, 382; Christ's Object Lessons, p. 370, 371.

Gukora ibyiza ni zo mbuto Kristo adusaba kwera: amagambo y'urukundo hamwe n'imirimo y'ubugiraneza yo kunganira abakene, abatishoboye n'abamerewe nabi. Iyo imitima yacu yifataniye n'abantu baremerewe n'ibicantege hamwe n'intimba, iyo ibiganza byacu biruhuye abatishoboye, bikambika abambaye ubusa, iyo twakiriye umunyamahanga mu nzu no mu mutima, abamalayika bigira hafi yacu kandi ijuru rikatwemera.

Igikorwa cyose cyo gukiranuka, imbabazi, hamwe n’ubugiraneza bihimbwamo indirimbo mu ijuru. Yicaye ku ntabe ye y’ubwami, Data wa twese yitegereza abari kubikora akababara mu butunzi bwe bw’igicro. Aravuga ati « Bazaba abanjye, ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga. Bazaba umutungo wanjye bwite, ku munsu ndi gutegeza. » Buri gikorwa cy’ubugiraneza gikorewe umuntu wese ukennye kandi ubabaye, gifatwa nk’igikorewe Yesu. Mu gihe mugobotse abakene, mukagirira impuhwe abamerewe nabi n’abarengana, kandi mukagaragariza ubucuti imfubyi, mugirana isano ya hafi cyane na Yesu. – Testimonies, vol. 2, p. 25.

Umurimo wo kwakira abahanya n’abakandamijwe, kwita ku barwayi n’abatindi, ni wo murimo buri torero ryizera ukuri kw’iki gihe ryakakagombye kuba rikora uherye kera. Tugomba kugaragaza impuhwe zagutse nk’iz’Umusamariya mwiza, dukoresheje kugoboka abafite amakene y’umubiri, duha ibyokurya abafite inzara, tugacumbikira abatindi batagira aho baba, kandi uko bukeye n’uko bwije tukavoma mu Mana imbaraga n’ubuntu bizadushoboza gucengera tukagera mu butindi bwimbitse bw’inyoko muntu kugira ngo dufashe abadashobora kubwikuramo bo ubwabo. Uyu murimo uzaduha akanya keza ko gutuma tumenyekanisha Kristo wabambwe. – Témoignages, vol. 2, p. 599 ; Testimonies vol. 6 , p. 276.

Benshi baja batangazwa no kubona amasengesho yabo atagira ubugingo, kwizera kwabo gufite intege nke, kudandabirana cyane, inararibonye yabo ya gikristo ihora mu mwijima n’urujijo. Baravuga bati « Mbese ntitwiyiriza ubusa, kandi tukagaragazaza umubabaro imbere y’Uwiteka Nyiringabo ? ». Mu gice cya 58 cya Yesaya, Kristo yerekanye uko ibyo bintu bishobora guhindurwa (ku murongo wa 6 n’uwa 7). Nguwo umuti Kristo yageneye umutima utinya, uhora mu gushidikanya kandi uhinda umushyitsi. Reka abanyamubabaro, bagendana intimba imbere ya Nyagasani, bahaguruke bafashe abakeneye ubutabazi. – Témoignages, vol. 2, p. 587 Testimonies vol 6; p.266 .

Ubwiza bw’ijuru bushingiye ku guhagurutsa abaguye no guhumuriza abari mu makuba. Umutima uwo ari wo wose Kristo atuyemo, uzigaragaza buri gihe muri ubwo buryo. Ahantu hose ubwo bwiza bwigaragaje, iyobokamana rya Kristo rizakora ibyiza. Aho bwaba bukorera hose, haba umucyo. –Les Parables de

Jésus, p. 396. Christ's object lessons p. 386

Umupfakazi w'i Sarefati yaranganije na Eliya akamanyu k'umutsima; inyiturano yabaye kurokoka k'ubugingo bwe n'ubw'umuhungu we. Abantu bose bagirara impuhwe abamurusha kumererwa mugihe cy'ubukene n'ibigeragezo Uwiteka yabasezaranije imigisha myinshi. Imana ntiyahindutse; imbaraga zayo muri iki gihe ntiziri munsu y'izo yari afite mu gihe cya Eliya. – Prophètes et Rois, p. 95 ; Prophet and King p.131,132

Urukundo rwa Kristo rugaragariye mu murimo wo gukorera abandi utabashakaho inyungu, ruzagira akamaro ko kugorora inkosi y'ibibi kuruta inkota cyangwa urukiko. Urukiko rurakenewe kugira ngo rutere ubwoba ukora ibinyuranye n'amategeko, ariko umubwirizabutumwa ukorerwamo n'urukundo yakora ibirenze ibyo. Bijya bibaho kenshi ko umutima winangiye ntiwumve gucyahwa ushobora koroshywa n'igikorwa cy'urukundo rwa Kristo. – Ministry of Healing, p. 106.

Icyo guhora cyibukwa

Mu mibanire yacu n'abandi tugomba guhora twibuka ko, mu mibereho y'abantu harimo amabanga umuntu adafiteye uburenganzira bwo kwinjiramo. Mu bwenge bw'abantu hari amateka ateye agahinda mu buryo bwimbitse ahishanywe ifuhe amaso y'umunyamtsiko. Muri yo harimo intambara zishaririye kandi ndende zo kurwanywa, zaba impagarara zo mu miryango, uko bukeye n'uko bwije zishegesha umuhati, ibyiringiro no kwizera. Abo ubuzima bwabo bugizwe n'intambara ishariye gusa bashobora gukomezwa cyangwa guterwa akanyabugabo binyuriye mu kwitabwaho koroheje gusaba gusa umuhati urimo urukundo; kuri bene uwo indamutso ikomotse ku nshuti yiringiwe, inshuro nyinshi ifite agaciro karuta ak'izahabu n'ifeza. Amagambo yo kukwifuriza ibyiza ashobora kugira agaciro kangana n'ako kumwenyurirwa n'abamalaika.

Na none kandi hari inteko nini y'abantu ihora ihanganye n'ubukene, bagomba gukora cyane bakabona bike, batajya bashobora no kurangiza amakene y'ibanze yo mu buzima. Umuhati uremereye, kubura ibikenewe, n'ubwihebe biremereza umutwari wabo; uburibwe hamwe n'indwara bituma ubuzima

buhinduka umutwaro usa n'utakwihanganirwa. Baremerewe n'amaganya, ntibazi aho bakwerekeza amaso yabo ngo babone ihumure. Mwifatanye na bo mu ngorane zabo, mu bigeragezo byabo, mu intimba no mu kubura ibyo bari biringiye. Ibyo bizakingura imitima yabo mubone uko mubafasha. Mubabwire amasezerano y'Imana, musengane na bo kandi munabasabire. Muhembure ibyiringiro muribo. – Rayons de santé, p. 331, 332 ; The Ministry of Healing, p. 158

Hari benshi ubuzima bubereye intambara ishaririye ; bazi ko ari abanyanteye nke, n'abatizera n'abahanya, batekereza ko ntacyo bafite cyabatera gushima. Amagambo y'imbabazi, indoro yuje impuhwe, ubuhamya bw'uko ubahaye agaciro, byabera imitima yigunze yabaye umuhigo w'intambara zishaririye nk'igikombe cy'amazi ku wishwe n'inyota. Ijambo ririmo urukundo, igikorwa cy'ubugiraneza, byakura imitwaro iremereye bikabije iri ku ntugu zinaniwe. Kuko buri jambo ryose na buri kimenyetso cyose cy'urukundo ari ukwigaragaza k'urukundo Yesu yakunze umuntu wazimiye. – Jésus et le bonheur, p. 33 ; Thoughts From the Mount of Blessing, p. 23

Murambure ikiganza kigoboka

Icyaha ni cyo shyano riruta ayandi. Ni yo mpamvu tugomba kugirira impuhwe abanyabyaha no kubafasha. Ni iby'ukuri ko bose tudashobora kubageraho binyuze mu buryo busa. Hariho abazi guhishahisha ubutindi bw'imitima yabo ; bene abo icyabagirira neza, ni ukubabwira ijambo ry'urukundo cyangwa kubibukana ubugira neza. Abandi na bo bari mu buhanya buteye ubwoba nyamara ntibabyiyumvisha na gato. Umubare munini wasaye mu isayo y'icyaha ku buryo batacyiyumvisha ukuri kw'iteka ryose. Bihanaguyemo ishusho y'Imana, ntibazi ko bafite imitima yakizwa cyangwa ikarimbuka. Ntibizera Imana haba no kwiringira abantu. Benshi muri abo nta kindi cyabakabakaba keretse ibikorwa by'ubugiraneza. Reka tubafashe duhereye ku makene yabo y'iby'umubiri, tubaha ibyokurya, ibyo kwisukura n'imyambaro ibakwiye. Ninabona ibimenyetso by'urukundo rwanyu rutikanyiza bizaborohera kwizera urukundo rwa Kristo.

Mu bayobye, harimo benshi bazi imiterere yabo

y'urukozasoni n'ubugoryi. Babitekerezaho cyane kugeza ubwo bafatwa n'ubwihebe. Iyo mitima ntitugomba kuyirengagiza. Iyo umuntu ari koga yerekeza aho umugezi uturuka, ni ngombwa ko akoresha imbaraga ze zose kugira ngo aganze umuvumba wawo. Reka tumuhereze ikiganza gitabara tumurohore, nk'uko Mukuru yakiramburiye Petero ubwo yarohamaga. Reka tumubwire amagambo arimo ibyiringiro, ashobora gutuma yongera kwigirira icyizere akanamutera umutima wiyumvamo gukundwa. – Parables de Jésus, p. 397, 398; Christ's Object Lessons, p. 387

Abaremerewe n'imibereho y'icyaha kandi bakaba batazi aho babonera ikiruhuko nimubereke Umucunguzi ugira ibambe. Mubaramburire ikiganza mubahagurutse mubabwire amagambo abasubizamo akanyabugabo n'ibyiringiro. Mubafashe gusingira ikiganza cy'umukiza. – The Ministry of Healing, p. 168.

Gucumbikira abashyitsi, inshingano y'umukristo

Inshingano yacu muri iyi si, ni ukubaho dukorera abandi neza, kugira ngo tubacumbikire; kandi akenshi hari ubwo duhura n'ingorane zitewe no kwita ku bakeneye ubufasha bwacu no kubana nabo n'imiryango yacu. Bamwe bihunza kwikorera iyo mitwaro iba ari ngombwa mu gihe abandi bo baba bayemera. Bitewe n'uko muri rusange bene Data badakunda gucumbikira abashyitsi kandi bakaba badasohozwa inshingano yabo buri gihe, abo bantu bake bagaragaza ubushake bwiza kandi bakanezezwa no kwishyira mu mwanya w'abari mu makene, bikoreye inshingano ziremereye cyane. – Testimonies, vol. 2, p. 645.

“Ntimukirengagize gucumbikira abashyitsi, kuko bamwe bacumbikiye abamalayika batabizi.” Mu gihe cy'ibinyejana byinshi, ayo magambo ntiyigeze na rimwe azimiza imbaraga zayo. Data wa twese wo mu ijuru akomeje gushyira imigisha yiyoberanije mu nzira y'abana be. Abakoresha ayo mahirwe babona umunezero mwinshi. – Prophètes et Rois, p. 95; Prophets and Kings, p. 132

Gusuzumwa

Imana ijya idusuzuma ikatugerageza mubitubaho bitandukanye mu buzima bwa buri muni. Utuntu duto duto nitwo duhishura ibiri ku mutima. Kwita ku tuntu duto, uducogocogo two

mu mibereho ya buri munsu aho urugwiro rwacu rushobora kugaragarira, ibyo byose bigize umunezero wo kubaho. Ibiri amambu, kwirengagiza kuvuga amagambo yo kwifuriza abandi ibyiza, kubakomeza, arimo impuhwe no gukorera abandi uturimo duto duto two muri ubu bugingo ni byo bigwiza ubuhanga bwacu muri ubu buzima. Amaherezo bizagaragara ko kwiya ubwawe kugira ngo undi amemerwe neza bizafata umwanga munini mu bitabo byo mu ijuru bivugira ku mibereho yacu. – Testimonies, vol. 2, p.133.

Neretswe ko bihuje n’ubushake bw’Imana ko abapfakazi, imfubyi, impumyi, ibipfamatwi, ibirema n’abantu bababaye mu buryo butandukanye; begeranijwe cyane n’itorero; byabere bityo kugirango bigerageze ubwoko bw’Imana kandi byubake imico yabo nyakuri. Abamalayika b’Imana baratugenzura kugira ngo barebe uko twifata imbere y’abo bantu bakeneye impuhwe zacu, urukundo n’ubugiraneza bwacu butabashakaho inyungu. icyo nicyo gipimo Imana isuzumisha imico yacu. Nitugira iyobokamana nyakuri rya Bibiliya, tuziyumvisha umwenda dufite w’urukundo, ubugiraneza n’impuhwe, tubereyemo Kristo wo kugirira neza abo bene Data; kandi ntidushobora gukora ibiri munsu y’ibyo ngo tube tugaragaje ko twanyuzwe n’urukundo rutagira akagero twagiriwe ubwo twari tukiri abanyabyaha badakwiriye ubuntu bwe, tubigaragarishije ubushake bwimbitse n’urukundo ruvuye ku mutima tugiriye abo bene Data twasumbije ubushobozi. – Testimonies, vol. 3, p. 511.

Umugani washyizwe mu bikorwa

Amahame abiri akomeye y’amategeko y’Imana ni ugukunda Imana mu buryo bwuzuye n’urukundo rutikanyiza dukunda bagenzi bacu. Amategeko ane abanza n’atandatu aheruka akomoka kandi agashingira kuri ayo mahame abiri. Kristo yeretse Umwigishamategeko mugenzi we uwo ari we mu mugani w’umuntu wavaga i Yerusalemu aya i Yeriko, maze akagwa mu gico cy’abambuzi bamunyaga byose, baramukubita bamusiga yenda gupfa. Umutambyi n’Umulewi babonye iyo nkomeye nyamara imitima yabo ntiyakabakabwa ngo bamugoboke. Bamuhunga baciye mu rundi ruhande rw’inzira. Umusamariya

araza, yitegereje uko uwo mugenzi w'umunyamahanga yari akeneye ubutabazi, ntiyigera yibaza ikibazo cyo kumenya niba ari uwo mu muryango wabo, mu bwoko bwabo, mu gihugu cyabo cyangwa mu idini yabo; yihutira kumutabara bitewe n'uko uko yari abisanze byabimusabaga. Amufasha uko ashoboye kose, amushyira ku matandiko ye, amujyana mu nzu y'icumbi, kandi asigira nyir'icumbi umutungo uzarangiza ikibazo.

Kristo yahamije ko uwo Musamariya ari we wabaye mugenzi w'uwo wari waguye mu maboko y'abambuzi. Umulewi n'Umutambyi, mu itorero bagereranya itsinda ry'abantu bagaragaza kwigira simbirimo mu buryo bwuzuye ku birebana n'amakene y'abakeneye ubufasha no kwitabwaho. Abo bantu, umwanya uwo ari wo wose baba barimo mu Itorero, ni abishi b'amategako y'Imana. Umusamariya we ashushanya umutwe w'abantu bafatanyaga na Kristo kandi bakigana icyitegererezo cye mu gukora ibyiza.

Abagirira impuhwe abakene, impumyi, ibirema, abamerewe nabi, abapfakazi, impubyi, n'abandi bose babuze ibya ngombwa Kristo abashyira ku rutonde rw'abumvira amategako bakaba bagomba kuragwa ubugingo buhoraho.... Imirimo yose y'imbabazi, y'ubugiraneza, y'impuhwe ikorewe abakene, impumyi, ibirema, abarwayi, abapfakazi n'impfubyi; Kristo abifata nk'aho ari we byakorewe, kandi byandikwa mw'ijuru na ba nyir'ukubikora bazagororerwa. Ku rundi ruhande, ubuhamya buzashyirwa mu kindi gitabo bube ubuhamya bwo gushinja abigira simbirimo kubibazo by'indushyi nka wa mutambyi n'umulewi, n'abungukira mu byago by'abandi, muri ubwo buryo bakabongerera umubabaro ngo banezeze kwikubiraho kwabo. Imana izitura igikorwa cyose cyo gukiranirwa no kwigira simbirimo no kwirengagiza abakene. Amaherezo buri wese azagororerwa hakurikijwe ibyo yakoze. – Testimonies, vol. 3, p. 511-513.

Chap. 18. Amateraniro y'ingando, ubufasha mu murimo wa gikristo

Ingirakamaro

Amateraniro y'ingando ni bumwe mu buryo bw'ingenzi cyane mu murimo wacu. Ni imwe mu mikorere igira akamaro cyane ko kureshya abantu. – Testimonies, vol. 6, p. 31.

Mu murimo wacu, byaraturuhije kumenya uko twasenya insika z'iby'isi n'urwikekwe, ngo kwereka imbaga y'abantu ukuri kw'agaciro kubafitiye akamara gakomeye. Nyagasani yatweretse ko amateraniro y'ingando ari bumwe mu buryo bwiza bushobora gutunganya iyo gahunda inoze. – Testimonies, vol. 6, p. 31, 32.

Umugambi w'ibiterane.

Mbese ni uwuhe mugambi wo guteranira hamwe? Mbese ni ukugira ngo tujye kumenyesha Imana, kuyihugura binyuze mu kuyibwira ibyo tuzi byose mu masengesho? Oya, ahubwo duterana ari ukugira ngo twubakane twungurana ibitekerezo hamwe n'ibyifuzo kugira ngo duhuze imbaraga, umucyo n'akanyabugabo twiyumvisha ibyiringiro n'ibyifuzo bya bene Data. Mu gusengana umwete n'umutima wacu wose, tukabwira Imana dufite kwizera, tukakira inkunga n'imbaraga biva ku isoko y'imbaraga zose. – Témoignages, vol. 1, p. 310 ; Testimonies, vol. 2, p. 578

Amateraniro yacu y'ingando afite undi mugambi. ... Agomba gukangura imibereho y'iby'umwuka mubantu bacu. ... Imana yadushinze umurimo wera, none tugomba guteranira hamwe kugira ngo twakire amabwiriza yayo kugira ngo dushobore kurangiza umurimo nk'uwo. Dukeneye gusobanukirwa, umuntu wese ku giti cye, uruhare tugomba kugira mu kubaka umurimo w'Imana ku isi, mu kurengera amategeko yera y'Imana hamwe no kwereza Umukiza nk'«umwana w'intama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi.» Tugomba kandi guterana kugira ngo twakire impumeko y'ijuru kugirango dusobanukirwe n'umurimo ugomba gukorwa mu ngo zacu. – Testimonies, vol. 6, p. 32, 33.

Amateraniro y'ingando iyo ayobowe neza, ni ishuri abungeri, abakuru b'amatorero n'abadiyakoni bashobora kwiga uko banoza

umurimo bakorera Sebuja. Agomba kandi kuba ishuri aho abagize itorero, abasore n’abakuze, babonera agahe ko gusobanukirwa neza inzira za Nyagasani, n’aho abizera bashobora kwakirira amahugurwa azabashoboza gufasha neza bagenzi babo. – Testimonies, vol. 6, p. 49.

Mu gihe cyashize, abagaragu b’Imana bagiye bunguka uburyo bwinshi bahabwaga n’amateraniro y’ingando bwo kwigisha abizera bacu kwereka inshuti zabo n’abo baziranye uburyo bwo gushyira mu bikorwa ukuri gukiza k’ubutumwa bwa malayika wa gatatu. Hashoboye gutozwa umubare munini w’abakozi bikemurira amakene bakorera iwabo. Benshi bagiye bataha bavuye muri ayo materaniro ngaruka-mwaka bafite ishyamba rishya n’ubuhanga buruseho. Byanezeza Imana aya mahugurwa ashyizwe mu bikorwa arushijeho guhabwa abizera bitabira amateraniro yacu y’ingando ; kuruta uko byagiye biba mu gihe cyashize. Reka bene Data b’abayobozi, ndetse na buri mwizera, bibuke ko imwe mu mpamvu z’amateraniro yacu ya buri mwaka ari ugutuma buri wese yunguka uburyo bushyizwe mu bikorwa bw’umurimo wo kubwiriza ubutumwa umuntu ku giti cye. – Témoignages, vol. 3, p. 385 ; Testimonies, vol. 9, p. 81

Mu ntara z’amatorero yacu zimwe na zimwe, bene Data b’abayobozi bagiye batinda kwiyeemeza kwinjiza ubwo buryo bw’amahugurwa ashyizwe mu bikorwa. Imiterere y’abatari bake yerekera ku kubwiriza aho kwigisha. Nyamara mu materaniro yacu y’ingando, ntitukigere ducikwa amahirwe twahawe yo kwigisha abizera bacu gukora umurimo w’ibwirizabutumwa aho batuye. – Témoignages, vol. 3, p. 387 ; Testimonies, vol. 9, p. 82

Kwigisha uko bashyira ibwirizabutumwa mu bikorwa

Mu gihe bagize uruhare rwo gukora umurimo mu materaniro y’ingando, bese baba barimo kwiga uko bakorana intsinzi mu matorero iwabo. – Testimonies, vol. 6, p. 49.

Mu materaniro y’ingando amwe n’amwe, amatsinda manini y’ababwiriza yagiye asohoka akajya mu muji uri hafi yaho no mu birorero byawo ngo bajye kuhanyanyagiza ubutumwa bwanditse no kurarikira abatwaga kuza muri ayo materaniro. Binyuze muri ubwo buryo, amagana y’abantu yagiye aboneka baza gukurikirana

mu buryo buhoraho undi mugabane ukurikiraho w'amateraniro, kandi iyo bitagenga bityo ntibari kuyitaho. – Testimonies, vol. 6, p. 36.

Dushobora kuja mu materaniro y'ingando tutajyanywe no kwakira gusa, ahubwo tujyanywe no gutanga. Umuntu wese ugira icyo yungukira ku rukundo rwa Kristo no ku mbabazi ze, kandi akaba yaramurikiwe n'Umwuka w'Imana agahindukirira ukuri, asobanukirwa ko iyo migisha y'agaciro ituma agira umwenda ku mitima yose ashyikirana na yo. Nyagasani yiyambaza abantu bose biyoroheje mu mutima kugira ngo bagere ku mitima abagabura batashoboraga kugeraho. Kandi bumva bahatirirwa kuvuga amagambo ahishura ubuntu bukiza bwa Kristo. – Testimonies, vol. 6, p. 43.

Iyo dukurikije gahunda za Nyagasani, «tuba turi abakozi bakorana n'Imana». Umwanya twaba turimo wose – abayobozi b'amatorero agize intara, abagabura, abigisha, abanyeshuri cyangwa abizera b'itorero, - Imana idusaba kubyaza umusaruro imyanya duhawe kugira ngo tumurikire abatazi ukuri kw'iki gihe. Bumwe mu buryo bw'ingenzi Imana iduha gukoresha, ni ubutumwa bwanditse. Mu bigo by'amashuri yacu, mu bigo byacu byita ku buzima bw'abantu, mu matorero yacu, by'umwihariko no mu materaniro yacu y'ingando, ni ngombwa kwigisha gukoresha neza ubwo buryo bw'agaciro. Abakozi batoranijwe neza, bafite kwihangana kudatezuka, bagomba kwigisha uko bashyikira abatizera mu buryo buteye igikundiro kandi bwemeza, n'uko bashyira mu biganza byabo inyandiko zikubiyemo ukuri kw'igihe cyacu mu buryo busobanutse kandi bufite imbaraga. – Témoignages, vol. 3, p. 387, 388 ; Testimonies, vol. 9, p. 86, 87.

Amateraniro yacu y'ingando, ntagomba kuyoborwa hakurikijwe gahunda z'abantu ahubwo hagomba gukurikizwa uburyo bwa Kristo. Abizera b'itorero bagomba kuhahugurirwa gukora. – Testimonies, vol. 9, p. 120.

Kurushaho kuba ingenzi kw'amateraniro y'ingando twegereje iherezo ry'ibihe

Neretswe ko amateraniro yacu y'ingando agomba gutera imbere haba mu nyungu akangura mu bantu no mu musaruro

ageraho. Nabonye ko, uko twegereza iherezo ry'ibihe, muri ayo materaniro, igihe kinini kigomba kugenerwa kwiga Bibiliya kuruta kubwiriza. Abayarimo, na Bibiliya mu biganza, bagateranira ku ka rubanda, mu matsinda mato, kugira ngo baganirane umudendeko ku ngingo zakuwe mu Byanditswe Byera. – Testimonies, vol. 6, p. 87.

Igihombo gikomeye ku bayasiba

Imyiteguro y'amateraniro yacu y'ingando itangwaho byinshi. Abagabura b'Imana barengera ukuri kutari gikwira, bakora mu buryo burenze urugero kugira ngo babwirize abahanya b'abanyabyaha ubutumwa bw'imbabazi bw'Umukiza wabambwe. Kwirengagiza cyangwa kutita kuri ubwo butumwa, ni ugukerensa imbabazi z'Imana n'ijwi ryayo ry'umuburo no guhendahenda. Kwibuza kuja muri ayo materaniro byonona bikomeye ubuzima bwawe bw'iby'umwuka. Uba wivukije imbaraga wari kuyaboneramo binyuriye mu kumva Ijambo ry'Imana ribwirizwa, no kungurana ibitekerezo n'abizera ukuri. – Testimonies, vol. 4, p. 115.

Si icyoroheye umuryango guhagararira Yesu, ukomeza amategeko y'Imana muri rubanda rutizera. Dusabwa kuba inzandiko nzima, izo abantu bamenya bakazisoma. Uyu mwanya ukubiyemo inshingano ziteye ubwoba. Kugira ngo ube mu mucyo, ugomba kuza aho umucyo umurikira. Mwene K., akwiye kwiyumvisha ko agomba kuja nibura mu materaniro ya buri mwaka ahuza abakunda ukuri, we n'umuryango we, icyo byamusaba cyose. We n'umuryango we, bazagarukana imbaraga kandi biteguye gusohozza inshingano no guhangana n'ibigeragezo. Si byiza ko bivutsa amahirwe yo guteranira hamwe n'abo basangiye kwizera; bitewe n'uko ukuri kuzimiza agaciro mu bwenge bwabo, imbaraga yako yeza, igenda irekeraho kumurikira no guhembura imitima yabo, bakazimiza iby'umwuka. Ntibongere gukomezwa n'amagambo y'umugabura. Ibitekerezo n'imishinga by'isi bigenda birushaho kugira imbaraga ku ntekerezo zabo ari na ko bikuramo iby'umwuka. – Testimonies, vol. 4, p. 106.

Abo bishobokera bese, nibajye bitabira ayo materaniro ngarukamwaka. Bose bagomba kwiyumvisha ko Imana ibibasaba.

Nibadakoresha ayo mahirwe Imana yatanze kugira ngo bakomerere muri yo no mu mbaraga z'ubuntu bwayo, bazagenda barushaho kuba abanyanteye nke, kandi icyifuzo cyo kwiyegegurira Imana kigende kirushaho kuyoyoka.

Bene Data na basaza banjye, nimwihatire kuza muri ayo materaniro yera, kugira ngo mubone Yesu. Azaza muri ibyo birori. Azaba ayarimo, kandi azagukorera ikiruta ibindi wari ukeneye gukorerwa. Imirima yawe ntigomba gutekerezwa ko ari iy'agaciro kuruta inyungu zihanitse z'umutima wawe. Ubutunzi bwose ufite, n'ubwo bwaba ubw'agaciro kangana iki, ntibuhagije ngo buguheshe amahoro n'ibyiringiro, ari byo butunzi butagira akagero k'ubibonye, kabone n'ubwo byagusaba ibyo utunze byose, imiruhu n'imibabaro y'ubuzima bwawe bwose. Gusobanukirwa neza iby'iteka ryose, hamwe n'umutima witeguye kwegurira Kristo byose, ni imigisha y'agaciro gahanitse, kuruta ubutunzi bwose, ibinezeza n'ibyubahiro by'iyi si. – Testimonies, vol. 2, p. 575, 576.

Chap. 19. Kwita ku banyamahanga bari mu bihugu byacu

Umurimo unganya agaciro n’uwo kubwiriza ubutumwa mu mahanga

Nimukanguke, nimukanguke, bene Data na basaza banjye, maze mwinjire mu birere byo muri Amerika, ahatarigeze hakorwa. Ntimukibwire ko murangije inshingano yanyu yose igihe mutanze impano yo gushyigikira umurimo mu birere bya kure. Ni iby’ukuri koko, birakwiye gukora mu mirima y’amahanga, nyamara hari n’umurimo ugomba gukorwa muri Amerika unganya agaciro n’uwo. Mu mijyi yo muri Amerika harimo abantu bavuga indimi zitandukanye. Abo bakeneye ku murikirwa n’umucyo Imana yahaye Itorero ryayo. – Testimonies, vol. 8, p. 36.

Mugihe harimo gushyirwaho ingamba zo kuburira amahanga atandukanye ya kure, umurimo ukomeye ugomba gukorerwa abanyamahanga baje gutura mu gihugu cyacu. Imitima y’abo mu Bushinwa ntifite agaciro karuta iy’abo tubana. Ubwoko bw’Imana bugomba gukorera ibihugu by’amahanga bukiranutse, hakurikijwe ukuntu Imana ibugururiye amarembo, nanone kandi bugomba no gukora inshingano yabwo yo kwita ku banyamahanga bo mu bihugu binyuranye bari mu birere no mu byaro bibari hafi. – Review and Herald, 25 juillet 1918.

I Newi Yoruke (New York), i Shikago (Chicago) no mu yindi mijyi minini hatuyemo abanyamahanga benshi bakomoka mu bihugu binyuranye, batigeze basangwa ngo banaburirwe. Mu Badivantisiti b’Umunsi wa Karindwi hagaragaramo umwete ugurumana –simvuze ko ukabije kuba mwinshi– wo gukorera ibihugu by’amahanga, nyamara byari kuzanezeza Imana iyo bagaragaza ishyaka ringana n’iryo mugukora imijyi ibazengurutse. Ubwoko bwayo bukeneye gukorana ubwenge. Bagomba kwinjira mu murimo muri iyo mijyi bafite umwete mwinshi. Abantu bitanze kandi babishoboye bagomba gutumwa muri iyo mijyi bakahatangiza umurimo. Abakozi b’ingeri zitandukanye, bagomba kwifatanya kugira ngo bakore ayo mavuna y’ibwirizabutumwa. – Review and Herald, 25 juillet, 1918.

Uburyo butanzwe n’ijuru.

Mu gihugu cyacu, harimo abantu bakomoka mu bihugu byose, b'indimi zose n'amoko yose bibereye mu myizerere idasobanutse no mu kutamenya, batagira icyo bazi kuri Bibiliya cyangwa inyigisho zayo. Ukuboko kw'Imana niko kwabayoboye muri Amerika, kugirango bagere aho baurikirwa n'ukuri kwahishuriwe mu ijamba ryayo, no kugira ngo bagire uruhare ku kwizera gukiza. – Review and Herald, 1st March 1887.

Mu migambi yayo, Imana yayoboye abantu ibageza mu marembo yacu, kandi ibadushyira mu maboko kugirango tubigishe ukuri, hanyuma na bo ku rwabo ruhande, maze bategurirwe gusohozza umurimo tutabasha gukora wo kugeza umucyo kubantu b'indimi z'amahanga. – Review and Herald, 25 Juillet, 1918.

Benshi muri abo banyamahanga bayobowe ino n'imigambi y'ijuru kugira ngo babone uburyo bwo kumva ukuri kw'iki gihe kandi ngo bahabwe amahugurwa azabashoboza gusubira mu bihugu byabo batwaye umucyo w'agaciro uturuka ku ntebe y'Imana. – Pacific Union Recorder, 31 April 1910.

Umurimo w'Imana mu bihugu bya kure wari kuzagira amahirwe menshi iyaba hageragezwaga umuhati wera wo kwita ku banyamahanga baturaye imijyi y'igihugu cyacu. Muri abo bagabo n'abagore harimo abantu, bashobora kuba biteguye kugeza ukuri kuri bene wabo muri iki gihugu cyangwa ahandi bakimara kwakira ukuri. Benshi muri bo bashobora gusubira mu birere bakomokamo, bafite icyizere cyo kuzana inshuti zabo muri uko kuri. Bashobora gushaka bene wabo n'abaturanyi babo n'imiryango yabo kugira ngo babagezeho ubumenyi bw'ubutumwa bwa malayika wa gatatu. – Review and Herald, 25 July 1918.

Uburangare n'ubunenganezi

Muritwe nk'ubwoko habayeho uburangare n'ubunenganezi n'icyaha gikomeye cyo kutizera, byatubujije gusohozza umurimo Imana yadushinze, ari wo wo kijyanira umucyo abo mu bindi bihugu. – Life Sketches of Ellen G. White, p. 213.

Neretswe ko nk'ubwoko bw'Imana tutitaye bihagije ku nshingano yacu yo kujyanira umucyo abo mu yandi mahanga. –

Life Skecthes of Ellen G. White, p. 212.

Ntitujya duhagarara ngo tugere ku rugero rungana n'amahirwe duhabwa n'imigambi y'Imana. Yesu n'abamalayika be bari ku murimo. Uwo murimo uri gutera imbere mu gihe twe dukomeje kutava mu byimbo, aho twibereye mu birindiro by'inyuma. Iyaba twakurikizaga inzira Imana itwugururira, twatahura amahirwe yose aturi imbere kandi tukayabyaza umusaruro uko dushoboye kose, kugirango tubone uko tugeza umucyo mu mahanga. – Life Skecthes of Ellen G. White, p. 212, 213.

Dukomeze amaboko y'abakozi b'Imana

Imana yanezezwa no kubona ubwoko bwayo busohoza umurimo uruta cyane uw'igihe cyashize mu kugeza ukuri kw'igihe mu banyamahanga baba muri Amerika. Reka dukomeze amaboko y'umugabura Olsen* hamwe n'abo bafatanije umurimo. Twe kubemerera kurwana bonyine, bakoresha umutungo udahagije mu kurangiza inshingano yabo ngari. – Review and Herald, October 29, 1914.

Umugabura Olsen yatubwiye amakuru anejeje y'umurimo watangiye mu Bataliyani, mu Baseribe, mu Barumaniya, mu Barusiya n'amatsinda menshi akomoka mu yandi mahanga anyuranye. Twishimana na we ku bw'ibyakoze byose, nyamara kandi imitima yacu yarashavuye ubwo twabwirwaga ko ku bwo kubura k'umutungo ibintu byinshi byari gukorwa byabaye ngombwa ko birekwa. Twiringira ko ituro ridasanzwe ... rizahuzwa rivuye mu matorero yacu yose yo muri Amerika rizashoboza bene Data bafite inshingano y'iryo shami gukora umurimo w'ingirakamaro mu mijyi minini. Muri ubwo buryo, abantu benshi bazashobora gukizwa kandi binjire muri twe, kandi bamwe muri bo bazashobora guhinduka abakozi bafite ubushobozi bwo kwamamaza ubutumwa mu bo basangiye ubwenegihugu bari mu gihugu cyacu no mu bindi bihugu byo ku isi. – Review and Herald, 25 July 1918.

*Icyo gihe Pasitoro O. A. Olsen yakoraga umurimo y'Umunyamabanga mukuru w'ishami ry'Amerika y'amajyaruguru

ry'umurimo w'amahanga muri Conférence Générale.

Chap. 20 gushyikira abakire n'abanyacyubahiro

Ntibagomba kwirengagizwa

Hari umurimo ugomba gukorerwa abatunzi. Bagomba gukangurirwa inshingano yabo nk'abo ijuru ryaragije imapano. Bagomba kwibutswa ko bazabazwa n'Imana izacira imanza abazima n'abapfuye uko bakorejeshe ibyabo. Abakire bakeneye ko mugira icyo mukorera imitima yabo mu rukundo no mu gutinya Imana. Akenshi biringira ubutunzi bwabo, ntibikange ko hari akaga imbere yabo. Amaso yabo agomba kwerekezwa ku butunzi butangirika. – Les Parables de Jésus, p. 230; Christ's Object Lessons, p. 230.

Abari mu myanya yo hejuru muri rubanda, bagizwe ibyamamare n'amashuri bize, ubukire bwabo n'umuhamagaro wabo, si kenshi babwirwa amagambo y'ukuntu bakwita ku nyungu zabo z'iby'umwuka. Benshi mu babwiriza b'ubutumwa bwiza ntibatinyuka kwegera abantu bo muri izo nzego. Nyamara ntibyagombaga kuba bityo. Umuntu aramutse arohamye mu mazi, ntitwakwemera ko azika, yaba ari umucamanza, umucuruzi cyangwa uburanira abandi(avocat). Muri icyo gihe, ntitwatinda guhita tumurohora, tutitaye ku mwanya uwo ari wo wose yaba arimo muri rubanda. Ni nako, tutagomba gutindiganya kuburira abantu imitima yabo yubikiriwe n'akaga. Nta n'umwe ugomba kwirengagizwa, bitewe n'uko, mu bigaragara, ahugiye mu by'isi. Benshi mu bakomeye b'iyi si bafite imitima yakomeretse kandi barambiwe ibyirakwa byo mw'isi. – Les Parables de Jésus, p. 231; Christ's Object Lessons, p. 230, 231

Tugomba kujya ku bise by'imitima y'abari mu nzego zo hejuru; tugomba kubagezaho irarika ryuje impuhwe ryo kuza mu birori by'ubukwe. – Southern Watchman, 15 Marh 1904.

Imana yifuza abakire bakwihana bagahinduka, kandi bagakora nk'ukuboko kwayo gutabara abandi. Yifuza ko abashoboye gushyigikira umurimo w'ubugorozi n'ihembura bamenya umucyo w'agaciro w'ukuri, kandi imico yabo igahinduka, kugira ngo bibatere gukoresha umutungo Imana yabaragije mu murimo wayo. Ishaka ko ubutunzi yabaragije babushyira mu mirimo myiza kandi ko ubwo butunzi bwakoreshwa mu gutegurira

inzira ubutumwa bwiza bugomba kwamamazwa mu nzego zose z’abantu, hafi na kure. – Testimonies, vol. 9, p. 114.

Abari mu myanya yo hejuru muri rubanda bagomba kurarikanwa urukundo no kwitabwaho kwa kivandimwe. Abantu bari mumibereho y’ubucuruzi kandi bakaba bari mu myanya yo hejuru, abantu bafite ubumenyi n’ubuhanga buhanitse, hamwe n’abigisha ijambo ry’ Imana ariko imitima yabo ikaba itarareherezwa ku kuri kwihariye kw’igihe: ngabo abagombaga kuba aba mbere mu kumva irarika. – Les Parables de Jésus, p. 230; Christ's Object Lessons, p. 230.

Hakozwe ifuti rikomeye mu kudashaka kubwira ukuri abapasitoro hamwe n’abantu bo mu nzego zo hejuru. Twakabije cyane kwihunza abo tudahuje kwizera. N’ubwo ari iby’ukuri ko tutagomba guhorana na bo cyane kugira ngo tudasa na bo, nyamara kandi ahantu hose hari imitima itaryarya twagombaga gukorera dufite amakenga, ubwenge, ubuhanga kandi dukunda imitima yabo. Hagombaga gushyirwaho ikigega cyo gutoza abagabo n’abagore gukora umurimo mu bantu b’inzego zo hejuru, iwacu hamwe no mu bindi bihugu. – Témoignages, vol. 2, p. 267; Testimonies, vol. 5, pp. 580, 581.

Ubushobozi bwihariye bw’abakozi

Bamwe mu bakirsto bashoboye umurimo wo gukorera abo mu nzego zo hejuru by’umwihariko. Abo bagomba gushaka ubwenge bwo mu ijuru kugira ngo babone uko bashobora kugera kuri abo bantu, Atari kumenyerana nabo gusa, ahubwo, binyuze mu muhati wihariye no kwizera kuzima bashake babakangurire kwita kubyo imitima yabo ikennye. Kandi babayobore mu kumenya ukuri nk’uko kuri muri Yesu. – Rayons de santé, p. 175; The Ministry of Healing, p. 213.

Reka ababwiriza abantu bo mu nzego zo hejuru barangwe no kwiubaha, kandi bibuke ko abamalayika baja babaherekeza. Bajye baporana “handitswe ngo” mu bwenge bwabo. – Rayons de santé, p. 176; The Ministry of Healing, p. 215.

Abakozi b’Imana bihatira gushyikira abantu bo mu nzego zo hejuru bakeneye kwizera gukomeye. Mu gihe ibigaragara bisa n’aho bibabangamiye, ariko mu gihe gicuze umwijima, umucyo

uzamurika uvuye mu ijuru. – Conquérants pacifiques, p. 214; The Acts of the Apostles, p. 242.

Imana irahamagara abakozi babanyamwete, baciye bugufi ngo bashyire ubutumwa bwiza abantu bo mu nzego zo hejuru. The Acts of the Apostles, p. 140

Imisaruro yiringiwe

Hari ibitangaza bizakorwa habayeho guhinduka nyakuri,-- ibitangaza kugeza ubu tutiyumvisha. Abakomeye b'iyi si ntibari aho Imana ikora ibitangaza itabashyikira. Iyaba abakozi bakorana n'Imana bari bazi gukoresha neza imyanya y'amahirwe baronse, bakuzuzanya inshingano zabo umwete no gukiranuka, Uwiteka yari kuzihanisha abari mu myanya yo hejuru, abantu b'abahanga mu bumenyi kandi bakunzwe muri rubanda. Ku bw'imbaraga z'Umwuka Wera, benshi muri abo bantu bazemera amahame y'ijuru. Nibahindukirira ukuri, bazahinduka ibikoresho biri mu biganza by'Uwiteka byo kugeza ukuri kuri bagenzi babo. By'umwihariko baziyumvamo ko bahatirwa kubwiriza abantu bo muri urwo rwego rwirengagijwe. Amafaranga n'igihe cyabo bizegurirwa umurimo w'Imana; nguko uko imbaraga nsya zihagije ziziyongera mu itorero. – Conquérants pacifiques, p. 124; The Acts of the Apostles, p. 140.

Abenshi bo mu myanya yo hejuru bafite imitima yakomeretse kandi irwaye ubwirasi. Bahagizwa no gushaka amahoro batagira; bafite inzara n'inyota by'agakiza. Benshi muri bo bakwemera ubufasha intumwa z'Uwiteka ziramutse zibasanze mu buryo bw'umwihariko, zifite ubugira neza, hamwe n'umutima wuzuye urukundo rwa Kristo. – Paraboles de Jésus, p. 231; Christ's Object Lessons, p. 231.

Benshi mu bahanga bakomeye, abategetsu bo mu nzego zo hejuru cyane, abantu b'indangamirwa kurusha abandi, muri iyi minsi y'imperuka, baratera umugongo ukuri bitewe n'uko ubwenge bw'isi butazi Imana. Nyamara abagaragu b'Imana bagomba gukoresha neza imyanya yose babonye ngo babamenyeshe Ubutumwa bwiza. Bamwe muri bo bazemera ubujiji bwabo kuri iyo ngingo, kandi, kuva ubwo, bazaza kwicara ku birenge by'Umwigisha mukuru, bameze nk'abanyeshuri biyoroheje. –

Conquérants pacifiques, p. 214; The Acts of the Apostles, pp. 241-242.

Abakire bo mu bihe byashize

Uwo Munyetiyopiya, yari mu mwanya wo hejuru, akaba umunyacyubahiro gikomeye. Imana yabonye ko nahinduka azgeza kuri bagenzi be umucyo yari yarakiriye, akoresheje icyo cyubahiro cye ngo arengere Ubutumwa bwiza. Abamalayika b’Imana bitaga kuri uwo mushakashatsi w’ukuri, nyuma waje kuzanwa ku Mukiza. Binyuriye ku Mwuka Wera, Uwiteka amuhuza n’umwe mu bagaragu be washoboraga kumuyobora mu kuri. – Conquérants pacifiques, p. 94, 95; The Acts of the Apostles, p. 107.

Mu gihe Abayuda bageragezaga kurimbura Itorero ryari rikivuka, Nikodemu yahagurukiye kurirengera. Atakibaza cyangwa ngo ashidikanye, yakomeje kwizera kw’abigishwa kandi akoresha ubutunzi bwe ngo afashe itorero ry’i yerusalemu muguteza imbere umurimo w’ubutumwa bwiza. Abamwubahaga kera noneho baramukoba kandi baramurenganyaga maze ahinduka umukene mu iby’iyi si; nyamara ntiyacogora na rimwe mu kurengera kwizera kwe. – Conquérants pacifiques, p. 92; The Acts of the Apostles, p. 105.

Chap. 21. Urugo, ikigo cyitorezwamo ivugabutumwa

Iby'akamaro k'ibanze

Imuhira ni ryo shuri ry'ibanze ry'umwana ; kandi aha ni ho hagomba gushingwa imfatiro z'imibereho ikorera abandi. – Rayons de santé, p. 52; Ministry of Healing, p. 400.

Kuba umubwirizabutumwa imuhira ni wo murimo w'ibanze ugomba kwitabwaho mu mibereho yanyu. – Testimonies, vol. 4, p. 138.

Imuhira n'ububutse by'inyoko muntu bitangirira mu muryango, ni ukuvuga binyuze mu murimo w'ababyeyi... Kumererwa neza kwa rubanda, iterambere ry'itorero, iterambere ry'ubukungu bw'igihugu, bishingiye ku myifatire yo mu muryango. – Rayons de santé, p. 25 (Edition 1965, Chap. 2); Ministry of Healing, p. 349.

Uko umwuka nyakuri wo gukorera abandi uzajya wimenyerezwa mu muryango, ni ko uzajya utera imbere mu mibereho y'abana. Baziga kubonera ibyishimo mu gukorera abandi no kwitamba kugira ngo abandi bamemerwe neza. – Rayons de santé, p. 52 (Edition 1965); Ministry of Healing, p. 401.

Ababyeyi ntibagomba kwibagirwa ko urugo rwabo ari umurima w'ingenzi wo kubwirizamo ubutumwa. Kwita ku bana yaragijwe ni inshingano yera Imana yahaye buri mubyeyi. Imana iravuga iti "Akira uyu muhungu n'uyu mukobwa, maze ubanderere. Muhe imico y'ubupfura ikwiranye n'ibwami, kugira ngo azamurike iteka ryose mu bikari byo mu ijuru." Umucyo n'ubwiza bituruka ku Ntebe y'Imana bitwikira umubyeyi w'umugore ukiranuka igihe yihatira kwigisha abana be guhangana n'ibibi. – Témoignages, vol. 3, p. 362; Testimonies, vol. 9, p. 37.

Umurimo wacu dukorera Kristo ugomba gutangirira imbere mu muryango... Nta murimo w'ibwirizabutumwa urusha uwo agaciro. Binyuriye mu mahame no mu cyitegererezo, ababyeyi bagomba kwigisha abana babo gukorera guhinduka kwa bagenzi babo. Bagomba gutozwa kugirira impuhwe abageze mu za bakuru n'abanyamibabaro, no koroshya imibabaro y'abakene n'abari mu makuba. Bagomba kwigishwa kuba abanyamwete mu murimo w'ibwirizabutumwa; kandi uhereye mu buto bwabo bakigishwa

kwigomwa, no kwitamba kugira ngo bagirire abandi ibyiza kandi ngo bacengezwemo iterambere ry'umurimo wa Kristo, maze bahinduke "abakozi bakorana n'Imana." Ariko niba bashaka gusohozwa umurimo w'ibwirizabutumwa nyakuri, nibabanze bite ku b'imiryango yabo bafite uburenganzira kavukire bwo kugaragarizwa urukundo rwabo. – Testimonies, vol. 6, p. 429.

Abagize imiryango yacu bagomba gushyirwa kuri gahunda, kandi imihati ishikamye igomba kugeragezwa kugira ngo bashishikarize buri wese mu bagize imiryango yabo gukora umurimo wo kubwiriza ubutumwa. Tugomba kwihatira gukundisha abana bacu gukora umurimo umaramaje wo kwita ku bazimiye, kugira ngo babashe guhagararira Kristo uko bashoboye, ahantu hose n'ibihe byose. – Review and Herald, 4 juillet 1893.

Malayika yandika izina rye

Iyo abagabo bubatse bagiye mu murimo, bagasigira abagore babo inshingano yo kwita ku bana mu rugo, muri ubwo buryo umutegarugori aba asohojwe umurimo uhwanije agaciro n'uwa se w'abana. Niba umwe atanze igihe cyo mu murimo w'ibwirizabutumwa, undi na we imuhira aba ari umubwirizabutumwa ufite amaganya, intimba n'imitwaro akenshi birenze ibya se w'abana. Inshingano y'umutegarugori iraremereye kandi ni iy'ingenzi, -gutunganya intekerezo no kurema imico y'abana be, kubarera agambiriye ko baba ingirakamaro muri ubu buzima bwa hano ku isi no kubahindura abakwiriye ubugingo buhoraho. Mu murimo w'ibwirizabutumwa, haba ubwo umugabo ahabwa ishema rya kigabo, ariko uruhira imuhira si kenshi ko abona ingororano y'imihati ye hano ku isi. Igihe cyose niba akora ibyungura abe, ashaka kurema imico yabo ngo ise n'iy'icyitegererezo cyo mu ijuru, malayika mwanditsi yandika izina rye nk'umwe mu babwirizabutumwa bakomeye mu isi. Imana ntireba ibintu nk'uko umuntu ureba bugufi abibona. – Témoignages, vol. 2, p. 278, 279; Testimonies, vol. 5, p. 594.

Gufatanya n'abana inshingano z'iby'umwuka n'iz'iby'umubiri

Bose bashobora kuba ingirakamaro. Bamwe birengera bagira

bati "Inshingano zanjye zo mu rugo, hamwe n'abana banjye binsaba igihe n'umutungo." Babyeyi, abana banyu bagomba kubafasha kōngēra cyane imbaraga zanyu n'ubushobozi bwanyu mu murimo wa Sobuja. Ni bo bato mu bagize umuryango w'Imana. Mubashishikarize kwiye gurira Imana, ni abayo kuko yabaremye kandi ikanabacungura. Nibamenye ko imbaraga zose z'umubiri, iz'intekerezo hamwe n'iz'umutima, zose ni izayo. Nibigishwe gukorera Imana mu mashami anyuranye y'umurimo wo kutikubiraho. Ntimukemerere abana banyu kuba inzitizi, ahubwo ibiri amambu nibagabane namwe inshingano z'iby'umwuka n'iz'ubuzima busanzwe. Mu kwitangira bagenzi babo, bazabona umunezero wabo no kuba ingirakamaro kwabo byiyongereye. Témoignages, vol. 3, p. 117, 118; Testimonies, vol. 7, p. 63.

Ikitegererezo cyagutse cy'urugo.

Urugo rwa gikirisitu rushyize hamwe ni ubuhamya burengera ukuri kw'iyobokamana rya gikristo utizera adashobora kugisha impaka. Bigaragarira amaso ko rurimo imbaraga igeza ubwo ikorera no mu mitima y'abana, kandi ko Imana ya Aburahamu iri kumwe nabo. Iyaba ingo zose ziyita iza gikristo zari zo by'ukuri, icyitegererezo cyazo cyaba kigari cyane : mu by'ukuri zari kuzaba "umucyo w'isi." Patriarches et Prophetes, p. 137; Patriarchs and Prophets p. 144.

Umurimo washinzwe urugo rwa gikirisitu urenze cyane uruziga rw'abagize umuryango. Urugo rwa gikirisitu rugomba kuba urwo kwigirwaho rukagaragaza neza ubwiza buhanitse bw'amahame nyakuri. Icyitegererezo ruzagira ku mitima kizasumbye imbaraga ibibwirizwa byiza. Abasore n'inkumi barukomotsemo bakwirakwiza ahabazengurutse inyigisho bahaboneye. Uko niko amahame aboneye acengezwa mu yindi miryango kandi icyitegererezo gikiza kigakorera muri rubanda. Rayons de sante, p. 28. Ministry of Healing p.352.

Ubuhamya bukomeye bw'ubushobozi bw'iyobokamana rya gikristo bushobora guhabwa isi ni urugo rufite ikinyabupfura na gahunda nziza. Nta kindi cyarengera ukuri mu buryo busobanutse; kitari ubuhamya buzima bw'ubushobozi bw'ukuri bukorera ku mitima. Testimonies, vol. 4, p. 304.

Umugambi w'Imana ni uko imiryango yo ku isi iba ikigereranyo cy'umuryango wo mu ijuru. Imiryango yubatswe kandi ikayoborwa hakurikijwe imigambi y'ijuru, ni bumwe mu buryo bw'ingirakamaro cyane mu kurema imico ya gikristo no guteza imbere umurimo w'Imana. Témoignages, vol. 3, p. 71; Testimonies, vol. 6, p. 430.

Aho dutanga icyitegererezo hashobora kugaragara ko ari hatwo cyane, ko italanto zacu ari ntw cyane, n'amahirwe yacu kaba make, n'ubumenyi bwacu bukaba buke; nyamara dushobora gukora ibintu bihanitse turamutse tubyajije neza umusaruro imyanya duhabwa n'imibereho yo mu muryango. Nituramuka twugururiye imitima yacu n'ingo zacu amahame y'ijuru, mu rwacu ruhande tuzahinduka imiyoboro ikwirakwiza imbaraga ibeshaho. Ubwo ni bwo mu ngo zacu hazasohokamo amasoko akiza, ajyana ubugingo, ubwiza n'uburumbuke ahari hasanzwe ikirumbo n'urupfu. – Rayons de santé, p. 30; Ministry of Healing, p. 355.

Guhitamo ibendera ry'umuryango

Nabonye Satani ashinga ibendera rye mu ngo z'abahamya ko ari intore z'Imana; nyamara abagendera mu mucyo bazabasha gutahura itandukaniro riri hagati y'ibendera ryirabura ry'umwanzi n'ibendera ririho amaraso ya Kristo. – Testimonies, vol. 4, p. 200.

Akamaro k'igicaniro cy'umuryango

Mwebwe abavuga ko mukunda Imana, mujyane na Yesu aho mugiyeho hose; kandi kimwe n'abakurambere bo mu gihe cyashize, mwubake igicaniro cy'Uwiteka ahantu hose mushinze ihema ryanyu. Iyo ngingo ikwiriye ubugorozi –Ubugorozi bwagutse kandi bwimbitse. – Testimonies, vol. 5, p. 320, 321.

Satani arakoresha imbaraga ze zose kugira ngo atandukanye umuntu n'Imana; kandi agera ku migambi ye aho asanze imibereho y'iby'ibyobokamana yararohamye mu maganya y'ubucuruzi, kugeza ubwo umuntu aba atagifite n'igihe cyo gusoma Bibiliya, n'icyo gusengera mu rwiherero, nta n'icyo gutwika umubavu wo guhimbaza Imana hamwe n'ibikorwa byo gushima bya mu gitondo na nimugoroba ku gicaniro cy'igitambo.

– Testimonies, vol. 5, p. 426.

Amateraniro y’umuryango agomba kuba ashimishije kandi ateye ubwuzu. – Testimonies, vol. 5, p. 335.

Abana bagomba kwigishwa kubahiriza isaha yagenewe amasengesho, bagahatirwa kubyuka kare ku buryo baboneka mu materaniro y’umuryango. – Témoignages, vol. 2, p. 158; Testimonies, vol. 5, p. 424.

Abana bakeneye iyobokamana ribareshya ritari iribigizayo. Isaha yo gusenga kw’ab’urugo igomba kuba inejeje kuruta andi masaha y’umunsi. Nihashomwe isomo rya Bibiliya ritoranijwe neza kandi ryoroshye ; abana nibagire uruhare mu kuririmba, amasengesho abe magufi kandi arashe ku ntego. – Southern Watchman, 13 juin 1905.

Abashyitsi bagomba guhabwa ikaze ku meza no ku gicaniro cy’umuryango. icyo gicaniro kizakabakaba abemeye gucumbikirwa ; gusurwa n’ubwo byaba rimwe bishobora akanya ko gukiza umutima urupfu. Iki gikorwa Imana igishima igira iti “Nzakigororera”. – Témoignages, vol. 2, p. 669 ; Testimonies, vol. 6, p. 347.

Ni ngombwa kwigisha abana kubaha no kubahiriza isaha yo gusenga. Mbere y’uko bava mu rugo ngo bajye ku murimo, abu muryango bose bagomba guterana kugira ngo se w’abana, cyangwa nyina igihe se adahari, atakambire Imana, ayisaba uburinzi bwayo bwo kuri ayo manywa. Muze mwicishije bugufi n’imutima yuzuye impuhwe, mwiyumvisha ibishuko n’akaga kabugarije hamwe n’abana banyu ; maze kubwo kwizera mubegereze igicaniro, musaba Imana kubarinda. Abamalayika bazazenguruka kandi barinde abana banyu mwaragije Imana mutyo. Ni inshingano y’ababyeyi b’abakristo kugotesha abana babo uruzitiro rw’amasengesho asenganywe umwete buri gitondo na nimugoroba bafite kwizera kutarambirwa. Bagomba kubigisha ubudacora bafite kwihangana n’urukundo uko umuntu agomba kubaho anejeje Imana. – Témoignages, vol. 1, p. 165, 166 ; Testimonies, vol. 1, pp. 397-398

Aburamu, wiswe « inshuti y’Imana » yadusigiye icyitegererezo kiboneye. Imibereho ye yari iyo gusenga. Aho yabambaga ihema rye hose, iruhande yahubakaga igicaniro, akahateraniriza abantu be, kubw’igitambo cya mugitondo na

nimugoroba. Iyo yabaga yimutse aho hantu, igicaniro cyarahasigaraga. Nyuma y'imyaka myinshi, buri Munyakanani wese mu bakundaga kwimuka, wabaga yarigishijwe na we, iyo yabaga ahanyuze, yibukaga ko Aburamu yigeze acumbika aho hantu, yamara gushinga ihema rye, agasana igicaniro maze akahasengera Imana nzima. – Patriarches et Prophètes, p. 116, 117 ; Patriarchs and Prophets, p. 128.

Chap. 22. Amasengesho n'amateraniro y'ibwirizabutumwa

Ibanga ry'amasengesho y'ingirakamaro

Kwimikwa kw'ingoma y'Imana bikererezwa cyangwa bikihutishwa no gukiranuka cyangwa gukiranirwa kw'ibikoreshobantu. Umurimo ukomwa mu nkokora bitewe n'uko umuntu atari gukorana n'Imana. Abantu bashobora gusenga bagira bati : « Ubwami bwawe buze, ibyo ushaka bibeho mu isi nk'uko bibaho mu ijuru », ariko niba ntacyo bakora kugira ngo ayo masengesho asubizwe, guhendahenda kwabo kuzabura igisubizo. – Témoignages, vol. 3, p. 79 ; Testimonies, vol. 6, pp. 437, 438.

Akamaro kimyitozo y'iby'umwuka

Ijuru ryose ryitegereza abaturage b'isi. Imana yo mu ijuru hamwe n'abamalayika bari kwitegereza abiyita abakristo kandi bita ku gaciro k'imyitozo yabo y'iby'umwuka. – *Australasian Signs of the Times, June 22, 1903*

Kuryoshya amateraniro

Inama z'ivugabutumwa zigomba gutegura uburyo bwo kwigisha abagize itorero gukora umurimo w'ibwirizabutumwa. – Appeal to our Churches, p. 11.

Amateraniro yacu yo gusenga no kubakana mu bwuzuzanye agomba kuvangwamo n'amasengesho yo gusabira abantu mu buryo bwihariye kandi agahinduka uburyo bwo guterana akanyabugabo. Buri wese mu bayarimo agomba kugira uruhare mu gutuma ayo materaniro anezeza kandi akaba ingirakamaro mu buryo bushoboka. Ibyo byagerwaho gusa ku bw'isano y'iby'umwuka umuntu agirana n'Imana buri muni hamwe n'ubuhamya bw'urukundo rw'Imana bwatangirwa mu iteraniro ry'ubwoko bwayo. Nutemerera umwijima no kutizera ko byinjira mu mutima wawe ntibizaboneka no mu materaniro yanyu.. – Southern Watchman, March 7, 1905.

Amateraniro yacu agomba kugirwa meza mu buryo buhanitse. Umwuka w'ijuru ugomba kuhiganza. Hakwiriye kwirindwa ibibwirizwa birebire kandi byumakaye, n'amasengesho

y'imihango avugirwa gusa gupfusha igihe ubusa. Byari bikwiye ko buri wese aba yiteguye gukora uruhare rwe atarambiranye uruhare rwa buri wese rwarangira amateraniro agosozwa. Uko ni amateraniro azakomeza kuba ateye ubwuzu. Ayo niyo materaniro Imana yemera. Ni ngombwa gutuma umurimo w'ijuru unezeza kandi ukagira rukuruzi, ntibigomba kwemerwa ko wononekarira mu mihango yumakaye. Tugomba kubaho turi aba Kristo umunota ku wundi, isaha ku isaha, uko iminsi ikurikirana. Ubwo ni bwo Kristo azaguma muri twe, kandi mu gihe tuzaba duteranye, urukundo rwe ruzadudubiza mu mitima yacu nk'isoko yo mu butayu, ruhembure byose kandi ruhe abarimbuka icyifuzo kigurumana kunywa ku masoko y'amazi y'ubugingo. – Témoignages, vol. 2, p. 297 ; Testimonies, vol. 5, p. 609.

Ntimwibwire ko muzakangura ubwuzu bw'urubyiruko mu kurubwiriza ibibwirizwa birebire mu materaniro y'ivugabutumwa. Ahubwo mushake uko mwakangura ubwuzu kandi mubikorere gahunda zitunganye. Uko icyumweru gishyize, abasore bagomba kuza kuvuga uko bagerageje kugira icyo bakorera Umukiza hamwe n'umusaruro bagezeho. Amateraniro nk'ayo ntiyabarambira cyangwa ngo abaremerere, ahubwo ibiri amambu yaba ateye ubwuzu kandi nta wabura kuyazamo. – Ministère Evangélique, p. 205, 206 ; Gospel Workers, pp. 210, 211.

Iyo kwizera kwishingikirije kuri Kristo, ukuri kunezeza umutima, kandi imirimo y'idini ntiyongera kurambirana. Amateraniro yanyu yo kubakana mu bwuzuzanye, akayutse kandi atarangwamo umwuka, azahemburwa n'Umwuka Wera. Uko bukeye n'uko bwije muzakira inararibonye ikungahaye binyuze mugushyira mu bikorwa ubukristo. – Témoignages, vol. 3, p. 78 ; Testimonies, vol. 6, p. 437.

Ubuhamya bw'ibyabaye ku muntu ku giti cye

Ni ngombwa ko amagambo yose y'abigishwa ba Kristo aba ari ayo gufasha no gushishikariza abayumva kugendera mu nzira y'imibereho ya gikristo. Tugomba kuvuga ibyiza byo mu mibereho yacu kuruta uko dusanzwe tubikora. – Les Parables de Jésus, p. 345 ; Christ's Object Lessons, p. 338.

Itorero rikeneye inararibonye igurumana kandi nzima

y'abizera bagumana isano ihoraho bafitanye n'Imana. Amasengesho n'ubuhamya bikakaye, bihora bisubiramo ibintu bimwe, bitarangwamo Kristo, nta cyo bimariye itorero. Iyaba buri mwana w'Imana wese yari yuzuyemo kwizera, umucyo n'ubugingo, mbega ubuhamya bw'agaciro kihariye bwagombaga guhabwa abaje kumva ukuri kuvugwa ! Kandi mbega imitima yagombaga gukirizwa Kristo ! – Testimonies, vol. 6, p. 64.

Uburyo Imana ijuru ryahisemo bwo guhishurira Kristo abari mu isi ni uko duhamya gukiranuka kwayo. Tigomba kwatura ubuntu bw'Imana bugaragarira mu byo yakoreye abakiranutsi bo mu gihe cyashize ; nyamara ubuhamya buvuga inararibonye yacu bwite ni bwo burushaho kuba ingirakamaro. Tuba tubaye abahamya b'Imana igihe tugaragariza mu mibereho yacu gukora kw'imbaraga mvajuru. Buri muntu wese afite imibereho itandukanye n'iy'abandi, akanagira inararibonye itandukanye n'iyabo. Imana ishaka ko guhimbaza kwacu kuzamuka kukayigeraho kwaba gufite ikimenyetso cy'imiterere yacu bwite. Ubuhamya bwacu buhimbaza ubuntu bwa Kristo, iyo bushingiye ku mibereho yigana iya Kristo, bufite ubushobozi budakumirwa, bukorera agakiza k'imitima. – The Ministry of Healing, p. 100.

Guhimbaza no gutanga ishimwe.

Guhimbaza Imana n'umutima wawe wose kandi umaramaje ni iby'ingenzi nko gusenga. Tugomba kwereka isi n'abaturage b'ijuru ko duha agaciro urukundo rutangaje Imana ikunda ubwoko bwaguye, kandi ko twiteze kwakira imigisha yayo yisukiranya ikomotse mu bugiraneza bwayo butarondorwa.... Nyuma yo gusukirwa Umwuka Wera muburyo bwihariye, kwishimira mu Mwami kwacu hamwe no kuba ingirakamaro mu murimo wayo bizarushaho kwiyongera kubwo kuvuga ubugiraneza bwayo n'imirimo yayo itangaje igirira abana bayo. Iyo myitozo y'iby'Umwuka iburizamo imbaraga za Satani. Ituranduramo umwuka wo kutanezerwa no kwivovota, umwanzi akaba azimije urubuga rwe atyo. Iyo myitozo ifite uruhare mu kurema imico ikenewe kugira ngo umunsi umwe tuzinjire aho tuzaba iteka ryose. Ubwo buhamya buzareshya abandi. Ntabundi buryo bw'ingenzi kuruta ubwo mu gukiriza Yesu imitima. – Les Parables de Jésus,

p. 306 ; Christ's Object Lessons, pp. 299, 300.

Nyagasani yifuza ko tunganira ku by'ubugiraneza bwe no ku bushobozi bwe. Aheshwa icyubahiro no kugaragaza umutima wo kumuhimbaza hamwe n'ibikorwa byo gushima. « Untambira ishimwe wese aba anyubahirije ». Ni ko Uwiteka avuga. Mu ruzerero rwabo rwo mu butayu, Abisirayeli bashimaga Uwiteka binyuze mu ndirimbo zera. Amateguko n'amasezerano y'Imana yari yarashyizwe mu majwi y'incurango, kandi zaririmbwaga mu nzira yabo yose. I Kanaani, iyo igihe cy'ibirori by'iyobokamana byabo cyabaga kigeze, Abisirayeli baganuraga imirimo itangaza y'Imana maze bagatura izina ryayo amashiwe. Imana ishaka ko imibereho y'abana bayo iba iyo guhimbaza guhoraho. – Les Parables de Jésus, p. 305 ; Christ's Object Lessons, pp. 298, 299.

Imyifatire iteye akaga

Abantu bamwe, kubwo gutinya guhomba ubutunzi bw'isi, birengagiza gusenga hamwe n'amateraniro yagenewe kuramya Imana, kugira ngo babone igihe gihagiye cyo kugenera imirima yabo cyangwa ubucuruzi bwabo. Imyifatire yabo yerekana isi bakunze iyo ari yo. Babamba inshingano zabo z'iby'iyobokamana, nyamara ari zo zari ingenzi mu iterambere ryabo ry'iby'umwuka, bakabigurana ibintu byo muri ubu bugingo, maze bakananirwa kwakira ubumenyi nyakuri bw'ubushake bw'Imana. Ntibashyikira gutungana kw'imico ya gikirisito ntibagere kurugero Imana ishaka. Bashyira imbere inyungu zabo z'iby'isi bishira, maze bakiba Imana igihe bagombaga kwegurira umurimo wayo. Bene abo bantu Imana ibashyiraho akamenyetso, kandi amaherezo mu mwanya w'umugisha bazahabwa umuvumo. – Testimonies, vol. 2, p. 654.

Isezerano ry'inkomezi

Imana izibuka abagiye bateranira hamwe batekereza kw'izina ryayo, kandi izabakingira ku munsi w'umubabaro ukomeye. Bazagaragara nk'amabuye y'igicro mu maso yayo. – Testimonies, vol. 4, p. 107.

Chap. 23. Amashami anyuranye y’umurimo w’ibwirizabutumwa

Kwita ku mpumyi

Abamalayika batumwa gukorera abana b’Imana bafite ubuhumyi bw’umubiri. Barinda intambwe zabo bakabakiza ibyago igihumbi biba byubikiriye inzira zabo bo batabizi. – Testimonies, vol. 3, p. 516.

Ntizigera itegera amatwi gusenga kw’abantu bayo mugihe.... birengagiza impumyi n’abarwayi babarimo. – Testimonies, vol. 3, p. 518.

Niba mu itorero hārimo abizera bahutaza impumyi, bagombaga kujyanwa mu butabera ; kuko Imana yatugize abarinzi b’impumyi, abamerewe nabi, abapfakazi n’imfubyi. Ibuye risitaza ryavuzwe mu Ijambo ry’Imana ntirivuga ingiga y’igiti cyangwa ikindi cyashyirwa mu nzira y’impumyi kugira ngo kiyigushe, ahubwo bivuga ibirenze ibyo. Ahubwo byerekeza ku myifatire iyo ari yo yose yo kwandagaza impyumyi, kwibasira inyungu ze cyangwa gushyira inzitizi mu iterambere ryayo. – Testimonies, vol. 3, p. 519.

Ubumuga bw’impumyi buyisaba guhora ihanganye igorane impande zose. Umutima utiyumvamo impuhwe n’imbabazi mu gihe ubonye impumyi iri gushaka inzira yayo ikabakaba mu isi, kuri yo itwikiriwe n’umwijima, mu by’ukuri uwo mutima arangingiye, kandi ugomba koroshywa n’ubuntu bw’Imana. – Testimonies, vol. 3, p. 521.

Kwita ku mfubyi

Igihe cyose urupfu ruzaba rutaramirwa no kunesha, hazabaho imfubyi abizera b’Itorero bazaba bagomba kwitaho no kuzizengurutsa impuhwe n’urukundo kugira ngo zitababazwa cyane n’ubuzima zirimo. Uwiteka aradutegeka ati : « Injiza mu nzu yawe abatindi batagira aho baba ». Abakristo bagomba guhagarara mu mwanya wa ba se na ba nyina b’abo bahanya batagira aho baba. Impuhwe zigirirwa abapfakazi n’imfubyi zikagaragarira mu masengesho no mu bikorwa, Imana irazizirikana kandi bidatinze izazitangira ingororano. – Review and

Herald, 27 June 1893.

Mu kugoboka abakene, mu kugirira impuhwe abababaye hamwe n'abakandamizwa, mu kugaragariza imfubyi ubucuti, muba mwinjiye mu isano ya bugufi hamwe na Yesu. – Testimonies, vol. 2, p. 25.

Hariho imfubyi zishobora kwitabwaho, nyamara abizera benshi ntibiteguye gukora uwo murimo, kuko bibasaba umuhati uruta uwo bagira, bigatuma batagira igihe cyo kwinezeza. Nyamara umunsi Umwami w'abami azatangira isuzuma rye, izo nkorabusa zabanyabuntu buke, bikubira, bazamenya ko ijuru iri iry'abakozi, abiyiyanze kubwa Kristo. Nta agakiza kateganyirijwe abantu batagize ikindi kibahangayikisha uretse ibyabo gusa. Mu urwo rubanza, si ibyaha by'inkoraruguma bituma Umwami aciraho iteka rikomeye abari ibumoso bwe. Ntibazacirwaho iteka bazira ibintu bāba barakoze, ahubwo bazazira ibyo batakoze. Ntibasohoje umurimo ijuru ryari ryarabashinze gukora. Barinejeje bo ubwabo, bityo umugabane wabo ukaba ugomba kuba hamwe n'inkozi z'ibibi. – Review and Herald, 16 August 1881.

Hari imfumbyi Kristo yategetse ko abigishwa be bazakira nk'umutungo w'Imana. Inshuro nyinshi barirengagizwa. Bashobora kuba bambaye incabari, batandanye, ntagikundiro bafite ; n'ubwo bameze batyo, ni umutungo w'Imana. Bacungujwe igiciro gikomeye, kandi na bo banganya natwe agaciro mu maso yayo. Ni bamwe mu bagize umuryango mugari w'Imana. Nk'ibisonga bya Nyagasani, abakristo bashinzwe kwita kuri abo bantu. Uwiteka aravuga ati « Nzakuryoza ubugingo bwabo ». – Les Paraboles de Jésus, p. 397 ; Christ's Object Lessons, pp. 386, 387.

Nyagasani asaba buri mwizera w'itorero gukora inshingano ye irebana n'izo pfubyi. Nyamara kandi, ntukabikorere gusa gusohozza inshingano yawe, ahubwo cyane cyane uzabikore kuko ubakunda kandi Kristo akaba yaratanze ubugingo bwe ku bwabo. Yacunguye iyo mitima ikeneye ubutabazi bwanyu, kandi yifuza ko mubakunda nk'uko yabakunze ititaye ku byaha byanyu no gushinga ijosi kwanyu. – Review and Herald, 27 juin 1893.

Ntizigera itegera amatwi gusenga k'ubwoko bwayo, mu gihe bazaba batita ku mfubyi, ku birema, ku mpumyi no ku barwayi babarimo. – Testimonies, vol. 3, p. 518.

Umurimo mugari uruguruwe imbere y'abantu bose bifuza

gukorera Shebuja bita ku bana n'abasore batagira ababitaho, ngo babashyire ahantu hakwiriye kubera iremwa ry'imico itunganye no kubagira abana b'Imana. Hari abana bariho nabi bakeneye gushakanwa imbabazi; bitabaye bityo benshi bakurira mu bijiji, bakifatanya n'incuti mbi zizabayobora mu byaha no mu bugome, ariko iyaba bazanwaga ahantu hakwiriye, bagakirijwe Kristo binyuriye mu kubagirira impuhwe n'urukundo. ... Uyu murimo wo kwita ku bandi usaba imbaraga zo kwiya no kwitamba; nyamara se ibyo ni iki ugereranijwe n'impano ikomeye y'Imana yaduhaye mu Mwana wayo w'ikinege? Imana yaduhaye amahirwe yo guhinduka abakorana na yo. – Review and Herald, 27 June 1893.

Abirabura

Muri iki gihugu hari umurima mugari utarakorwamo. Abirabura, babarirwa mu bihumbi n'ibihumbi, bagombaga gutera impuhwe no guhabwa agaciro na buri mwigishwa nyakuri wa Kristo. Ntibaba mu gihugu cy'amahanga kandi ntibapfukamira ibigirwamana by'ibiti n'amabuye. Batuye muri twe, kandi inshuro nyinshi, binyuze mu buhamya bw'Umwuka Wera, Imana yayoboye amaso yacu kuri bo itwereka ko ari ibiremwa muntu byirengagijwe. Uwo murima mugari utarahingwa uri imbere yacu kugira ngo tuwushyire umucyo Imana yadushinze. – Testimonies, vol. 8, p. 205.

Insika za gatanyamiryango zarubatswe hagati y'Abazungu n'Abirabura. Ziziritura zo ubwazo, nk'uko byagenze ku z'i Yeriko, mu gihe abakristo bazaba bamaze kugandukira Ijambo ry'Imana, ribasaba gukunda Umuremyi wabo kuruta ibintu byose no gukunda bagenzi babo batarobanuye ku butoni. Reka buri torero ryose rifite abizera bavuga ko bizera ukuri kw'ikigihe ryite kuri ubwo bwoko bwirengagijwe kandi bwakandamijwe, abo ubucakara bwamaze igihe kirekire bwaranyaze amahirwe yo kwitekerereza no kwikoresha ubwabo. – Review and Herald, 17 décembre 1895.

Reka twiyemeze kugira icyo dukorera abaturage bo mu majyepfo. Ntidukwiriye kwishimira uruhare rworoheje rwo kuba indorerezi zifata imyanzuro itazigera ishyirwa mu bikorwa,

ahubwo dukorane umutima wacu wose, mu izina ry'Umwami, ngo dushake uko twakoroshya amakuba ya bene Data b'Abirabura. – Review and Herald, 4 février 1896.

Mu gitabo cy'ubugingo izina ry'umuzungu n'iry'umwirabura byanditswe hamwe. Bose ni umwe muri Kristo. Uko umuntu yavutse, umwanya arimo, ubwenegihugu n'ibara rye ntibishyira abantu hejuru cyangwa ngo bibateshe agaciro. Imico ni yo itanga urwego rw'abantu. Mu gihe Umuhindi, Umushinwa cyangwa Umwirabura ahaye Imana umutima we binyuze mu kwizera no kumvira, Yesu amuzengurutse urukundo rwe uko ibara rye ryaba riri kose. Amufata nka mwene Se akunda. The Southern Work, p. 8, written March 20, 1891.

Igihe kiraje ubwo abami n'abakomeye bo muri iyi si bazifuza kugurana imyanya yabo n'uwohoheje hanyuma y'abandi wo mu Banyafurika washyize ibyiringiro bye mu butumwa bwiza. – The Southern Work, p. 8, written March 20, 1891

Imana yita ku bwoko bw'Abanyafurika buhindukirira kuyikorera nkuko yitaye ku bisirayeli ba kera. Irasaba ubwoko bwayo, gukora ibirenze ibyo bigeze gukorera abatuye mu majyepfo, by'umwihariko Abirabura. Mbese ntidusabwa gukorera Abirabura ibirenze ibyo twakoreye ubwoko bwitaweho cyane? Ni nde washyize ubwo bwoko mu bubata? Ni nde wababoheye mu bujiji? Niba ubwo bwoko butaratera imbere, niba n'akamenyero kabo kataratera imbere cyane, ni nde wabagize atyo? Mbese si Abazungu? Nyuma yo gukorerwa amafuti, mbese si ngombwa kugerageza gukoresha imbaraga zose mu kubavana muri iyo miterere yabo? Bagomba gushyirwa ukuri. Bafite imutima igomba gukizwa kimwe natwe. – The Southern Work, pp. 11, 12, written March 20, 1891.

Ubugorozi bw'iby'amagara mazima

Abadivantisiti b'Umunsi wa Karindwi bagombaga guhagarara mu murongo w'imbere w'abayoboze b'ibyo kwirinda. – Ministère Evangélique, p. 375 ; Gospel Workers, p. 384.

Ku kibazo cy'ibyo kwirinda, mufate ibirindiro mutazuyaje. Mushikame nk'urutare. – Le Ministère Evangélique, p. 385 ; Gospel Workers, p. 394.

Dufite ibyo gukora byinshi Kuri iyi ngingo yo kwirinda, uretse kuvugira muruhame gusa. Tugomba kwerekana amahame yacu mu mpapuro zanditseho ubutumwa no mu binyamakuru byacu. Tugomba gukoresha uburyo bwose bushoboka kugira ngo dukangure bene Data na basaza bacu kandi tunabumvishe inshingano bafite yo kugeza ukuri ku bandi. Intsinzi twagize mu murimo wo kubwiriza ubutumwa yagiye ihwana n'imihati yo kwiya nta kwiya twagize. Nyagasani wenyine ni we uzi ibyo tuba twarashoboye gukora iyo tuba twaremeye kwicishiriza bugufi imbere ye kandi tukaba twarabwirije ukuri kw'ibyo kwirinda mu buryo busobanutse kandi bwahuranije. – Ministère Evangélique, p. 376 ; Gospel Workers, p. 385.

Ingingo y'ibyo kwirinda igoma gushyigikirwa n'ubwoko bw'Imana mu buryo bwimazeyo. Kutirinda biri kwihatira kwigarurira isi, gushakashaka ibinezeza byo kwikubiraho kuragenda kwiyongera, bityo inyandiko zivuga kubyo kwirinda zirakenewe cyane. Izo nyandiko ni ukuboko gutabara ku butumwa bwiza, kuko zikangurira imitima kwiga Bibiliya kugira ngo irusheho gusobanukirwa neza n'ukuri. Ni ngombwa kuvugiriza induru ikibi gikomeye cyo kutirinda; kugira ngo tubigereho, buri muntu wese uruhuka Isabato yagombaga kwiga no gushyira mu bikorwa inyigisho zikubiye mu nyandiko no mu bitabo byacu bivuga ku by'amagara mazima. Kandi bagomba gukora iberenze ibyo bakihatira gukwirakwiza izo nyandiko mu baturanyi babo. – Southern Watchman, 20 novembre 1902.

Mubashyire imbere amasezerano barahirire kwirinda kuzuye basabwe gutanga umutungo bari kuzasesagurira mu bisindisha bikarishye, mu itabi cyangwa mu bindi bintu byangiriza kugira ngo bitabare abarwayi hamwe n'abakene cyangwa byishyurire abana n'abasore amashuri bazagire akamaro kw'isi. – The Ministry of Healing, p. 211.

Agaciro ko gukurikirana umutima

Kwerekana ukuri mu materaniro manini bigira umusaruro wo kubyutsa umwuka wo gushakashaka, kandi ni ingenzi cyane ko ubwo bwuzu bukurikiranwa na kuri buri muntu kugiti cye. Abantu bifuzaga kunguka ubumenyi bwimbitse bw'ukuri bagomba

kwigishwa kwigana umwete Ijambo ry’Imana. Hagomba kubaho ugomba kubafasha kubaka ku rufatiro rukomeye. Muri icyo gihe gishishana cy’imibereho yabo y’iyobokamana, mbega ukuntu ari iby’ingenzi ko abigisha ba Bibiliya bayobowe neza baza kubafasha bakabahishurira ubutunzi bw’Ijambo ry’Imana. – Testimonies, vol. 9, p. 111.

Umwanya w’ingenzi warazimiye. Gukabakabwa kwabo ntikwakurikiranwe. Ibyari kuba byiza ni uko ubwo bwuzu butari kuba bwarakanguwe. bitewe n’uko iyo kwemezwa kwari kwagezweho kurwanyijwe, kandi kukarekwa, biraruhanyije cyane kongera gukangura bundi bushya icyifuzo cyo kumenya ukuri. – Testimonies, vol. 2, p. 118.

Icungamutungo

Mu mikoreshereze yose y’amafaranga, tugomba kwihatira gusohozwa umugambi wa wa Wundi witwa Alpha na Omega w’imihati yose ya gikristo. – Testimonies, vol. 9, p. 49.

Amafara ng a ni ay’agaciro bitewe n’uko ashobora gukora ibyiza byinshi. Iyo ari mu biganza by’abana b’Imana, ni ibyokurya ku mushonji, ni ikinyobwa ku waguye umwuma, ni imyambaro ku wambaye ubusa. Ni ayo kurengera uwakandamijwe akaba n’ingoboka ku murwayi. Niba adakoreshejwe mu kurangiza amakene y’ibanze y’imbabare no gukorera ibyiza abandi, no kugira uruhare mu kubaka umurimo wa Kristo, nta gaciro aba arusha umusenyi. – Les Paraboles de Jésus, p. 360 ; Christ's Object Lessons, p. 351.

Imana ubwayo yishyiriyeho gahunda yo guteza umurimo wayo imbere, kandi yahaye ubwoko bwayo ubutunzi bubasaze kugira ngo mu gihe hasabwe amafaranga bashobore gusubiza bagira bati : « Nyagasani, mina yawe yungutse izindi icumi. » - Testimonies, vol. 9, p. 58.

Ntawe uzajyana amafaranga mu ijuru ; ntakenewe yo. Imirimo myiza yonyine yakorewe gukiriza Kristo imitima ni yo izadukurikira mu bikari byo mu ijuru. Abakoresha impano Imana yabahaye mu kwinezeza ubwabo gusa, bataramburira ikiganza bagenzi babo bakennye, kandi bakaba nta cyo bakora kugira ngo bagure ingoma y’Imana ku isi, bakoza isoni Umuremyi wabo.

Imbere y'amazina yabo mu bitabo byo mw'ijuru handikwa aya magambo ngo : «abibye Imana».- Les Parables de Jésus, p. 268, 269 ; Christ's Object Lessons, p. 266.

Ni akahe gaciro amafaranga afite muri iki gihe uyagereranyije n'imitima ? Buri faranga ryose mu byo twungutse rigomba gufatwa nk'irya Nyagasani, ntiribe iryacu, nk'ubutunzi bw'agaciro yaturagije, tutagomba gutagaguza mu binezeza by'imburamumaro, ahubwo agakoreshwa neza mu murimo w'Imana, kugira ngo akize abagabo n'abagore kurimbuka. – Life Sketches of Ellen G. White, p. 214.

Mbese umurimo w'ibwirizabutumwa ugomba gukorwa muri iyi si yacu ntiwaba ari ingenzi bihagije kugira ngo tuwiteho kandi tuwushyigikire ? Mbese ntitwagombaga kuzibukira isesagura ryose ry'agakabyo maze ubutunzi bwacu tukabushyira mu bubiko bwa Nyagasani, kugira ngo ukuri gushobore kubwirizwa no mu bindi bihugu kandi, bifatanije no gushyigikira umurimo mu gihugu imbere ? Mbese uwo murimo ukomeye utyo ntushyigikiwe n'ijuru ? Umurimo ukorwa muri ibi bihe by'iherezaho ntiwagiye ushyigikirwa n'imirage itubutse, cyangwa gushyigikirwa n'imbaraga z'ab'isi, ahubwo wagiye ufashwa binyuze mu mpano zari zikomotse ku mwuka wo kwigomwa no kwitambaho igitambo. Imana yaduhaye amahirwe yo kugira uruhare ku mibabaro ya Kristo hano ku isi kandi yatwemereye kugira uburenganzira ku murage tuzahabwa mu isi nshya. – Review and Herald, 2 December 1890.

Neretswe ko malayika ushinze kwandika ibikorwa by'abantu mu bitabo byo mu ijuru yandikamo mu buryo bwitondewe ituro ryose rituwe Imana rigashyirwa mu bubiko, akandika umusaruro uheruka w'uko ryakoreshejwe. Ijisho ry'Imana rigenzura buri faranga ritangiwe umurimo wayo, n'ubushake bwiza cyangwa umutima mubi wa nyir'ukuritanga. Umugambi we na wo urandikwa. Abemera kwitanga no kwitamba mu gihe bagarurira Imana ibyayo, nk'uko ibibasaba, bazahabwa ingororano ihwanye n'imirimo yabo. Kabone n'ubwo amafaranga yatanganywe uwo mutima yakoreshewa nabi, ni ukuvuga mu buryo bwo kudasohozwa umugambi w'icyo yatangiwe – ari wo wo guhesha Imana icyubahiro no gukiza imitima – abayatuye babikuye ku mutima, nta kindi bakeneye uretse guhesha Imana icyubahiro, ntibashobora kubura ingororano yabo. – Testimonies,

vol. 2, p. 518, 519.

Buri kanya kose ko gufasha mugenzi wawe ufite ibyo abura, cyangwa gushyigikira umurimo w'Imana mu gukwirakwiza ukuri, bihwanye n'ibuye ry'igiciro uba wizigamiye muri banki yo mw'ijuru kugira ngo rihabonere umutekano. Imana iri kubasuzuma no kubagerageza. kandi ubu ibahanze amaso ngo irebe icyo mukoresha iyo migisha yabahaye, kugirango irebe niba muzafasha abakeneye ubufasha kandi niba mwivumvisha akaciro k'imitima maze mugakora uko mushobora mwifashishije umutungo yabaragije. Aya mahirwe akoreshejwe neza, azongera ubutunzi bwanyu mu ijuru. – Testimonies, vol. 3, p. 249, 250.

Byose birandikwa bikabikwa mu ijuru

Abamalayika bandika mu buryo butibeshya ibikorwa bya buri wese. – Testimonies, vol. 1, p. 198.

Buri gikorwa cyose cy'urukundo, buri ijambo ryose ry'ineza, buri sengesho ryose ryo gusabira abakandamizwa n'abamerewe nabi, bimurikwa imbere y'Intebe y'Imana Ihora kandi bigashyirwa mu gitabo kidasibanga cyo mu ijuru. – Témoignages, vol. 2, p. 28 ; Testimonies, vol. 5, p. 133

Abamalayika bamurikira ijuru buri muhati mwiza tugira twamurura umwijima kandi dukwirakwiza kumenya Kristo. Iyo imimuriko y'ibikorwa byacu igejejwe imbere ya Data, umunezero usaba ingabo zose zo mu ijuru. – Conquérants Pacifiques, p. 135, 136 ; The Acts of the Apostles, p. 154.

Abamalayika bahawe umurimo wo kutubera abafasha. Bacuragana hagati y'ijuru n'isi, bajyana mw'ijuru inzibutso z'ibikorwa byiza by'abantu. – Southern Watchman, April 2, 1903.

Byari kuba byiza...kwibuka ibyandikwa mw'ijuru mu gitabo kitabamo ifuti cyangwa kwibeshya, ari na cyo kizifashishwa mu kuducira urubanza ku munsu uheruka. Muri cyo niho handikwa amahirwe yose yo gukorera Imana yapfushijwe ubusa. kandi ni aho na ho handikwa buri gikorwa cyose cyo kwizera n'urukundo bizibukwa iteka ryose bifite inzibutso z'iteka ryose. – Prophètes et Rois, p. 486; Prophets and Kings, p. 639

Chap. 24. Ibikenewe ngo ube umukozi ugera ku intsinzi

Kuba ingirakamaro

Umwete muke no kuba imburamumaro si ukwera. Ni tumara kwiyumvisha ko dukorera Imana, tuzasobanukirwa kwera kw'inshingano z'umwuka kuruta uko byigeze bibaho. Bizazatuma dusohoza buri nshingano dufite umwete muzima, kuba maso no gushinyiriza. – Testimonies, vol. 9, p. 150.

Igihe turimo gisaba kuba ingirakamaro cyane hamwe no kwiye gurira Imana byimbitse. Ncengewemo n'iki gitekerezo bituma ntabaza Imana nti: “ Hagurutsa kandi utume intumwa ziyumvamo inshingano zazo, intumwa zabambye ikigirwamana cy'inarijye, ari cyo soko y'ibyaha byose.” – Témoignages, vol. 3, p. 353; Testimonies, vol. 9, p. 27.

Umurimo washinzwe abigishwa wasabaga ubushobozi buhanitse, kuko umuvumba w'ibibi wabisukagaho ukomeye kandi wimbitse. – Conquérants Pacifiques, p. 30; The Acts of the Apostles, p. 31

Impano yo kuvuga

Kwimenyereza gukoresha imvugo neza bifite agaciro mu mashami yose y'umurimo wa gikristo. ... Ni ngombwa kwimenyereza kugira inyitso z'ijwi rinejeje, imvugo iboneye kandi itunganye, n'amagambo agaraje impuhwe n'urugwiro. – Les Parables de Jésus, p. 343; Christ's Object Lessons, p. 336

Buri mu gabura na buri mwigisha bagomba kwibuka ko bahamagariwe gutanga ubutumwa buzagira ingaruka z'iteka ryose. Ku munsu w'amateka ijamba bavuze ni niryo rizashingirwaho mu kubacira urubanza. Bamwe bazemera cyangwa bange ukuri bitewe n'uburyo bakugejejweho. Bityo ijamba nirivugwe kuburyo bwumvikana rikangure imitima. Ni ngombwa kuvuga witonze, mu magambo yumvikana kandi asobanutse, arashe ku ntogo, akagera ku mugambi ukenewe. – Parables, p. 343; Christ's Object Lessons, p. 336

Mu gihe mushaka kurehereza imitima mu ruziga rw'urukundo

rwa Yesu, reka kubonera kw'imvugo yanyu n'imibereho yanyu yitangira abandi hamwe n'ibyishimo byanyu bibe ubuhamya bwerekana akamaro k'ubuntu bwe. – Rayons de santé, p. 329; The Ministry of Healing, p. 156.

Buri mukristo wese ahamagarirwa kumenyesha abandi uuburunzi butagira akagero bw'Umukiza ; ni yo impamvu agomba kwihatira kuvuga neza Ibyanditswe Byera mu buryo butera abamutega amatwi kubikunda. Si umugambi w'Imana ko ibikoresho ikoresha biba ibitandam cyangwa gutesha agaciro ubuntu bw'Imana butemba bubanyuriyemo ngo kub'isi.– Les Parables de Jésus, p. 342, 343; Christ's Object Lessons, p. 336.

Bazahabwa ibyigisho byo kwihangana, ubugwaneza, kwita ku bandi no kubitangira. Bazashyira mu bikorwa urugwiro rwa gikristo, bazi ko Kristo, We Ufataniye na bo urugendo, adashobora gushima amagambo akomeretsa, atarimo impuhwe cyangwa ibiyumviro bibi. Amagambo yabo azatunganywa. Ubushobozi bwo kuvuga buzafatwa nk'italanto y'agaciro baragijwe n'Imana kugira ngo bakore umurimo ukomeye kandi wera. – Le Ministère Evangélique, p. 92; Gospel Workers, p. 97.

Gutoza neza intekerezo

Nk'Itorero, dukeneye kumenyereza neza intekerezo kugira ngo dushobore guhangana n'ibyo dusabwa n'igihe turimo. – Testimonies, vol. 4, p. 414.

Ntitugomba gutegereza intsinzi niba tujya mu murimo w'imana nk'abikinira. Nyagasani akeneye abantu batekereza neza. Ashaka abo gukorana na bo, batari abahubutsi. Imana ikineye abantu batekereza neza babahanga kugirango nakore umurimo ukomeye kandi wa ngombwa wo gukiza imitima. – Témoignages, vol. 1, p. 520, 521; Testimonies, vol. 4, p. 67.

Bamwe bagomba kumenyereza intekerezo binyuze mu kwitoza. Bagomba kuzihatira gutekereza. Mu gihe baba ibyegamizi ku bandi ngo babe ari bo babatekerereza, kugira ngo babakemurire ibibazo byabo, kandi bakajya bibuza kwitekerereza bo ubwabo, bazagumana ubushobozi buke bwo gufata mu mutwe, ubushishozi no kureba kure. Buri wese ku giti cye agomba kwihatira kumenyereza intekerezo ze. – Testimonies, vol. 2, p. 188.

Imana ntiyifuza ko twashimishwa no kuba abanebwe, ubwenge butagira gahunda, intekerezo z'ubupfapfa n'ubushobozi buke bwo kwibuka. – *Councils to Teachers*, p. 506.

Abantu b'Imana bagomba kuba abanyamwete mu kwiga, bakaba abanyamwete mu kongera ubumenyi ntibapfusha ubusa isaha n'imwe. Binyuze mu myitozo irimo kutarambirwa, abakristo bashobora kugera ku rugero ruhanitse rw'ubumenyi bagahinduka abantu bakomeye kandi b'intangarugero. – *Testimonies*, vol. 4, p. 411.

Reka twite cyane ku gukoresha neza imyanya yose dufite. Imyanya twapfushirizaga ubusa mu biganiro by'amanjwe cyangwa ku buriri, mu gitondo ; mu byuma bitwara abagenzi (tramway) cyangwa muri gari ya moshi, cyangwa mu kigo bategeramo imodoka (gare), mbere yo kujya ku meza ngo ufungure, cyangwa se mu gihe utegereje abantu batubahiriza gahunda, iyo myanya yagombaga gukoreshwa mu gusoma cyangwa mu kwibwira ibyera. – *Les Parables de Jésus*, p. 352; *Christ's Object Lessons*, p. 343, 344.

Kugira umwanzuro uhamye, umurimo witaweho, gukoresha igihe neza bizashoboza abantu kunguka ubumenyi n'intekerezo zikora neza bizabashoboza gushingwa umwanya uwo ari wo wose wiringirwa kandi w'ingirakamaro. – *Les Parables de Jésus*, p. 352; *Christ's Object Lessons*, p. 344.

Abari mu myanya yiringirwa bagomba guhora bakuza amajyambere mu bumenyi. Ntibagomba gushingira ku nararibonye yo mu gihe cyashize ngo bibwire ko Atari ngombwa kuba abakozi bafite ubumenyi. N'ubwo umuntu ari we munyantegere nke mu biremwa by'Imana byose, uhereye akivuka, kandi akaba afite kamere yononekaye cyane, nyamara kandi biramushobokera guhora atera imbere. Ashobora kumurikirwa n'ubuhanga (siyansi – science), akabonezwa no gutunganya, kandi ashobora gutera imbere mu intekerezo no mu myifatire myiza kugeza ubwo agera ku bwenge bushyitse no ku mico iboneye iri muniho gato yo gutungana no kubonera kw'abamalayika. – *Témoignages*, vol. 1, p. 550; *Testimonies*, vol. 4, p. 93.

Abashaka kuba abakozi bakorana n'Imana agomba gushebekera gutungana kwa buri rugingo rw'umubiri no kubonera kw'intekerezo. Uburezi nyakuri, ni ugutegura ubushobozi

bw'impagarike, intekerezo n'ubwo gutunganya kugira ngo dusohoze neza buri nshingano; ni ukumenyereza umubiri, intekerezo n'umutima ngo bikore umurimo w'Imana. Ubwo ni bwo burezi bwonyine buzagumaho kugeza mu bugingo buhoraho. – Les paraboles de Jésus, p. 336 ; Christ's Object Lessons, p. 330.

Abanyamyuga, ababuranira abandi, abacuruzi n'abakora imirimo itandukanye, baja bīhugūra kugira ngo babone ubumenyi bubahesha kuba inzobere mu byo bakora. Mbese abagishwa ba Kristo ni bo bāgōmbaga kugira ubumenyi buke maze bakinjira mu murimo w'Imana ari injiji mu birebana n'inzira n'uburyo byakoreshwa? Kubona ubugingo buhoraho ni wo mushinga uhebuje indi yose ku isi. Kugira ngo uzanire Yesu imitima, bigusaba kumenya imiterere y'inyoko muntu no kwiga imitekerereze y'abantu. Ni ngombwa gutekereza byimazeyo, ugasengana umwete, kugira ngo umenye uburyo bwiza bwo gushyikira abagabo n'abagore no kubereka ukuri kuboneka mu Byanditswe Byera. – Témoignages, vol. 1, p. 521 ; Testimonies, vol. 4, p. 67.

Kwiyubaha n'ubwitonzi bya gikristo

Kutagira kwiyubaha no kubonera bya gikristo mu bakomeza Isabato nk'itorero bitunyaga agaciro kandi bikamara uburyohe bw'ukuri tubwiriza. Umurimo wo kuyobora intekerezo n'imyitwarire ushobora kwerekezwa ku butungane. Niba abahamya ukuri bose batihatira gukoresha amahirwe n'uburyo bafite ubu kugira ngo bakure bagere ku gihagararo gishyitse cy'abagabo n'abagore bari muri Yesu Kristo, ntibazubahisha Kristo haba n'umurimo wo kurengera ukuri. – Testimonies, vol. 4, p. 358, 359.

Mwihatire kubahisha umurimo mukoresheje kugira imibereho ifite gahunda nziza hamwe n'ikiganiro cyiza cy'iby'Imana. Ntimugatinye kuzamura cyane ibendera... Tugomba kwikuramo ubutandame bw'uburyo bwose no gukariha kose. Maze tukimakaza ubutungane n'ikinyabupfura cya gikristo. Mwirinde guhubuka no guhutaza. Iyi miterere ntimukayifate nk'icyiza; kuko atari uko Imana iyibona. Muharanire kutagira uwo muhuta mu gihe bitari ngombwa. – Review and Herald, 25 novembre 1890.

Birakenewe cyane ko abagabo n'abagore bazi ubushake bw'Imana biga uko bahinduka abakozi b'ingirakamaro mu murimo wayo. Bagomba kuba abantu batunganya kandi basobanukiwe, kandi bakagira ubushishozi, badafite kurabagirana gushukana kw'inyuma gushukana hamwe n'ubwuzu bw'uburyarya by'ab'isi. Bagomba kugira imico inogerejwe hamwe n'urugwiro nyakuri rufite impumuro y'ijuru, biranga buri mukristo wese ufite uruhare kuri kamere y'Imana. – Testimonies, vol. 4, p. 358.

Dufite ukuri gukomeye cyane, ibyiringiro hamwe no kwizera bitigeze bihabwa abo mu isi, kandi dushaka kubyereka inyoko muntu mu miterere yabyo nyakuri. Ntidushaka kwifata nk'abanyura mu isi basaba imbabazi bitewe n'uko dutinyuka kwizera uku kuri kwera kandi kw'agaciro; ahubwo dushaka kugendana n'Imana twiyoroheje kandi tukagira imibereho ikwiranye n'imyifatire y'abana b'Imana Isumbabyose, kabone n'ubwo turi ibikoresho byoroheje, tukifata nk'abitaye ku bintu byungura kandi by'ingenzi, bihanitse cyane kandi biteye ishema kuruta ubucuruzi ubwo ari bwo bwose bw'isi. – Review and Herald, 26 juillet 1887.

Umurimo wo kwita ku mitima usaba kwiye gurira Imana, ubunyangamugayo, ubuhanga, gushyira mu bikorwa, imbaraga n'uburyo. Niba umuntu afite iyo miterere myiza, ntazigera ananirwa inshingano ye ; ahubwo azagira icyitegererezo gitera abandi gukora ibyiza. – Le Ministère Evangélique, p. 105; Gospel Workers, p. 111.

Abagomba kuba ku murimo ni abantu biteguye kwigishwa uburyo bwiza bwo gushyikira abantu ku giti cyabo hamwe n'imiryango. Bagomba kwambara imyambaro isukuye ariko itarimo agakabyo, kandi bakagira n'imyifatire idatuma abantu babazinukwa. Nk'ubwoko bw'Imana, muri twe hakenewe cyane ikinyabupfura nyakuri. Ibyo bigomba gushakashakwa n'abantu bose bakora umurimo wo kubwiriza ubutumwa. – Testimonies, vol. 4, 391, 392.

Kuba umunyakuri

Nta kwiyoberanya kugomba kubaho mu mibereho y'abatwaye ubutumwa bukomaye kandi bwera nk'ubwo dufite.

Ab'isi bahanze amaso Abadivantisiti b'Umunsi wa Karindwi, bitewe n'uko bazi ibyo bahamya ko bizera n'urugero rwabo uhanitse. Iyo babonye abatagendera mu kwizera kwabo babarebana agasuzuguro. Testimonies, vol. 9, p. 23.

Abantu bashobora kugira impano zihanitse, n'ubushobozi bukomeye, imiterere ishimwa cyane; nyamara ifuti rimwe, cyangwa icyaha kimwe iyo kigundiriwe cyababera nk'uko urubaho rumunzwe rubera inkuge,- icyo byazana ni amakuba no kurimbuka!- Testimonies, vol. 4, p. 90.

Paulo yagendanaga umwuka w'ijuru. Abamwegeraga bose bamwumvagaho imbaraga y'umushyikirano afitanye na Kristo. Kuba imibereho ye bwite yaragaragazaga ukuri yamamazaga, byahaga ikibwirizwa cye imbaraga zo kwemeza abantu. Aho ni ho hari ishingiro ry'imbaraga z'ukuri. Imbaraga y'imibereho yera yo mu buzima busanzwe ni cyo kibwirizwa kirusa ibindi kwemeza mu kurengera ubukristo. Igihamya, nubwo cyaba kitagishwa impaka, gishobora gusembura abarwanyi; nyamara icyitegererezo cyo kwera gushyizwe mu bikorwa gifite imbaraga udashobora guhangana na yo mu buryo bwuzuye. – Le Ministère Evangélique, p. 55 Gospel Workers, p. 59.

Imico si umwitero umuntu yitwikira ; ni ikintu kirabagiranira imbere. Niba dushaka kuyobora indi mitima mu nzira yo gukiranuka, ni ngombwa ko ihame ryo gukiranuka riba ritsindagiye mu mitima yacu. Binyuze mu kwatura ibyo wizera, umuntu ashobora kwamamaza inyigisho z'iyobokamana, nyamara hakenewe kwera gushyizwe mu bikorwa kugira ngo ushyire ukuri imbere y'amaso y'abantu. Imibereho ishikamye, ikiganiro cyera, ubunyangamugayo butanyeganyezwa, umwuka w'ubugira neza ushyizwe mu bikorwa, icyitegererezo cyo kwera, ngubwo uburyo umucyo unyuriramo ugashyirwa isi. – L'Espoir de l'humanité, p. 320 ;The Desire of Ages. p. 307.

Amasengesho, guhendahenda hamwe n'ikiganiro ni imbuto z'igiciro gito ziboneka bitagoranye, nyamara imbuto zigaragazwa n'imirimo myiza yakozwe mu kugoboka abakene, imfubyi hamwe n'abapfakazi ni imbuto z'agaciro zera ku giti cyiza mu buryo bw'umwimerere.- Testimonies, vol. 2, p. 24.

Ubutwari

Imana ntifite akamenyero ko gukora ibitangaza kugira ngo iteze imbere ukuri. Iyo umuhinzi agize ibyo yirengagiza mu guhinga ubutaka, Imana ntitabara ngo ikumire ingaruka zabyo. Ikora ibijyaniranye n'amahame akomeye yatumenyesheje, kandi uruhare rw'ibitureba ni urwo gutegura igenamigambi ririmo ubwenge hamwe no gukoresha uburyo buzatuma Imana itanga umusaruro runaka. Abanga umuhati wose wimazeyo kandi bagategereza ko Umwuka Wera azabahatira gukora, bazarimbukira mu mwijima. Ntumugomba kwiycarira ntacyo ukora mu murimo w'Imana. – Southern Watchman, 1^{er} décembre 1903. The Southern Watchman, Dec. 1, 1903

Bamwe mu binjira mu murimo w'ibwirizabutumwa ni abanyantege nke, ntibiyumvisha, nta ntege z'iby'umwuka, bacogora vuba. Ntibava mu byimbo. Ntibagira imico ihamye ibashoboza kugira icyo bakora,- umwuka n'imbaraga bibahagurutsamo ishyaka ryera. Abantu bose bashaka kuneshya bagomba kuba buzuwemo n'akanyabugabo n'ibyiringiro. Ibyiza bibarimo bikenewe gukoreshwa, aho kuba indorerezi gusa. – Ministère Evangélique, p. 285 ; Gospel Workers, p. 290.

Nyagasani akeneye abakozi bazagura intsinzi y'umusaraba wa Kristo. – Review and Herald, 6 May 1890.

Ubutumwa bugomba kwamamazwa mu buryo busobanutse, mu butwari n'imbaraga, ntibubwirizwe mu bukonje, butagira ubugingo. – Testimonies, vol. 8, p. 16.

Iyamamazwa ry'ubu butumwa ntirisaba ababwiriza babahanga mu kuvuga. Ukuri kugomba kubwirizwa mu mbaraga zako zose. Hakenewe abagabo b'abanyabwira – abagabo bashoboye gukora bafite umwete wimazeyo kandi udatezuka mu kwamamaza ubutumwa bw'umuburo ku isi hamwe no kweza Itorero. – Testimonies, vol. 5, p. 187.

Mu murimo wayo, Imana nta mwanya yageneye abanabwira ; ishaka kugira abakozi bazi ibyo bakora, b'abagwaneza, bakunda abantu kandi b'abanyamwete. – Testimonies, vol. 4, p. 411.

Kwiyemeza

Abari mu murimo w'Imana bagomba kugaragaza ishyaka no

kwiyezeza mu murimo wo gukiza imitima. Mwibuke ko hari imitima izarimbuka, niba twebywe nk'ibikoreshe by'Imana tudakoranye kwiyezeza kudashyira inyuma kandi kudacogora. – Témoignages, vol. 3, p. 56. Testimonies, vol. 6, p. 418

Imana yadushinze umurimo ukomeye tugomba gukora. Reka twukore dukiranutse kandi tubyiyemeje. Reka tugaragarize mu mibereho yacu icyo ukuri kwadukoreye. – Témoignages, vol. 3, p. 57, Testimonies, vol. 6, p. 418

Ishyamba

Igikenewe ni ishyamba rya gikristo, -ishyamba rirangwa n'imirimu... Niba dufite Kristo muri twe, ntuzashobora kwibuka kumubwira nk'uko amashyamba ya Niagara atashobora kwibuka gutamba. – Témoignages, vol. 1, p. 267; Testimonies, vol. 2, p. 233.

Buri wese wemera Kristo nk'Umucunguzi we bwite azahagizwa no gukorera Imana. Mu gihe yitegereza icyo ijuru ryamukoreye, umutima we uzasenderamo urukundo no kubwira kurimo kunyurwa. Azahatanira kugaragaza amashyamba ye mu kurundurira italanto ze mu murimo w'Imana. Azifuza kugaragaza urukundo akunda Kristo n'urwo akunda abo yacunguye. Imibereho ye yose izarangwa n'imiruhu, imihari no kwitamba. – Rayons de santé, p. 376; Ministry of Healing, p. 502.

Hari umurima mugari wo gukorwa ukingukiye imbere ya ba Marita bafite ishyamba ry'umurimo w'iyobokamana. Ariko ni ngombwa ko babanza kwicarana na Mariya ku birenge bya Yesu. Ni ngombwa ko umurava, ubwira n'imbaraga biba byejwe n'ubuntu bwa Kristo kugira ngo ubuzima buhinduke imbaraga itaneshwa yo gukora ibyiza. – Espoir de l'humanité, p. 558, 559; The Desire of Ages, p. 525.

Tugomba guteza imbere umurimo w'Umwami mu izina ry'Uwiteka, dufite gushinyiriza kutarambirwa n'umwete udacogora nk'uwo Kristo yagaragaje mu murimo we. – Testimonies, vol. 9, p. 25.

Ni ngombwa kureka imikorere yacu y'ibiyobokamana ihorana ishusho imwe. Turi gukora umurimo mu isi, nyamara nta mwete n'ishyamba bihagije dufite. Iyaba twagiraga umuhari uruseho, abantu bari kuzemezwa n'ukuri k'ubutumwa bwacu. Ubukonje

bwacu no guhora muri bimwe mu murimo dukorera Imana byigizayo imitima myinshi y'abari mu myanya yo hejuru, biteze kutubonamo ishyaka rigurumana, ryimbitse kandi ryejejwe. – Témoignages, vol. 3, p. 56; Testimonies, vol. 6, p. 417.

Kwihangana

Kugira ngo muhinduke abafatanije na Yesu, mugomba gukoresha kwihanganira abo mukorera, mukorana kwiyoroshya kandi muhanze amaso ibyishimo by'umusaruro uzabikomokamo. Mu gihe abo mukorera batumva ibintu nk'uko mubyumva, kenshi mu mitima yanyu muravuga muti “Nibashaka bagende, ntibakwiriye gukizwa.” Biba byarabaye bite iyo Kristo aza kugenzereza atyo abatindi b'ibicibwa ? Yapfiriye gukiza abahanya b'abanyabyaha, kandi mwebwe abavuga ko muri abigishwa be, muramutse mukoranye umwuka nk'uwe kandi mugakurikiza icyitegererezo yatanze, ingaruka zabyo mukaziharira Imana, ntimushobora kurondora umubare w'ibyiza mwakoze muri ubu buzima. – Testimonies, vol. 4, p. 132.

Mukorere abo mushyikirana na bo bose mufite urukundo no kwihangana, kandi mutabashakaho inyungu. Ntimukagaragaze kutihangana. Ntimukavuge ijamba na rimwe ry'inabi. Urukundo rwa Kristo nirugume mu mitima yanyu kandi amategeko y'ubugwaneza asohoke mu kanwa kanyu. – Testimonies, vol. 9, p. 41.

Uburyo bwiza

Abirunduriye mu Mana mu buryo bwuzuye imirimo yabo bazayikorana gutekereza guhagije, gusengana umwete n'uburyo bwiza bwiyegeye Imana. – Signs of the Times, 29 may 1893.

Iyo umuntu afite uburyo bwiza, akaba ari umunyamwete, kandi afite ishyaka ryera, agira intsinzi mu mirimo isanzwe, kandi iyo akoresheje ubwo bushobozi mu murimo w'Imana, ingaruka zizikuba inshuro ebyiri, kuko ubushobozi mvajuru buziyongera ku mihati ya kimuntu. – Testimonies, vol. 5, p. 276.

Mu murimo wo gukiza imitima, hakenewe uburyo bwiza buhagije n'ubwenge. Umukiza ntiyigeze aryamira ukuri, nyamara

buri gihe yakuvuganaga urukundo. Iyo yabonanaga n’abandi bantu, yagaragazaga uburyo bwiza bukomeye kandi yahoraga afite umutima mwiza kandi yuzuye kubitaho. Ntiyigeraga agaragaza gusharira, ntiyavugaga ijamba rikarishye bitari ngombwa, kandi ntiyababarizaga ubusa umutima wakabakabwe. Ntiyaciragaho iteka intege nke za kimuntu. N’ubwo yatamazaga uburyarya, gushidikanya no gukiranirwa nta bwoba afite, yavuganaga ikiranga mu gihe yabaga ari gucyaha bikomeye atyo. Ntiyavuganaga ukuri umutima w’ubugome, ahubwo buri gihe yagaragazaga impuhwe zimbitse afitiye inyoko muntu. Buri mutima wari uw’agaciro mu maso ye. Yagendanaga muri we icyubahiro cy’ijuru; nyamara yitaga ku muntu wese wo mu muryango w’Imana amufitiye impuhwe kandi amuhaye agaciro. Yabonaga ko buri wese ari umutima yazanywe no gukiza. – Ministère Évangélique, p. 111; Gospel Workers, p. 117.

Abantu bamwe batari indyarya, ariko b’ibihwaha kandi bahubuka, nyuma y’ikiganiro ku ngingo runaka, bazaganiriza abantu tudafatanyije mu buryo buhubukiye maze batume ukuri twifuza ko bākirakutabakurura. « Abana b’iyi si ni abanyabwenge mu by’igihe cyabo kuruta abana b’umucyo. » Abacuruzi bakomeye n’abanyapolitiki bihatira kuba abanyarugwiro, kugira ngo mu buryo bushoboka bashyikirwe kandi bishimirwe. Biga uburyo bwo kuvuga no kwigaragaza ku buryo bashobora kugira icyitegererezo rukuruzi gishobora kureshya intekerezo z’ababakikije. Bakoresha ubumenyi bwabo n’italanto zabo neza uko bishoboka kugira ngo bagere ku migambi yabo. – Témoignages, vol. 1, p. 521; Testimonies, vol. 4, p. 68.

Ubu butumwa bugomba kwamamazwa; nyamara mu kububwira abantu, tugomba kwirinda kwibasira, guhata cyangwa guciraho iteka abadafite umucyo dutunze. Ntitugomba kurēngera ngo twibasire Abagatolika. Muri bo harimo abakristo biyumvisha bihagije, bagendera mu mucyo wose ubamurikiye, kandi Imana izagira icyo ibakorera. – Testimonies, vol. 9, p. 243.

Kudahindagurika

Umukristo nyakuri akorera Imana atabitewe n’igishyika, ahubwo abiterwa no kumvira ihame; ntayikorera umunsi umwe

cyangwa ukwezi kumwe, ahubwo ni ukubaho kwe kose. – Counsels to Teachers, p. 518.

Yesu yakoraga ubudacogora. Umurimo we ntiyawubariraga amasaha. Igihe cye, umutima we, imbaraga ze byari byararunduriwe mu gukorera inyoko muntu. Amanywa ye yose yari yaragenewe gukora umurimo, nyuma amajoro yose akayarangiriza mu gusenga, agira ngo abone uko ashobora guhāngana n’ubucakura bwose bw’umwanzi, no kugira ngo abone imbaraga zo gusohozza umurimo we wo kuzāhūra inyoko muntu. Umuntu ukunda Imana ntagenera umunsi amasaha umunani y’umubyizi. Akora amasaha yose, kandi ntiyigera abura ku nshingano. Igihe cyose abonye uburyo, akora ibyiza. Ahantu hose n’ibihe byose, ahabonera uburyo bwo gukorera Imana. Atama impumuro nziza aho agiye hose. – Testimonies, vol. 9, p. 45.

Umuntu ukoza isoni umurimo w’Imana cyangwa agaca intege abo bafatanyije umurimo, bitewe n’igikorwa kidakwiriye, aba ashyize mu mico ye ikizinga kidahanagurika mu buryo bworoshye. Aba atambitse inkomyi ikomeye mu nzira asabwa kunyuramo kugira ngo abe ingirakamaro. – Prophètes et Rois, p. 501 ; Prophets and Kings, p. 659.

Yesu aravuga ati “Mwikorere umutwaro wanjye”. Nira ni igikoresho cy’umurimo. Amatungo azirikwaho nira kugira ngo akore umurimo utanga umusaruro utubutse. icyo kigereranyo cyakoreshejwe na Kristo agira ngo yerekane ko twahamagariwe gukorera abandi igihe cyose tukiriho. Tugomba kwikorera umutwaro we kugira ngo tube abakozi bakorana na we. – L’Espoir de l’humanité, p. 346 ; The Desire of Ages, p. 329.

Impuhwe no gushyikirana

Muri buri mugabane w’umurimo w’Imana, hakenewe abagabo n’abagore bafitiye impuhwe imibabaro ya mwene muntu; nyamara impuhwe nk’izo ni ingume. – Review and Herald, 6 may 1890.

Dukeneye biruseho kugira impuhwe nk’iza Kristo; atari kugirira impuhwe abagaragara ko ari indakemwa gusa, ahubwo no ku mitima itindahaye imerewe nabi kandi irwana, igwa mumafuti kenshi, igacumura kandi ikihana, yaneshejwe n’igishuko maze

ikiyumvamo gucogora. Kimwe n'Umutambyi Mukuru wacu w'Umunyababazi, tugomba kwegera bagenzi bacu, tukabagirira impuhwe ku bw'intege nke zabo. – Ministère Evangélique, p. 135; Gospel Workers, p. 141 .

Nk'ubwoko bw'Imana, tuzimiza byinshi ku bwo kubura impuhwe n'umushyikirano hagati yacu. Umuntu uvuga ibyumudendezo kandi akaba nyamwigendaho, ntaba ari gusohoza inshingano Imana yamutoranyirije. Turi abana b'Imana kandi kugira ngo tubone umunezero wacu buri wese awukesha mugenzi we. Dufite inshingano ku Imana no kuri mwene muntu. Twese tugomba gukora uruhare rwacu muri ubu buzima. Kumenyereza imbaraga zo gushyikirana ziri mu miterere yacu ni byo bidushoboza gushyikirana na bene Data, muri ubwo buryo bikatuzanira umunezero binyuze mu mihati dukoresha ku bwo gukorera bagenzi bacu ibyiza. – Témoignages, vol. 1, p. 526; Testimonies, vol 4, pp. 71, 72.

Umunsi umwe, Umucunguzi yararikiwe kuza mu birori byakozwe n'Umufarisayo. Yemeraga kuja mu bakire kimwe no mu bakene, kandi nk'uko yari amenyereye, yerekanye inyigisho ze anyuriye mu byo yaboneshaga amaso ye. – Les Paraboles de Jésus, p. 219; Christ's Object Lessons, p. 219.

Kwiyoroshya

Igihe Kristo yabwiraga abigishwa be ati “Mugende mu izina ryanjye muhurize hamwe abizera bese mu itorero”, mu buryo busobanutse yabashyize imbere akamaro ko kugundira kwiyoroshya. Uko bagombaga kugabanya kwibonekeza no kwitaka kw'inyuma, ni ko icyitegererezo cy'ibyiza cyagombaga kurushaho kwaguka. Abigishwa bagombaga kuvuga biyoroheje nk'uko Kristo na we ubwe yari yarabigaragaje. – Conquérants Pacifiques, p. 28 ; The Acts of the Apostles, p. 28.

Abantu ibihumbi byinshi bashobora kugerwaho binyuriye mu buryo buciye bugufi kandi bworoheje. Abarusha abandi kujijuka, abagabo n'abagore batekerezwa ko bafite impano z'agahebuzo muri iy'isi, akenshi bajya bahemburwa n'amagambo yoroheje y'umuntu ukunda Imana, kandi ushobora kuvuga urwo rukundo nk'uko umuntu w'isi nk'uko uw'isi avuga iby'inyungu zimufitiye

agaciro gakomeye. Akenshi, amagambo yateguwe neza kandi yizweho mu buryo buhagije agira imbaraga nke. Nyamara ubuhamya bwo kumvira buvuye ku mutima w’umuhungu cyangwa umukobwa w’Imana buvuganywe kwiyoroshya kutari uguhimba, bufite ubushobozi bwo kugurura amarembo yamaze igihe kirekire yugaririwe Kristo n’urukundo rwe. – Les Parables de Jésus, p. 231, 232; Christ's Object Lessons, p. 232.

Kwizera

Abakozi b’Imana bagomba kuyizera. Yitaye ku mihati yabo. Iha agaciro umurimo wabo. Ibikoresho by’ijuru bijya bitoranywa ngo bifatanye n’abakorana n’Imana. Iyo twibwiye ko Imana itazakora ibyo yasezeranye, kandi ko nta gihe ifite cyo kwita ku bakozi bayo, tuba twubahutse Umuremyi wacu,. –Southern Watchman, Aug. 2, 1904.

Ku mukozi w’Imana agombwa kugira kwizera gukomeye. Ibiri kuba bishobora gusa n’ibimukomye imbere, nyamara mu isaha acuze umwijima, haba hari umucyo hakurya yawo. Imbaraga z’abakunda Imana no kuyikorera, zizajya zivugurura buri munsu binyuze mu kwizera. – Le Ministère Evangélique, p. 256 ; Gospel Workers, p. 262.

Mu kwizera kuzima harimo ubugingo, gushikama mu mahame no kwiyeemeza kudashobora gucogozwa n’igihe cyangwa umuruho. – Les Parables de Jésus, p. 142 Christ's Object Lessons, p. 147.

Inshuro nyinshi imibereho y’umukristo iba igoswe n’akaga kandi rimwe na rimwe inshingano igasa n’aho iruhije kuzuzwa. Intekerezo ze zikamwereka kurimbuka kutagira icyanzu imbere, inyuma ye akahabona ububata n’urupfu. Nyamara kandi ijwi ry’Imana riba rivuga mu buryo busobanutse rigira riti “Komeza urugendo!” Tugomba kumvira iryo tegeko kabone nubwo amaso yacu yaba atabasha guhinguranya umwijima uturi imbere, ndetse ibirenge byacu bitangiye kurengerwa n’umuraba ukonje. Inkomyi zimira amajyambere yacu ntizizigera ziva imbere y’intekerezo zitazi kwifatira imyanzuro kandi zishidikanya. Abategereza kuzumvira ari uko igicu cyo kuburagizwa kizaba kimaze gukurwaho hatakiriho ubushobozi na bumwe bwatuma umuntu

atsindwa cyangwa ngo acogore, bene abo ntibazigera bumvira na rimwe. Kutizera kuja kongorera kuti: “Tegereza inzitizi zibanze ziveho, maze ubone inzira yawe neza.” Nyamara kwizera “kwiringira byose” kandi “kwizera byose” kuvugana umwete kugira kuti: “Jya mbere!” – Patriarches et Prophètes, p. 293, 294; Patriarchs and Prophets, p. 290.

Akanyabugabo

Hagomba gukorwa umurimo ukomeye; hagomba gushyirwaho igenamigambi ryagutse; ijwi rigomba guhaguruka kugira ngo rikangure amahanga. Abantu bafite kwizera k’ukunyantege nke kandi kudandabirana ntibagomba gutorerwa guteza imbere umurimo mu gihe cy’amakuba. Dukeneye umuhati w’intwari no kwizera kw’abahowe Imana. – Testimonies, vol. 5, p. 187.

Igihe tugundiriye imbaraga zayo ku bwo kwizera, ihindura imiterere y’ibintu mu buryo bw’igitangaza, uko byaba ari urucantege kandi byihebesheje kose. Ibikorera guhesha izina ryayo icyubahiro. Imana iri kurarika abayoboke bayo, bayizera, ngo bajye gutera akanyabugabo abari mu rungabangabo kandi bazimije ibyiringiro. Imana nidufashe dushyigikirane kandi tuyihamye binyuriye mu kwizera kuzima. – Testimonies, vol. 8, p. 12; Testimonies, vol. 8, p. 12.

Ibyiringiro n’akanyabugabo birakenewe mu murimo utunganye umuntu akorera Imana. Ni imbuto zo kwizera. Gucika intege ni icyaha kandi nta n’ubwenge burimo. – Prophètes et Rois, p. 120; Prophets and Kings, p. 164.

Abigishwa ba Yesu, bagomba kugira akanyabugabo, umwete no kutarambirwa. N’ubwo inkomyi zigaragara nk’izitasimbukwa zakugarira inzira, abakozi b’ubutumwa bwiza bashobora kuja mbere bashyigikiwe n’ubuntu bw’Imana. Aho kwivovotera ingorane, bahamagarirwa kuzinesha. Nta kigomba kubihebesha, ahubwo bagomba kwiringira byose. Yesu yabaziritse ku Ntebe y’Imana akoreshehe umunyururu w’izahabu ari wo rukundo rwe rutagira akagero. Umugambi we ni uko icyitegererezo gihanitse cy’ibyaremwe, gikomoka ku isoko y’ubushobozi bwose, cyaba icyabo. Bagomba kugira imbaraga yo guhangana n’ikibi, imbaraga

idashobora gutsindwa n’isi n’urupfu cyangwa ikuzimu ariyo mbaraga izabashoboza kunesha nk’uko Kristo yanesheje. – Le Ministère Evangélique, p. 35; Gospel Workers, p. 39.

Kwiyegurira Imana

Kwera nyakuri ni ukwiyegurira umurimo w’Imana mu buryo bwuzuye. Hatabayeho kwiyegurira Imana nk’uko, nta mibereho ya gikristo yuzuye yabaho. Kristo adusaba kumwiyegurira nta kwizigama. Adusaba umutima wacu, ubwenge bwacu, intekerezo n’imbaraga zacu mu murimo we. Inariye ntigomba gushyonyagizwa. Ubaho yihugiyeho, si umukristo. – Les Parables de Jésus, p. 39; Christ's Object Lessons, pp. 48-49.

Ikintu cy’ibanze kigomba kumenywa n’umuntu wese ushaka guhinduka umukozi ukorana n’Imana, ni ukwiga kutiyiringira we ubwe; ubwo ni bwo aba yiteguye gusangira imico na Kristo. Uwo musaruro ntuboneshwa n’ubumenyi bw’amashuri ahanitse ya siyansi, ahubwo ni imbuto z’ubwenge umuntu yigira ku Mwigisha wo mu ijuru gusa. – L’Espoir de l’humanité, p. 248; The Desire of Ages, pp. 249, 250.

Kuba umuntu agaragaza gutwarwa cyane n’igishyika cy’iby’umwuka mu bihe bidasanzwe si ikimenyetso kidakuka ko ari umukristo. Kwera si ugutwarwa, ahubwo ni ukwirekurira burundu mu bushake bw’Imana. Ni ugukurikiza ijambo ryose risohoka mu kanwa k’Imana; ni ugukora ibyo Data wo mwijuru ashaka, ni ukwiringira Imana mu bigeragezo, mu mwijima nk’uko wayiringira uri mu mucyo; ni ukugendera mu kwizera si ukugendera ku bigaragara; ni ugutega amakiriro ku Mana ifite ibyiringiro bidashidikanya, no guturiza mu rukundo rwayo. – Conquérants Pacifiques, p. 46; The Acts of the Apostles, p. 51.

N’umutima wawe wose

Ni ngombwa ko ubwoko bw’Imana bwitandukanya n’isi babigaragarishije gukorera Imana n’umutima wabo wose. Ntibagomba kwihesha icyubahiro, ahubwo bagomba kuzirikana ko bagiranye n’Imana isezerano rikomeye ryo kuba ariyo bakorera yonyine. – Testimonies, vol. 9, p. 17.

Abagabo n'abagore biyeguriye Imana kandi imitima yabo ikaba yarabirundukiyemo burundu ni bazashobora gushikama muri iki gihe. Inshuro nyinshi Kristo yagiye anyuza abigishwa be mu ishungura, kugeza ubwo hasigara cumi n'umwe hamwe n'abagore bake b'abiringirwa kugira ngo ashyireho urufatiro rw'itorero rya gikristo. Hari abizera bihunza inshingano iyo hari imitwaro igomba kwikorera, ariko iyo itorero ryose riguwe neza, bagira igishyika, bakaririmba, bagasakuza kandi bagatwarwa, ariko bitegereze noneho iyo uko kugubwa neza kurangiye, ba Karebu bake gusa bakiranuka niba baza kurugamba bakagaraza guhagarara mu mahame batadandabirana. Abo ni umunyu uhorana uburyohe bwawo. Iyo umurimo unyuze mu ngorane ni bwo amatorero agwiza abakozi nyakuri. – Testimonies, vol. 5, p. 130.

Nta muntu ushobora gutsinda mu murimo w'Imana aramutse adashyize umutima we wose mu byo akora, niba adafata ibintu byose nk'igihombo kubwo kumenya neza ubwiza buhebuje bwa Yesu Kristo. Umuntu wizigama ntashobora guhinduka umwigisha wa Kristo, kandi ntashobora kuba umwe mu bakorana na we. – L'Espoir de l'humanité, p. 275; The Desire of Ages, p. 273.

Bityo rero [ubwoko bw'Imana ntibugomba] kwigarurirwa n'umwuka wo gukagatiza amagambo, ntibukifatanye n'abatizera kugira ngo bishore mu mishinga y'ubucuruzi; kuko bwakomwa mu nkokora mu nshingano bwahawe na Nyagasani. – Témoignages, vol. 3, p. 344; Testimonies, vol. 9, p. 19.

Umucunguzi ntazigera yemera umurimo ukorwanywe imitima ibiri. Buri muni, umukozi w'Imana agomba kwiga kwiye gurira Imana icyo ari cyo. – Ministère Evangélique, p. 107; Gospel Workers, p. 113.

Kuganduka

Nyagasani yanga urunuka kuba simbirimo no kuba ikigande mu gihe umurimo uri mu kaga. Ibyaremwe byose birarebana amatsiko atarondoreka ibyaduka biheruka by'urugamba rukomeye ruri hagati y'icyiza n'ikibi. Ubwoko bw'Imana busatiriye ingabano z'isi ihoraho ; mbese ni ikihe kintu cyababera icy'ingirakamaro

kuruta kugandukira Imana yo mw'ijuru? Mu bihe byose, Imana yagiye igira intwari z'iby'umwuka; na n'ubu kandi aracyazifite, – intwari nka Yosefu, Eliya, Daniyeli badakozwa isoni no kuvuga ko ari bamwe mu bagize umugabane w'ubwoko bwatoranijwe. Imigisha y'akataraboneka ihabwa abantu bakora, batigera bahunga inshingano, ahubwo mu mbaraga mvajuru batera barabaza bati: “Ninde uri mu ruhande rw'Uwiteka?” Abo bantu ntibagarukira gusa kukubaza ibyo ahubwo basaba abahisemo kwifatanya n'ubwoko bw'Imana kuja mbere badakebakeba kandi bakerekana ku mugaragaro ukuntu biziritse ku Mwami w'abami n'Umutware utwara abatware. Abantu nk'abo ubushake bwabo n'igenamigambi ryabo bigendera ku mategeko y'Imana. Ku bw'urukundo bakunda Umwami wabo, ntibigera bita ku buzima bwabo. Umurimo wabo ni kuvoma umucyo mw'ijambo ry'Imana kandi bakawumurikisha mu isi mu buryo bugaragara. Insanganyamatsiko yabo ni kugandukira Imana. – Prophètes et Rois, p. 107, 108 ; Prophets and Kings, p. 148.

Gukorana umwete

Ni inshingano ya buri mukristo kwimenyereza kugira gahunda, kumenya gukora neza n'ishyaka ryiza. Nta rwirwazo rw'ubunebwe ku murimo uwo ariwo wose. Niba umuntu ahora ku murimo kandi uwo murimo nturangire biterwa nuko umutima n'ubwenge aba atabishyize ku murimo. Umuntu wikurura, kandi irimo ye ntigire umusaruro, agomba kumenya ko ibyo ari amakosa agomba gukosora. Agomba gukoresha ubwenge bwe mugushyiraho ingamba z'ukuntu yakoresha igihe cye kuburyo butanga umusaruro. Hakoreshejwe uburyo bwiza n'imikorere myiza, hariho abantu mu masaha atanu bakora ibintu bihwaye n'ibyo abandi bakora mu masaha icumi. Hariho abakora imirimo yo mu rugo, bakora amanywa yose, atari uko bafite ibyo gukorwa byinshi, ahubwo ari uko badafite ingamba zo gucungura igihe. Ku bwo kuzārira kwabo no gupfusha igihe ubusa, barirushya cyane ku kantu koroheje. Nyamara abantu bose babishaka bashobora gutsinda akamenyero k'ubunebwe bw'interagahinda. Raka bagire umugambi uhamye mu murimo wabo. Jy'ugena igihe ugomba kurangirizamo umurimo uhawe, maze ubone gushyiraho imbaraga

zose ngo uwurangize ku gihe. Numenyereza ubushake bwawe, amaboko yawe azarushaho gukora neza. – Les Parables de Jésus, p. 352, 353; Christ's Object Lessons, p. 344.

Gukorera Kristo bisaba kumvira kudakebakeba. – Southern Watchman, 9 Aug 1904.

Nyagasani yifuza kubona mu bagaragu be intekerezo zibangukira kwiyumvisha agaciro k'imitima, gutahura ibyo basabwa bikwiriye uwo mwanya, no kuzuza inshingano yabaragije. – Testimonies, vol. 9, p. 123.

Gukora inshingano yagenwe n'Imana ni umugabane umwe w'ingenzi w'iyobokamana nyakuri. Nk'ibikoresho by'Imana, abantu bagomba gukoresha ibihe byose ngo basohoze ubushake bw'Imana. Igikorwa cyihuse kandi kivuye ku mutima mu gihe gikenewe, gitanga intsinzi y'agahebuzo, mu gihe gutindagira no kwirengagiza bigeza umuntu ku gutsindwa no gukoza Imana isoni. – Prophètes et Rois, p. 514; Prophets and Kings, p. 676.

Kugundira amahame ahanitse

Benshi bashoboye gukora umurimo uhebuje basohoza bike kuko bagerageza bike. Ibihumbi n'ibihumbi by'abantu bambukiranya ubuzima bwabo nk'abatagira umugambi wisumbuye wo kubaho hamwe n'intego igomba kugerwaho. Imwe mu mpamvu zibitera ni uko bisuzugura ubwabo. Nyamara Kristo yatuguze igiciro kitagira akagero kandi ashaka ko twiha agaciro hakurikijwe urugero rw'inshungu twatanzweho. – Ministère Evangélique, p. 386; Gospel Workers, 291.

Mu gihe cyose yamaze ku isi, Yesu yari umukozi uhorana umwete. Yari yiteze byinshi; ku bw'ibyo yiyemeza gukora byinshi. – L'Espoir de l'humanité, p. 65; The Desire of Ages, p. 72.

Abari ku murimo wa Databuja bakeneye inararibonye ihanitse cyane, yimbitse cyane, yagutse cyane, irenze iyo bigeze batekereza kugira. Benshi mu bamaze kuba mu bagize umuryango mugari w'Imana bazi bike cyane mu birebana no kwitegereza ubwiza bwayo no mu birebana no guhinduka umuntu ava mu bwiza ajya mu bundi. Benshi ntibarasobanukirwa bihagije ubwiza butangaje bwa Kristo nyamara kandi imitima yabo isabwa n'ibyishimo. Bahagizwa no gushaka gusobanukirwa byimbitse

urukundo rw'Umucunguzi. Reka bakundwakaze buri cyifuzo cy'umutima ushaka Imana. – Ministère Evangélique, p. 269; Gospel Workers, p. 274.

Mfite ubutumwa bugenewe ababwiriza, abavuzi, b'abigisha, hamwe n'abandi bose bakora mu mashami atandukanye y'umurimo wa Databuja. Nyagasani arabahendahendera kugera ku rugero ruhanitse rwo kwera. Mugomba kugira inararibonye yimbitse cyane irenze iyo mwigeze mutekereza kugira. Benshi mu bamaze kuba mu bagize umuryango mugari w'Imana bazi bike cyane mu birebana no kwitegereza ubwiza bwayo no mu birebana no guhinduka umuntu ava mu bwiza ajya mu bundi. Benshi muri mwe ntibarasobanukirwa bihagije ubwiza butangaje bwa Kristo nyamara kandi imitima yabo isabwa n'ibyishimo. Bahagizwa no gushaka gusobanukirwa byimbitse urukundo rw'Umucunguzi. Ntimunyuzwe. Nyamara ntimwihebe. Muhe Yesu icy'ingenzi kandi kirushijeho kwera cy'urukundo rw'umutima wanyu. Mugundire buri murasire wose w'umucyo. Mukundwakaze buri cyifuzo cy'umutima ushaka Imana. Muhore mutekereza iby'umwuka hamwe n'umushyikirano wera. icyo mwabonye gusa ni imirasire y'ibanze y'umuseso w'ubwiza bwayo. Uko murushaho kumenya Imana, ni ko muzamenya ko yayo isa n'igitondo. "Inzira y'umukiranutsi ni nk'umuseke utambitse, ugakomeza gukura ukageza ku manywa y'ihangu." Iyo tumaze kwihana ibyaha byacu, tumaze kubyatura kandi tumaze kubona imbabazi, tugomba gukurira mu kumenya Kristo kugeza ubwo tugera mu mucyo "w'amanwa y'ihangu" ari wo wo kwizera ubutumwa bwiza mu buryo byuzuye. – Testimonies, vol. 8, p. 318.

Amakenga no kureba kure

Mu gihe Nehemiya yasabaga ubufasha bw'Imana, ntiyipfumbataga yitwaje ko nta kimuhangayikishije nta n'inshingano afite yo gukorwa kugira ngo yuzuze umushinga we wo gusana Yerusalemu. Ayobowe n'amakenga no kureba kure bishimishije, yakoze ibikenewe byose kugira ngo agire ubwishingizi bw'intsinzi y'uwo mushinga we. icyo yakoraga cyose cyarangwaga n'amakenga akomeye. – Southern Watchman, 15 mars 1904.

Icyitegererezo cy'uwo mugabo ukiranuka [Nehemiya] kigomba kuba icyigisho ku bwoko bw'Imana bwose, ko butagomba kugarukira gusa ku gusengana kwizera, ahubwo bugomba gukorana umwete no gukiranuka. Ni ingorane zingana iki twiteza, kandi ni inshuro zingana iki dukoma mu nkokora umurimo w'ubushake bw'Imana, bitewe n'uko twizera ko amakenga, kureba kure hamwe no gukorana ubwitonzi bitagize umugabane w'imibereho y'iyobokamana ! Muri ubwo buryo tuba dukoze ifuti rikomeye cyane. Ni inshingano yacu kumenyereza no gukoresha ubushobozi bwose buzadufasha kuba abakozi b'Imana b'ingirakamaro cyane. Kugira ngo muri iki gihe imishinga y'ibyera igere ku ntsinzi, nk'uko byari bimeze mu gihe cya Nehemiya, hakenewe gukora isuzumamutima no gushyiraho igenamigambi ritekerejweho bihagije. – Southern Watchman, 15 mars (March) 1904.

Uko warwanya gucogora

Abagaragu b'Imana bagomba kwitega ibicantega by'uburyo bwose. Ntibazageragezwa gusa n'uburakari, no gusuzugurwa hamwe n'ubugome bw'abanzi, ahubwo bazanageragezwa n'ubunenganenzi, kutagira umugambi uhamye, akazuyazi hamwe n'ubugambanyi bw'inshuti n'abo bafatanyije umurimo... Ndetse na bamwe mu bantu basa n'abifuza ko umurimo w'Imana utera imbere bidatinze bazaca intege amaboko y'abagaragu bayo bakoresheje gutegeza amatwi amazimwe, gusa n'abayemeye no kuyakwirakwiza, hamwe no kwihara n'ibikangisho by'abanzi babo... Mu ngati y'urucantega rwinshi, Nehemiya yateze amakiriro ku Mana ; kandi natwe Imana ni yo gihome cyacu. Kwibuka ibyo Imana yadukoreye bizatubera ubufasha mu kaga kose. "Mbese ubwo Itimanye Umwana wayo ikamutanga ku bwacu, izabura ite kumuduhana n'ibindi byose?" Kandi "Niba Imana iri mu ruhande rwacu, umubisha wacu azaba nde?" Ubuhanga ubwo ari bwo bwose Satani n'abakozi be bakoresha badutega imitego, Imana ishobora kuyitahura, kandi igahindura ubusa imigambi yabo. – Southern Watchman, 19 avril (April) 1904.

Abo Umwuka Wera yashinze gusohoza umurimo wihariye, kandi bakaba bari imbere ku isibaniro ry'urugamba, akenshi

bagerwaho n'ingaruka runaka iyo urugamba rucogoye. Gucika intege gushobora kunyeganyeza kwizera gukomeye cyane, no gucogoza ubushake bushikamye cyane. Nyamara Nyagasani asobanukiwe byose, kandi ntahwema gukunda no kugirira impuhwe abana be. Asoma mu mitima yabo ibyifuzo n'imigambi ibatera gukora. Gutegereza ufite kwihangana kandi wiringiye mu gihe byose bigaragara ko bicuze umwijima, ni ryo somo abayobozi mu murimo w'Imana bagomba kwiga. Imana ntizabatererana mu muni w'amakuba. Nta kintu kigaragara ko ari impezamajyo nyamara kikagera ku ntsinzi, nk'umuntu uzi ko nta cyo ari cyo nyamara agatega amakiriro ku Mana. – *Prophètes et Rois*, p. 129; *Prophets and Kings*, p. 174, 175.

Imana irashaka abasirikare batabura ku nshingano zabo kandi ntibemere gucika intege, ahubwo bemera inshingano n'ingorane ziyibonekamo zose. Ishaka ko Kristo atubera icyitegererezo. – *Review and Herald*, 17 juillet (July) 1894.

Muri iyi minsi yacu, abantu babwiriza ukuri kuruhije kwemerwa ntibagomba gucogora igihe batakirwe mu buryo bwishimiwe, n'ubwo haba ari mu biyita abakristo, nk'uko byagendekeye Paulo na bagenzi mu bo bakoreraga. Intumwa z'umusaraba zigomba kwitangira kuba maso hamwe no gusenga, bagatera imbere bafite umwete no kwizera, bakora ubudacogora mu izina rya Yesu. – *The Acts of the Apostles*, p. 230.

Urugwiro no kwishimira abandi

Umutima ukomeza kwishimira abandi mu gihe ushotowe, uzarengera ukuri kurusha ibihamya bifite imbaraga. – *L'Espoir de l'humanité*, p. 372; *The Desire of Ages*, p. 353.

Amagambo dukoresha yo gukura abantu mu binyoma, agomba kurangwa n'ubugwaneza bwinshi, nk'uko ikime n'ibitonyanga bigwa ku myaka yakakaye igahembuka. Umugambi w'Imana ni ukubanza gushyikira imitima. Tugomba kuvuga ukuri dufite urukundo, twishingikirije ku Mana ngo itange imbaraga yo guhindura imibereho. Umwuka wera azinjiza imbere mu mutima amagambo avuzwe bene ako kageni. – *Rayons de santé*, p. 330, 331; *Ministry of Healing*, p. 157.

Umutima w'impuhwe, ubugwaneza n'urugwiro bishobora

gukiza abayobye kandi bigatwikira ibyaha byinshi. Kwigaragaza k'Umwuka wa Kristo mu mico yanyu bizagira imbaraga ihindura ababazengurutse bose. Mureke Yesu akorere mu mutima wanyu uko bukeye n'uko bwije maze muzibonamo iterambere ry'ubushobozi burema bw'Ijambo rye, ari byo: icyitegererezo gituje, cyemeza kandi cy'ingirakamaro, kirema bundi bushya ubwiza bw'Umwami Imana yacu mu mitima y'abandi. – Jésus et le bonheur, p. 135; Thoughts from the Mount of Blessing, p. 129.

Kutarobanura ku butoni

Igihe cyose yamaze mu bantu, Umukiza yasangiye imibereho n'abakene. Yagize inararibonye yatumye amenya amaganya yabo n'ingorane zabo, kandi yabashaga guhumuriza no gukomeza abakozi bose ba rubanda rugufi. Abantu basobanukiwe neza n'inyigisho zarangaga imibereho ye, ntibazigera na rimwe batekereza ko hagomba gushyirwaho itandukaniro mu nzego z'abantu ; ko abakire bagomba kubahwa kuruta abakene. – L'Espoir de l'humanité, p. 65; The Desire of Ages, p. 73.

Mu gihe mutera umugongo abagaragara ko nta cyizere batanga kandi batari indangamirwa, aho mujya muzirikana ko mwirengagije imitima Yesu ari gushakashaka? Mu gihe bo baba babakeneyeho impuhwe mu buryo bwihutirwa ni bwo mwe mubatera umugongo. Muri buri teraniro ry'abasenga, haba harimo imitima iri kwahagizwa no gushaka ikiruhuko n'amahoro. Bashobora kugaragara nka ba simbirimo, nyamara ntibajya babura gukabakabwa n'imbaraga y'Umwuka Wera, kandi benshi muri bo bāgarukira Umukiza. – Les Paraboles de Jésus, p. 188; Christ Object's Lessons, p. 191.

Ihamagara ry'ubutumwa bwiza ntirikwiriye kunigwa ngo ribwirwe gusa itsinda ry'abantu bake batoranijwe abo twiibwira ko nibabwakira bizaduhesha icyubahiro. Ubutumwa bugomba guhabwa abantu bose. Ahantu hose aho imitima ikingukiye kwakira ukuri, Kristo aba yiteguye kuyigisha. – L'epsoir de l'humanite, p. 189; The Desire of Ages, p. 194.

Kwizerwa – kwiringirwa – kudatezuka

Iyo hari inshingano zigiye guhabwa umuntu, ikibazo cyo kwibazwa si icyo kumenya niba ari intyoza, cyangwa niba ari umukire, ahubwo ni ukwibaza niba ari umwiringirwa, ari umwizerwa kandi adatezuka ku murimo; kuko ibyo yakora byose, niba atujuje ibyo byangombwa ntaba akwiriye umwamya uwo ariwo wose wiringirwa. – Testimonies, vol. 4, p. 413.

Kwitanga udashaka inyungu ku bandi

Umurimo wa Kristo ugomba kutubera icyitegererezo. Ntiyatuzaga gukubita hirya no hino, akora ibyiza. Mu rusengero, mu masinagogi, mu tuyira two mu mijyi, mu masoko, mu mazu y’imyuga, ku nkengero z’inyanja no ku dusozi, yabwirizaga ubutumwa bwiza agakiza n’abarwayi. Imibereho ye yo kudashaka inyungu ku bantu igomba ku ikigisho kuri twe. Urukundo rwe rwagutse kandi rugira impuhwe ruciraho iteka kwikubiraho kwacu n’impuhwe nke. – Témoignages, vol. 3, p. 357; Testimonies, vol. 9, p. 31 .

Mubidusunikira gukorera Imana ntihagomba kubamo akantu nagato gasa no kwikunda. Kwiya hamwe n’umwuka wo kwitamba byahoze kandi bizakomeza kuba imico y’ibanze ikenewe kugira ngo umuntu akore umurimo ushimishije Imana. Umwami wacu ari na we Databuja yagennye ko nta kadodo na kamwe ko kwikubiraho kabohereza mu murimo we. Mu murimo wacu reka tugaragaze imikorere myiza, ubuhanga, kumasha intego hamwe n’ubwenge Imana itunganye yasabaga abubakaga ubuturo. Nyamara mu mihati yacu yose tugomba kujya twibuka ko italanto zikomeye cyane, imirimo igaragara cyane, byemerwa n’Imana ari uko inariye yacu yarambitswe ku gicaniro nk’igitambo gikongorwa. – Prophètes et Rois, p. 46; Prophets and Kings, p. 65.

Mu bantu bose, abagorozi bagomba kuba ari abantu batihugiraho, babagwaneza, b’abanyarugwiro cyane. Ni ngombwa ko ubugiraneza nyakuri bwigaragariza mu mibereho yabo binyuriye mu bikorwa byiza bidashaka inyungu ku bandi. – Rayons de santé, p. 230; The Ministry of Healing, p. 157.

Reka guhagarika umutima

Ibintu bizagenda nabi bitewe n’abakozi batitanze. Uko ibintu bimeze byagutera gusuka amarira; nyamara ntimuhagarike umutima. Databuja yifatiye umurimo we muri rusange, uhereye mu ntango yawo kugeza ku iherezo, uri muni y’ubuyobozi bwe buhanitse. icyo asaba abakozi be gusa ni uko bamusanga kugira ngo bakire gahunda ze kandi bumvire amabwiriza ye. Umurimo muri rusange [ni ukuvuga] –amatorero yacu, misiyozi zacu, amashuri yo ku isabato yacu, ibigo byacu– ni ikintu umutima We witayeho cyane. Ni kuki twahagarika umutima ? Kugira icyifuzo gihanitse cyo kubona Itorero rihindutse umucyo muzima kandi urabagirana uhwanye n’ubushake bw’ijuru bigomba guherekezwa no gutega amakiriro ku Mana mu buryo bwuzuye. – Review and Herald, Nov. 14, 1893

Mushakashake umutima utuje kandi mwegurire Imana imitima yanyu, Umuremyi udahemuka. Azarinda ikibitsanyo yabikijwe. Ntanezezwa n’uko igicaniro cyo tugitwikiriza amarira n’amaganya. Ubu mufite impamvu zihagije zibatera gushima, n’ubwo mwaba muri aho mutabona ihinduka ry’undi mutima. Nyamara umurimo mwiza uzakomeza gusa mu gihe muzaba mutera imbere mutihatira ko ibintu byose byakorwa nk’uko mubibona. Amahoro y’Imana nagume mu mitima yanyu, kandi munyurwe. Musigire umwanya Imana kugira ngo ibone uko ikora. Mwisiba inzira yayo. Irashoboye kandi izakora niba tuyirekeye umudendezo. – Testimonies, vol. 9, p. 136.

Kugendana inzandiko z’uburenganzira bw’ijuru

Imana ishobora gukoresha umuntu kurugero rungana n’Umwuka Wayo yamushyizemo. Umurimo izemera, ni wa wundi ugaragaza ishusho yayo. Abigishwa bayo, bagomba kugendana ibimenyetso bidasibangana by’amahame yayo adapfa, bikababera nk’inzandiko zibaha uburenganzira mw’isi. – Témoignages, vol. 3, p. 169; Testimonies, vol. 7, p. 144.

Izina rya Kristo ryagombaga kuba ijamba ngenderwaho ryabo, ikimenyetso kibatanganya n’abandi, umurunga ubahuza, ubutegetswe imikorere yabo izashingiraho, kandi rikaba n’isoko y’intsinzi yabo. Ntakigomba kwemerwa mu bwami bwe kidafite izina rye n’ikimenyetso cyo. – Conquérants Pacifiques, p. 28, The

Acts of the Apostles, p. 28.

Guhorana umwanya wo gukorera Imana

Muhore buri gihe mufite umwanya wuzuye wo kwamamaza ishimwe ry'uwabahamagaye akabavana mu mwijima akabajyana mu mucyo utangaje. – Review and Herald, 24 janvier 1893; Review and Herald, Jan. 24, 1893

Abagaragu b'Imana bagomba guhora baryamiye amajanja, barikanuye, buri gihe biteguye kandi buri kanya babangukiye kwinjira mu nzira bugururiwe n'Imigambi y'ubugiraneza bw'Imana. Gutindagira kose kubakomotseho guha Satani urwaho rwo kubatera gutsindwa. – Patriarches et Prophètes, p. 444; Patriarchs and Prophets, p. 423 .

Ubwoko bwayo bwitondera amategeko, buri gihe bugomba guhora bwiteguye gukorera abandi. – Testimonies, vol. 8, p. 247; Testimonies, vol. 8, p. 247.

Abahagarariye Kristo by'ukuri icyabo ni ugukorera ibyiza bagenzi babo. Bishimira guteza imbere umurimo w'Imana iwabo n'ahandi. baboneka kandi ukabumva mu materaniro yo gusenga, kandi imbaraga ireshya yabo irahumvikana. Bagerageza guhagarara mumwanya w'umugabura bitari mu nshingano zabo. Ntibashaka kwishyira imbere cyangwa guhererwa icyubahiro runaka ibyo bakora, ahubwo bakora biyoroheje, bafite ubugwaneza n'ubudahemuka, twaba ari uturimo duto cyangwa inshingano ziremereye, hakurikijwe ibikenewe, bitewe n'uko Kristo na we yakoze byinshi ku bwabo. – Review and Herald, 6 septembre 1881.

Abanyakuri b'intwari

Icyo itorero rikeneye muri iki gihe cy'impagarara, ni umutwe w'ingabo z'abakozi, bitoje gukora umurimo nka Paulo, abakozi bafite inararibonye yimbitse y'iby'Imana, kandi buzuye ishyaka n'umwete ugurumana. Hakenewe abantu bejejwe kandi biteguye kwitambaho igitambo, abagabo badahunga inshingano cyangwa ikigeragezo, abagabo b'intwari kandi babanyakuri; abagabo bafite Kristo mu mitima yabo "ibyiringiro by'ubwiza", abo

iminwa yabo yakojejweho ikara ryera, “bazabwiriza Ijambo”. Umurimo w’Imana uheneberezwa no kubura abantu bameze nk’abo, kandi amafuti y’injyanamuntu, ameze nk’uburozi bwica, ahindanya ubwenge kandi akijimisha ibyiringiro by’umugabane munini wa bene muntu. – Conquérants Pacifiques, p. 452, 453. The Acts of the Apostles, p. 507

Umurimo wo gukiza imitima tugomba kuwuteza imbere binyuze mu rugamba rukomeye, mu ngati yo kurwanywa, mu kaga, mu bihombo no mu mibabaro. Mu gihe cy’intambara runaka, mu gihe umutwe munini w’ingabo zishinzwe kugaba ibitero zasubiraga inyuma zihunga umwanzi, uwari utwaye ibendera, aho gusubira inyuma ahunga, akomeza kwihagararira hamwe. Kapitene amuhamagaye ngo agarure ibendera, amusubiza agira ati : “Garura abantu ku ibendera !”. Nguwo umurimo w’umukozi ukiranuka utwaye ibendera ry’ubutumwa bwiza:- kuzana abantu ku ibendera. Imana irahamagarira abantu kwitanga n’umutima wabo wose. Twese tuzi neza ko icyaha cy’abantu benshi biyita abakristo ari icyo kubura akanyabugabo n’imbaraga byo kwizana no kuzana bagenzi babo ku ibendera.– Testimonies, vol. 9, p. 45, 46.

Imana ntishobora gukoresha abantu bagera mu gihe cy’akaga, aho icyitegerereze cyabo, imbarga zabo n’umuhati wabo byari bikenewe, bagatinya guhagarara mu birindiro kugira ngo barengere iby’ukuri. Irahamagara abantu barwanya ikibi mu bukiranutsi, “bahanganye n’abatware, n’abafite ubushobozi, n’abategeka iyi si y’umwijima, n’imyuka mibi y’ahantu ho mu ijuru”. Bene abo ni bo umunsi umwe izabwira aya magambo ngo: “Nuko, mugaragu mwiza ukiranuka ; ... injira mu munezero wa Sobuja.” – Prophètes et Rois, p. 103, 104; Prophets and Kings, p. 142

Imana ishaka abantu bameze nka Eliya, Natani, Yohana Umubatiza – abagabo bamamaza ubutumwa bwayo bakiranutse, batitaye ku ngaruka bizana – abagabo bazavugana ukuri ubutwari, kabone n’ubwo ibyo byatuma batamba ibyo batunze byose. – Prophètes et Rois, p. 103; Prophets and Kings, p. 142.

Uko umwungeri yita ku mukumbi

Umwungeri utahuye ko abuze intama imwe, ntanezezwa no kwitegereza umukumbi we ngo avuge ati: N’ubwo ari uko biri,

nsigaranye mirongo icyenda n'icyenda ziri ahantu hizewe. Kuja gushakashaka ititabye ijwi riyihamagara byarushya cyane. Nigaruke, ndayugururira irembo ry'urwuri." Si ko biri, ahubwo umwungeri agitahura ko abuze intama imwe, afatwa n'intimba n'umubabaro. Agatangira kubara umukumbi we no kubisubiramo. Iyo amaze kumenya neza ko yabuze, ntashobora kongera gusinzira. Asiga mirongo icyenda n'icyenda mu rwuri kugira ngo aje gushakashaka iyazimiye. Uko ijoro rirushaho kubudika no kubamo umugaru, kandi inzira zikaba zirimo akaga cyane, ni na ko impuhwe z'umwungeri zirushaho kwiyongera kandi umwete wo gushakashaka ukarushaho kuba mwinshi. Akora ibishoboka byose kugeza ubwo ayibonye.

Mbega uko yiyumvamo guhumurizwa iyo yumviye kure kwabira kurimo umuniho kw'iyi ntama! Ayobowe n'ijwi ry'iminiho yayo, azamuka ibihanamanga by'ibiharabuge; kugeza ubwo agera ku nkengero z'imihanga miremire, aho bishobora guhitana n'ubuzima bwe. Akomeza gushakashaka mu gihe kwabira kw'iyi ntama kurushaho kugenda kugira intege nke kumwumvisha ko igiye gupfa. Amaherezo, imihati ye ikagororerwa, intama ikongera kuboneka. Ntayitonganya kuberako yamuhangayikishije kandi ikamunaniza. Ntayishushubikanisha inkoni ye. Nta n'ubwo agerageza kuyishorera ayerekeza mu rugo. Mu byishimo bimurenze, ayiterura ihinda umushyitsi akayishyira ku ntugu ze; iyo yakomeretse kandi ifite n'inguma, ayifata mu maboko ye, akayibumbatira mu gituzo cye, kugirangoubushyuhwe bwe buyigaruremo ubugingo, kandi akayigarura mu kiraro anejewe n'uko ataruhije ubusa. –Les Parables de Jésus, p. 184, 185.

Kwicisha bugufi

Mu gihe Imana itoranya abagabo n'abagore ngo bayikorere, ntibaza niba barize, ari intyoza, cyangwa bakungahaye mu butunzi bw'iyi si, ahubwo irabaza iti: mbese bagendana kwicisha bugufi ngo mbigishe inzira zanjye? Ese nashyira amagambo yanjye mu kanwa kabo? Ese bazampagararira? Testimonies, vol. 7, p. 144.

Mu murimo wanyu wo kugoboka abakene, abasuzuguritse n'abatereranwe ntumugahagarare ku agaciro kanyu no mu isumbwe ryanyu, kuko muramutse ari uko mubikoze, nta cyiza

mwazageraho. – Testimonies, vol. 6, p. 277.

Icyashoboza amatorero yacu kugira imbaraga no gutsinda mu mihati yayo, ntabwo ari imvururu, ahubwo ni ibikorwa bituje kandi byoroheje; si ukwiyerekana cyangwa gushyomoka, ahubwo ni imihati urimo kwihangana, gushinyiriza, n’amasengesho. – Testimonies, vol. 5, p. 130.

Kwicisha bugufi mu gihe watsinzwe inshuro nyinshi bihinduka umugisha, mu kutwumvisha ko tutashobora gusohoza ubushake bw’Imana tudafashijwe na yo. – Patriarchs and Prophets, p. 633.

Italanto z’umuntu woroheje zirakenewe mu murimo w’inzu ku nzu, kandi zishobora gukora byinshi kurusha impano z’akataraboneka. – Testimonies, vol. 9, p. 37, 38.

Ijuru ryose ryitaye kuri uyu murimo ukorerwa mu isi n’intumwa z’Imana mu izina rya Yesu Kristo w’i Nazareti. Uyu ni umurimo w’agaciro, bene Data na bashiki banjye, kandi tugomba kwicisha bugufi imbere y’Imana buri muni, ntitwibwire ko ubwenge bwacu buhagije. Tugomba gukorana umwete umurimo. Ntitugomba gusaba Imana ko ari yo iducisha bugufi; kuko Imana iramutse iturambuyeho ukuboko, yaducisha bugufi mu buryo butatunejeje. Ahubwo uko bukeye n’uko bwije tugomba kwicisha bugufi ubwacu muni y’ukuboko gukomeye kw’Imana. Tugomba gukorera agakiza kacu dutinye kandi duhinda umushyitsi. N’ubwo Imana ariyo idutera gukunda no gukora ibyo yishimira, tugomba gufatanya na yo mu gihe iri gukorera muri twe. – Review and Herald, 12 juillet 1887.

Tugomba guharanira kwinjira mu irembo rifunganye. Kandi amapata y’iryo rembo atajegajega. Ntiryakwemerera imico idakwiriye kuryinjiramo. Kuri ubu tugomba guharanira ubugingo buhoraho, dufite umuhati ukwiranye n’agaciro k’ikamba riri imbere yacu. Amafaranga, imirima, urwego umuntu afite muri rubanda, si byo bizugurura amarembo ya paradiso, ahubwo ni ukugira imico isa ni ya Kristo. Agaciro umuntu afite cyangwa urugero rw’ubuhanga si byo bizaduhesha ikamba ryo kudapfa. Ahubwo izo mpano zizahabwa gusa abagwaneza n’abiyoroheje mu mitima, kandi bashyize ibyiringiro byabo mu Mana. – Southern Watchman, 16 avril 1903.

Igihe mutashye muvuye mu murimo w’ivugabutumwa,

ntimukiyamamaze ubwanyu, ahubwo muzerereze Yesu; mushyire hejuru umusaraba w'i Kalvari. – Testimonies, vol. 5, p. 596.

Kwicisha bugufi kubanziriza icyubahiro. Ijuru ritoranya umukozi umeze nka Yohana Umubatiza, wemera gufata umwanya woroheje imbere y'Imana kugira ngo abe mu mwanya w'icyubahiro imbere y'amaso y'abantu. Umwigishwa usa cyane n'umwana muto ni we mukozzi ukwiranye neza n'umurimo w'Imana. Impuguke z'ijuru zuteguye gufatanya n'umuntu ushaka gukiza imitima, Atari ushaka kwishyira hejuru. – L'Espoir de l'humanité, p. 466. The Desire of Ages, p. 436

Kwirinda

Iyaba buri mwana w'Imana wese yiyumvishaga akamaro ko kuba uwirinda mu mirire ye, mu myambarire ye hamwe no mu byo akora, yashobora kuzuza ibyo asabwa byose mu murimo w'Imana. Iyo umukozi yananjijwe no kwita kumurimo, akaba yakoresheje agahanyu umubiri n'intekerezo, agomba kujya ahiherereye akaruhuka ho hato, umugambi we atari kwishimisha ubwe, ahubwo ari ukugira ngo yitegure neza inshingano z'ahazaza. Dufite umwanzi utagoheka, uhora aturya isata burenge, kugira ngo abone uko yuririra mu ntege nke zose zizamushoboza gutuma ibishuko bye birushaho kugira umusaruro w'ibibi. Iyo intekerezo zamaze kubamo ihubi kandi n'umubiri ucogoye umwanzi abyungukiramo kugira ngo yungikanye ibishuko bye bikaze cyane, kugira ngo agushe uwo umwana w'Imana. Umukozi w'Imana agomba kubungabunga imbaraga ze, kandi igihe ananijwe n'umurimo ashinzwe, reka aje ahiherereye aruhuke asabana n'Imana. (Review and Herald, 14 novembre 1893.

Gukoresha nabi imbaraga z'umubiri bikenya ubuzima bwari kuzakoreshwa mu guhesha Imana icyubahiro. Kandi bitunyaga ubushobozi bwo gusohozza umurimo Imana yaduhaye gukora. Binyuze mu kumenyera ibibi kwacu, nko gukererwa kuryama, kunezeza ipfa twice ubuzima, tuba turi gutegura urubuga rw'intege nke. Kwirengagiza imyitozo y'umubiri, kugwa agacuho mu ntekerezo no mu mpagarike biburagiza urwungano rw'imitsi yumva. Abakenya ubuzima bwabo muri ubwo buryo baba binyaze ubushobozi bwo gukorera abandi ku bwo kutita ku mategeko

karemano, kandi bakaba bishyizeho igicumuro cyo kwiba Imana, ndetse baba biba bagenzi babo. Muri ubwo buryo baba bazimije amahirwe yo gukorera ibyiza bagenzi babo kandi aho ari byo Imana yabahamagariye muri iyi si. Maze bakaba binyaze ubushobozi bwo gukora n'icyo bagombaga gukora mu gahe kagufi k'uburame. Imana itubaraho icyaha iyo, ku bw'akamenyero kabi, tuvukije isi ibyiza twakagombye gushobora kuyikorera. – Les Parables de Jésus, p. 355; Christ's Object Lessons, p. 346, 347.

Mu byo idusaba, Imana yacu ihora ari inyembabazi, yuzuye impuhwe n'ubwenge. Nt'idusaba kwishora mu murimo watuma tuzimiza amagara mazima cyangwa gucogoza ubushobozi bwacu bwo gutekereza. Ntishaka ko dukoresha n'igitutu hamwe n'impagarara kugeza ubwo bitubyarira kunanirwa no gucogora kw'imitsi yumva. Imana yaduhaye ubushobozi bwo gutekereza, yifuza ko tumenyereza izo ntekerezo kandi tugakora duhamanya n'amategeko y'ubuzima yatewe muri twe, kuko kuyagandukira kuzaduhesha kumererwa neza mu mubiri. Iminsi irakurikirana, kandi buri wose muri yo ufite ibyawo n'inshingano zawo, ariko umurimo w'ejo ntugomba kwinjizwa mu w'uyu munsu. Abakozi mu murimo w'Imana bagomba kwiyumvisha imiterere yawo yera, kandi bagomba kwitegura umurimo w'umunsu ukurikiyeho mu gukoresha neza imbaraga zabo z'uwo munsu barimo. – Review and Herald, 7 novembre (November) 1893.

Ikiruhuko no gutekereza

Abigishwa ba Yesu bagombaga guhugurwa ku buryo bwo gukora n'ubwo kuruhuka. Muri iki gihe birakenewe ko abakozi batoranijwe n'Imana bumvira itegeko rya Kristo ribasaba kujya ahiherereye kugira ngo baruhuke akanya gato. Hari ubugingo bwinshi bw'agaciro bwazimijwe bitari ngombwa bitewe no kutamenya no kudaha agaciro iri tegeko... N'ubwo ibisarurwa ari byinshi kandi n'abakozi bakaba ari bake, ntacyo umuntu asarura mu gutamba amagara ye n'ubugingo bwe... Hari abakozi benshi bananiwe kandi bacogoye bumva bababaye cyane iyo babona ubwinshi bw'ibigomba gukorwa n'ukuntu utwo bo bashoboye gukora ari duke. Mbega ukuntu bifuzwa imbaraga z'umubiri ngo bakore byinshi; nyamara bene abo ni bo Kristo abwira aya

magambo ngo “Muze mwenyine ahiherereye, muruhukeho hato.”
– Review and Herald, 7 novembre 1893.

Imibereho y’umukristo ntigizwe no gukora ubutaruhuka, cyangwa no guhora wibwira iby’Imana. Abakristo bagomba gukorera agakiza k’abazimiye bafite umwete, kandi bagomba kugena igihe cyo kwitegereza, icyo gusenga hamwe n’icyo kwiga Ijambo ry’Imana. Si byiza guhora buri kanya uri kotswa igitutu n’umurimo hamwe n’impagarara, kuko iyo ari uko bibaye, kwera k’umuntu ku giti cye kurirengagizwa kandi ubushobozi bw’intekerezo n’ubw’impagarike bukononekara. – Review and Herald, 7 novembre 1893.

Abantu bose binjira mu ishuri ry’Imana bakeneye igihe gituje cyo gushyikirana n’imitima yabo ubwabo, n’ibyaremwe hamwe n’Imana. Muri bo hagomba kugaragarira imibereho inyuranye n’imigenzo n’imikorere y’ab’isi; kandi bakeneye kugira inararibonye yihariye yo kumenya ubushake bw’Imana. Buri wese ku giti cye, agomba kumva Imana ibwira umutima we. Igihe andi majwi yose yacecetse, maze tugategereza Imana dutuje; gutuza k’umutima ubwako gutuma ijwi ry’Imana rirushaho gusobanuka. Ikatubwira iti : “Tuza, kandi umenye ko ndi Imana.” Umwiteguro nk’uwo ni ingirakamaro mu murimo wose wo gukorera Imana. Hagati mu mbaga y’abantu bahugiranye, no mu mpagarara z’imirimo myinshi yo muri ubu buzima, uwamaze guhembuka atyo aba azengurutse n’ikirere cy’umucyo n’amahoro. Azahabwa imbaraga nshya z’umubiri n’iz’ubwenge. Imibereho ye izakwirakwiza impumuro nziza, kandi izagaragaza imbaraga z’Imana zizakabakaba imitima y’abantu. – The Ministry of Healing, p. 58.

Umwuka wera

Isezerano

Isezerano ry'Umwuka natwe ni iryacu muri iki gihe nk'uko ryari iry'abigishwa ba mbere. Imana yifuza kongera kwambika imbaraga mvajuru abagabo n'abagore nk'uko yabikoreye abumvise Ijambo ry'agakiza ku muni wa Pantekote. No muri aka kanya ubwako, Umwuka wayo n'ubuntu bwayo ni iby'ababifitiye amakene bese, kandi bemera Ijambo ryayo. – Temoignages, vol. 3, p. 247; Testimonies, vol. 8, p. 20.

Isezerano ry'Umwuka Wera ntirigarukira ku gihe runaka cyangwa ishyanga runaka. Kristo yasezeranye ko iyo mbaraga mvajuru y'Umwuka Wera yari kuzabana n'abigishwa be kugeza ku iherezo ry'isi. Uhereye ku muni wa Pantecote kugeza muri iki gihe cya none, Umufasha yohererejwe abantu bese biyeguriye burundu Imana n'umurimo wayo. – Conquérants pacifiques, p. 44; The Acts of the Apostles, p. 40.

Imana ishaka kongera guhembura ubwoko bwayo ikoresheje impano y'Umwuka Wera, ikababatiza bundi bushya mu rukundo rwayo. Nta mpamvu y'umwūma w'iby'umwuka mu Itorero. Nyuma yo kujya mu ijuru kwa Kristo, Umwuka Wera yamanukiye abigishwa bari bategereje kandi basengera mu kwizera, bafite kuzura n'imbaraga yakoze kuri buri mutima. Mu gihe cy'ahazaza, isi igomba kumurikirwa n'ubwiza bw'Imana. Imbaraga y'Imana igomba gukwirakwizwa mu isi yose n'abejwe n'ukuri. Isi igomba gutwikirwa n'ikirere cy'impumuro y'ubuntu. Umwuka wera agomba gukorera ku mitima y'abantu kugira ngo ayihishurire ukuri kuva ku Mana. - Sauthen Watchman, 5 septembre 1905.

Ni iby'ukuri ko mu gihe cy'iherezo ubwo umurimo w'Imana uzaba uri kurangira ku isi, iyamamazwa ry'ubutumwa bwiza riyobowe n'Umwuka Wera rizaherekezwa n'ibimenyetso bidasanzwe byo kwitabwaho n'ijuru. Hifashishijwe icyitegererezo cy'imvura ibanza n'icy'imvura iheruka igwa mu bihugu by'iburasirazuba mu gihe cy'ibiba n'icy'isarura, abahanuzi b'Abaheburayo bahanuye iby'isukwa ry'ubuntu bw'Imana ku Itorero ry'Imana ku rugero rudasanzwe. Isukwa kw'Umwuka Wera mu minsi y'intumwa yari imvura ibanza, cyangwa imvura

y'umuhindo, kandi yagize umusaruro w'agahebuzo. Uko ni ko Umwuka Wera azakomeza kuba mu Itorero ry'ukuri kugeza ku herezo ry'ibihe. – Conquérants pacifiques, p. 49; The Acts of the Apostles, p. 54, 55.

Isukwa ry'Umwuka Wera kuri Pantekote yari « imvura y'umuhindo », kandi yagize umusaruro ushimishije. Nyamara « imvura y'itumba » yo izarushaho kuba nyinshi. Mbese ni irihe isezerano ryagenewe abo muri iyi minsi iheruka ? "Nimuhindukirire igihome gikomeye mwa mbohe zifite ibyiringiro mwe; na n'uyu munsu ndabihamya, nzabashumbusha kabiri... Nimusabe Uwiteka imvura, imvura mu gihe cy'itumba, muyisabe Uwiteka urema imirabyo ; na we azabavubira imvura y'umurindi, umuntu wese azamumereza ubwatsi mu rwuri rwe." – Temoignages, vol. 3, p. 248; Testimonies, vol. 8, p. 21.

Imana yifuza gusuka Umwuka wayo

Nyagasani yifuza cyane guha Umwuka We abamukorera kuruta uko ababyeyi bifuza guha abana babo impano nziza. – Conquérants pacifiques, p. 46; The Acts of the Apostles, p. 50.

Mu gihe cyose n'ahantu hose, mu buribwe bwacu bwose no mu mibabaro yacu yose, igihe ibyo twibwira bitubereye icuraburindi, n'ahazaza hakadutera impagarara, igihe twiyumvamo ko tubuze kivurira kandi dutereranwe, twohererezwa Umufasha mu gisubizo cy'amasengesho yo kwizera. Ibitugwirira bishobora kudutandukanya n'inshuti zacu zose dufite ku isi ; nyamara nta na cyakwaduka, nta ntera n'imwe ishobora kudutandukanya n'Umufasha wo mu ijuru. Aho twaba turi hose n'aho twajya hose, ahora ari iburyo bwacu kugira ngo adushyigikire, adufashe, adukomeze kandi adutere akanyabugabo. - L'Espoir de l'humanité, p. 726; The Desire of Ages, p. 669, 670.

Buri gitondo, igihe intwari z'ubutumwa bwiza zipfukamye imbere y'Imana ngo zivugurure ubwitange bwazo ku murimo wayo, ibaha kubana n'Umwuka wayo, hamwe n'imbaraga yawo ihembura kandi yeza. Uko bagiye ku nshingano z'uwo munsu, baba bafite ubwishingizi bw'uko imbaraga itagaragara y'Umwuka Wera ibashoboza kuba abakozi bakorana n'Imana. – Conquérants pacifiques, p. 50; The Acts of the Apostles, p. 56.

Turiho mu gihe imbaraga y'Umwuka Wera iri gukora. Iyo mbaraga ishaka gukora binyuriye mu biremwa bantu, kugira ngo irusheho gukwira mu isi. - Southern Watchman, 3 novembre 1903.

Ibisabwa ngo yakirwe

Umwuka Wera azamanukira ku bantu bose basaba umutsima w'ubugingo ngo bawuhe bagenzi babo. – Testimonies, vol. 6, p. 90.

Ubwo tuzahuriza imitima yacu muri Kristo, kandi imibereho yacu ikaba ihamanya neza n'umurimo we, natwe tuzamanukirwa n'Umwuka Wera nk'uwamanukiye ku bigishwa ku munsu wa Pantekote. – Témoignages, vol. 3, p. 298; Testimonies, vol. 8, p. 246.

Kuba ubutunzi bw'ubuntu bw'Imana butamanukira ku bari mu isi, si uko Imana yabwimanye. – *Les paraboles de Jésus*, p. 367, Christ's Object Lessons, p. 419.

Kugira ngo Umwuka Wera atumanukireho, ategereje ko tumusaba kandi tukaba twiteguye kumwakira. – *Les paraboles de Jésus*, p. 115 ; Christ's Object Lessons, p. 121.

Niba ubwo aribwo buryo twaherwamo imbaraga, ni kuki tutagira inzara n'inyota y'impano y'Umwuka Wera? Ni kuki tutawuvugaho kandi kuki tudasengera kuwuhabwa ? Ni kuki tutabwiriza ku birebana n'iyi ngingo? – *Conquérants pacifiques*, p. 46. The Acts of the Apostles, p. 50

Niba gusohora kw'isezerano kutagaragara nk'uko kwagombaga kuba, biterwa n'uko iryo sezerano ritahawe agaciro nk'uko bikwiriye. Bose baba barujijwe Umwuka Wera, iyo babishakaga. – *Conquérants pacifiques*, p. 45; The Acts of the Apostles, p. 50.

Buri mugaragu w'Imana wese agomba gusaba Imana ngo imubatirishe amubatirishe uwo Mwuka buri munsu. Nihakorwe amatsinda y'abizera yo gusaba ubutabazi hamwe n'ubwenge bwo mu ijuru, kugira ngo bashobore gutekerezaga no gushyiraho imigambi irimo ubwenge. By'umwihariko nibasabire abagaragu b'Imana bari mu murimo kugirango Imana ibashe Umwuka wabo mu rugero rusesekaye. – *Conquérants pacifiques*, p. 46; The Acts of the Apostles, pp. 50, 51.

Abakristo nibazibukire amacakubiri yose, maze biyegurire Imana kubw'umurimo wo gukiza abazimiye. Nibasabane kwizera imigisha yasezeranywe, kandi bazayihabwa. – Testimonies, vol. 8, p. 21.

Abigishwa ntibisabiraga umugisha wabo ubwabo. Babaga baremerewe n'umutwaro w'imitima. Ubutumwa bwagombaga kugezwa ku mpera z'isi, maze bagatitiriza basaba ngo Kristo abahe impano y'imbaraga yari yarabasezeraniye. Ubwo ni bwo habayeho isukwa ry'Umwuka Wera, maze ibihumbi byinshi by'abantu bihana ku umunsi umwe. - Southern Watchman, 1 août 1905.

Kristo yasezeraniye Itorero rye ko azariha impano y'Umwuka Wera, natwe iryo sezerano ni iryacu nk'uko ryari iry'abigishwa ba mbere. Ariko, nk'uko bimeze ku yandi masezerano yose, iri na ryo hari icyo risaba. Hariho umubare munini w'abantu batura ko bizera amasezerano ya Nyagasani ; bavug Kristo n'Umwuka Wera, ariko nta cyiza na kimwe babivanamo. Ntibarekura imitima ngo iyoborwe kandi igengwe n'imbaraga mva juru. Ntidushobora gukoresha Umwuka Wera. Umwuka Wera ni wo ugomba kudukoresha. Imana ikorera mu bayo binyuriye mu Mwuka kugira ngo "ibatere gukunda no gukora ibyo yishimira". Ariko benshi ntibazemera ibyo. Bashaka kwiyo bora ubwabo. Iyo ni yo mpamvu batakira iyo mpano yo mu ijuru. Umwuka ahabwa gusa abategereje Imana biyoroheje kandi bashaka ubuyobozi n'ubuntu bwayo. Imbaraga y'Imana itegereje ko bayisaba kandi bakayakira. Uwo mugisha wasezeranywe, iyo usabanywe kwizera, uzana n'indi migisha yose. Uwo mugisha utangwa ku rugero rw'ubutunzi bw'ubuntu bwa Kristo, buri gihe ahora yiteguye gukungahaza umutima ku rugero ushobora kwakiraho impano ze. – L'espoir de l'humanité, p. 729; The Desire of Ages, p. 672.

Isukwa rikomeye ry'Umwuka w'Imana, rimurikisha isi yose ubwiza bwayo, rizabaho gusa mu gihe tuzaba dufite ubwoko busobanukiwe, bufite inararibonye ibushoboza kumenya gukorana n'Imana icyo ari cyo. Igihe tuzaba tumaze kwiye gurira mu murimo wa Kristo n'umutima wacu wose, Imana izabihamisha gusuka Umwuka wayo ku rugero rutagerwa; nyamara ibyo ntibishobora kubaho mu gihe umugabane munini w'abagize Itorero batari baba abakozi bakorana n'Imana. – Review and Herald, 21 July 1896.

Igikenewe kugira ngo tugere ku intsinzi

Kubana n'Umwuka Wera kw'abagaragu b'Imana bizahesha imbaraga iyamamazwa ry'ukuri idashobora gutangwa n'ibyubahiro no guhimbazwa bitatangwa n'isi. – *Conquérants pacifiques*, p. 46; *The Acts of the Apostles*, p. 51.

Imana ntidusaba gukora umurimo uri imbere yacu mu mbaraga zacu bwite. Yateganiye ubufasha mvajuru mu bihe byose ubushobozi bwa kimuntu bugaragaye ko budahagiye. Itanga Umwuka Wera ngo adufashe muri buri ngorane kugira ngo ashikamishe ibyiringiro byacu n'ubwishingizi bwacu, kugira ngo imurikire ubwenge bwacu no kweza imitima yacu. – *Southern Watchman*, 1 Aug. 1905.

Nyuma y'isukwa ry'Umwuka Wera, abigishwa buzuyemo gukunda Kristo n'abo yapfiriye, ku buryo imitima y'abantu yakabakabwaga n'amagambo yabo n'amasengesho yabo. Bavugishwaga n'imbaraga y'Umwuka; kandi ku bw'iyi mbaraga, ibihumbi n'ibihumbi byarihanaga. – *Conquérants pacifiques*, p. 23; *The Acts of the Apostles*, p. 22.

Umuntu ushyira inariye ku ruhande, akemerera Umwuka Wera gukorera mu mutima we, kandi akagira imibereho yiyeguriye Imana burundu kuba ingirakamaro kwe ntikugira urubibi. – *Southern Watchman*, 1 Aug. 1905.

Mbese ni izihe ngaruka zakomotse ku isukwa ry'Umwuka Wera ku munsu wa Pantekote?-- Inkuru nziza yo kuzuka k'Umukiza yamamajwe kugera ku mpera y'isi yari izwi icyo gihe. ... Ku bw'umurimo wabo Itorero ryongerewe abantu batoranijwe, bamaze kwakira ijamba ry'ubugingo, kubaho kwabo bakwegurira kumenyesha abandi ibyiringiro byari byujuje imitima yabo amahoro n'ibyishimo. Abantu amagana bamamaje ubu butumwa : "Ubwami bw'Imana buri hafi." Nta gikangisho na kimwe cyashoboraga kubatangira cyangwa ngo kibatere ubwoba. Nyagasani yavugiraga mu kanwa kabo; kandi aho bajyaga hose, abarwayi barakiraga n'ubutumwa bwiza bukabwirizwa abakene. Uko niko Imana ishobora gukoresha iyo mbaraga ikomeye igihe abantu birekuriye kuyoborwa n'Umwuka wayo. - *Southern Watchman* 1 Aug. 1905.

Umwuka Wera ni impumeko y'ubugingo bw'iby'umuka mu mutima. Guhabwa Umwuka ni uguhabwa ubugingo bwa Kristo. Uwakiriye umwambika imico ya Kristo. Abigishwa n'Imana batyo, abafite gukora k'Umwuka Wera ukorera muri bo, kandi bakaba bagaragaza gusa na Kristo mu mibereho ya bo, nibo gusa bagomaba guhagarara nk'abagabura bahagarariye itorero. – *L'espoir de l'humanite*, p. 866, 867. *The Desire of Ages*, p. 805

Vuba aha hagiye kubaho guhinduka kwihariye kandi kwihuta, kandi Ubwoko bw'Imana bugomba guhabwa Umwuka Wera kugira ngo ku bw'ubwenge mva juru, bushobore guhangana n'ingorane ziyadukiza muri iki gihe, kandi mu buryo bushoboka bwose bagahangana n'ibicogoza byo mu isi. Niba Itorero ridasinziye, niba abigishwa ba Kristo bari maso kandi basenga, bazakira umucyo uzabashoboza gutahura imikorere y'umwanzi. – *Temoignages*, vol. 3, p. 77, 78; *Testimonies*, vol. 6, p. 436.

Isezerano ritahawe agaciro

Kristo yahamije ko imbaraga mva juru y'Umwuka izagumana n'abigishwa be kugera ku iherezho. Nyamara iri sezerano ntirihabwa agaciro nk'uko byari bikwiriye; ku bw'ibyo, gusohora kwaryo ntikuba nk'uko kwari gukwiriye kumera. Isezerano ry'Umwuka Wera n'ingingo itekerezwa buke; ingaruka twakwitega z'ibyo ni: umwuma, umwijima, urupfu hamwe no guhenebera mu by'umwuka. Ingingo zitari iz'ingenzi cyane ni zo zuzura intekerezo, maze ubushobozi mvajuru bukenewe mu gikuriro n'iterambere ry'itorero, bwari kuza n'indi migisha y'uburyo bwose, burabura nubwo bwatanzwe mu kuzura kwabwo. – *Temoignages*, vol. 3, p. 248. *Testimonies*, vol. 8, p. 21

Abategereje ihemburwa batagira icyo bakora

Hariho bamwe bategereje mu bwebwe ibihe bidasanze by'ihembura ry'iby'Umwuka aho ubushobozi bwabo bwo kumurikira abandi buziyongera bikomeye mu cyimbo cyo gukoresha neza amahirwe bafite ubu. Birengagiza inshingano zabo n'amahirwe bafite, bakareka uwo mucyo wabo ukaka unyenyenze, mu gihe biringira ibihe bazaherwamo imigisha

idasanzwe izabahindura ikabahesha gukorera Imana bo nta muhati babigizemo. – *Conquérants pacifiques*, p. 48, 49; *The Acts of the Apostles*, p. 54.

Umusimbura wa Kristo

Umwuka Wera ni we uhagarariye Kristo, nyamara ntiyambaye ubumuntu kandi ntiyishingikirije ku miterere y'ubumuntu. Kristo ntiyashoboraga kubera hose icyarimwe akibangamiwe no kwambara umubiri. Bityo rero yari amahirwe yabo ko ajya kwa Se akaboherereza Umwuka wo kumusimbura hano ku isi. Uhereye ubwo nta muntu n'umwe wongeye kubona amahirwe akomotse ku mpagarike ye bahuriye aha cyangwa ahandi, cyangwa kwibonanira ku giti cye na Kristo. Ku bw'Umwuka, Umukiza yagombaga gushyikirwa na buri wese. Muri ubwo buryo yagombaga kubaba hafi cyane kuruta igihe yabaga atarajya mu ijuru. – *L'espoir de l'humanite*, p. 725; *The Desire of Ages*, p. 669.

Umwuka Wera ari ku murimo uhereye mu itangira

Uhereye muri gatanga ka mbere, binyuriye mu Mwuka Wera, Imana yagiye yiyambaza ibikoresho bya kimuntu kugira ngo isohoze imigambi yayo yo gutabara inyoko muntu yarohamye. Ibyo byagaragariye mu mibereho y'abakurambere. Mw'itorero ryo mu butayu, mu gihe cya Mose, Imana yahaye abantu « Umwuka wayo mwiza wo kubigisha ». No mu gihe cy'intumwa yakoreye itorero ryayo ibikomeye binyuze mu Mwuka Wera. Iyo mbaraga ni yo yakoresheje abakurambere iha Yosua na Kalebu kwizera n'akanyabugabo, kandi ituma umurimo w'itorero ry'intumwa uba ingirakamaro, kandi ishyigikira abana b'Imana bakiranuka mu binyejana byose byaje gukurakuranwa. Ni ku bw'iyi mbaraga y'Umwuka Wera abakristo b'Abavoduwa bo mu gihe cy'imyaka yo hagati bagize uruhare mu gutegura inzira y'ubugorozi. Ni na wo watumye imihati y'abagabo n'abagore igera ku instinzi ari bo baciye inzira muguhanga za misiyoni za kino gihe, kandi bahindura Bibiliya mu ndimi n'imvugo z'amahanga yose n'amoko yose. – *Conquérants pacifiques*, p. 48; *The Acts of the Apostles*, p. 53.

Chap. 26 Ubwishingizi bwo gutsinda

Ubwishingizi buva ku Mana

Imana izakora umurimo nituramuka tuyihaye ibikoresho. – Testimonies, vol. 9, p. 107.

Imana izemera umurimo ukoranwe umutima wose wose, kandi ubwayo izuza ibibura. – Ministry of Healing, p. 150.

Igikorwa cyose cyo gukiranuka kizandikwa ubudasibangana, n'ubwo ugikora yaba yiyumvamo ko nta cyo yakoze gikwiriye kwandikwa. – Testimonies, vol. 2, p. 683.

Niba mwaritanze by'ukuri, Nyagasani azabakoresha kuzana abandi mu kuri, abo izakoresha nk'imiyoboro yo kugeza umucyo ku mbaga y'abantu bakirindagirira mu mwijima. – Témoignages, vol. 3, p. 117. Testimonies, vol. 7, p. 63

Vuba aha cyane ukuri kugiye kuneshanya icyubahiro, kandi abantu bose biyemeza gufatanya n'Imana muri iki gihe bazaneshanya na ko. – Témoignages, vol. 3, p. 420. Testimonies, vol. 9, p. 135

Buri wese mu bitangira umurimo w'Imana batizigamye na gato ahabwa ubushobozi buzamuhesha kugera ku musaruro utagira akagero. – Testimonies, vol. 7, p. 30.

Nidukorana ishyaka, kubw'agakiza ka bagenzi bacu Imana izagororera imihati yacu yose. – Témoignages, vol. 3, p. 387. Testimonies, vol. 9, p. 86

Mu igenamigambi ryayo ryagutse, Imana ifitemo umwanya wa buri muntu. Italanto zidakenewe ntizitangwa. Italanto yaba ari nto. Imana iyifitiye umwanya, kandi iramutse ikoreshejwe neza yasohozwa umurimo w'icyo Imana yayitangiye. – Testimonies, vol. 9, p. 37.

Abagaragu bayo boroheje hanyuma y'abandi, baramutse bafataniye na Kristo, bashobora gukora ku mirya amajwi yayo azirangira akageza ku mpera y'isi, kandi ikazumvikana kugeza iteka ryose. – Rayons de santé, p. 332, The Ministry of Healing, p. 159.

Intsinzi nyakuri mu byo umuntu akora ibyo ari byo byose, si ingaruka y'amahirwe, si ibipfa kwiyadukiza cyangwa igeno. Ni ugusohora k'ubushake bw'Imana, ni ingororano yo kwizera hamwe

n'amakenga, ingeso nziza no gushinyiriza. Imiterere ihanitse y'ubujijuke, urugero ruhanitse rwo gutunganya, ntibiza nk'impanuka. Imana itanga uburyo, intsinzi igaterwa n'uko tubukoresheje. – Prophets et Rois, p. 370, 371; Prophets and Kings, p. 486

Abashaka kwinjira mu murimo, haba mu gihugu cyabo bwite cyangwa mu bihugu bya kure bagomba kuja mbere mu izina ry'Uwiteka. Niba batege ubuntu n'imbaraga ku Mana, bazaba abaneshi. Mu ntango, umurimo wabo ushobora kubagaragarira nk'udasobanutse, nyamara uzagenda waguka nibakurikiza igenamigambi rya Nyagasani. Imana iriho. izajya yita ku mukozi utikanyiza, kandi witamba, uko yaba ari kose n'aho yaba ari hose. – Southern Watchman, 9 April 1903.

Gufatanya n'ibiremwa by'ijuru

Tugomba kurushaho gusobanukirwa neza umurimo w'abamalayika. Byaba byiza kwibuka ko buri mwana w'Imana nyakuri afatanye n'ibiremwa byo mu ijuru. Ingabo zitagaragara zifite ubushobozi n'umucyo zigota abagwanyeza n'abicisha bugufi bizera bakanishyuzwa amasezerano y'Imana. Abakerubi, abaserafi, n'abamalayika bahebuje mu mbaraga kandi bahagaze iburyo bw'Imana, bese ni "imyuka ikorera Imana, itumwa gukora umurimo wo gufasha abazaragwa agakiza?" - Conquérants pacifiques, p. 136; The Acts of the Apostles, p. 154.

Mwibuke ko Umwami Yesu ari we uyoboye umurimo. Ni we uvomerera imbuto mubiba. Abashyiramo amagambo abashoboza kugera ku mitima. – Testimonies, vol. 9, p.41.

Mwirundurire mu murimo w'Imana mu buryo bwuzuye. Ni Yo mbaraga zanyu, kandi izabahagarara iburyo kugira ngo ibafashe gusohoza imigambi yayo y'imbabazi. – Testimonies, vol. 9, p. 41.

Ubuhanga bw'ab'ijuru buzakorana n'umuntu ushakashaka gutungana kw'imico afite kwizera kutajegajega. Yesu abwira abwira buri wese winjira muri uwo murimo ati: "Mpagaze iburyo bwawe kugira ngo ngutabare." – Les Parables de Jésus, p. 339; Christ's Object Lessons, p. 332.

Iyo ubushake bwa kimuntu bushyize hamwe n'ubw'Imana, bugira imbaraga zishobora byose. Ikintu cyose kigomba gukorwa

ku itegeko ryayo gishobora gusohorezwa mu mbaraga zayo. Ibyo isaba abantu, iranabibashoboza. – Les Parables de Jésus, p. 339; Christ's Object Lessons, p. 333.

Mu gihe mukorera abazimiye, abamalayika bafatanyaga namwe. Abamalayika uduhumbagiza biteguye gukorana n'amatorero yose mu gukwirakwiza umucyo Imana yishimiye kuduha kugira ngo abantu bategurirwe kugaruka kwa Kristo. – Témoignages, vol. 3, p. 414 ; Testimonies, vol. 9, p. 129.

Abamalayika bose b'ijuru biteguye gukora kuri uyu murimo. Ubutunzi bwose bw'ijuru bugenewe abantu bose bihatira gukiza imitima iri kuzimira. Abakozi b'ijuru bazabafasha gukabakaba abinangiye cyane n'abakabije kuba ba simbirimo. Iyo umwe muri abo agaruriwe Imana, ijuru ryose riranezerwa; abaserafi n'abakerubi bagacuranga inanga zabo za zahabu; bakarimba bahimbaza Imana n'Umwana w'intama bitewe n'imbabazi zabo n'impuhwe bagirira abana b'abantu. – Les Parables de Jésus, p. 195; Christ's Object Lessons, p. 197.

Uwahamagaye abarobyi b'i Galilaya na n'uyu munsu aracyahamagarira abantu kujya ku murimo we. Yifuza kugaragariza muri twe imbaraga ze nk'uko yari yabigenje mu bigishwa be ba mbere. Uko twaba turi kose mu kudatungana no mu byaha, Nyagasani aduha guhinduka abafatanyije na we tukigira kuri Kristo. Aturarikira kuyoborwa n'inyigisho z'ijuru kugira ngo nidufatanywa na Kristo, dushobore gukora imirimo y'Imana. – L'Espoir de l'humanité, p. 302; The Desire of Ages, p. 297.

Mbese ntumutekerezaga ko Kristo yita ku bantu bose bemeye kuba abe burundu? Mbese ntumutekerezaga ko agenderera abameze nka Yohana ukundwa, bageragezwa bagashyirwa mu ngorane ku bwe ? Agenderera abakiranutsi be, ashidikirana na bo, akabatera akanyabugabo no kubakomeza. Kandi Nyagasani yohereza abamalayika b'imbaraga z'agahebuzo kugira ngo bakore umurimo wabo wo gufasha abakozi babwiriza ukuri ku batarakumenyaga. – Témoignages, vol. 3, p. 244; Testimonies, vol. 8, p. 17.

Ijuru ryose riri ku murimo kandi abamalayika biteguye gufatanyaga n'abategura igenamigambi kugira ngo imitima Kristo yapfiriye ishobore kumenyaga inkuru nziza y'agakiza. Abamalayika bakora umurimo wo gufasha abazaragwa agakiza barabwira buri

mukiranutsi nyakuri bati “Hariho umurimo ugomba gukora » « Nimugende... mubwire abantu amagambo yose y’ubugingo.” (Ibyakozwe n’Intumwa 5:20). Iyaba ababwirwa aya magambo bose bashakaga kuyumvira, Nyagasani yategura inzira imbere yabo, akabaha ibyo bakeneye byose. – Testimonies, vol. 6, p. 433, 434.

Mu gihe gisa n’iki umwana w’Imana wese agomba gukorana umwete agafasha abandi. Abamalayika bazajya baherekeza abantu bose bazi ukuri kwa Bibiliya, mu gihe bihatira gushakashaka abagabo n’abagore basanzeye umucyo. Kandi aho abamalayika berekeye hose, ushobora kuja mbere nta bwoba. Uyu murimo, nukoranwa gukiranuka, uzatuma umubare munini w’abanyabyaha batera umugongo ibigirwamana byabo baramye Imana nzima. Abantu benshi bazarekera aho kūnamira ibyategetswe n’abantu kandi bahagarare badatinya mu ruhande rw’Imana n’amategeko yayo. – Prophètes et Rois, p. 126; Prophets and Kings, p. 171.

Abakomeye n’abafite ubushobozi bo mu ijuru bakurikirana babyitayeho intambara abagaragu b’Imana barwana hagati mu ngorane zigaragara ko ari urucantege. Mu gihe abakristo barwanira hafi y’ibendera ry’Umucunguzi wabo, barwana intambara nziza yo kwizera, bajya begukana intsinzi nshya no kunesha gushya. Abamalayika bose bari gukorera ubwoko bw’Imana bwizera kandi bworoheje; kandi mu gihe abasirikare b’ingabo za Nyagasani baririmba indirimbo yo guhimbaza Imana ku isi, imitwe y’abamalayika yifatanya na bo mu guhimbaza Imana n’Umwana wayo. – Conquérants pacifiques, p. 136; The Acts of the Apostles, p. 154.

Ubushobozi buva ku muntu si bwo butuma habaho intsinzi y’umurimo, ahubwo ni ubushobozi bw’ubuhanga bw’ab’ijuru bukorana n’umuntu bugatunganya umurimo. Paulo ashobora gutera, Apolo akavomerera, ariko Imana ni yo ikuza. Umuntu ntiyakora uruhare rw’Imana ku murimo. Nk’umukozi w’umuntu, icyo ashobora ni ugufatanya n’ubuhanga bw’ijuru, agakora uko ashoboye afite kwicisha bugufi no kugwa neza, asobanukiwe ko Imana ari Yo Mukoresha Mukuru. N’ubwo abakozi bose baburirwa irengero, umurimo ntiwahagarara, ahubwo wakomeza kugeza urangiye. – Review and Herald, 14 novembre 1893.

Umukristo ahorana ubutabazi bukomeye buvuye ku Mwami. Dushobora kutamenya inzira y'ubutabazi bw'Imana, nyamara icyo tuzi, ni uko itazigera itererana uyitegaho amakiriro. Iyaba basobanukirwaga ukuntu Imana yagiye iyobora inzira yabo kugira ngo iburizemo imigambi umwanzi abafitiye, ntibagombaga gusitara ngo bivovote. Kwizera kwabo kwāshikama ku Mana, kandi nta kigeragezo na kimwe cyāshobora kubanyeganyeza. Bāmenya ko Imana ari Yo mbaraga zabo n'ubwenge bwabo, kandi yāsohoza ibyo yifuza gukora ibakoresheje. – Prophètes et Rois, p. 436; Prophets and Kings, p. 576.

Abantu bose binjira mu murimo wo kubwiriza ubutumwa baba batije Imana amaboko. Ni abakozi bakorana n'abamalayika; cyangwa ahubwo, ni imiyoboro abamalayika banyuriramo kugira ngo bakore umurimo batumwe. Abamalayika bavugira mu majwi yabo, bagakoresha n'ibiganza byabo. Kandi abakozi bose b'abantu, mu gufatanya n'intumwa z'ijuru, bunguka ubumenyi n'inararibonye byazo. – Education, p. 279 (Français); p. 271 (English).

Kristo arahamagarira buri mugabo n'umugore kwambara intwari zo gukiranuka kwe maze bagatangira umurimo. Aravuga ati "Ndi iburyo bwanyu kugira ngo mbafashe". Nimuyibwire amaganya yanyu yose n'ibigeragezo byanyu byose. Ntizigera ihemukira kuyitegaho amakiriro kwanyu. Nta kindi cy'agaciro Kristo afite kirenze abo yacunguye, Itorero rye, abakozi bajya hose kubiba imbuto y'ukuri... Mutekereze kuri Yesu. Ari mu buturo bwe bwera, kandi ntariyo wenyine, ahubwo akikijwe n'abamalayika uduhumbagiza, biteguye gukora ibyo abategeka. Kandi abategeka kuja gufasha umunyantege nke hanyuma y'abandi wo mu bera bayo, ushyira ibyiringiro bye mu Mana. Abakomeye n'aboroheje, abakire n'abakene, bahabwa ubutabazi bungana. - Southern Watchman, 7 novembre 1905.

Ntitugagekereze ibyo gutsindwa

Abakorera Kristo ntibagomba na rimwe gutekereza cyangwa kuvuga ibyo gutsindwa mu murimo wabo. Umwami Yesu ni we mbaraga zacu muri byose; Umwuka we ugomba kudukoreramo, kandi, mu gihe cyose tuzishyira mu biganza bye kugira ngo duhinduke imiyoboro y'umucyo, ubushobozi bwacu bwo gukora

ibyiza ntibuzigera bushira. Dushobora kwiambaza ubushobozi bwe, maze tukakira imigisha ye idakama. - Le Ministère évangélique, p. 14, 15; Gospel Workers, p. 19.

Iyo twiyeguriye Imana burundu, kandi mu murimo wacu tugakurikiza amabwiriza yayo, Yo ubwayo yishingira kuwusohoza. Ntishaka ko duhangayikishwa no kwibaza intsinzi y'imihati yacu ikiranuka. Ntitugomba gutekereza na rimwe ibyo gutsindwa. Tugomba gukorana gukorana n'utigera atsindwa. - Les paraboles, p. 373; Christ's Object Lessons, p. 363.

Nyagasani acika intege mu gihe abe bagaragaje kwisuzugura bo ubwabo. Yifuza ko intore zayo ziyubaha hakurikijwe igiciro batanzweho. Imana yarabakunze, iyo bitaba bityo ntiba yarohereje Umwana wayo ngo aze gukora umurimo w'igiciro kingana gityo wo kubacungura. Azi icyo yabakoresha, kandi aranezerwa iyo bamusabana umwete ngo baheshe izina rye icyubahiro. Bashobora kwitega ibikomeye niba bizera amasezerano yayo. - L'Espoir de l'humanité, p. 723, 724 ; The Desire of Ages, p. 668.

Intsinzi ikwiranye n'icyakozwe

Igihe Nyagasani yuguruye inzira kugira ngo hakorwe umurimo runaka, igatanga ubwishingizi bw'intsinzi yawo, igikoreshe yitoranyirije kiba kigomba gukora ibishoboka byose ngo kigere ku musaruro wagenwe. Intsinzi izaba ingana n'umuhati no gushinyiriza byakoreshejwe. - Prophets and Kings, p. 263.

Impamvu y'ibanze ku murimo w'ingirakamaro

Ikintu cyose cyatewe n'urukundo ruboneye, n'ubwo cyaba cyoroheje cyangwa cyagaragarira amaso y'abantu nk'ikigayitse, kizera imbuto yacyo; kuko icyo Imana iha agaciro, ntabwo ari umubumbe munini w'ibyo twashoboye gukora, ahubwo yita ku rukundo twakoranye ibikorwa byacu. - Témoignages; vol. 1, p. 236; testimonies vol.2, p 135.

Abakozi cumi bahindutse by'ukuri, b'umutima ukunze, kandi biyibagirwa ubwabo, bashobora gukora ibirenze iby'abakozi ijana bagarukira ku migenzo gusa bashyiriweho, bakagundira amabwiriza adahinduka mu murimo w'ibwirizabutumwa, bagakora

badafite urukundo rwimbitse bakunda imitima. – Testimonies, vol. 4, p. 602.

Ubushobozi mufite ubu, cyangwa ubwo muzagira, sibwo buzabageza ku instinzi. Ahubwo ni icyo Imana ishobora kubakorera. Tugomba kwiringira cyane icyo Imana yakorera buri mutima wizera, kuruta icyo umuntu yabasha gukora. Yifuza ko muyegera kubwo kwizera. Yifuza ko tuyitegaho ibikomeye. Yifuza kubaha ubuhanga mu by'umubiri n'iby'umwuka. Ishobora gutyaza ubwenge. Ishobora gutanga uburyo n'ubuhanga. Shyira italanto yawe mu murimo, usabe Imana ubwenge, uzabuhabwa. – Les Parables, p. 141, 142.

Amavuta y'ubuntu bw'Imana aha abantu umwete kandi akabaha imigambi ibasunikira mu kuzuza buri munsu umurimo w'Imana yabashinze. Abakobwa batanu b'abapfu bari bafite amatabaza (bisobanuye ko bari bazi ukuri kw'Ibyanditswe), nyamara ntibagiraga ubuntu bwa Kristo. Buri munsu bagiraga uruhare mu mihango kandi basohozaga inshingano zo mu bigaragara, nyamara imirimo yabo nta bugingo yari ifite kandi ntiyarimo gukiranuka kwa Kristo. Zuba ryo Gukiranuka ntiyamurikiye mu mitima no mu ntekerezo zabo, kandi ntibakundaga ukuri gutuma ubugingo n'imico bisa n'ishusho na kasha bya Kristo. Amavuta y'ubuntu ntiyari yivanze mu mihati yabo. Iyobokamana ryabo ryari rimeze nk'umusogwe wumye utagira urubuto. Bizirikaga ku inyigisho z'imihango, ariko barishutse mu mibereho yabo ya gikristo, buzuye kwihangira gukiranuka, kandi bananirwa kwigira mu ishuri rya Kristo, ibyigisho byagatumye bagira ubwenge bubageza kugakiza baramutse babishize mu bikorwa. – Review & Herald, 27 mars (March) 1894.

Umurimo w'Imana ugomba kurangizwa n'ubufatanye bw'abakozi b'ijuru hamwe n'ab'abantu. Abihagije ubwabo bashobora kugaragara nk'abakorana umwete mu murimo w'Imana; nyamara niba birengagiza amasengesho, imihati yabo nta gaciro ifite. Uwagira ngo bashobore kureba mu cyotero cya malayika uhagaze ku gicaniro cy'izahabu, imbere y'intebe igoswe n'umukororombya, babona ko gukiranuka kwa Yesu kugomba kuvangavangwa n'amasengesho yacu hamwe n'imihati yacu, bitaba ibyo bikaba imburamumaro nk'igitambo cya Kayini. Iyaba twashoboraga kubona ibikorwa by'abantu byose nk'uko

bigaragara imbere y’Imana, twabona ko umurimo ukoranywe gusenga kandi ukejeshwa ibyo Yesu yakoze ari wo wonyine washobora kwihanganira isuzuma ry’urubanza. Mu gihe cy’isuzuma riheruka ni bwo abantu bazasobanukirwa abakoreye Imana n’abatarayikoreye. – Review & Herald, 4 juillet 1893.

Iyobokamana ryo gukoreshwa n’itegeko ntirishobora kuba igisubizo cy’ibikenewe muri iki gihe. Dushobora kubahiriza imihango yose y’inyuma yo gusenga, nyamara tukaba tutagira imbaraga ibeshaho y’Umwuka Wera nk’uko imisozi y’i Giliboa nta mvura n’ikime byayigwagaho. Imitima yacu twese ikenewe kuvomererwa mu by’umwuka, ikoroshywa kandi igashegeshwa n’imirasire irabagirana ya Zuba ryo gukiranuka. Ni ngombwa ko buri gihe tugomba guhora dushikamyeye nk’urutare ku mahame ya Bibiliya. Aya mahame agomba kwigishwa, kandi agakurikizwa hakurikijwe akamenyero ko gukiranuka. – Témoignages, vol. 3, p. 56; Testimonies, vol. 6, p. 417, 418.

Intsinzi y’umushinga runaka ntiterwa ahanini n’italanto ahubwo iterwa n’imbaraga n’ubushake. Kugira ngo hakorwe umurimo ubyara inyungu, si ngombwa kugira impano z’akataraboneka; ahubwo bisaba kuzuza inshingano ya buri muni ubikuye ku mutima, ikigeretseho, ni ngombwa kugira umutima unyuzwe no kwita byimazeyo ku byiza bya mugenzi wawe. Ushobora kubonera gutungana mu mugabane woroheje cyane. Imirimo mito mito umuntu akoranye urukundo no gukiranuka ni myiza mu maso y’Imana. – Prophètes et Rois, p. 165; Prophets and Kings, p. 219.

Inyubako ikomeye y’imico myiza igizwe n’ibikorwa by’inshingano z’umuntu ku giti cye. Kandi gukiranuka kugomba kugaragara mu mibereho yacu mu tuntu duto duto kimwe no mu bikomeye. Ubunyangamugayo mu tuntu duto duto; gukora udukorwa duto duto two gukiranuka, no kugaragaza ubugiraneza mu tuntu duto duto, bizanzeza inzira y’ubuzima; kandi igihe umurimo wacu uzaba urangiye hano ku isi, bizagaragara ko buri nshingano nto yasohozanywe gukiranuka, yatanze icyitegererezo cyiza kitazigera cyibagirana. – Patriarchs and prophets, p. 574.

Ingaruka tuziharire Imana

Mu gihe runaka imbuto nziza yabibwe ishobora kugaragara ko itashoye imizi mu mutima ukonje, wikunda kandi wiziritse ku by'isi; ariko hanyuma igihe Umwuka w'Imana ahumekeye uwo mutima, iyo mbuto itagaragara iramera maze amaherezo ikera imbuto zo guhesha Imana icyubahiro. Mu murimo wacu wa buri munsu ntutuzi izera ari iyi cyangwa iriya. icyo si ikibazo kitureba; ahubwo tugomba kuzaza inshingano yacu ingaruka tukaziharira Imana. "Mu gitondo ujye ubiba imbuto zawe, kandi nimugoroba ntukaruhure ukuboko kwawe." Uwiteka aravugaga ati "Isi ikiriho ibiba n'isarura bizahoraho." Kwishingikiriza kuri iri sezerano ni byo bitera umuhinzi guhora ahinga kandi abiba. Natwe mu ibiba ryacu ry'iby'umwuka, ntutugomba kugira icyizere kuri munsu y'icyo, twiringire isezerano ryayo ngo "Ni ko Ijambo ryanjye riva mu kanwa kanjye rizamere. Ntirizagaruka ubusa ahubwo rizasohoka ibyo nshaka, rizashobora gukora icyo naritumye." "Ugenda arira asohoye imbuto azagaruka yishima azanye imiba ye." – Les Parables de Jésus, p. 57, 58 ; Christ's Object Lessons, p. 65.

27. INGORORANO YO GUKORA

Iby'agaciro katagira akagero

Gukorera Imana si impfabusa. Hari ingororano y'agaciro katagereranywa yarasezeranijwe abarunduriye imibereho yabo mu murimo wayo. – Testimonies, vol. 4, p. 107.

Igitambo cyose cyatanze mu murimo wayo kizagororerwa hakurikijwe ubutunzi busanze bw'ubuntu bwayo. – L'espoir de l'humanité, p. 247 ; The Desire of Ages, p. 249.

Ingororano yacu yo gukorana na Kristo muri iyi si ni uguhabwa imbaraga ikomeye kandi tugahabwa amahirwe yagutse yo kuzakorana na we mu isi y'ahazaza. – Les Parables de Jésus, p. 371 ; Christ's Object Lessons, p. 361.

Urufatiro rwo guhabwa agaciro

Agaciro k'umurimo wakoreye Imana ntigaterwa n'igihe uwumazemo ahubwo gaterwa n'umutima wawukoranye. – Testimonies, vol. 9, p. 74.

Iterambere ryabo mu mibereho y'iby'Imana rishingiye mu ikoreshwa ry'italanto bāshinzwe. Ingororano yabo y'ahazaza izaba ihwanye n'ubunyangamugayo hamwe no kumaramaza bagaragaje mu murimo wabo bakoreraga sebuja. – Review & Herald 1 mars (March) 1887.

Nyagasani afite umurimo mugari wo gukorwa, kandi mu mibereho y'ahazaza azaha ingororano zikungahaye abazaba baramukoreye babifitemo ubunyangamugayo n'umwete urimo ubushake mu buzima bwa none. – Les Paraboles de Jésus, p. 336 ; Christ's Object Lessons, p. 330.

Abaje mu ruzabibu saa kumi n'imwe bishimiye amahirwe bahawe yo gukora; imitima yabo yari yuzuye ishimwe ry'uwabemereye gukora; kandi bugorobyeye, ubwo shebuja yabahaga igihembo gihwanye n'icy'umunsi, byarabatangaje cyane. Ntibakekaga ko bahabwa ibihembo bingana bityo. Kandi ubugiraneza bwagaragaraga mu maso ha shebuja bwabujemo ibyishimo. Ntibigeze bibagirwa ubugiraneza bwe hamwe n'igihembo kitabakwiriye bahawe.

Ni ko bimeze no ku munyabyaha wiyemeza gukorera Sebuja yiyumvamo ko atabikwiriye, kandi aho bibaye saa kumi n'imwe y'umunsi. Igihe cyo kimugaragarira ko ari kigufi cyane, kandi yiyumvamo ko adakwiriye igihembo na kimwe; nyamara kandi kwibwira ko Imana yamwemeye mu ruzabibu rwayo byuzuza ibyishimo mu mutima we. Akorana kwicisha bugufi n'umutima wiringira, ashimira amahirwe yo kuba umukozi ukorana na Kristo. Uwo ni wo mutima Nyagasani yishimira guha icyubahiro. – Les Paraboles de Jésus, p. 409 ; Christ's Object Lessons, p. 397, 398.

Ingororano idashidikanywa

Uwahaye « umuntu wese inshingano ye » hakurikijwe uko ashoboye, ntazigera yemera ko inshingano isohozanywe gukiranuka ibura ingororano. Buri gikorwa cyose cyo kumvira n'icyo kwizera kizagororerwa ikamba ryo gushimwa no kwemerwa n'Imana. Buri mukozi wese yahawe iri sezerano ngo « Ugenda arira asohoye imbuto azagaruka yishima azanye imiba ye. » - Testimonies, vol. 5, p. 395.

Uko umurimo wacu waba woroheje kandi ari mugufi kose,

niba tugera ikirenge mu cya Kristo dufite kwizera nk'uk'umwana muto, ntituzabura ingororano. Aboroheje n'abanyanteye nke cyane bashobora kubona ibyo abakomeye cyane n'abanyabwenge buhanitse badashobora kubona. Amarembo y'izahabu yo mu ijuru ntazigera akingukira abishyira hejuru. Ntiyakingukira abibone mu mutima. Nyamara amarembo y'iteka azakingukira abafite gukabakabwa nk'uk'umwana muto. Ingororano y'ubuntu ibikiwe abakorera Imana mu kwizera kwiyoheje no mu rukundo izaba ihebuje. – Les Parables de Jésus, p. 416 ; Christ's Object Lessons, p. 404.

Impānga z'abakora uyu murimo zizatamirizwaho ikamba ryo kwitambaho igitambo. Nyamara bazahabwa ingororano yabo. – Testimonies, vol. 6, p. 348.

Kwibwira ibyo bigomba gukangura no gutera akanyabugabo buri mukozi wese w'Imana. Umurimo dukorera Imana hano ku isi kenshi usa n'ugarumbye. Imihati yacu yo gukora ibyiza ishobora kuba ivuye ku mutima kandi irimo gushinyiriza, nyamara bikarenga byanze bikunze ntitubone umusaruro wayo. Kuri twe izo mbaraga zishobora kugaragara nk'izipfuye ubusa. Nyamara Umukiza aduha ubwishingizi ko umurimo wacu wanditswe mu ijuru kandi ko tutazabura ingororano. – Testimonies, vol. 6, p. 305.

Buri gikorwa, buri murimo wose wo gukiranuka n'imbabazi n'ubugiraneza gihimbwamo indirimbo mu ijuru. Yicaye ku ntebe ye y'ubwami, Data wa twese areba uwabikoze akamushyira mu mubare w'ubutunzi bwe bw'agaciro. « Bazaba abanjye, ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga. Bazaba abanjye ku munsu nzakoreraho. » Buri gikorwa cyose cy'imbabazi gikorewe abatishoboye n'abamerewe nabi gifatwa nk'icyakorewe Yesu. Umuntu wese ugoboka abakene, cyangwa akita ku mbabare n'abakandamizwa, kandi akiyegereza imfubyi, muri ubwo buryo aba yongera isano afitanye na Yesu. – Review & Herald, p. 16 août (August) 1881.

Ibikorwa byose by'imbabazi, ubugiraneza n'impuhwe bikorerwa abakene, impumyi, ibirema, abarwayi, abapfakazi n'imfubyi, Kristo abifata nk'aho ari we byakorewe ; byandikwa mu ijuru kandi bizahabwa ingororano yabyo. – Testimonies, vol. 3, p. 512, 513.

Ingororano nyayo

Uwiteka ni mwiza. Ni Umunyarukundo n'Umunyembabazi. Asobanukiwe bihagije buri mwana we wese. Azi neza ibyo buri wese muri twe akora. Azi neza ibikwiye guhabwa buri wese. Mbese ntimushaka gushyira ku ruhande urutonde rw'amaganya yanyu n'ibyo mwitotombera, maze mukareka Imana ikikorera umurimo wayo? Nimukora umurimo Imana yabashinze, muzahabwa ikamba ry'icyubahiro. - Southern Watchman, 14 mai (May) 1903.

Nyagasani ashaka ko tumuruhukiraho tutabaza uko ibyo tuzagororerwa bingana. Iyo atuye mu mitima yacu, kwibwira iby'igihembo si byo biba nyambere. Kuko icyo si cyo kidutera gukora umurimo wacu. – Les paraboles de Jésus, p. 409 ; Christ's Object Lessons, p. 398.

Kristo azikoranyirizaho abana be, abakuye mu mfundanza, mu mavundi, muri za kasho (cachots), mu misozi, mu butayu no mu buvumo, mu myobo yo mu butaka no muni y'amazi y'inyanja. Bakiri ku isi, baranyazwe, barababazwa, no kuburagizwa. Amamiliyoni y'abantu bamanuwe mu mva bakojejwe isoni impamvu ari uko banze kumvira ibihendo bya Satani. Inkiko z'abantu zaciriwe imanza abana b'Imana nk'aho ari abagome ruharwa. Nyamara umunsi uregereje ubwo « Imana ubwayo izahagarara nk'Umucamanza ». Ubwo ni bwo imyanzuro yafatiwe ku isi izasubirwamo. « Ikureho igitutsi batuka ubwoko bwayo. » Buri wese muri bo azambikwa ikanzu yera. Kandi « Bazabita ishyanga ryera, abacunguwe b'Uwiteka. » - Les Paraboles de Jésus, p. 177 ; Christ's Object Lessons, p. 179, 180.

Ingororano zo muri ubu buzima

Umunezero. – Abantu barundurira imibereho yabo mu murimo usa n'uwa Kristo ni bo bazi umunezero nyakuri icyo ari cyo. Inyungu zabo hamwe n'amasengesho yabo ntibigarukira ku mpagarike yabo gusa. Mu kwihatira gufasha bagenzi babo, nabo ubwabo barakura. Bimenyereza imigambi yagutse cyane, imishinga ikomeye, kandi ni gute batakura aho baremeye guhinduka umuyoboboro mvajuru w'umucyo n'imigisha? Bene

abo bahabwa ubwenge mvajuru. Bagenda barushaho kwisanisha na Kristo mu igenamigambi rye ryose. Nta mwanya bafite wo guheranwa n'isayo y'iby'umwuka. – Testimonies, vol. 9, p. 42.

Itorero rikorana intsinzi muri uyu murimo ni ryo Torero rihiriwe. Umugabo cyangwa umugore wese ugirira impuhwe n'urukundo abazimira kandi akihatira kubagarura mu kiraro cy'Umushumba mukuru aba yitangiye umurimo urimo umugisha. Mbega igitekerezo kirema umutima gitewe no kumenya ko iyo umunyabyaha umwe agaruriwe Imana mu ijuru babyishimira kurusha abakiranutsi mirongo icyenda n'icyenda ! – Testimonies, vol. 2, p. 22.

Nta murimo n'umwe uremerera umuntu ugandukira ubushake bw'Imana. « Nk'aho ari Umwami mukorera » : ngicyo igitekerezo cyongerera ubwiza umurimo wose wategetswe n'Imana. – Testimonies, vol. 9, p. 150.

Umukozi w'umukristo ntiyigera abona ko umurimo yashyinzwe n'ijuru uruhije. Yinjira mu munezero w'Umwami iyo abonye imitima irokowe ububata bw'icyaha ; maze ibyo byishimo bikamubera indishyi ku bitambo byose yari yitanzeho. – Southern watchman, 2 april 1903.

Kwemera kuruha, ugakomeza gukora neza umurimo ugusaba kwiyinga wihanganye, ni umurimo w'icyubahiro utera ijuru kumwenyura. – Testimonies, vol. 2, p. 24.

Kristo anezezwa no gukoresha ibikoreshe bisa nibidatanze icyizere, ibyo Satani yononnye kandi akaba yarabikoresheje, kugira ngo abyungure ubuntu bwe... Ahindura abana be ibikoreshe mu isohozwa ry'uwo murimo no mu iterambere ryawo, ndetse no muri ubu buzima babona ingororano y'agaciro. – Testimonies, vol. 6, p. 308, 309.

Umugisha.- Buri mwete wese ukoresherejwe Kristo uzaduhindukira umugisha. – Les paraboles, p. 363. Christ's Object Lessons p.354

Buri nshingano yose isohojwe, buri gitambo cyose gitanzwe ku bw'izina rya Yesu kizana ingororano ikomeye. Mu gihe umuntu asohozwa inshingano Imana iravuga, kandi igatanga umugisha wayo. – Temoignages, vol. 1, p. 558, 559. Testimonies vol 4.p.145

Tugomba kuberaho muri iyi si gukiriza Yesu imitima. Iyo

tugiriye abandi inabi, natwe tuba tuyigiriye. Niba tubereye abandi umugisha, natwe umugisha uzatumanukira ; kuko imbaraga y'igikorwa cyiza cyose igaruka mu mitima yacu. – Temoignages, vol. 1, p. 526 ; Testimonies p.72.

Buri murasire wose w'umucyo tumurikishirije abandi uturabagiranaho. Buri jambo ryose ririmo urukundo kandi ryuzuye impuhwe ribwiwe umunyamubabaro, buri gikorwa cyose cyo gutabara abarengana, buri mpano duhaye bagenzi bacu bakennye, bikorewe guhesha Imana icyubahiro, bizanira umugisha nyir'ukubikora. Abakora batyo baba bumviye itegeko mvajuru kandi bazemerwa n'Imana. – Testimonies, vol. 4, p. 56.

Mu gihe ingororano ikomeye iheruka izatangwa ubwo Kristo azaba agarutse, no muri ubu buzima umurimo wose uvuye ku mutima ukorerwa Imana uzana ingororano. Umukozi buri gihe aba agomba guhangana n'inkomyi, no kurwanywa, n'ibimusharirira, n'ibicantegere bikomeretsa umutima. Ashobora kutabona imbuto z'umuruho we. Ariko imbere y'ibi byose, mu gukora kwe abonamo, ingororano y'umugisha. Abantu bose biyegurira Imana mu murimo wo gukorera abantu batabashakaho inyungu baba bafatanije n'Umwami w'icyubahiro. Kwibwira ibyo biryoshya imiruhu yose, bigakomeza ubushake, bikazura intekerezo mu byakugwirira ibyo ari byo byose. – Testimonies, vol. 6, p. 305, 306.

Amagara mazima. – Gukora ibyiza ni umuti uhebuje w'indwara. Abiyemeza kwinjira muri uyu murimo barakirirwa kwiambaza Imana, kandi Yo ubwayo Yasezeranye ko izasubiza ibyo bayisaba. Imitima yabo izamarwa icyaka mu mapfa, kandi bazamera nk'ubusitani buhora buvomereye. – Testimonies, vol. 2, p. 29.

Iyo bashyikiranye n'Imana, na Kristo hamwe n'abamalayika bera, bibera mu kirere cy'impumuro y'ijuru, izana ubuzima mu mpagarike, umurego mu ntekerezo n'ibyishimo mu mutima. – Testimonies, vol. 6, p. 306.

Umunezero uzanwa no gukorera abandi ibyiza utanga umwete w'imbere uhembura imitsi yumva, ukongerera imbaraga imigendere y'amaraso maze ugacengera mu buzima bw'intekerezo n'ubw'impagarike. – Testimonies, vol. 4, p. 56.

Imbaraga. – Iyo umunyembaraga aretse gukora ahinduka

umunyantega nke. Itorero cyangwa abantu banga kwikorera imitwaro y'abandi, bahora bihugiyeho, bidatinze bafatwa n'intege nke z'iby'umwuka. Gukora ni byobituma umunyembaraga azigumana. Kandi mu mihati y'iby'umwuka, mu miruho no mu kwikorera imitwaro y'abandi, ni mo Itorero rya Kristo ribonera imbaraga. – Testimonies, vol. 2, p. 22.

Amahoro. – Mu gukorera abandi ibyiza, ni ho wiyumvamo kunyurwa kwiza, amahoro yo mu mutima ariyo ngororano y'agaciro. Iyo abantu bakorerwamo n'icyifuzo kiboneye kandi cyagutse cyo gukorera abandi ibyiza, ni ho babonera umunezero wuzuye mu gusohoza bakiranutse inshingano zinyuranye zo muri ubu buzima. Ibyo Bizana ibyiza byinshi kuruta ingororano yo ku isi; kuko buri nshingano yose ikoranywe gukiranuka kandi nta nyungu ubishakamo abamalayika bayandika, kandi ikarabagiranira mu gitabo cy'urwibutso. – Testimonies, vol. 2, p. 132.

Ingororano y'ahazaza

Ubugingo bw'iteka. – Binyuriye mu mihati idacogora kandi itekerejweho yo gufasha aho bikenewe, ni ho umukristo nyakuri agaragariza urukundo akunda Imana na bagenzi be. Ashobora kuburira ubuzima bwe ku murimo; nyamara azabubona ubwo Kristo azaba agarutse gukoranya intore ze. – Testimonies, vol. 9, p. 56.

Amagambo y'ikaze. – Nimuse n'abibwira ko muri mu museso w'igitondo cy'iteka ryose, maze mukumva amagambo y'ikaze abwirwa abafataniye na Kristo muri ubu bugingo, kandi babonye ko kubabazwa bamuzira ari amahirwe n'icyubahiro... Iyo mu ijuru, abacunguwe bazishimira kuramukanya n'ababazanye ku Mukiza. Bazifatanya na bo mu guhimbaza uwapfiriye kugira ngo bene muntu bahabwe ubugingo bunganya uburambe n'ubw'Imana. Intambara zirangiye. Imibabaro yose n'impagarara bigeze ku musozo. Indirimbo z'intsinzi zisabye ijuru ryose, ubwo abacunguwe bazaba bagose intebe y'ubwami y'Imana. Batera indirimbo y'ibyishimo bati: "Umwana w'intama watambwe ni we ukwiriye. ... Aducunguriye kuba ab'Imana!" – Rayons de santé, p. 379,380; The Ministry of Healing p.506,507

Niba igitabo cy'urwibutso cyerekana ko imibereho yabo

yaranzwe n'imbabazi,kandi ko imico yabo yaranzwe n'urkundo, ubugiraneza no kwiyinga, Kristo azabaha ibyiringiro by'umugisha ababwire ati: « Nimuze mwebwe abo Data yahaye umugisha, muragwe ubwami bwabatunganyirijwe uhereye ku kuremwa kw'isi. – Testimonies, vol. 3, p. 525.

Umunezero wo kwibera mu ijuru. – Muri iki gihe, Itorero riri ku rugamba. Muri iki gihe, duhanganye n'isi y'umwijima iri hafi yo kurundukira mu gusenga ibigirwamana. Nyamara umunsi uraje aho intambara zizarangira, aho intsinzi izaba yagezweho. Ibyo Imana ishaka bigomba gukorwa mu isi nk'uko bikorwa mu ijuru. Amahanga yose y'abacunguwe ntazagira andi mategeko uretse ry'ijuru. Bose bazaba umuryango wunze ubumwe kandi uhiriwe, bambaye imyambaro y'ishimwe no guhimbaza,-ariyo kanzu yo gukiranuka kwa kristo. Ibyaremwe byose, mu bwiza bwabyo butagira akagero, bizatura Imana ituro ryo guhimbaza no kuramya. Isi izaba imurikiwe n'umucyo w'ijuru. Umucyo w'ukwezi uzamera nk'uw'izuba, n'uw'izuba uzikuba karindwi. Imyaka izatambuka mu byishimo. Inyenyeri za mu gitondo zizaririmbira hamwe kandi abana b'Imana baturagare ku bw'ibyishimo, mu gihe Imana na Kristo bazafataniriza hamwe gutangaza ngo:"nta cyaha kizongera kubaho n'urupfu ntiruzabaho ukundi". – Rayons de santé, p. 379;The Ministry of Healing,p.504.

Ibyishimo. Ingororano y'abakozi ba Kristo ni ukwinjira mu byishimo bye. Ibyo byishimo, Umwami ubwe ashakana umwete, biri mu rutonde rw'ibyo yasabye Se ati « Ndashaka ko aho ndi na bo bahabana nanjye. » - Testimonies, vol. 6, p. 309.

Mu mibereho yacu ya hano ku isi, n'ubwo yahindanijwe n'icyaha, mu gukorera abandi ibyiza ni ho hari ibyishimo bikomeye n'uburezi buhanitse cyane. No mu yindi si, mu buzima butazarogowa n'icyaha cya mwene muntu, mu gukorera abandi ni ho tuzishimira umunezero urushijeho gukomera hamwe n'uburezi burushijeho kwisumbura, ubwo tuzaba twitegereza « ubutunzi bw'ubwiza bw'ubwo bwiru », ari bwo « Kristo uri muri twe, akaba ari na we byiringiro by'ubwiza. » - Education, p. 313 (Français); p. 309 (English).

Kuko bazaba baragize uruhare ku mibabaro ye, bazagira uruhare no ku bwiza bwe buzahishurwa. Bafatanije na we umurimo, basangira na we ku gikombe cy'umubabaro, noneho

bagize uruhare ku byishimo bye. – Jesus et le bonheur, p. 23; Thoughts from the Mount of Blessing, p. 12.

Kubiba no gusarura. Buri gishyika kivuye ku Mwuka Wera kiyobora abantu ku Mana no ku bikorwa by'ubugiraneza cyandikwa mu bitabo byo mu ijuru, kandi ku munsu w'Imana buri wese mu bemeye kuba ibikoresho by'umurimo w'Umwuka Wera azashobora kwitegereza imbuto zeze ku mibereho ye. – Testimonies, vol. 6, p. 310.

Ubwo abacunguwe bazaba bahagaze imbere y'Imana, imitima y'agaciro izahamya ko amazina yabo yānditswe bikomotse ku mihati yo kwihangana no gukiranuka ndetse no ku gutitiriza gukoranywe umwete kandi kuvuye ku mutima bākoresheje ngo bayirokore bikayihesha guhungira mu gihome. Nguko uko abakoranye n'Imana muri iyi si bazahabwa ingororano yabo. – Testimonies, vol. 8, p. 196, 197.

Mbega ibyishimo bizahaba ubwo abacunguwe bazaba bahuye kandi bakaramukanya n'abazaba barabikorereye imitwaro! Kandi abatarabereyeho kwinezeza, ahubwo bakaba barabereyeho kuba umugisha w'ab'impezamajyo, mbega ukuntu imitima yabo izasimbagizwa n'ibyishimo ! Ni bwo isezzerano rizasohora ngo « Ni bwo uzahirwa kuko badafite ibyo bakwitura, ahubwo uziturwa abakiranutsi bazutse. » - Ministère évangélique, p. 506 ; Gospel Workers, p. 519.

Mu ijuru tuzabonayo urubyiruko tuzaba twarafashije, abo tuzaba twararariye kuza iwacu, abo twatesheje ibishuko. Tuzabona ubwiza bw'Imana burabagirana mu ruhanga rwabo. – Témoignages, vol. 2, p. 670 ; Testimonies, vol. 6, p. 348.

Kuba umukozi ukorana na Kristo n'abamalayika b'ijuru mu gusohozza inama ikomeye y'agakiza ! Mbese ni uwuhe murimo wagereranywa n'uwuwo ? Buri mutima wose ucunguwe uhabwa ubwiza bwihariye bukomotse ku Mana bumurika ku bacunguwe bose, ndetse no ku muntu wese wagize uruhari mu gakiza k'uwuwo mutima. – Testimonies, vol. 2, p. 232.

Abacunguwe bazahura kandi bamenye abazaba barabayoboye ku Mukiza wabambwe. Mbega ibiganiro bihuriwe bazagirana na bo ! « Umwe azavuga ati nari umunyabyaha, ntafite Imana n'ibyiringiro mu isi ; maze muransanga munyereka ko Umukiza ari we byiringiro byanjye rukumbi. Naramwizeye.

Nihannye ibyaha byanjye none dore nshoboye kwicarana n'abera be mu bikari byo mu ijuru, ku bwa Kristo Yesu. » Abandi bazavuga bati « Nari umupagani mu karere gacuze umwijima. Wasize inshuti zawe hamwe n'urugo rwawe rukuguye neza maze uza kunyigisha uko umuntu asanga Yesu n'ukuntu amwizera, We Mana y'ukuri yonyine. Narimbuye ibigirwamana byanjye, nuko ndamya Imana, none ubu ndayireba amaso ku maso. Ndakijijwe by'iteka ryose kandi nzashobora kwitegereza ubuziraherezo Uwo nkunda. Kera namurebeshaga amaso yo kwizera, ariko ubu ndamureba nk'uko ari. Ubu nshobora kugaragariza ishimwe ryanjye Wa wundi wankunze kandi akuhagirisha ibyaha byanjye amaraso ye ku bw'imbabazi ze zicungura. – Le Ministère évangélique, p. 505, 506 ; Gospel Workers, p. 518.

Abandi na bo bazagaragariza ishimwe ryabo abagaburiye abashonji n'abambitse abambaye ubusa bagira bati « Igihe ubwihebe bwari buboheye umutima wanjye mu kutizera, Nyagasani yabanyoherejeho, kugira ngo munzanire amagambo yo kunkomeza no kungarurira ibyiringiro. Mwanzaniye ibyokurya byo kumara amakene y'umubiri, kandi mwabumburiye Ijambo ry'Imana amaso yanjye, mumpishurira amakene yanjye y'iby'umwuka. Mwanfashe nk'umuvandimwe. mwifataniye nanjye mu mibabaro, maze mwomora umutima wanjye wakomeretse maze nshobora gusingira ikiganza cya Kristo kiramburiye kunkiza. Mwanyigishije mwihanganye mu gihe nari ntazi ko mu ijuru mfiteyo Data wanyitagaho. Mwansomeye amasezerano y'agaciro y'Ijambo ry'Imana. Mwancengejemo kwizera ko Yankiza. Umutima wanjye waramenetse, urashenjagurika, maze urahembuka ubwo nitegerezaga igitambo Kristo yantangiye. Nagize inzara y'umutsima w'ubugingo, kandi ukuri kwabereye umutima wanjye ukw'agaciro. None ndi hano nkijijwe by'iteka ryose, ngiye gushobora kubana na Yesu ibihe bidashira maze mpimbaze Uwatanze ubugingo bwe ku bwanjye. » - Le Ministère évangélique, p. 506 ; Gospel Workers, p. 518, 519.

Dutegereze ingororano twihanganye.

Niba gutegereza ugomba kudutabara gushyize kera ; niba duhetamishijwe n'umubabaro kandi tugasazishwa n'umuruho,

niba twiyumvamo kutihangana ngo dutegereze kubona inshingano yacu irangiye, maze tugasohokana icyubahiro ku rugamba, reka twibuke –kandi uko kwibuka gucecekeshe kwivovota kose– ko Imana itugumishije hano ku isi ngo duhangane n’imiraba n’intambara kugira ngo bitunganye imico ya gikristo, kandi ngo turusheho kumenyerana n’Imana Data wa twese, hamwe na Kristo Mukuru wacu, no kugira ngo dukirize Yesu imitima, ari byo bizaduhesha uburenganzira bwo kumvana ibyishimo aya magambo ngo « Nuko nuko, mugaragu mwiza kandi ukiranuka ; ...injira mu munezero wa Sobuja. » - Review and Herald, 25 octobre (October) 1887.

Musirikare w’umukristo, ihangane. Hasigaye igihe gito cyane, **kandi ūza azaza**. Ijoro ry’urucantegereze ryo gutegereza, ryo kuba maso no kuboroga riri hafi kurangira. Vuba cyane ingororano zigiye gutangwa ; igitondo cy’iteka kigiye gutangaza. Ubu nta gihe cyo gusinzira kikiriho, -nta gihe cyo kwimakaza kwicuza iby’imburamumaro. Ubu uwirekurira mu guhunikira azatakaza ibihe by’agaciro byo gukora ibyiza. Twahawe amahirwe y’umugisha yo gukoranyiriza hamwe imiba mu isarura rikomeye ; kandi buri mutima wakijijwe uzaba inyenyeri yiyongera ku ikamba rya Yesu, Umucunguzi wacu ukwiriye gusengwa. Mbese ni nde wahangāra kwifuza kurambika intwari kandi aho aramutse akomeje urugamba agahe gato, ashobora kwegukana intsinzi nshya kandi agakoranyiriza hamwe amakamba mashya by’iteka ryose? – Review and Herald, 25 octobre (October) 1887.

Abari mu myanya yiringirwa bagomba guhora bakuza amajyambere mu bumenyi. Ntibagomba gushingira ku nararibonye yo mu gihe cyashize ngo bibwire ko Atari ngombwa kuba abakozi bafite ubumenyi. N’ubwo umuntu ari we munyantegere nke mu biremwa by’Imana byose, uhereye akivuka, kandi akaba afite kamere yononekaye cyane, nyamara kandi biramushobokera guhora atera imbere. Ashobora kumurikirwa n’ubuhanga (siyansi –science), akabonezwa no gutunganya, kandi ashobora gutera imbere mu ntekerezo no mu myifatire myiza kugeza ubwo agera ku bwenge bushyitse no ku mico ibonye iri munsuho gato yo gutungana no kubonera kw’abamalayika. – Témoignages, vol. 1, p. 550; Testimonies, vol. 4, p. 93.

..... Kuyashyira ku gifuniko !!!!!!!!!!!!!!! C.S, p. 225;
S.C, p. 275.

Abagize Itorero bose si ko bahamagariwe gukora mu bihugu by'amahanga, nyamara bose bagomba kugira uruhare mu murimo ukomeye wo kugeza umucyo ku isi. Ubutumwa bwiza bwa Kristo ni imbaraga **ikwirakwira**. Ku munsu ukomeye w'Imana, nta muntu n'umwe wikuye mu murimo akarundukira mu nyungu ze bwite zo kwikubiraho, uzabona icyo kwireguza. Imbere ya buri bwenge na buri biganza, hari umurimo wo gukorwa. Hari imirimo inyuranye, igenewe intekerezo zitandukanye n'ubushobozi bw'uburyo bwinshi. "Historical Sketches, p. 290, 291.